
Ibyigisho by'Ishuri
Ryo ku Isabato Biyobora
Abakuze Kwiga Bibiliya

Nyakanga-Kanama-Nzeri

IGIHEMBWE CYA 3/2023

# ABEFESO



ITORERO RY'ABADIVENTISITI B'UMUNSI WA KARINDWI
MU RWANDA

B.P 367 KIGALI

# IBIRIMO


| | |
|---|---|
| 1. Pawulo n'Abanyefeso | 24 – 30 Kamena 2023.....5 |
| 2. Umugambi Ukomeye w'Imana | 1 - 7 Nyakanga, 2023.....18 |
| 3. Ububasha bwa Yesu Washyizwe Hejuru | 8 - 14 Nyakanga, 2023.....31 |
| 4. Uburyo Imana Iturokora | 15 - 21 Nyakanga, 2023.....44 |
| 5. Impongano mu Buryo bw'Intambike | 22-28 Nyakanga, 2023.....56 |
| 6. Ubwiru bw'Ubutumwa Bwiza | 29 Nyakanga- 4 Kanama, 2023.....69 |
| 7. Umubiri wa Kristo Wunze Ubumwe | 5 -11 Kanama, 2023.....81 |
| 8. Imibereho Itunganyirijwe muri Kristo | 12 - 18 Kanama, 2023.....94 |
| Kubaho nk'Abanyabwenge | 19 - 25 Kanama, 2023.....107 |
| 10. Abagabo n'Abagore: Bahurizwa ku Musaraba | 26 Kanama - 1 Nzeri, 2023.....120 |
| 11. Kubera Kristo Indahemuka mu Buryo Bwuzuye | 2 - 8 Nzeri, 2023.....133 |
| 12. Guhamagarirwa Guhagarara Dushikamye | 9 - 15 Nzeri, 2023.....146 |
| 13. Kurwanira Amahoro | 16 - 22 Nzeri, 2023.....158 |
| 14. Abefeso mu Mutima | 23 - 29 Nzeri, 2023.....170 |



**Adult SS Bible Study Guide**
**Kinyarwanda 3/2023**

**AHO IBYIGISHO BYANDIKIRWA:**
Silver Spring, MD 20904
U.S.A

**UMWANDITSI W'IKI CYIGISHO:**
John K. Mc Vay

**Umwanditsi Mukuru:**
Clifford R. Goldstein

**Umuyobozi w'Inyandiko**
Lea Alexander Greve

**Uwatunganyije Inyandiko Wungirije**
Sharon Thomas-Crews

**Umuhuzabikorwa w'Icapiro "Pacific Press":**
Tricia Wegh

**Ushinzwe Ubugeni no Gutunganya Igitabo:**
Lars Justinen

**Umwanditsi Wungirije:**
Soraya Homayouni

**IBIRO BY'UBWANDITSI:**
12501 Old Columbia Pike

**ITORERO RY'ABADIVENTISITI B'UMUNSI WA KARINDWI MU RWANDA B. P. 367 KIGALI**



©2023 Inteko Nkuru Rusange y'Itorero ry'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi. Uburenganzira bw'ubwanditsi. Nta mugabane n'umwe w'Ibyigisho Biyobora Abakuze kwiga Bibiliya mu Ishuri ryo ku Isabato ubasha gukosorwa, gusubirwamo, guhindurwa, kwiganwa, gusobanurwa, gukopororwa cyangwa gusohorwa mu icapiro n'umuntu uwo ari we wese cyangwa n'itsinda ry'abantu batabanje kubiherwa uburenganzira bwanditswe n'Inteko Nkuru Rusange y'Itorero ry'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi. Ubuyobozi bwa Diviziyo z'Inteko Nkuru Rusange y'Itorero ry'Abadiventisiti bufite uburenganzira bwo gutunganya imirimo yo gusobanura Ibyigisho Biyobora Abakuze kwiga Bibiliya mu Ishuri ryo ku Isabato hakurikijwe amabwiriza yihariye. Uburenganzira kuri iyo mirimo yo gusobanura, gusohora mu icapiro no gukwirakwiza ibyo byigisho bukomeza kuba ubw'Inteko Nkuru Rusange y'Itorero ry'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi. Izina "Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi," cyangwa "Abadiventisiti" ndetse n'ikirango cy'urumuri ni ibimenyetso byemewe n'amategeko kandi byihariye by'Inteko Nkuru Rusange y'Itorero ry'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi kandi ntibibasha gukoreshwa Inteko Nkuru Rusange itabanje kubitangira uburenganzira.


**Ibyigisho by'Ishuri ryo ku Isabato Biyobora kandi bigafasha abakuze kwiga Bibiliya** , bitegurwa n'ubuyobozi bw'Icyiciro cy'Ishuri ryo ku Isabato mu Nteko Nkuru Rusange y'Itorero ry'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi. Itegurwa ry'ibyo byigisho riyoborwa n'Inama y'ubugenzuzi y'Ishuri ryo ku Isabato, akanama k'inama nyobozi y'Inteko Nkuru Rusange (ADCOM) n'ushinzwe icapwa ry'ibyigisho by'ishuri ryo ku Isabato. Ibyigisho by'ishuri ryo ku Isabato biba bikubiyemo ibyatanzwe n'inama z'ubugenzuzi ku isi hose kandi bikemezwa n'inama ishinzwe ibitabo by'Ishuri ryo ku Isabato. Ni yo mpamvu ibyo byigisho atari umwihariko w'umwanditsi cyangwa abanditsi gusa.

**YUNYONI Y'U RWANDA**

**ICYICIRO CY'UBUSONGA**

## "IMANA MBERE YA BYOSE"

Imigani 3:9 "Wubahishe Uwiteka ubutunzi bwawe, n'umuganura w'ibyo wunguka byose."
Matayo 6:33 "Ahubwo mubanze mushake ubwami bw'Imana no gukiranuka kwayo nibwo ibyo byose muzabyongerwa."
Matayo 22:37 "Na we aramusubiza ati'"Ukundishe Uwiteka, Imana yawe umutima wawe wose n'ubugingo bwawe bwose n'ubwenge bwawe bwose.'"
Abakolosayi 3:2 "Mujye muhoza umutima kubiri hejuru atari ku biri mu si,"
E. G. White aravuga ati; "Ubwami bw'Imana ni ubwo ibanze mu mibereho yanjye." Believe His Prophets, p.293.3

## "IMANA MBERE YA BYOSE"

Mbere yuko ugira uwo ariwe wese ushima, banza ushime Imana.
Mbere yuko ugira uwo ariwe wese uhimbaza, banza uhimbaze Imana.
Mbere yuko ugira uwo usaba icyo ari aricyo cyose, banza ugisabe Imana.
Mbere yuko ugira icyo aricyo cyose utekerezaho, banza utekereze ku Mana.
Mbere yuko utangira umunsi wawe, banza usenge Imana.
Mbere yuko ubwiriza, banza usenge Imana.
Mbere yuko ukora igenamigambi iryo aririyo ryose, banza usabe Imana ubwenge.
Mbere yuko ufata ifunguro, banza ushime Imana.
Mbere yuko ugira icyo ukoresha inyungu yawe, banza ugarurire Imana icyacumi, utange namaturo.
Mbere yuko upfa, banza wihane imbere y'Imana.

Imibereho y'umwizera ikwiriye kurangwa no kwitanga guhoraho atizigamye mu murimo akorera Imana gukomotse ku rukundo ayikunda n'urwo akunda ubwoko bwayo. Icyo nicyo kugira Imana nyambere bisobanuye. Ubutunzi ubwo aribwo bwose tubonye bukwiriye gukoreshwa mu gutangana umutima ukunze (Mariko 10:21), iterambere iryo aririyo ryose cyangwa icyubahiro cyangwa impano iyo ariyo yose dufite bikwiriye gukoreshwa mu gusakaza icyubahiro cya Kristo (Matayo 25:14-30), kandi imbaraga zose cyangwa amagara mazima twishimira bikwiriye gukoreshwa mu murimo we (Abafilipi 2: 14-17; Mariko 8:35)

# ABEFESO: UBURYO *BWO GUKURIKIRA* YESU *MU* BIHE BIRUHIJE

Mu rwandiko rwandikiwe Abanyefeso, Pawulo atubwira ku Banyefeso ubwabo. Imyaka yakurikiye ibihe byari bishimishije byo mu minsi yabanje y'umurimo wa Gikristo muri Efeso, Abanyefeso bari bahanganye no kumenya icyo kwizera kwabo kwa Gikristo kubamariye.

Pawulo, uwigeze kubangamira ubukungu bw'uyu mujyi wari mu mijyi ine minini mu bwami bw'Abaroma, ubu noneho yari yafashwe ashyirwa mu nzu y'imbohe. Ubwo yandikaga ari muri gereza, yari ahagaritswe umutima n'uko abizera bo muri Efeso bashobora "gucogora" bakibagirwa ingingo ikomeye y'icyo kuba umwigishwa wa Yesu bisobanuye mu muco wo muri Efeso ugoye, w'abanyamujyi kandi b'abapagani. Nubwo abasomaga inyandiko ye bari Abakristo, imvugo ye ni irarika abantu ngo bajye mu ruhande rwe. Ashaka kongera kubashyira ku rutonde rw'abitabye irarika bakakira kwizera kwa Gikristo, ngo bongere gucana umuriro wo kwiyegurira Kristo kwabo, no kubyutsa ibyishimo byo kuba bamwe mu bagize umuryango ukomeye w'Imana mu isi, ari wo torero.

Kubera ko kwizera kwa Gikristo gushigiye kuri Kristo nyine, Pawulo asakaza hose uburyo amwishimira ndetse no kumuramya. Igihe habayeho kunyerera, abigishwa b'Abakristo bagomba kongera gushinga ibirenge byabo bigakomera; bizaterwa n'uko bongeye gusingira urukundo bakundaga Yesu mbere no kwiringira bundi bushya ubuntu bwe n'imbaraga ze. Muri ubwo buryo, Pawulo agaragaza guhabwa icyubahiro kwa Kristo mu ijuru, agashyirwa hejuru y'abafite ububasha n'ibigirwamana bishaka kwigarurira imitima y'abizera bo muri Efeso. Yesu ni We ntego y'umugambi w'Imana w'ibihe byose, umugambi abizera ari bo torero, bafitemo uruhare rukomeye mu migambi y'Imana yo guteranyiriza ibintu byose muri Kristo.

Mu gihe Pawulo ashaka uburyo bwo kurehereza abizera bo mu Efeso kwiyegurira Umwami wabo bundi bushya, ntabwo apfobya icyo kuba umwigishwa w'Umukristo bisaba. Yerekana mu buryo busa n'uburambuye uko imico ya Gikristo ndetse n'Abakristo ubwabo bagomba kumera. Abakristo bahamagarirwa kuramya nk'abahumekerwamo na Mwuka, bakubaha Kristo kandi bakaba bayobowe n'Imana; ari na byo Pawulo akomeza kugenda asobanura. Kwiyegurira Kristo

bizana impinduka mu mikorere y'umuntu ndetse n'imivugire ye. Gukunda Kristo bisobanuye kubaha abizera bagenzi bawe no kubaha agaciro. Bisobanura gutsinda imyifatire yo guhenebera kw'imico n'ibikorwa by'ubugome n'ubusambanyi byari byiganje mu muco wabo. Mu masano tugirana mu itorero no mu miryango, bisobanura gukurikiza urugero rwo kwigomwa rwatanzwe na Kristo. Bisobanura guha abenegihugu bagenzi babo bo muri Efeso ingero zisobanutse z'ishusho nshya yo kubaho k'umuntu.

**Igihe habayeho kunyerera, abigishwa b'Abakristo bagomba kongera gushinga ibirenge byabo bigakomera; bizaterwa n'uko bongeye gusingira urukundo bakundaga Yesu mbere no kwiringira bundi bushya ubuntu bwe n'imbaraga ze.**

Mu rwandiko rwe, umwanya munini Pawulo awumara asobanura ibyishimo aterwa n'iyi shusho nshya y'icyo kuba umuntu binyuze mu kuba umwe mu bagize itorero ry'Imana bisobanuye. By'umwihariko, asubizwamo imbaraga n'igitekerezo cy'uko Imana yahurije hamwe imigabane y'abantu yari itandukanye—Abayuda n'Abanyamahanga—bagahinduka itorero rimwe. Mu kubaho bagaragaza ubumwe, aho abantu baba bitezweho gucumbikira abashyitsi, baba bafite uburyo bwo kwerekana ibiranga umuryango mushya w'Imana n'ubwami bugiye kuza. Mu gukurikirana akamaro ko kuba umwe mu bagize itorero ry'Imana, Pawulo asobanura imvugoshusho enye zerekana itorero. Abizera bagize *umubiri* wa Kristo, byerekana kwiyegurira Kristo n'ubumwe bafitanye hagati yabo. Ni *urusengero ruzima*, rwubatswe binyuze mu gitambo cya Kristo i Kaluvari, urwo Imana isengerwamo. Ni *umugeni* wa Kristo, utegereje ibirori bikomeye byo gushyingirwa ubwo Umukwe azaza kubajyana nk'abantu be bwite. Mu mvugoshusho iheruka yerekana umuhati wa Pawulo wo kongera kubararikira kugira kwizera kwa Gikristo, ni *umutwe w'ingabo* za Kristo, zikoresha amahoro mu izina rye, zirwana n'imbaraga z'umwijima mu mbaraga z'Imana mu gihe bategereje kugaruka kwa Kristo.

Hanyuma Urwandiko Pawulo yandikiye Abanyefeso rukavuga mu buryo bwihariye ku bihe bimeze nk'ibi byacu, aho kwikururiraho abantu kw'isi no guhita kw'igihe bishaka kwijimisha ukuba abigishwa kw'Abakristo. Uru rwandiko rwerereza Kristo kandi rugashimangira akamaro ko kumukurikira witanze, abizera bakora bo mu itorero rye igihe tubaho twerekana ibyiringiro dufite byo kugaruka Kwe. Muri iki gihembwe tuzagira amahirwe yo gutega amatwi urwandiko Pawulo yandikiye Abanyefeso, dusenga no kongera kugira imibereho mishya yo kwishimira gukurikira Yesu mu bihe biruhije.

*John K. McVay, Ph.D., ni umuyobozi kandi akaba n'umwarimu w'Iyobokamana muri Kaminuza ya Walla Walla mu mugi wa College Place, i Washington, muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika, aho akora guhera mu mwaka wa 2006.*

# PAWULO N'ABANYEFESO

## KU ISABATO NIMUGOROBA, 24 KAMENA

AHO ICYIGISHO CY'IKI CYUMWERU GISHINGIYE: Ibyakozwe n'Intumwa *18:18*–21; Ibyakozwe n'Intumwa 19:13–20:1; Ibyakozwe n'Intumwa 20:17–38; Abefeso 1:1, 2; Abefeso 6:21–24; Abefeso 3:13; Abefeso 1:9, 10.

ICYOKWIBUKWA: **"Itumenyesheje ubwiru bw'ibyo ishaka ku bw'ineza n'ubushake bwayo, ari byo yagambiriye kera kugira ngo ibihe nibisohora ibone uko iteraniriza ibintu byose muri Kristo, ari ibiri mu ijuru cyangwa ibiri mu isi"** *(Abefeso 1:9, 10)*.

Igihe twandika ikintu runaka, tuba dufite intego iduteye gukora ibyo, akenshi iba ari intego iremereye. Nk'urugero: mu mwaka wa 1863, Aburahamu Lincoln yanditse amagambo y'imbwirwaruhame ye yamenyekanye cyane yise "Gettysburg address," nyuma y'Intambara yashyamiranyije Abanyamerika ikayogoza ibintu, ikagwamo abasirikari ibihumbi birindwi (7.000). Muri iyo mbwirwaruhame yararikaga abakuru bahanze Amerika, Lincoln yagaragaje ukwizera yari afite yuko iyo ntambara yashyamiranyije Abanyamerika yari ikigeragezo giheruka cyerekana niba iryo shyanga ryahanzwe mu 1776 ryari kuzaramba cyangwa "rikarimbuka rikava mu isi."

Pawulo afite intego yimbitse imutera kwandika urwandiko rwe. Impamvu ya mbere, ni uko yari ari muri gereza *(Abefeso 3:13, Abefeso 6:20)*, iya kabiri ni akarengane kari gakomeje, ndetse n'ibishuko, ku buryo Abefeso bari mu kaga ko kwiheba. Pawulo abibutsa ibyabaye igihe bahindukiriraga Imana, bakakira Kristo nk'Umukiza wabo, maze bagahinduka umugabane w'abagize itorero. Bahindutse umubiri wa Kristo *(Abefeso 1:19–23, Abefeso 4:1–16)*, ibikoresho bikoreshwa mu kubaka urusengero *(Abefeso 2:19–22)*, ari rwo mugeni wa Kristo *(Abefeso 5:21–33)*, rukaba n'umutwe w'ingabo zatojwe neza *(Abefeso 6:10–20)*. Bagira uruhare rw'ingenzi mu gusohoza umugambi ukomeye w'Imana, guteraniriza ibintu byose muri Kristo *(Abefeso 1:9, 10)*. Pawulo yandika ashaka gukangura abizera bo muri Efeso kugira ngo basobanukirwe mu buryo bwuzuye n'abo bari bo ndetse n'amahirwe bafite yo kuba abayoboke ba Kristo.

# PAWULO, UMUBWIRIZABUTUMWA MURI EFESO

**Ni iki Pawulo yakoze ubwo yasuraga Abanyefeso ku nshuro ya mbere, ku iherezo ry'urugendo rwe rwa kabiri rw'ibwirizabutumwa?** *(Ibyakozwe n'Intumwa 18:18–21).*

Efeso wari umwe mu mijyi minini yo mu bwami bw'Abaroma, ikaba yari ituwe n'abantu bagera ku 250,000. Wari umurwa mukuru w'imwe mu ntara z'ubwami bw'Abaroma zari zikize kurusha izindi, ari yo ntara ya Aziya, ikaba ari umugabane munini w'ahantu hazwi muri iki gihe nka Aziya Ntoya. Mu gihe cya Pawulo, iyo ntara yarakuraga cyane kandi yari ikungahaye. Nk'umugi w'icyambu, aharuhukiraga ibicuruzwa byabaga bivuye mu bindi bice by'isi, Efeso yari ihuriro ry'inzira zikomeye cyane. Nubwo muri uwo mujyi abantu basengaga imana nyinshi, Arutemi, nk'ikigirwamanakazi cyarindaga uwo mujyi, ni yo yari imana ikomeye kuruta izindi. Kuramya icyo kigirwamana ni byo byibandwagaho cyane mu birori bya rubanda, hakibandwa na none ku mikino y'amarushanwa, n'iminsi mikuru ngarukamwaka. (Arutemi Abaroma bayitaga Diana; soma mu Byakozwe n'Intumwa *19:24, 35.)*

Nyuma yaho Pawulo yasubiye muri Efeso mu rugendo rwe rwa gatatu rw'ibwirizabutumwa *(Ibyakozwe n'Intumwa 19:1–12),* maze agumayo mu gihe "kingana n'imyaka itatu" *(Ibyakozwe n'Intumwa 20:31).* Iyo ntumwa yamaze muri Efeso igihe gifatika ngo ibafashe, kandi yari afite intego yo kuhashinga ubukristo bugakomera.

**Ni iki cyabaye kidasanzwe cyatumye kubaha "Umwami Yesu" gukwira muri Efeso?** *(Ibyakozwe 19:13–20).*

Luka avuga iby'inkuru idasanzwe y'abahungu barindwi b'inzererezi b'Abayuda birukanaga abadayimoni muri uwo mujyi. Kuvangavanga izina rya Yesu n'irya Pawulo mu magambo yabo bigaragaza ko kwari ukwigerezaho kuyobya abantu muri uko kwirukana abadayimoni. Igihe inkuru y'ibyababayeho yari imaze gukwira mu bice by'uwo mujyi, "bose batewe n'ubwoba, kandi izina rya Yesu rishyirwa hejuru" *(Ibyakozwe n'Intumwa 19:17).* Ibyabaye na none hari icyo byakoze ku bari bararangije guhinduka abizera; hari abatwitse ibitabo byabo by'ubukonikoni bifite igiciro cyinshi imbere ya rubanda, agaciro kabyo kari "ibice by'ifeza ibihumbi mirongwitanu" *(Ibyakozwe n'Intumwa 19:19).* Hamwe n'abandi bantu benshi bari batuye muri uwo mujyi, abizera bize yuko kuramya Yesu bidakwiriye gupfobwa no kuvangwa no kuramya ikindi kintu cyangwa undi muntu uwo ari we wese.

**Gutwika ibitabo byabo byari bisobanuye iki, nubwo byabasabye kwigomwa byinshi? Ni iki ibyo bivuze ku bijyanye no kwiyegurira Umwami Imana mu buryo bwuzuye?**

# IMIVURUNGANO MURI STADE NINI IKORERWAMO IBIRORI

**Soma mu Byakozwe n'Intumwa 19:21–20:1. Ni irihe somo dushobora gukura muri iyi nkuru?**

Ubuhamya bwa Pawulo mu mujyi munini kandi ukomeye wa Efeso bwagize umusaruro cyane, ku buryo bwagize ingaruka ku kintu gikomeye abantu bo muri uwo mujiyi bakuragaho ubukungu, ari cyo bukerarugendo bwari bushingiye ku rusengero rw'imanakazi yitwaga Arutemi. Kandi se mbega ukuntu urwo rusengero rwari rutangaje! Yari inyubako nini cyane ifite inkingi 127, buri nkingi ireshya na metero 18 z'uburebure, zubakishijwe amabuye yera cyane yitwa marubule, marubule isennye neza ikundwa cyane n'abakora ibintu mu mabuye. Inkingi 36 zo muri zo zari zishushanyijweho kandi ziyagirijweho zahabu, ibyo bikaba byaratumaga urwo rusengero rubarirwa mu Bitangaza Birindwi byo mu Isi ya Kera.

Kuko Demetiriyo wari umucuzi w'ifeza yumvise arebwa n'amagambo ya Pawulo arwanya ibigirwamana yarimo agabanya inyungu z'amafaranga babonaga ku bijyanye n'urusengero *(Ibyakozwe n'Intumwa 19:27)*, yakubise agashyi abanyabukorikori bagenzi be basa n'abafashwe n'ibisazi. Ikivunge cyihuse kandi gifite imbaraga cyahise gihaguruka mu iguriro cyerekeza mu muri sitade nini ikorerwamo ibirori yashoboraga kwakira abantu 25.000. Abantu bakomeje kuvurungana bari aho hantu, bamara amasaha abiri basakuza bati: "Arutemi y'Abefeso irakomeye!" *(Ibyakozwe Intumwa 19:34)*. Nyuma y'uko umwanditsi w'umudugudu asezerera abantu, Pawulo yahuye n'abizera hanyuma ava muri uwo mujyi.

**Ku iherezo ry'urugendo rwe rwa gatatu rw'ibwirizabutumwa, Pawulo yahuye n'abakuru b'itorero rya Efeso. Ni mu buhe buryo wavuga muri make ibyari bihangayikishije Pawulo?** *(soma Ibyakozwe n'Intumwa 20:17–38.)*

Nimureke tugerageze gukurikiranya ibihe Pawulo yagiranyemo umushyikirano n'Abanyefeso:

- Mu mwaka wa 52 Nyuma ya Kristo (N.K.): Pawulo yasuye Efeso ku nshuro ya mbere, ahamara igihe gito *(Ibyakozwe n'Intumwa 18:18–21)*.
- Mu mwaka wa 53–56 N.K.: Pawulo yamaze imyaka itatu akorera umurimo muri Efeso *(Ibyakozwe n'Intumwa 19:1–20:1)*. Yanditse urwandiko rwa mbere yandikiye Abanyakorinto ahagana mu iherezo ry'igihe yamazeyo *(1 Abakorinto 16:5–9)*.
- Mu mwaka wa 57: Igihe Pawulo yari ari i Mileto, yahuye n'abakuru b'itorero ryo muri Efeso (Ibyakozwe *20:17–38)*.
- Mu mwaka wa 62: Pawulo yanditse urwandiko yandikiye Abanyefeso, birashoboka ko yari afungiye i Roma.

Pawulo yaravuze ati: **"Nuko rero mube maso, mwibuke yuko namaze imyaka itatu ndahwema ku manywa na nijoro guhugura umuntu wese ndira.** *(Ibyakozwe n'Intumwa 20:31)*. **Ni iki utekereza yuko Pawulo yaburira itorero ryo muri iki gihe kwitondera, kandi kuki?**

# KUMVA URWANDIKO RWANDIKIWE ABANYEFESO

Pawulo yanditse urwandiko yandikiye Abanyefeso ngo rusomerwe mu nsengero z'abizera baranguruye muri Efeso ikomeye. Mu myaka yakurikiyeho uhereye igihe Pawulo yari amaze kuhava, ingendo za Gikristo muri Efeso zari zaragiye ziyongera, kandi n'umubare w'insengero wari wariyongereye. Kuri abo bizera ba mbere, bishobora kuba byarabaye ikintu cy'ingenzi kugira Tukiko, umuntu wari uhagarariye intumwa Pawulo yahanze iryo torero, agahagarara hagati muri bo akabasomera urwandiko rwari ruturutse kuri we. Nk'uko urwandiko rwabisabaga, iryo tsinda ryari riteranye rishobora kuba ryari ririmo abagize umuryango bose: se w'abana, nyina ubabyara, abana ndetse n'imbata (Abefeso *5:21–6:9)*. Muri icyo gihe, urugo rwabagamo n'abandi bantu (abantu bafite umudendezo bafashwa na nyiri urugo) kimwe n'abaguzi. Bityo rero, abantu nk'abo bashobora kuba bari bahari, kimwe n'abaturutse mu yindi miryango.

**Hamwe n'inshamake ikurikira, soma uru rwandiko rwose, byaba byiza usomye uranguruye (biragutwara iminota 15). Ni izihe nsanganyamatsiko zumvikana muri urwo rwandiko rwose?**

______________________________________________

______________________________________________

I. Indamutso zibanza *(Abefeso 1:1, 2)*
II. Imigisha itangira *(Abefeso 1:3–14)*
III. Gusabira abizera ngo bakire ubwenge bushingiye kuri Kristo (*Abefeso 1:15–23)*
IV. Bigeze kuba bapfuye mu bya Mwuka; none ubu bashyiranywe hejuru na Kristo *(Abefeso 2:1–10)*
V. Kristo arema itorero rihurijwemo Abayuda n'abanyamahanga *(Abefeso 2:11–22)*
VI. Pawulo nk'umubwiriza w'ibya Kristo ku banyamahanga *(Abefeso 3:1–13)*
VII. Gusengera abizera ngo bagire imibereho yuzuye urukundo rwa Kristo *(Abefeso 3:14–21)*
VIII. Gukomeza ubumwe bw'itorero buturuka kuri Mwuka *(Abefeso 4:1–16)*
IX. Kubaho imibereho mishya isigasirwa n'Ubumwe *(Abefeso 4:17–32)*
X. Kugendera mu rukundo, umucyo n'ubwenge *(Abefeso 5:1–20)*
XI. Gushyira mu bikorwa imibereho yahawe ishusho na Kristo mu rugo *(Abefeso 5:21–6:9)*
XII. Guhagarara mu mwanya umwe: Itorero nk'ingabo z'Imana *(Abefeso 6:10–20)*
XIII. Intashyo zisoza *(Abefeso 6:21–24)*

**Ni iyihe nsanganyamatsiko ikunda kugaruka muri uru rwandiko? Mbese ni iki rukubwira? Ingingo zihariye zikora ku muryango zirimo ni izihe?**

# URWANDIKO RWANDIKIWE ABANYEFESO MU GIHE CYARWO

**Pawulo atangira ate urwandiko yandikira abizera bo muri Efeso, kandi arusoza ate? Ni iki twiga ku bijyanye n'ibyifuzo byimbitse kurusha ibindi abafitiye?** *Soma Abefeso1:1, 2; Abefeso 6:21–24.*

____________________________________________________________

____________________________________________________________

Mu ntangiriro z'urwandiko, Pawulo avuga ko ari we warwanditse (*Abefeso 1:1*). Ahajya kuba hagati na hagati mu rwandiko, Pawulo akivuga mu izina, aho yiyita "imbohe ya Kristo ku bw'Abanyamahanga" (*Abefeso 3:1*), ari na byo bitangira ugutekereza kwe ku murimo akora nk'intumwa (*Abefeso 3:1–13*). Ahajya kuba ku musozo w'urwandiko, yongera kurengurira ku gifungo cye (*Abefeso 6:20*) maze agasojesha amagambo ye bwite (*Abefeso 6:21, 22*). Nubwo abahanga bamwe bahakana ko uru rwandiko rwanditswe na Pawulo, ni ingenzi kuzirikana ko uru rwandiko rugaragaza neza ko ari Pawulo warwanditse. Abakristo benshi bemera ko Pawulo ari we warwanditse, kandi ni byo koko.

**Ni mu buhe buryo Pawulo ahagaritswe umutima n'ingaruka gufungwa kwe kuzagira ku bizera bo muri Efeso?** *Soma Abefeso 3:13.*

____________________________________________________________

____________________________________________________________

Urwandiko rw'Abefeso rusa n'urusangiye igihe ndetse n'ibyari biri kuba muri iyo minsi n'izindi nzandiko Pawulo yandikiye muri gereza, ari zo Abakolosayi (*soma Abakolosayi 4:7, 8*) n'urwindiko yandikiye Filemoni. Na none, bisa n'aho hashize igihe kinini uhereye igihe Pawulo yakoreraga umurimo we muri Efeso (*Abefeso 1:15; Abefeso 3:1, 2*). Pawulo ashobora kuba yaranditse urwandiko rw'Abefeso ari muri gereza i Roma ahagana mu mwaka wa 62 N.K.

**Mu rwandiko rw'Abefeso, Pawulo avuga bike ku birebana n'ibihe abo yari yandikiye bo muri Efeso bari barimo. Ibyo yatekerezagaho byari byinshi. Aravuga ku by'igihe kigari cyane, uhereye ku byemezo Imana yafashe mbere yo gushyiraho imfatiro z'isi" *(Abefeso 1:4)*, maze agatekereza ku buryo bwagutse insanganyamatsiko zikomeye z'agakiza Imana yatangiye muri Kristo. Mu kugenza atyo, urwandiko rwerekana ruhanitse mu buvanganzo, bukoresha interuro ndende, imizimizo igenda isubirwamo, ndetse n'imvugoshusho ziteguwe neza. Pawulo ashobora gukoresha uburyo nk'ubwo ahandi *(urugero: Abaroma 8:31–39)*, nyamara rwibanda cyane ku Befeso, rukaba rurangwa cyane no guhimbaza, gusenga, n'imvugo yo kuramya *(Abefeso 1:3–14, Abefeso 1:15–23, Abefeso. 3:14–21)* maze agatanga abyitondeye imirongo iteguwe mu buryo bwiza kandi ivuzwe mu buryo bwa gihanga *(urugero: Abefeso 4:1–16, Abefeso 5:21–33, Abefeso 6:10–20)*.**

# ABEFESO: URWANDIKO RWIGANJEMO KRISTO

**Ni mu buhe buryo Pawulo amenyekanisha insanganyamatsiko y'urwandiko rwe?** *Abefeso 1:9, 10.*

Ni mu buhe buryo ubutumwa bwo mu rwandiko rw'Abefeso bwavugwa mu ncamake? Ari mu nzu y'imbohe, yerekana iyerekwa ry'umugambi w'Imana ushingiye kuri Kristo wagombaga gusohozwa mu kuzura kw'igihe, n'uruhare rw'itorero muri wo. Imana yakoreye muri Kristo kugira ngo itangize umugambi wo "guteranyiriza ibintu byose muri we, ibintu byo mu ijuru n'ibintu byo mu isi" *(Abefeso 1:10)*, kandi ibyo yabikoze binyuze mu gushyiraho itorero nk'umuryango ugizwe n'abantu bashya baturutse mu Bayuda n'abanyamahanga *(Abefeso 2:14)*. Abizera bahamagarirwa gukorana n'umugambi w'Imana, bikaba ikimenyetso ku mbaraga z'ikibi ko umugambi w'Imana udakuka uri gukora *(Abefeso 3:10)*.

Mu Befeso 1:9, 10 hatangaza ko ubumwe Imana ifite mu bitekerezo byayo bushingiye muri Kristo. Nuko rero ntabwo bitangaje gutahura ko urwandiko rw'Abefeso ari urwandiko rwiganjemo Kristo, ku buryo aho ari ho hose muri rwo hahimbaza ibikorwa Imana yakoreye muri Kristo, kandi hagashima ko abizera bashoboye kugera ku butunzi bw'ibya Mwuka baherewe muri Kristo. Pawulo akoresha amagambo ngo "muri Kristo" n'andi asa na yo inshuro zirenze mirongo itatu, kandi ahantu hose akerereza Yesu. Igihe usoma uru rwandiko, jya wita kuri aya magambo maze umenye uburyo Pawulo yibanda kuri Yesu mu buryo bwinshi.

Pawulo ashaka kongera kubyutsa kwiyegurira Imana bundi bushya kw'abizera bo muri Efeso binyuze mu kubibutsa ko ari bamwe mu bagize itorero, ari ryo mutima w'umugambi w'Imana wo guteranyiriza ibintu byose muri Kristo. Iyo akoresha ijambo "itorero" (mu Kigiriki ni "*ekklēsia*") muri uru rwandiko, aba ashaka kuvuga "itorero mu isi yose" cyangwa itorero mu buryo bwagutse (ntabwo aba avuga iteraniro ryo mu itorero ry'ahantu runaka).

Uburyo bw'ibanze akoresha ni ukuvuga ku itorero, kandi abikora akoresheje imvugoshusho, enye muri zo azitangaho amakuru arambuye:

1. Itorero nk'umubiri *(Abefeso 1:22, 23; Abefeso 2:16; Abefeso 3:6; Abefeso 4:1–16, 25; Abefeso 5:23, 29, 30)*.
2. Itorero nk'inyubako/urusengero *(Abefeso 2:19–22)*.
3. Itorero nk'umugeni *(Abefeso 5:22–27)*.
4. Itorero nk'ingabo *(Abefeso 6:10–20)*.

Buri shusho muri aya ngaya, mu buryo bwayo, yerekana umugambi w'Imana n'intego ifitiye itorero.

**Mu itorero ubarizwamo, ari ryo Abadiventisti b'Umunsi wa Karindwi, Imana iri kwireherezaho abantu baturutse mu mahanga menshi, mu ndimi nyinshi, mu moko menshi, no mu mico myinshi** *(Ibyahishuwe 14:6, 7)* **bikaba bitunga urutoki uburyo bwo gusohozwa k'umugambi wayo wo guteranyiriza ibintu byose muri Yesu** *(Abefeso 1:9, 10)*. **Ni mu buhe buryo twafatanya n'umugambi mugari w'Imana?**

**KU WA GATANDATU** *30 Kamena*

# IBINDI BYO KWIGWA NO KUZIRIKANWA

Inkuru yo kwirukana abadayimoni binyuze mu gukoresha nabi izina rya Yesu n'irya Pawulo *(Ibyakozwe n'Intumwa 19:13-20*; reba ingingo yo ku wa Mbere) bifasha gusobanura impamvu Pawulo akoresha imvugo ikomeye ku bijyanye n'ubushobozi mu rwandiko rw'Abefeso. Bamwe mu bizera bashya, bari bafite kwizera Umwami Yesu kukiri gushya, bajugunye mu muriro ibitabo byabo bakoreshaga iby'ubukonikoni. Dushingiye ku mizingo 250 yavumbuwe yanditsweho ibyerekeranye n'ubupfumu hamwe n'ubundi buvumbuzi bwakozwe, tubona ibihamya by'imigenzo, imitongero, ibimenyetso, imivumo, hamwe n'ibindi; bisa n'ibyabonetse muri bya bitabo by'ubukonikoni. Ibyo bitabo byagiraga abizera inama z'uburyo bwo gukora iyo migenzo kugira ngo banezeze imana, imanakazi, n'imbaraga z'imyuka ngo bikore ibyo bashoboraga kubisaba byose.

Luka atubwira ko ibyo bitabo byari bifite agaciro kangana n'ibiceri by'ifeza 50,000, cyangwa ibihembo by'umukozi wakoze iminsi 50,000. (Tubihuje n'igihe turimo, uramutse wemereye umukozi w'umuhanga igihembo cy'umunsi kingana n'amadolari 80, ariya mafaranga yangana na miliyoni enye z'amadolari!). Aya makuru yerekana uburemere ndetse no guhabana kw'ibyo bitabo byigishaga n'imibereho yabo ya buri munsi. "Byasabye ubutabazi bukomeye bw'Imana ngo bemezwe mu mitima mu buryo buhagije kugira ngo bihane mu buryo bwuzuye ibyo bari bakomeje gukora bakoresheje ibikagiro, impigi, kwambaza imyuka, n'uburyo bwa gihanga bwo kubona imbaraga ziva ku myuka."—Clinton E. Arnold, *Abefeso* (Grand Rapids, MI: Zondervan, 2010), p. 34.

Dusobanukiwe ko urwandiko rw'Abefeso rwandikiwe abizera bari bakeneye guhugurwa ku byerekeranye no "guhangana n'imbaraga yigarurira abantu ndetse n'ibitero by'imbaraga z'ikibi zikorera mu kirere."—Clinton E. Arnold, *Power and Magic: The Concept of Power in Ephesians* (Grand Rapids, MI: Baker Books, 1992), p. 165. Igisubizo cya Pawulo mu rwandiko yandikiye Abanyefeso, muri rwo yerekana Kristo nk'Uwashyizwe hejuru y'ubushobozi bwose bubaho *(Abefeso 1:20-23)*, maze agashimangira ukuntu imbaraga Imana iha abizera ziruta izindi zose *(Abefeso 2:15-19, Abefeso 3:14-21, Abefeso 6:10-20)*.

**IBIBAZO:**

1. **Ni ubuhe bubasha cyangwa ubutware buri gukorera mu isi no mu mibereho yawe muri iki gihe? Ni mu buhe buryo ubu bubasha bwigaragaza, bugashuka abizera ngo babwumvire kandi babwubahe aho kwegurira ubwo budahemuka butavangiye Kristo washyizwe hejuru?**

2. **Mu cyerekezo cyo "kuzura kw'igihe" k'umugambi w'Imana wo guteraniriza ibintu byose muri Kristo, Pawulo avuga ibyiringiro afite byo mu gihe kizaza. Ongera usubire mu buryo yagiye akoreshamo ijambo "ibyiringiro" mu Befeso 1:18, Abefeso 2:12, no mu Befeso 4:4. Ni ukubera iki yizera ko hariho ibyiringiro byo mu gihe kizaza?**

3. **Mu mirongo ikurikira yo mu Befeso, ni ubuhe buryo yerekana ibyiringiro bikomeye by'igihe kizaza byo kugaruka kwa Kristo? *Abefeso 1:13, 14; Abefeso 1:21; Abefeso 2:7; Abefeso 4:30; Abefeso 5:5.* Ni iki ibi byiringiro bisobanuye kuri twe muri uyu mwanya?**

# ISABATO YA 26
# KU WA 1 NYAKANGA 2023
# GAHUNDA YO KUGARURA ICYACUMI NO GUTURA AMATURO
# PERU: UMUGABO W'INGOFERO ITANGAJE

**Matayo 6:33** – "Ahubwo mubanze mushake ubwami bw'Imana no gukiranuka kwayo, nibwo ibyo byose muzabyongererwa."

Filipo atuye mu mugi wa Lima, mu gihugu cya Peru. Yeguriye ubuzima bwe mu kubwira abandi urukundo rwa Yesu. Gusa nta gihe kinini cyari gishize Filipo ashakisha uko yagirana umubano wimbitse n'Imana, ariko mu matorero yose yari yarasengeyemo yari atarawubona. Ariko Imana ntabwo yirengagije Filipo. Yakoresheje ingofero ngo iyobore Filipo ku Mukiza ndetse no ku itorero ry'Abadiventisiti.

Buri munsi Filipo yajyaga agenda n'amaguru ajya ku ishuri rya kaminuza aho yakoraga. Umunsi umwe yanyuze ku iduka abona ingofero yumva arayikunze. Filipo yakundaga ingofero zitangaje zambarwaga n'abakinnyi b'umukino wa beziboro (baseball), ariko ntiyari yarigeze abona ingofero imeze nk'iyo yari aboneye mu idirishya ry'iryo duka. Yinjiye muri iryo duka agura iyo ngofero. Iyo ngofero yarayambaye umunsi wose. Filipo ntabwo yarazi igisobanuro cy'ikirango cyari kiri kuri iyo ngofero.

Ku kazi abantu bamwe babajije Filipo niba yari azi ubusobanuro bw'ikirango cyari ku ngofero ye, ariko ntiyari abizi. Umuntu umwe yamubajije niba ari Umudiventisiti, nawe aramusubiza ati, "Oya. Ntabwo ndi Umudiventisiti." Ibibazo bya bagenzi be bakorana byatumye Filipo agira amatsiko, bituma ajya gushaka urusengero rw'Abadiventisiti.

Filipo yabonye umugabo wagurishaga umutobe w'amacunga maze amubaza niba azi Abadiventisiti. Yaramusubije ati, "Ndi Umudiventisti". Bombi baravuganye, hanyuma uwo mugabo wacuruzaga ararika Filipo kuzajyana nawe ku rusengero rw'Abadiventisiti mu cyumweru gitaha. Filipo yarabyemeye. Ubwo bageraga ku rusengero, Filipo yumvise yakiriwe neza, ndetse ahitamo no kuzagaruka. Nyuma y'igihe gito, Filipo yari yizeye adashidikanya ko yabonye itorero ry'Imana, ndetse n'umugambi w'Imana ku buzima bwe. Filipo yasabye ko yakwifatanya n'itorero ry'Abadiventisiti.

Filipo aragira ati, "Ubuzima bwange buruzuye." Imana yasubije amasengesho yange, none ubu ndabwira abandi ibyayo." Filipo azi neza ko Imana yakoresha uwo ari we wese cyangwa icyo ari cyo cyose nk'ingofero kugira ngo iyobore umuntu ku Mukiza.

**ICYO DUHAMAGARIRWA**: Imana ifite inzira igihumbi zo kwigarurira abantu bayo. Muri izo harimo n'ingofero! Ariko Ishaka ko natwe tugira uruhare mu kuyobora abandi kuri Yesu. Igihe tubaye abizerwa mu kugarura icyacumi hamwe n'amaturo y'isezerano ku Mana, tuba dushyigikira umurimo iwacu ndetse no ku isi hose. Tugire uruhare mu murimo w'Imana w'ivugabutumwa dusenga, dutanga, ndetse tunabwira abo duhura nabo ko Imana Ibakunda.

**IMANA MBERE YA BYOSE**

**DUSENGE:**

ICYIGISHO CYA 1

# Umugabane wa I: Inshamake

**Isomo ry'Urufunguzo**: Abefeso 1:9, 10

**Amasomo Iki cyigisho Gishingiyeho**: Ibyakozwe n'Intumwa 18:18–21; Ibyakozwe n'Intumwa 19:13–20:1; Ibyakozwe n'Intumwa 20:17–38; Abefeso 1:1, 2; Abefeso 6:21–24; Abefeso 3:13; Abefeso 1:9, 10.

**Intangiriro**: Icyigisho cya mbere cy'iki gihembwe cyerekana ishusho y'ahahise h'uru rwandiko rwose uko rwakabaye rwandikiwe Abanyefeso kandi iyo shusho ikibanda ku nsanganyamatsiko nyinshi. Icya mbere, tumenya intego Pawulo yari afite igihe yandikiraga Abefeso urwandiko rwe: kwari ugufasha Abefeso kwibuka abo bari bo ndetse n'umumaro bafite mu bwami bw'Imana no mu migambi yayo. Icya kabiri, tugeraho tukamenya biruseho abo Abanyefeso ari bo. Birumvikana ko dusura Efeso, tukagenda mu nzira zaho, tugatega amatwi abantu bo muri uwo mujyi igihe baganira ndetse tukumva n'uburyo bakundaga ubupfumu n'indi si. Twitegereza ibihumbi by'amato atsitswe ku byambu byayo, ndetse dusura urusengero rutangaje rwa Arutemi, igihe tubona abantu bo mu nzego zose ndetse n'ibigero bitandukanye by'ubukuru bihuta bajya mu mvururu zari mu nzu yerekanirwamo imikino. Icya gatatu, twiga imyubakirwe nyayo maze tukagira ishusho y'uburyo ibitekerezo by'intumwa byakurikiranaga ndetse n'insanganyamatsiko nyamukuru yavugagaho. Icya kane, dutahura yuko insanganyamatsiko ikora ku mitima ya bose iri muri uru rwandiko ikubiyemo ibintu bitatu: Yesu Kristo, urukundo akunda itorero, ndetse n'umurimo wo gukiza inyokomuntu akora binyuze mu itorero.

Mu cyigisho cyacu cy'iki cyumweru, nimureke twibuke umutwe w'ibi byigisho wasobanuwe mu ntangiriro ngo: "Abefeso: uburyo bwo gukurikira Yesu mu bihe biruhije." Mu by'ukuri, urwandiko Pawulo yandikiye Abefeso ni iyobokamana ryiza kandi ritondetse neza ry'itorero. Nyamara iyi miterere ntabwo isobanura yuko urwandiko rw'Abefeso ari inyubako y'iyobokamana ry'amagambo adafatika, amagambo y'amahimbano gusa, adafite aho ahuriye n'ibindi bintu. Ahubwo uru rwandiko rwerekana itorero mu isano nyayo, nzima kandi irangwa n'urukundo rifitanye n'Umuremyi waryo akaba n'Umukiza waryo, ari we Mwami Yesu Kristo, rikagira umusaruro w'imibereho ya Gikristo mu isi y'ibigaragara bigasohoza bityo umurimo w'Imana ukomeye.

**Insanganyamatsiko ziri mu cyigisho**: Icyigisho cy'iki cyumweru cyibanda kuri izi nsanganyamatsiko eshatu z'ingenzi:

1. Kumenya uwanditse urwandiko rw'Abefeso.
2. Kumenya Abefeso abo ari bo, ari na bo bari bandikiwe urwo rwandiko.
3. Kumenya insanganyamatsiko nyamukuru y'ubutumwa Pawulo yari yohererje itorero ryo muri Efeso.

## Umugabane wa II: Ubusobanuro

### *Igitabo cy'Ibyakozwe n'Intumwa kuri Efeso no ku Banyefeso*

Dushobora kurushaho gusobanukirwa urwandiko rwandikiwe Abefeso mu buryo bworoshye turamutse tururebye mu cyerekezo cy'igitabo cy'Ibyakozwe n'Intumwa. Ibintu byinshi biranga inkuru zo mu Gitabo cy'Ibyakozwe n'Intumwa bifite akamaro mu buryo bwihariye ku kuvuka ku itorero ryo muri Efeso:

1. Aherekejwe na Akwila na Prisikila *(Ibyakozwe n'Intumwa 18:18)*, Pawulo asa n'uwabaye uwa mbere mu kubwiriza igihe kigufi ubutumwa bwiza bwa Yesu Kristo muri Efeso, aho yabanje kubonana n'Abayuda *(Ibyakozwe n'Intumwa 18:19)*. Mu buryo butameze nk'ubw'Abayuda b'i Korinto, banze Pawulo kandi bakamurenganya *(Ibyakozwe n'Intumwa 18:6, 12, 13)*, Abayuda bo muri Efeso babanje kugaragara nk'abakinguriye ubwenge bwabo ubutumwa bwiza *(Ibyakozwe n'Intumwa 18:20)*. Nyuma yaho ni bwo bamwe mu Bayuda bo muri Efeso binangiye kandi banga ubutumwa bwa Pawulo *(Ibyakozwe n'Intumwa 19:8, 9)*. Nubwo bimeze bityo, abo Bayuda ntibigeze bingingira abatware kujugunya Pawulo hanze y'umujyi.
2. Nyuma yuko Pawulo ava muri Efeso ku nshuro ya mbere, Prisikira na Akwila bakomeje gukorerayo umurimo wo kubwiriza ubutumwa bwiza, nyuma yaho Apolo aza kubasangayo avuye muri Alegizandiriya *(Ibyakozwe n'Intumwa 18:24-26)*. Umurimo wabo waje kugera ku musaruro w'umuryango mugari w'abakristo batari bakomeye *(Ibyakozwe n'Intumwa 19:1)*.
3. Apolo, Prisikila, na Akwila basaga n'abashikamye mu nyigisho za gikristo. Nyamara kandi Abefeso bakiriye inyigisho mu gihe gito mbere yuko Apolo ahagurukayo yerekera I Korinto. Birashoboka ko iyo mpamvu yaba ari yo yatumye abigishwa bo muri Efeso bari basobanukiwe ubutumwa bwiza ku rwego ruto ndetse n'icyo ubukristo bwari cyo. Abakristo baho nta n'ubwo bari bazi Mwuka Wera *(Ibyakozwe n'Intumwa 19:2, 3)*. Kubera iyo mpamvu, igihe Pawulo yari agarutse muri Efeso, yiyemeje kumarayo igihe kirushijeho kuba kirekire no gushyiraho urufatiro rukomeye rw'iby'iyobokamana mu itorero ryo mu mujyi ndetse n'iryo muri ako karere kose ka Aziya Ntoya *(Ibyakozwe n'Intumwa 19:10)*.
4. Ni ingenzi kwita kuri bumwe mu buryo bugaragara kurusha ubundi bwose Pawulo yakoreshaga kugira ngo amenye impamo ndetse n'ubwiza bw'urugero rw'ubukristo bariho, bikaba kwari ukubaza abagize itorero niba barakiriye Mwuka Wera *(Ibyakozwe n'Intumwa 19:2)* no kubabaza niba basobanukiwe Yesu, Imana, ndetse n'uburyo abantu bakizwa binyuze mu kubatirizwa muri Kristo Yesu *(Ibyakozwe n'Intumwa 19:2-5)*. Ni cyo gituma, igihe Pawulo yari ari kwandikira Abefeso urwandiko nyuma y'imyaka myinshi yari ishize, yagarutse kuri izi nsanganyamatsiko z'ingenzi kandi arazishimangira *(urugero: soma nko mu Abefeso 4)*. Izo nsanganyamatsiko zari zifite uruhare rukomeye mu kwerekana abo abakristo ari bo n'uko imibereho yabo yagombaga kuba imeze, byaba ku rwego rw'umuntu ku giti cye cyangwa se bikaba ku rwego rw'itsinda (umuryango ndetse n'itorero). Nta torero ryabaho ridafite Yesu Kristo, Mwuka Wera ndetse na Data wa twese.
5. Igihe Mwuka Wera yamanukiraga kubigishwa bo muri Efeso, bahindutse itorero rya Yesu Kristo, bayoborwa na Mwuka Wera mu murimo bakoraga. Uwo Mwanya Mwuka Wera yabahaye ibyo bari bakeneye ngo bakore umurimo kandi

basohoze ubutumwa binyuze mu kubagabira impano y'indimi ndetse n'izindi mpano za Mwuka. Ni yo mpamvu igihe Pawulo yandikiraga Abefeso urwandiko rwe yibanze ku mumaro w'impano za Mwuka mu mibereho y'itorero ndetse no mu murimo rikora.

### *Gutwika Ibitabo*

Abanyabwenge bo muri iki gihe, nka Rebecca Knuth, uwahoze ari umuyobozi wa Gahunda y'Isomero no kubika amakuru ajyanye na Siyansi muri Kaminuza ya Hawaii, mu gitabo cye yise *Burning Books and Leveling Libraries: Extremist Violence and Cultural Destruction [Gutwika Ibitabo:Urugomo rw'Ubuhezanguni no Kurimbura Umuco]* (Westport, CT: Praeger, 2006), yatanze umwanzuro uvuga yuko gutwika ibitabo ari ukurimbura umurage w'abantu mu bijyanye n'imico. Mu gitabo cye yise *Burning the Books: A History of the Deliberate Destruction of Knowledge [Gutwika Ibitabo: Amateka yo Kurimbura Ubumenyi Ubigambiriye]* (Cambridge, MA: The Belknap Press/Harvard University Press, 2020), Richard Ovenden, umuyobozi w'inzu y'isomero muri Kaminuza ya Oxford, avuga ko abantu batagomba kwemera igikorwa cyo gutwika ibitabo ahubwo ko bagomba kubungabunga ubumenyi bwa muntu ndetse n'umuco we. Gutwika ibitabo byari byiganjemo iby'Abayuda kwakozwe n'Abanazi mu mwaka wa 1933, cyangwa kurimbura ibitabo byo mu bihugu by'Uburengerazuba byigishaga iby'Ubukapitalisimu [capitalism] kwakozwe n'abarindaga Mao Zedong bitwaga "Red Guards," mu mwaka wa 1966, bikoreshwa nk'ingero zikomeye z'itwikwa ry'ibitabo rifite impamvu za politiki yo kubuza abantu kubona amakuru no kubahatira kwemera umuco mushya, ingengabitekerezo nshya, gusobanura amateka no kubona isi mu buryo bushya. Amateka y'abigomekaga ku butegetsi bagatwika ibihumbi byinshi by'ibitabo byo muri Afrika byababaga byanditswe n'intoki mu gihe cya kera, muri Timbuktu [mu gihugu cya Mali] mu mwaka wa 2013 byifashishwa nk'urugero rwo gutwika ibitabo by'iyobokamana mu buryo bw'ubuhezanguni butagira icyo bwitaho. Muri icyo gihe, abapastoro b'abakristo bo mu matorero atandukanye bashinjwe gukabya no kutihanganira abandi igihe bayoboraga imirimo yo gutwika ibitabo, bakararikira abantu kuzana ibitabo by'ubupfumu kugira ngo bitwikwe.

Ni mu buhe buryo dushobora gusobanukirwa ibyo gutwika ibitabo kuvugwa mu Byakozwe n'Intumwa 19:19? Hari ingingo nyinshi zikwiriye kwitabwaho:

1. Uku gutwika ibitabo kwari igikorwa cy'ubushake bw'abari bahindutse bakaba abakristo bavuye mu bupagani n'ubupfumu. Ntabwo barimbuye amasomero ndetse n'umutungo by'abandi bantu, ahubwo batwitse ibitabo byabo bwite by'ubukonikoni, ibitabo bo ubwabo bakoreshaga mu migenzo y'amadini yabo ya gipagani. Ku bw'icyo gikorwa cy'ubushake, bagaragarije mu ruhame ko ubwo bari bakiriye uguhamagara kwa Yesu Kristo ngo binjire mu bwami bwe, bari barimo kwitandukanya n'ahahise habo hari huzuyemo ibyaha. Ntibashakaga ikintu cyose kibasubiza mu gukorana na Satani no guhura n'imikorere y'abadayimoni.

Mu myaka 200 yakurikiyeho, umwami mukuru Diocletian [soma Diyokeresiyani] yategetse abakristo bose kuzana ibitabo byabo byera bigatwikwa kugira ngo bo ubwabo badatwikwa. Abakristo bamwe baremeye maze batanga Ibyanditswe

byabo babiha abategetsi b'Abaroma ngo bitwikwe; abo bakristo biswe *traditores*, cyangwa "abatanze" ibitabo byabo. Nyamara abandi bakristo bahisemo gutwikwa ubwabo aho kugambanira Ijambo ry'Imana cyangwa kuryihakana. Bityo, mu gihe itwikwa ry'ibitabo rivugwa mu Ibyakozwe n'Intumwa 19 ryari igikorwa cy'ubushake n'ibyishimo cyo gutangaza ko babatuwe ku mitego y'icyaha na Satani, gutwika ibitabo kwa Diyokeresiyani kwari igikorwa cya polotiki y'urugomo no kurenganya ndetse n'ingengabitekerezo yo kurenganya abakristo, afite umugambi wo kumaraho abantu b'Imana no kubahatira kwemera idini ya gipagani.

2. Imana ihamagarira abantu bayo kwanga bivuye inyuma no guhakana ikimenyetso icyo ari cyo cyose cyo gusenga ibigirwamana n'ubupfumu mu miryango yabo no mu mitungo yabo *(soma mu Itangiriro 35:2-4)*.
3. Nyamara kandi, nubwo Isirayeli yashoboraga kwinjira mu bindi bihugu ikarimbura ibigirwamana ndetse igatwika ibyakoreshwaga mu bupfumu, ibyo si byo byari umugambi wabo w'ibanze. Umurimo wabo wari uwo kubwira abantu ko gusenga ibigirwamana ari ikintu kirimbura kandi kikageza abantu ku rupfu *(Zaburi 135:15-18; Yesaya 44:9-20; Yesaya 45:20; Yeremiya 2:11-13; Yeremiya 16:19, 20; Yona 2:8; Abagalatiya 5:19-21; Ibyahishuwe 9:20, 21)* ndetse bakagira imibereho itarangwamo gusenga ibigirwamana n'ubupfumu nk'urugero rw'ishyanga ritabamo imbaraga ya Satani n'urupfu.
4. Ibi ntabwo bisobanuye ko Imana yirukana umunezero uzanwa n'imirimo y'ubugeni no kwandika. Ibiri amambu, Imana yishimira udushya duhangwa n'abantu ndetse n'umuco wabo berekanira mu bitabo. Nyamara kandi ibyo bitabo n'imirimo y'ubugeni bigomba kwerekana imibereho y'abantu batarangwamo icyaha na Satani. Mu yandi magambo, twasubiye munsi y'ubuyobozi bw'imbaraga y'ubutegetsi bwa Satani.

## Umugabane wa III: Imyitozo

1. *Agakiza, Umurimo, n'Uburezi.* Igitabo cy'Ibyakozwe n'Intumwa gihuza inkomoko y'itorero rya Efeso n'uburezi, ari byo bisobanurwa nko "kuganira" no "kujya impaka." Bwa mbere, Pawulo yaganirije, yavuganye, kandi agisha impaka Abayuda bari mu masinagogi, aho ntabwo hari ahantu ho gusengerwa gusa, ahubwo hanatangirwaga inyigisho zihabwa rubanda *(Ibyakozwe n'Intumwa 18:19, Ibyakozwe n'Intumwa 19:8)*. Nyuma yaho, Pawulo yerekeje mu ishuri ryari hafi aho, ishuri rya Tiranusi, maze akomeza "kuganiriza" cyangwa se "kwigisha" Abayuda n'Abagiriki iby'inzira y'agakiza *(Ibyakozwe n'Intumwa 19:9, 10)*. Injiza abanyeshuri bawe mu gutekereza ukuntu, bo nk'ishuri, bashobora kugira uruhare mu guhindura itorero ryabo rikaba nk'ishuri ryigisha abatuye aharikikije ubutumwa bwiza. Ni mu buhe buryo bashobora guhindura itorero basengeramo ahantu bakoresha baganiriza abaturanyi babo ibijyanye n'ubutumwa bwiza?

2. Urwandiko Pawulo yandikiye Abefeso rwerekana ukuringanira gutangaje kuri hagati y'intekerezo, ibyiyumviro, amarangamutima, no gutumbira mu bijyanye n'iyobokamana, ndetse n'imibereho yo mu buryo bufatika. Saba abanyeshuri bawe kwerekana uburyo bubiri bashobora gukoresha bakagira uruhare mu guhindura itorero ryabo ahantu hakorerwa umurimo yo gukemura ibibazo bishingiye kuri iyi miterere ya kimuntu mu muryango mugari babarizwamo.

## GIRA ICYO WANDIKA

ICYIGISHO CYA 2 *1 - 7 Nyakanga*

# UMUGAMBI UKOMEYE W'IMANA USHINGIYE KURI KRISTO

## KU ISABATO NIMUGOROBA, 1 NYAKANGA

**AHO ICYIGISHO CY'IKI CYUMWERU GISHINGIYE:** Abefeso 1:3–14; Abefeso 2:6; Abefeso 3:10; Abakolosayi. 1:13, 14; Gutegeka kwa Kabiri 9:29.

**ICYOKWIBUKWA: "Imana y'Umwami wacu Yesu Kristo, ari yo na Se ishimwe kuko yaduhereye muri Kristo imigisha yose y'umwuka yo mu ijuru"** (Abefeso 1:3).

Nyuma y'imyaka makumyabiri n'itanu abaye umuntu wa mbere wageze ku kwezi, Neil Armstrong yanditse amagambo yo gushimira itsinda ry'abantu bakoze umwambaro wo kugurukana mu kirere, icyogajuru cyihuta cyane yagiyemo kugira ngo atere intambwe yo kwandika ayo mateka. Yacyise "icyogajuru cyafotowe kurusha ibindi byose mu mateka" maze avuga atebya yuko cyashoboye guhisha "ibibi byari bikirimo" ku buryo bitagaragara; Armstrong yashimiye itsinda ryakoze icyo cyogajuru ari ahitwa Johnson Space Center ku bw'uwo mwambaro "ukomeye, wo kugirirwa icyizere ndetse wenda kuba ushyushye" warinze ubuzima bwe abohererereza ishimwe no kunezeranwa na bo by'imyaka makumyabiri n'itanu."

Pawulo atangira urwandiko rwe yandikira Abefeso n'amagambo akomeye yo gushima, ahimbaza Imana ku bw'imigisha y'ingenzi yasutse ku mibereho y'abigishwa nk'uko wa mwambaro w'abagenda mu isanzure ari ingenzi ku muntu ugiye mu Kwezi. Pawulo avuga ko Imana yakoze umurimo kuri iyi migisha iherey mbere yo "gushyirwaho kw'imfatiro z'isi" *(Abefeso 1:4)* kandi agahimbaza Imana kubw'ibyo yakoreye abizera muri ibyo bihe byose.

Uburyo Pawulo atangiramo, buha urwandiko rw'Abefeso agaciro mu buryo bwihariye mu bijyanye no gutanga icyitegererezo cyo kuramya Imana no kuyihimbaza ku bw'imigisha yatanze.

# ABATORANYIRIJWE MURI KRISTO KANDI BAKEMERERWA MURI WE

Amagambo yo gushima inshuro nyinshi aba akubiyemo amagambo asobanura impano yatanzwe. Pawulo ashyiramo urutonde rurerure rw'impano zivugwa mu Befeso 1:3–14 igihe ashimira Imana imigisha iri mu butumwa bwiza.

Pawulo ahimbariza Imana ko "yaduhereye muri Kristo imigisha yose y'ibya Mwuka" *(Abefeso 1:3)*. Kuba imigisha ari iyo mu bya Mwuka (mu Kigiriki, *pneumatikos*) bishatse kuvuga yuko iza binyuze muri Mwuka (*pneuma*), bikaba byerekana umusozo w'imigisha Pawulo abasabira, akaba yishimira umurimo wa Mwuka Wera mu mibereho y'abizera *(Abefeso 1:13, 14)*.

Mu Befeso 1:3–6 harimo imvugo isusurutsa umutima y'uburyo Imana iturebera muri Kristo. Mbere yo kuremwa kw'isi, Imana yadutoranirije muri Kristo kandi ihamya ko dukwiriye guhagarara "turi abera n'abaziranenge" imbere yayo *(Abefeso 1:4;* gereranya *n'Abefeso 5:27)* nk'abahungu n'abakobwa bahawe agaciro n'igikorwa cyo kuremwa ndetse no gucungurirwa muri Kristo *(Abefeso 1:5)*. Kuko uhereye mbere yuko izuba ritangira kurasa, uburyo yakoresheje n'uko twashoboraga "kwemererwa mu Mukunzi wayo" *(Abefeso 1:6)*. Muri make, Imana idufiteho umugambi wo kudukiza. Tubura agakiza bitewe n'amahitamo yacu mabi.

**Ni iki aya magambo ngo "ahantu ho mu ijuru" dusanga mu Befeso (ari naho rikoreshwa gusa mu Isezerano Rishya) asobanura? Iga imikoresherezwe y'aya magambo.** *(Soma Abefeso 1:3, 20; Abefeso 2:6; Abefeso 3:10; Abefeso 6:12;* bigereranye n'imikoresherezwe y'amagambo "mu ijuru," *Abefeso3:15, Abefeso 4:10, Abefeso 6:9.)*

Mu Befeso, amagambo "ahantu ho mu ijuru" no "mu ijuru," yerekana ijuru nk'aho Imana ituye *(Abefeso 1:3, Abefeso 6:9)*, aho ubushobozi mu bya Mwuka bubarizwa *(Abefeso 1:10, 20, 21; Abefeso 3:10, 15; Abefeso 6:12)*, na none ikerekana aho Kristo yagiye igihe yari ashyizwe hejuru iburyo bwa Se *(Abefeso 1:20)*. Abizera bafite uburenganzira bwo kugera aha "hantu ho mu ijuru" muri iki gihe nk'ahantu imigisha y'Umwuka itangirwa binyuze muri Kristo *(Abefeso 1:3, Abefeso 2:6)*. Nubwo "ahantu ho mu ijuru" hahindutse ahantu h'imigisha ku bizera, haracyari ahantu habera intambara ziterwa n'imbaraga z'ikibi zirwanya Kristo nk'Umwami *(Abefeso 3:10, Abefeso 6:12)*.

**Ongera utinde ku bivugwa mu Abefeso 1:4, ahavuga ko twatoranyirijwe muri Kristo "isi itararemwa." Mbese ibyo bisobanuye iki? Ni iki biduhishurira ku rukundo Imana idukunda n'icyifuzo ifite cy'uko twakizwa?**

ICYIGISHO CYA 2

# Umugabane wa I: Inshamake

**Isomo ry'Urufunguzo**: Abefeso 1:3
**Amasomo Iki Cyigisho Gishingiyeho**: Abefeso *1:3-14;* Abefeso *2:6;* Abefeso 3:10 Abakolosayi 1:13, 14; 1 Petero 1:18, 19; Gutegeka kwa Kabiri 9:29.

**Intangiriro**: Icyigisho cy'iki cyumweru kibanda ku buryo Pawulo yigisha Abanyefeso ndetse natwe—kikatwigisha kubara imigisha twahawe. Ntabwo ari imigisha dutekereza ko ari ingenzi, ahubwo ni ya migisha nyayo inyokomuntu ikeneye ku buryo bukomeye cyane. Pawulo ashimangira yuko Imana iduhera iyo migisha muri Kristo. Muri Kristo ni mo twatoranirijwe kandi twemerwa n'Imana. Turi abayo na Yo ni iyacu. Imana idukunda kandi ikadufata n'umurage wayo, natwe tukayikunda ndetse tukayifata nk'umurage wacu. Muri Kristo, twarababariwe kandi turacungurwa. Muri Kristo, twakira umugambi ukomeye w'Imana w'agakiza. Muri Kristo, inyokomutu ibona amahirwe amwe rukumbi yo kugira ubumwe no kuzuzanya. Muri Kristo tubaho twuzuwe n'umunezero no guhimbaza. Ku bwa Kristo, twakira ikimenyetso cy'Imana maze tugasogongera ku gakiza k'iteka ryose. Ku bwa Kristo, dushobora kwakira kubana na Mwuka Wera ndetse tugahabwa n'impano ze. Impano z'Imana mbere na mbere ni iza Mwuka mu cyerekezo cy'uko Mwuka ari we uziduha. Mwuka Wera atuzanira izi mpano nyine azivanye mu bwami bwo mu ijuru. Ubu butunzi bwose n'impano z'Imana iduha twese bitewe n'uko tutazikorera—kandi tudashobora—kugira icyo dukora ngo tuzihabwe. Imana ni Yo iduha izi mpano ku buntu, bikomotse mu mutima wayo wuzuye urukundo idukunda. Abemera bose izi mpano, Imana ibaha gushyirwaho ikimenyetso no gusogongera ku migisha y'iteka ryose yo mu bwami bwayo.

**Insanganyamatsiko ziri muri iki cyigisho**: Icyigisho cy'iki cyumweru gishimangira mu nsanganyamatsiko eshatu zihatse izindi:

1. Muri Kristo, Imana iducunshumuriraho impano nyinshi: gutoranywa, kugirwa abana, gucungurwa, kubabarirwa, ibyishimo by'agakiza, ubumwe no kuzuzanya kw'inyokomuntu, no guturwamo na Mwuka Wera nk'ingwate y'Imana y'ibyo tuzabona ubwo Kristo azaba agarutse.
2. Inyifato tugira ku mpano z'ubuntu ni imibereho yo guhimbaza no kuramya Kristo.
3. Muri Mwuka Wera, tugira imibereho yasogongeye ku hazaza hacu h'ubugingo bw'iteka ryose.

# Umugabane wa II: Ubusobanuro

***Kristo Yesu Umwami Wacu***
Ni ingenzi kwita ku buryo Pawulo yandika ibijyanye n'Umukiza wacu. Ni inshuro nkeya Pawulo yivugaho nk'uko avuga kuri Yesu *(Abefeso. 4:21)*. Ahubwo, kuri Pawulo, Umukiza wacu ni "Umwami Yesu" *(Abefeso. 1:15)*, "Umwami Yesu Kristo" *(Abefeso 1:2, 3, 17;* Abefeso *5:20;* Abefeso *6:23, 24)*, "Kristo Yesu Umwami wacu" *(Abefeso 3:11)*, "Yesu Kristo" *(Abefeso 1:5)*, "Kristo Yesu" *(Abefeso. 1:1;* Abefeso *2:6, 7, 10, 13, 20;*Abefeso. *3:1, 6, 21)*, "Kristo" *(Abefeso 1:10, 12;* Abefeso *2:5, 12, 13;* Abefeso *3:4, 8, 17, 19;* Abefeso *4:7, 13, 15, 20, 32;* Abefeso *5:1, 5, 21, 23, 24, 25, 29, 32;* Abefeso *6:5, 6)*, cyangwa gusa "Umwami" *(Abefeso. 2:21;* Abefeso *4:1, 5;* Abefeso *5:8, 10, 17, 19, 22;* Abefeso *6:7, 8, 10, 21)*!

Biragaragara, impamvu imwe y'uko kurengurira ku Mukiza wacu ari ukumwubaha, kandi bikwiriye kuba umugabane w'ubuzima bw'umukristo—mu by'ukuri, bikaba imvugo n'inyifato by'umuntu wiga iyobokamana rya gikristo. Nyamara hari ikirenze kugaragaza icyubahiro cya Shebuja. Mu kurengurira kuri Yesu nk' "Umwami," Pawulo amwerereza nk'Umwami Yesu Kristo wazutse, Umukiza dufitemo kuzuka tukava mu byaha byacu kandi binyuze

muri we, tugiye kuzahabwa kuzuka guheruka tuzave mu gituro. Kuzuka kwa Yesu Kristo ndetse no kuzuka kwacu ni iby'agaciro mu iyobokamana Pawulo yigisha no mu mibereho ye kubera ko ari ipfundo ry'umugambi w'Imana wo gucungura [umuntu] *(Urugero: Abefeso 2:1-6)*. Insanganyamatsiko y'umuzuko ihindura icyerekezo cyose cy'imibereho n'agakiza bya Pawulo. Ikwiriye no kuba ikintu cy'ingenzi cyane kuri twe.

***Iyobokamana Riyihimbaza***

Pawulo yanditse amagambo ari mu Abefeso 1:3-14 mu buryo twakwita iyobokamana riyihimbaza. Abiga iyobokamana babonye ko iyobokamana rya gikristo rigomba gutangirana no kuyihimbaza rigasoza riyihimbaza—mu kuri, rigomba kuba uguhimbaza. Nk'uwari umwe mu biga iyobokamana rihimbaza, guhimbaza kwa Pawulo ntabwo kwari ugusobanura inyito kuvuye mu ntekerezo ze gusa, gukonje, kwa rusange no kutagaragaza uruhande aherereyemo. Nta nubwo Pawulo yandika mu buryo buhimbaza kubera ko ari akamenyero k'imyandikire yakoreshwaga n'intumwa muri icyo gihe. Ahubwo ahindura ubwiza bw'iyobokamana rya gikristo ikintu cy'iteka ryose mu nyandiko ye ivuga Imana, ibyo yadukoreye, urukundo idukunda, uburyo Kristo yihinduye umuntu, urupfu rwe, umuzuko we, umunezero n'amahoro n'ibyiringiro no guhinduka gukomeye kw'inyokomuntu muri Kristo. Pawulo atumbira cyane kandi agasobanura ibitangaza shingiro bikomeye by'iyi mibereho ndetse n'imibereho yo mu gihe kizaza. Kubera iyi mpamvu, igihe yandikiraga ibyo bintu bene se na bashiki be bo muri Efeso, Pawulo ntiyashoboraga kwibuza kuramya no guhimbaza Imana ikomeye yarimo asobanura.

Kuri Pawulo, Imana ntabwo ari inyito gusa; ahubwo Imana ni Data, Umuremyi wacu ndetse n'Umukiza wacu. Iyi Mana yuzuye urukundo, imbaraga, gukiranuka, ndetse n'ubuntu. Ihora yiteguye kuturinda no kudukiza. Ihora yiteguye kuduha impano n'imigisha kugira ngo dushobore kwishimira imibereho dufite kugeza ubwo ibintu bizaba bisohoye rwose mu bwami bwayo, muri iki gihe ndetse no mu gihe kizaza. Ni mu buhe buryo Pawulo yashoboraga kwandika iby'Imana imeze ityo n'agakiza kayo gakomeye maze ntaturagare ngo ahimbaze anezerewe?

***Imigisha Iva Ahantu ho mu Ijuru***

Pawulo ashimangira ko Imana yacu mbere na mbere ari Imana itanga imigisha. Nyamara imigisha Imana iduha ntabwo ari imigisha y'ibifatika gusa cyangwa imigisha yo mu isi—mbese ya migisha idafite aho ihuriye n'ukuri kw'ibya Mwuka cyangwa iby'iteka ryose. Ibiri amambu, imigisha y'Imana ni imigisha iva ahantu ho mu ijuru, mu bwami bwayo. Binyuze mu kwerekana iki gitekerezo, Pawulo yagura urubuga rw'agakiza. Ntabwo agakiza ari akantu gato ko gukemuza ikibazo cya muntu cy'igihe gito, nubwo na cyo kagikemura. Agakiza ntabwo kabera mu mfuruka imwe y'isi (nubwo mu buryo bumwe kahabera kuko Kristo yapfiriye mu mfuruka runaka yo mu isanzure, ari ho mu mfuruka y'ubwami bw'Abaroma). Kuri Pawulo, agakiza ni umurimo ufata igihe mu isanzure ry'ijuru. Pawulo atujyana ahantu hejuru cyane mu bushorishori hitwa *epouranios*, cyangwa ahantu ho mu ijuru.

Ijambo ry'Ikigiriki *epouranios* rifite ubusobanuro bwinshi. Mu ruhande rumwe, risobanura ikintu cy'umwuka cyangwa gifitanye isano n'Imana, mbese nk'ikinyuranyo cy'ibyo mu isi cyangwa ibirangwamo icyaha *(soma muri Yohana 3:12, Abaheburayo 3:1)*. Mu rundi ruhande iri jambo rirengurira ku bwaguke bw'ikirere *(1 Abakorinto 15:40, 41)*. Na none Pawulo ahuriza hamwe ubwaguke bw'ikirere n'ubwaguke bw'ibya Mwuka mu ijambo *epouranios* *(1Abakorinto 15:48, 49)*. Urugero: aho ijambo *epouranios* ryakoreshejwe mu Abefeso 1:3 risa n'irirengurira ku kuri kw'ibya Mwuka: ni ukuvuga ko Imana iduha imigisha ibonerwa muri Kristo. Nyamara kandi, muri icyo gice, Pawulo asobanura ijuru nk'ubwami buri mu isanzure, aho kugira ngo bube ubwo mu isi (Abefeso *1:10)*. Mu Abefeso 1:20, Pawulo asanisha ijambo *epouranios* no kuzamurwa mu ijuru kwa Kristo akicara ku ntebe y'ubwami y'Imana. Bityo, ahantu ho mu ijuru Pawulo avuga, ntabwo ari ahantu runaka ho mu kirere havuzwe n'umucurabwenge Plato, hagaragazwa nk'isi itaboneshwa amaso Imana yaremye, aho umwuka wacu utemberera iyo umaze gutandukanywa n'umubiri nyuma y'urupfu.

Igihe twitaye ku cyerekezo cyagutse cya Bibiliya, "ahantu ho mu ijuru" haba inyito ikungahaye iboneka muri Bibiliya. Ku ruhande rumwe, "ijuru" rirengurira ku isanzure ryose Imana yaremye (*Itangiriro 1:1, Zaburi 8:3, Zaburi 19:1, 2 Ngoma 6:18*), n'ubwiza bwaryo bwose butangaje. Ku rundi ruhande, Bibiliya igaragaza ubundi busobanuro bw'ijambo "ijuru," bwegeranye n'ubusobanuro Pawulo atanga mu Abefeso, muri bwo intumwa ikaba isanisha ahantu ho mu ijuru n'irema ndetse n'agakiza. Igihe Imana yaremaga ijuru n'isi, ntabwo yagumye hanze y'ijuru (Bibiliya ntabwo yemera igitekerezo cy'uburyo ubucurabwenge buvugamo Imana). Ahubwo Imana yahisemo kwinjira mu isanzure nk'Umuremyi waryo, uha abaririmo ibyo bakeneye kandi ikaba n'Umwami waryo (Zaburi *11:4*) no gushyiraho isano yihariye igirana na bo wese mu bo yaremye mu ishusho yayo (*Itangiriro 1:26-28*). Iyo sano isohozwa mu buryo bunyuranye. Uburyo bumwe: mu kubera hose icyarimwe kwayo, Imana yahozeho, iriho, kandi iba mu isanzure ryose (*Zaburi 139:7, 8*). Iki gitekerezo gisobanura yuko dushobora guseng Imana aho twaba turi hose, uko twaba tumerewe kose, kandi iratwumva mu gihe nyacyo.

Nyamara kandi, Bibiliya yerekana ubundi buryo Imana ihura kandi ikisanisha n'abantu b mu isanzure. Abanditsi ba Bibiliya benshi bashimangira ko Imana yahisemo ubwami cyang ahantu ho mu ijuru maze ihashinga intebe yayo ya cyami y'urukundo no gukiranuka (*Zab 103:19, 20*). Aho hantu, irahiyerekanira mu buryo buhoraho kandi bugaragarira amaso, nde ikaherekanira n'uburyo itegeka isi n'ijuru. Aho hantu ho mu ijuru ni ho Imana itangira imigis ikagera mu isi no mu ijuru binyuze mu bikorwa byayo by'urukundo n'ubuntu. Kuri iyo nt yayo ya cyami ni ho ihurira n'ibiremwa bifite ubwenge bwinshi (*Yobu 1:6*); aho ni ho ibirem byose bifite ubwenge bwinshi byo mu isanzure biza kuramya Imana kandi bikayihimbar kubana na byo, ubuntu bwayo ndetse n'ubutegetsi bwayo burangwa n'urukundo no gukiranu

Bibiliya ihuza ubwami bw'Imana n'urusengero rw'Imana rwo mu ijuru (*Zaburi 11:4; Zaburi 103: 20; gereranya no mu Kuva 25:8, 9*), "ijuru" ry'Imana cyangwa "ubuturo bwayo" (*2 Ngoma 6:21, 25, 30, 33, 35, 39*). Mu isengesho rye ryo gutura Imana urusengero, Salomo ahuza urworuseng n'ahantu ho mu ijuru Imana ituye (*na none soma mu 2 Ngoma 6:2, 18, 40, 41*). Iyo ngoma ya cyami mu ijuru ni yo Lusiferi yarwanyije, ashinja Imana ko idakunda kandi ikaba ifite imico n'ubutege bitarimo ubutabera. Kuri iyo ntebe ya cyami ni ho Kristo yazamutse akicara nyuma yuko yari am guhishura no gushimangira mu buryo bwuzuye imico y'urukundo no gukiranuka y'Imana.

Mu rwandiko rwe yandikiye Abaheburayo, Pawulo na none ahuza ijuru n'intebe ya cya y'Imana ndetse n'ubuturo bwo mu ijuru: "Mu byo tuvuga igikomeye ni iki ngiki: duf Umutambi mukuru umeze atyo wicaye iburyo bw'intebe y'Ikomeye cyane yo mu ijuru, ukor Ahera ho mu ihema ry'ukuri, iryo abantu batababambye ahubwo ryabambwe n'Umwami Imar (*Abaheburayo 8:1-3; soma na none mu Abaheburayo 1:8; Abaheburayo 4:16; Abahebura 9:23-25; Abaheburayo 12:2, 22-24*). Bityo rero, nk'uko yabyanditse mu rwandiko yandiki Abaheburayo, ndetse kimwe na Daniyeli (muri Daniyeli 7), Salomo (2 Ingoma 6), na nyur yaho bikavugwa na Yohana (mu gitabo cy'Ibyahishuwe igice cya 4 n'icya 5), Pawulo yereke ibitekerezo by'abasoma urwandiko rwe ku hantu h'Imana ho mu ijuru, ku ntebe ya cyami ya n'ubuturo bwo mu ijuru, ahantu Imana ihera ubwoko bwayo imigisha yagambiriye kubal katanga ka mbere mu migambi yayo yo kurema n'agakiza kabonerwa muri Kristo.

***Urugero: Igikoresho Gihagarika Impanuka Iterwa no Gukoranaho kw'Insinga z'Amashanyara***

Mu gihe cyashize, abantu benshi bagiye bicwa n'impanuka yo mu ngo itewe n'umuri w'amashanyarazi. Inzu zigezweho zishyirwamo igikoresho gikoranywe ubuhanga cyo kurin abantu, gihagarika impanuka itewe no gukoranaho kw'insinga z'umuriro, mu magamb y'impine cyitwa (GFCI). Icyo gikoresho cyitwa GFCI cyumva vuba itandukaniro ribayeho m nsinga zikwirakwiza imbaraga z'amashanyarazi maze kigahita kiyahagarika byihuse. . Mu ubu buryo, iyo umwana muto asesetse ikintu gikozwe mu cyuma aho bafatira umuriro, c gikoresho gihagarika impanuka gihita gikora maze kigahagarika imbaraga y'amashanyaraz

kigatuma umwana adapfa. Imana yagambiriye kurema isi yacu maze iyitakaho abantu bazi ubwenge kandi bafite umudendezo bashoboraga guhitamo kwanga Imana no gukora icyaha. Ingaruka zo gukora icyaha (nk'ingaruka yo gukora ku rutsinga rurimo umuriro) zazanye urupfu rw'umunyacyaha. Imana yabwiye Adamu na Eva ko nibakora icyaha bazapfa *(Itangiriro 2:17)*. Nyamara ntabwo bapfuye. Ikinyuranye n'ibyo, basobanukiwe ibyari byabaye maze bariruka bahunga Imana *(Itangiriro 3:6, 7)*. Abantu bashobora kuvuga ko abo bantu babiri bapfuye mu buryo bw'umwuka cyangwa ko baciriweho iteka ryo gupfa mu gihe gishyize kera.

Nubwo ibi bisubizo bifite agaciro kabyo, ubutumwa bwiza, by'umwihariko dukurikije uko bwasobanuwe na Pawulo mu Befeso, butanga igisubizo kirushijeho kuba cyuzuye ku kibazo cy'impamvu Adamu na Eva batahise bapfa bakimara gucumura. Dukurikije ibyo Pawulo avuga, mbere yo kuremwa kw'isi (Abefeso *1:4)*, yashyize mu mugambi wo kurema imiterere y'ubwirinzi, igikoresho cya "GFCI" yo mu bya Mwuka. Igihe Adamu na Eva bari baguye mu cyaha, bagombaga gupfa, kubera ko bari bakoze ku "rutsinga rudatwikiriye" rw'icyaha. Nyamara kandi Adamu na Eva ntibahise bapfa uwo mwanya, kubera ko umugambi Imana yashyizeho mbere yo kuremwa kw'isi wahise ukora muri uwo mwanya. Uwo mugambi wari Kristo, kandi umuntu wizera Kristo wese, umuntu uhitamo kureberwa "muri Kristo" akizwa imbaraga z'icyaha n'ingaruka zacyo, igishinja, guta agaciro ndetse n'urupfu bizanwa na cyo.

## Umugabane wa III: Imyitozo

1. Ungurana ibitekerezo n'abo mwigana ku bijyanye n'uburyo bo nk'itsinda, bashobora gutegura gahunda y'imirimo yo kuramya Imana bayishimira, mu mibereho y'umuryango, mu baturanyi babo, ndetse no mu itorero basengeramo. Buri murimo wose muri yo ushobora kugira insanganyamatsiko zitandukanye: gushimira Imana umugambi w'agakiza n'uburyo wahinduye imibereho ya buri wese ku giti cye, gushimira urukundo rwa Kristo n'uburyo rwigaragariza mu mibereho ya buri wese ku giti cye ndetse no mu baturanyi be, cyangwa gushimira Imana imbabazi zayo n'uburyo zigaragariza mu mibereho ya buri wese no mu mibanire ye n'abaturanyi be.

2. Saba abigishwa bawe kwita kuri iki kibazo: Ni mu buhe buryo gusaranganya amakuru kwabo gushyizwe hejuru? Ni ukuvuga, ni mu buhe buryo ibyo bavuga uri munsi, ibyo bandika, ibyo bamenyesha abandi binyuze mu mashusho bihishura yuko imibereho yabo yakozweho, kandi igahindurwa n'ubuntu bw'Imana ndetse n'uburyo isi ibonamo Kristo washyizwe hejuru n'iyobokamana yigishije? Ni ku ruhe rwego abagize itsinda wigiramo biyumvamo ko bakozweho n'ukuri kw'iby'iteka ryose by'ahantu ho mu ijuru? Ni mu buhe buryo ibyo bavuga n'imyifatire yabo bimeze nk'ibya Pawulo? Saba abigishwa bawe kwita ku buryo bavugana n'abo mu miryango yabo, inshuti zabo, abo bakorana, ndetse n'abandi baba bahuriye mu ruhame? Basabe gusubira mu buryo bandikamo ubutumwa bwo kuri interineti n'ibiganiro bagirana n'abandi ku mbuga nkoranyambaga. Na none basabe gusubira ku biba bikubiye mu biganiro bagirana n'imiryango yabo, inshuti, ndetse n'urungano ku buryo bigaragaza Kristo kandi bigahinduka ibyibanda kuri Kristo.

3. Mu Abefeso 1:5, Pawulo yandika ko Imana "yagambiriye kera ku bw'urukundo rwayo ko duhinduka abana bayo, tubiheshejwe na Yesu Kristo ku bw'ineza n'ubushake bwayo." Abakristo benshi bafata iyi mirongo nk'isobanura ko intumwa yigisha inyito yo kugambirira kera nk'ivuga ko Imana idutoranya ngo dukizwe kandi ko ntacyo twakora ngo turwanye ubushake bwayo cyangwa ngo duhindure icyemezo cyayo kuri iyi ngingo. Ni mu buhe buryo abigishwa bawe basobanurira amatsinda akurikira uyu murongo: (1) inshuti zabo z'abakristo zizera ibyo gutoranywa mbere hose n' (2) inshuti zabo zitari abakristo ndetse n'abaturanyi babo?

## GIRA ICYO WANDIKA

# UBUBASHA BWA YESU WASHYIZWE HEJURU

## KU ISABATO NIMUGOROBA 8 NYAKANGA

**AHO ICYIGISHO CY'IKI CYUMWERU GISHINGIYE:**
**Abefeso*3:14–21; 1 Abatesalonike 5:16–18; Gutegeka kwa Kabiri 9:29; 1 Abakorinto 15:20–22; Zaburi 110:1.***

**ICYOKWIBUKWA: Mumenye n'ubwinshi bw'imbaraga zayo butagira akagero, izo iha twebwe abizeye nk'uko imbaraga z'ububasha bwayo bukomeye ziri, izo yakoreye muri Kristo ubwo yamuzuraga mu bapfuye ikamwicaza iburyo bwayo ahantu ho mu ijuru" *(Abefeso 1:19, 20).***

Bisa nk'aho abantu bahora baharanira kugera ku bubasha. Nk'urugero: uruganda rwitwa "Auto manufacturer Devel Motors," rwamamaje ikinyabiziga cy'umwimerere cyitwa "Devel Sixteen," kikaba ikinyabiziga cya cylinder (silendere) 16, gifite moteri ya litiro 12,3 ishobora gukora imbaraga z'amashanyarazi ziri hejuru ya watts (wati)3.728,500. Kandi niba ibi bidahagije, reka dufate imashini isa n'iyo bahingisha yitwa "Peterbilt semi-truck" ikoresha moteri eshatu zo mu bwoko bwa "Pratt & Whitney J34–48". Kuko ifite imbaraga z'amashanyarazi zingana na watts 26.845.200, iyo mashini igenda ahantu hareshya na metero 400 mu masegonda 6,5, kandi mbere yuko isimbuka inshuro ebyiri ijya mu kirere ikongera ikamanuka, ibanza kugenda intera ingana na kilometero 605 mu isaha.

Ibihabanye n'ibyo, Pawulo asabira abizera bo muri Efeso ngo mu gihe bahuye n'igishuko cyo gutangarira ububasha bunyuranye hamwe n'imana zabonekaga mu muco wabo, binyuze muri Mwuka Wera bazagire imibereho irimo imbaraga nyinshi cyane Imana itanga binyuze muri Kristo. Izi mbaraga z'Imana ntabwo zipimishwa ibipimo bya "watts", cyangwa imbaraga z'ubukonikoni, ahubwo zigaragarira mu bintu bine biri mu mateka byashyize hejuru kandi bikazanira isi agakiza:(1) umuzuko wa Yesu; (2) kuzamurwa agashyirwa ku ntebe ya cyami y'Imana; (3) gushyirwa kw'ibintu byose munsi y'ibirenge bya Kristo (4) kuba Kristo yarahawe Itorero ngo abe umutwe waryo (Abefeso *1:19–23).*

Mu kwita kuri ibi bintu bine, abizera bashobora gutangira gusobanukirwa no kugira imibereho irimo imbaraga nyinshi Imana ikoresha mu mibereho yabo ku bwabo.

# GUSENGA NO GUSHIMA

Atewe umwete no kumva ko abizera bo muri Efeso bafite iterambere mu byo kwizera Yesu no mu rukundo bakundana hagati yabo (ahari aya makuru yayahawe na Tukiko, Abefeso *6:21, 22)*, Pawulo ababwira uburyo abasabira.

**Gereranya ahantu habiri Pawulo avuga iby'amasengesho mu Befeso—Abefeso 1:15–23 n'Abefeso 3:14–21. Ni izihe nsanganyamatsiko ayo makuru y'uburyo bubiri ahuriyeho?**

---

---

Rimwe na rimwe ijwi kamere ryacu dukoresha mu isengesho rishobora kuzuramo amaganya, kurira ku bw'ikibazo iki n'iki cyangwa ingorane runaka. Ibyo Pawulo avuga ku isengesho, byerekana ko gushima ari imvugo iranga isengesho. Dushyira hamwe imigisha y'Imana maze tukayishimira. Dushaka kubona Imana ikora mu bihe tukayishimira ko iba mu mibereho yacu kugira ngo ihendure uko ibintu bimeze. Mu kwishimira ubuntu n'imbaraga bya Kristo washyizwe hejuru *(Abefeso 1:20–23)*, tuyishimira imigisha iha abo tubasha kugeraho. Aha ni ho hari ibanga rya Pawulo ry'isengesho rihindura ibintu: isengesho ni urufunguzo rwo guhimbaza no gushima.

Na none Pawulo yavuze yuko "abashimira Imana urudaca, akabasabira uko asenze." (Abefeso *1:16;* soma no mu Bafilipi *1:3, 4; 1 Abatesalonike 1:2; na 1 Abatesalonike 5:16–18).*

Mbese "gusenga urudaca" bisobanuye iki mu by'ukuri *(1 Abatesalonike 5:17)*? Ntabwo bishobora gusobanura guhora dupfukamye imbere y'Imana dusenga. Bisobanuye ko iyo duhawe umugisha na Mwuka w'Imana, tugenda dufite imibereho irangwa n'imitima ikingukiye guturwamo n'Imana n'imbaraga zayo, tugahora dushaka impamvu zidutera kuyishima. Bisobanuye guhora twiteguye gukemurira ibibazo byo mu mibereho yacu imbere y'Imana, gushaka inama zituruka ku Mana igihe duhuye n'urujijo n'impinduka ziba mu buzima. Bisobanuye kutabaho uri umushyitsi ku Mana, ahubwo tukabaho dukorana na Yo, kandi tugahora twiteguye kuyoborwa na Yo.

Natwe tubona isengesho nk'itandukaniro n'ikintu cy'inyongera mu buzima bw'umwigishwa bigomba gukoreshwa mu gihe gikwiriye. Pawulo afata atajenjetse inshingano yo gusengera abizera bo muri Efeso, ibyo akabikora ashima Imana ku bwabo (Abefeso *1:16; gereranya n'*Abefeso *1:3–14)* kandi akabasabira (Abefeso *1:17–23;* gereranya n'Abefeso *3:14–21)*. Kuri we, isengesho ni izingiro ryo kwizera kwa Gikristo. Iyi mirongo irimo irarika rigera ku bantu bose ribakangurira gusenga, ni irarika rireba buri wese muri twe kugira ngo twite ku "murimo wacu bwite wo gusenga" mu mucyo w'uburyo Pawulo yitangiye gukora iyi nshingano.

**Kuki ari ingenzi buri gihe gushima Imana mu isengesho ku byo ugomba kuyishimira?**

# KUGIRA UBWENGE BUKOMOKA KURI MWUKA WERA

**"Mbashimira Imana urudaca nkabasabira uko nsenze, kugira ngo Imana y'Umwami wacu Yesu Kristo, ari yo Data wa twese w'icyubahiro, ibahe umwuka w'ubwenge no guhishurirwa bitume muyimenya"** *(Abefeso 1:16, 17).*

Mu kuvuga iby'amasengesho ye, Pawulo avuga icyifuzo nyamuku ashyira imbere y'intebe y'ubwami y'Imana. Yarangije kubona ko Mwuka Wera yaje mu mibereho y'abizera igihe bari bahindukiriye Imana *(Abefeso 1:13, 14).* Noneho Pawulo asaba umugisha mushya wa Mwuka kugira ngo azane ubwenge bukenewe mu by'umwuka bushingiye ku gusobanukirwa Yesu mu buryo bwimbitse ("bitume muyimenya," Abefeso *1:17).*

**Ni ku zihe nsanganyamatsiko eshatu Pawulo asaba yuko Mwuka Wera yazanira abizera umwuka w'ubwenge budasanzwe?** Soma Abefeso *1:17–19.*

________________________________________________________

________________________________________________________

Igihe Pawulo abasabira ubwenge ku bijyanye "n'ibyo biringizwa n'Iyabahamagaye" (Abefeso *1:18),* asaba ko bamenya ibikorwa byo mu gihe cyashize Imana yakoze kugira ngo babone agakiza (Abefeso *1:3–9, 11–13)* n'ubwiza bwo mu gihe kizaza yabaringanirije (Abefeso *1:10, 14*

Igihe asaba ubwenge bwo kumenya "ubutunzi bw'ubwiza bw'ibyo abera bazaragwa" (Abefeso *1:18),* ari kwibuka igitekerezo cyo mu Isezerano rya Kera kivuga ko abizera ari umwandu w'Imana *(Gutegeka kwa Kabiri 9:29, Gutegeka kwa Kabiri 32:9, Zekariya 2:12,* gereranya *n'*Abefeso *1:11).* Yifuza yuko bamenya ko badafite gusa umurage uva ku Mana, ahubwo ko na bo ubwabo ari umwandu w'Imana, kandi Pawulo ashaka ko basobanukirwa agaciro bafite ku Mana.

Igihe Pawulo asaba ubwenge mu bya Mwuka ku bijyanye "no kumenya ubwinshi bw'imbaraga zayo butagira akagero, izo iha twebwe abizeye" (Abefeso *1:19),* atekereza ko Mwuka Wera azana ugusobanukirwa gushya k'ugukomera kw'imbaraga z'Imana no kuzihuza n'imibereho bafite.

Muri aya masengesho yose, Pawulo ashaka ko aba bantu biyumvira muri bo ubwabo icyo baherewe muri Yesu.

**Ni mu buhe buryo ushobora kurushaho kugira imibereho irimo "ubwinshi bw'imbaraga zayo butagira akagero, izo iha twebwe abizeye"? Mbese ibi bisobanuye iki mu mibereho ya buri munsi?**

# KUGABANA KU MBARAGA Z'UMUZUKO

Mu mirongo isigaye mu yo Pawulo avugamo iby'isengesho, Abefeso 1:20–23, Pawulo avuga mu buryo bwagutse ku nsanganyamatsiko ya gatatu y'ubwenge, yiringira ko Mwuka Wera azazanira abizera: ubwinshi bw'imbaraga zayo butagira akagero ikoresha ku bwabo. Atangira yerekana ibintu bibiri byabayeho mu mateka y'agakiza nk'ibintu bya mbere byerekana imbaraga z'Imana: (1) kuzuka kwa Yesu akava mu bapfuye; (2) gushyirwa hejuru kwa Yesu akicara ku ntebe y'ubwami bw'ijuru (Abefeso *1:20).*

**Ni mu buhe buryo ubushobozi bw'Imana bugaragarira mu kuzuka kwa Yesu?** Abefeso *1:20; 1 Abakorinto 15:20–22; Abefeso 3:8–11; Abaheburayo 13:20, 21; 1* Petero *1:3.*

Kuzuka kwa Yesu ni ingingo itagibwaho impaka y'ukwizera kwa Gikristo *(1Abakorinto. 15:14, 17).* Abizera b'indahemuka bategereza umuzuko ukomeye wo mu gihe kizaza ubwo bazazukira ubugingo buhoraho Kristo agarutse, bitewe n'uko Kristo yazutse *(1Abakorinto 15:20–23).* Dushobora guhanga amaso kuri Kristo muri iki gihe kugira ngo aduhe imigisha iboneka mu butumwa bwiza, harimo ndetse no guhabwa Mwuka Wera ngo abane natwe mu mibereho yacu, bitewe n'uko Kristo yazutse.

Imvugoshusho yerekana ko Imana "yicaje Kristo iburyo bwayo" (Abefeso *1:20),* yatiwe muri Zaburi 110:1, akaba ari amagambo yasubiwemo kenshi kurusha ayandi mu Isezerano Rishya (amagambo yose yasubiwemo asa n'ayerekeza ibitekerezo kuri yo). Gushyirwa hejuru kwa Kristo gufite umwanya ukomeye mu rwandiko rw'Abefeso. Abizera "bicazwa hamwe… na We [Kristo Yesu] ahantu ho mu ijuru" (Abefeso *2:6).* Ikindi kandi, Pawulo arengurira ku kuzamurwa mu ijuru kwa Kristo nk'igikorwa kibanza kugira ngo Kristo abone gusohoza ibintu byose no guha itorero impano *(soma* Abefeso *4:8–11).*

Mu Befeso 4:8–11, Pawulo atuburira kwirinda gutekereza Kristo nk'uwicaye ku ntebe y'ubwami ya Se ntacyo akora, ahubwo "amugaragaza nk'ishusho yo mu Isezerano Rishya ya Kristo washyizwe hejuru kandi agakwira mu isi yose binyuze muri Mwuka We, anesha kandi agakomeza kunesha."—F. F. Bruce, *The Epistles to the Colossians, to Philemon, and to the Ephesians* (Grand Rapids, MI: Eerdmans, 1984), p. 133. Bityo rero, Pawulo yerekana gushyirwa hejuru/kwambikwa ikamba kwa Kristo nk'aho atari ukwerekana gusa imbaraga z'Imana zihabwa abizera, ahubwo ni no kwerekana isoko yazo.

**Ni mu buhe buryo ukeneye imbaraga z'Imana mu mibereho yawe, kandi ni ubuhe buryo burushijeho kuba bwiza bwo kwishyira aho izo mbaraga zibasha kutugeraho? Imigenzereze ishobora kutubuza kubona iyo mbaraga ni iyihe?**

KU WA KANE *12 Nyakanga*

# KRISTO ARI HEJURU Y'UBUSHOBOZI BWOSE

Pawulo yari yarahimbawe no gushyirwa hejuru kwa Yesu, ubu wicaranye na Se ku ntebe ye y'ubwami mu ijuru. Amaze gusobanura umwanya Kristo arimo mu isano afitanye na Se ("yicara . . . iburyo bwa Se ahantu ho mu ijuru" Abefeso *1:20)*, Pawulo agaruka ku isano afitanye n' "imbaraga." Nk'ufatanyije na Se gutegeka, Yesu ari "hejuru cyane" y'abandi bose *(Abefeso 1:21)*.

**Gereranya aho Pawulo avuga imbaraga mbi z'imyuka mu Befeso 1:21, Abefeso 2:2, no mu Befeso 6:12. Utekereza ko ari iyihe mpamvu itera Pawulo gushishikarira iby'izi mbaraga?**

---

---

---

Ibyakozwe n'Intumwa 19:11–20, n'inkuru y'abahungu ba Sikewa barindwi yerekana ko mu gihe cya Pawulo Efeso hari ahantu hakorerwaga imirimo y'ubukonikoni. "Ukwiganza gukabije kw'ibyerekanaga imirimo y'ubukonikoni yabonekaga mu bwami bw'Ubugiriki cyari ikimenyetso cy'uko hariya hantu higanje iby'imyuka byagiraga imbaraga ikora kuri buri rwego rwose rw'ubuzima. Intego y'abakonikoni kwari ugusobanukirwa imyuka ibafasha ikomoka ku myuka igirira nabi abantu no kwiga imikorere yayo yihariye n'imbaraga kimwe n'ubutware imyuka ifite. Binyuze muri ubu bumenyi, bashoboraga kubaka uburyo (bifashishije amagambo avugwa cyangwa yanditswe, imitongero, n'ibindi) kugira ngo bashobore gutegeka imyuka gukora ibihuye n'ibyo umuntu runaka yifuza. Bifashishije amagambo asubirwamo bateguye, uburwayi bwababaga bwatewe n'umwuka mubi, bwashoboraga gukira, [cyangwa] umuntu agatsinda amarushanwa y'amagare y'intambara."—Clinton E. Arnold, *Power and Magic: The Concept of Power in Ephesians*, p. 18.

Gushishikarira kuvuga amazina y'imana cyangwa ibinyabubasha mu magambo yaringanijwe neza, cyari ikintu cyerekana imibereho y'iby'iyobokamana yo muri Efeso *(Soma mu Ibyakozwe n'Intumwa 19:13)*, ndetse n'iy'abantu bamwe bo muri iki gihe. Pawulo yifuza gusobanura neza isano iri hagati ya Kristo n' "imbaraga": Yesu wererejwe "asumba cyane ubutware bwose n'ubushobozi bwose, n'imbaraga zose n'ubwami byose" *(Abefeso 1:21)*.

Kugira ngo yiringire ko abamuteze amatwi bumvise neza ko nta yindi mbaraga ibonerwa hanze y'Umwami Yesu, yongeraho amarenga ajyanye n'imigenzereze yo kuvuga amazina y'imana mu mitongero: "n'izina ryose rivugwa" *(Abefeso 1:21)*. Ubwo Pawulo yari akuye amaso ku bunini bw'isanzure akayerekeza ku burebure bw'igihe, yashimangiye iby'uruhererekane rutagira imipaka rw'ubwami bwa Yesu. Ubwami bwe butegeka ububasha bwose, "atari muri iki gihe gusa, ahubwo ari no mu gihe kizaza" *(Abefeso 1:21)*.

**Ni ukuhe kwigaragaza kumeze gutya kw'imbaraga z'ikibi kuboneka muri iki gihe, kandi twakwirinda dute gufatirwa muri ko?**

# YESU, IBINTU BYOSE, NDETSE N'ITORERO RYE

Abakristo ba mbere babonye muri Zaburi 110:1 ubuhanuzi bwo kwererezwa kwa Yesu: "Uwiteka yabwiye Umwami wanjye ati: "Icara iburyo bwanjye, Ugeze aho nzashyirira abanzi bawe munsi y'ibirenge byawe."

Basomye Zaburi ya 8 mu buryo bumwe nk'ubwo bahamya ko Imana "yashyize ibintu byose munsi y'ibirenge bye" *(Zaburi 8:6)*, ibirenge by' 'umwana w'umuntu" *(Zaburi 8:4)*. Nubwo bizeraga ko imbaraga z'umwijima zari ziri hejuru y'imitwe yabo kandi zishaka kubashuka, bagundiriye kwizera kubemeza ko izo mbaraga ziri munsi y'ibirenge bya Kristo.

Nimwite kuri aya magambo avuga ko "yashyize ibintu byose munsi y'ibirenge bya Yesu," Se "yamuhaye itorero nk'umutwe w'ibintu byose" *(Abefeso 1:22;* yagereranye n'aya ngo *"yamuhaye itorero ngo abe umutwe w'ibintu byose,")*. Nubwo amagambo ngo "ibintu byose" ari ijambo ribumbira hamwe isanzure ryose na buri kintu cyose, Pawulo aracyafite mu bitekerezo bye "imbaraga" yari yavuze mu Abefeso 1:21. Ibintu byose—ibyo mu ijuru, ibintu ndengakamere, imbaraga z'iby'umwuka na zo zibariwemo, ibyo byose biri munsi y'ibirenge bya Kristo, biri munsi y'ubushobozi bwa Kristo.

**Ni ibihe byiza itorero riheshwa no kwererezwa kwa Kristo akicara ku ntebe y'ubwami y'ijuru, no kuba ategeka ibintu byose byo mu ijuru no mu isi?** Abefeso *1:22, 23.*

________________________________________

________________________________________

Imana yahaye Yesu kunesha imbaraga zose. Itorero, rifitanye isano ya bugufi na Kristo kandi rigahabwa na We ibyo rikeneye byose, na ryo risezeranirwa kunesha abo banzi. Imbaraga z'Imana, zigaragarije mu muzuko we no gushyirwa hejuru kwe agasumba imbaraga zose zo mu isanzure, zaratanzwe ngo zifashe itorero. Imana yahaye itorero Yesu wanesheje, naryo rikaba rigomba kwifatanya na We kugira ngo ryitwe umubiri we.

Ni mu buhe buryo twe nk'abizera dushobora kumenya Kristo washyizwe hejuru kandi tukumva mu mibereho yacu imbaraga z'Imana? Pawulo ntavuga mu buryo bwahuranyije uburyo ibi bintu bibaho. Nubwo bimeze bityo, kuba iyi mirongo ari "amakuru yerekeye isengesho" ni igitekerezo gitangwa. Pawulo yizera ko Imana isubiza amasengesho ye. Ahamya umumaro wo kwishimira imbaraga z'Imana, zerekaniwe muri Kristo, imbere y'Imana ubwayo maze akayisaba yuko zakorera mu mibereho y'abizera.

**Ni mu buhe buryo imbaraga y'amasengesho yigeze gukorera muri wowe ubwawe? Ntabwo ari ibyo gusubizwa kw'amasengesho gusa, ahubwo n'ibijyanye n'isengesho muri rusange, kandi ni mu buhe buryo isengesho ritwegereza hafi y'Imana no hafi y'imbaraga twaherewe muri Yesu?**

# IBINDI BYO KWIGWA NO KUZIRIKANWA

Iga ubu busobanuro bubiri bwavanywe mu nyandiko za Ellen G. White buvuga ukuntu Kristo yererejwe:

"Igihe Kristo yinjiraga mu marembo y'ijuru yimikiwe hagati y'abamarayika bamuramyaga. Uyu muhango urangiye, Mwuka Muziranenge yamanukiye ku bigishwa be mu muriri mwinshi, Kristo nawe ahabwa icyubahiro gihwanye n'icyo yahoranye ibihe bidashira ari kumwe na Data wa twese. Gusukwa kwa Mwuka Muziranenge ku munsi wa Pentekote bwari ubutumwa bw'ijuru buvuga ko kwakirwa k'Umucunguzi kurangiye. Nk'uko isezerano rye ryari riri, yari amaze kohereza abayoboke be Mwuka Muziranenge uvuye mu ijuru nk'ikimenyetso cy'uko we nk'umutambyi n'umwami yahawe ubutware bwose mu ijuru no mu isi kandi ko ari Uwasizwe kugira ngo atware ubwoko bwe."—*Ibyakozwe n'Intumwa*, p. 25 [ingeri ya 2018].

"Data wa twese ahobera Umwana We, maze havugwa aya magambo ngo: 'Abamarayika b'Imana bose nibamuramye' Abaheburayo 1:6.

"N'ibyishimo bitarondorwa, abatware, abakomeye, n'abanyambaraga bamenya ugukomera kw'Igikomangoma gitanga ubugingo. Ingabo z'abamalayika zimwikubita imbere, mu gihe amajwi y'ibyishimo yasabaga ibikari by'ijuru avuga ati, 'Umwana w'intama watambwe ni We ukwiriye guhabwa ubutware, n'ubutunzi, n'ubwenge, n'imbaraga, no guhimbazwa, n'icyubahiro, n'ishimwe" (Ibyahishuwe 5:12).

"Indirimbo zo kunesha ziba urwunge n'umuziki w'inanga z'abamalayika, kugeza ubwo ijuru rimera nk'irisabye ibyishimo no guhimbaza. Urukundo rwari runesheje. Icyazimiye cyari kibonetse. Maze ijuru risakaza amajwi ahanitse y'urwunge rigira riti, "Ishimwe no guhimbazwa n'icyubahiro n'ubutware bibe iby'Iyicaye ku ntebe, n'iby'Umwana w'intama iteka ryose" Ibyahishuwe 5:13—*Uwifuzwa Ibihe Byose*, p. 656 (Ingeri ya 2018).

**IBIBAZO:**

1. **Tekereza ku gushyirwahejuru kwa Yesu ko "muri iki gihe" n'ukuzabaho "mu gihe kizaza." Ni mu buhe buryo Yesu yarangije kuba Umwami "wa byose" n'imbaraga z'abadayimoni zikaba ziri munsi y'ubutware bwe—ni ukuvuga "muri iki gihe"? Kandi se ni mu buhe buryo gutegeka byose kwe kuzuye kwerekeza mu gihe kizaza—uko "mu gihe kizaza"?** *(Soma 1 Abakorinto 15:24–28.)*

2. **Ni ku ruhe rugero ubayeho mu mucyo w'ubwami bwa Kristo aho ategeka ibintu byose? Cyangwa se ni ku ruhe rwego ubayeho uyoborwa n'izi mbaraga zindi, ububasha bwaguye, bwa butware bugiye kuzashira? Mbese ushobora gutandukanya ibintu ute, kandi ni mu buhe buryo ushobora guhunga imbaraga z'ikibi, kuko nubwo zatsinzwe nta gushidikanya, zigishobora kwigaragaza cyane mu isi?**

# ISABATO YA 28
# KU WA 15 NYAKANGA 2023
## GAHUNDA YO KUGARURA ICYACUMI NO GUTURA AMATURO
## MIKRONEZIYA: GUKURIKIRA UBUYOBOZI BW'IMANA

**Yohana 16:13** – "Uwo Mwuka w'ukuri naza azabayobora mu kuri kose kuko atazavuga ku bwe, ahubwo ibyo azumva ni byo azavuga, kandi azababwira ibyenda kubaho."

Nitwa Eli. Ubutumwa bugufi bwahinduye ubuzima bwange. Nari ndi mu mwaka wa kabiri wa kaminuza ubwo incuti yanjye yanyohererezaga ubutumwa bugufi. "Ese wakwishimira kuba umwarimu w'umukorerabushake muri Chake (Chuuk) uyu mwaka?" Niko ubutumwa bugufi bwavugaga. Nagize urujijo, ndibaza nti uwo Chake ni nde, kandi kuki nkeneye kumwigisha? Nyuma naje kumenya ko iyo ncuti yarimo kunsaba ko nakora nk'umwarimu w'umukorerabushake ku kirwa cya Chake muri Microneziya.

Naje kumenya ko ishuri ry'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi ryo muri Chake ryari rifite abarimu batandatu gusa mu banyeshuri 150. Bari bakeneye cyane abandi barimu. Narasenze ngo Imana Inyobore, nuzuza impapuro zisabwa, hanyuma hashize ibyumweru bike nuriye indege nerekeza muri Mikroneziya.

Nubwo Chake hasaga nk'ahantu hari umugi nkihatera ijisho, ntabwo byansabye kureba kure ngo menye uburyo imyizerere ya gakondo igiteye ubwoba abantu baho. Umunyeshuri umwe yaje kumbwira ko umwana w'umuhungu w'umuturanyi we yatewe na dayimoni, bikajya bituma areba mu kirere, ntagire abantu amenya.

Ikirere gishyuha n'ubwiza bw'amazi y'inyanja bya Chuka bikurura abantu, nyamara ntacyo bivuze ukurikije ibyo abantu bo kuri icyo kirwa bakeneye, mu by'ukuri – ni abantu bafite inyota y'ukuri. Nubwo benshi mu banyeshuri bo ku ishuri rya Chuka bava mu miryango itari iy'Abadiventisiti, ishuri rya Chuka mu by'ukuri ni ishuri ry'ivugabutumwa, kandi nizera rwose ko ndi kuzana impinduka mu buzima bw'abanyeshuri ndetse n'abandi bahatuye.

Nshimishwa n'ahantu kure Imana Igeze Inyobora muri uru rugendo rudasanzwe rwo kwizera. Rimwe na rimwe ibyiza nkora mba numva bidahagije, ariko nizera ko Imana yanshyize hano kubw'impamvu, kandi impa imbaraga nkeneye ngo nyikorere. Noneho ubu nsobanukiwe neza ko rimwe na rimwe intsinzi y'urugendo rwacu rwa Gikristo idapimwa "n'ibyiza dukora" cyangwa ubushobozi bwacu, ahubwo ni uburyo twumva kandi tukumvira ijwi ry'Imana.

**ICYO DUHAMAGARIRWA:** Imana iduhamagarira twese kongera kwizera kwacu, byaba mu kujya aho Iduhamagarira kujya, cyangwa mu gutanga buri gihe kandi muri gahunda nkuko Ituyobora. Mu gutanga bikubiyemo gukiranuka tugarura icyacumi cy'Imana, ndetse no kumva ijwi ryayo mu gihe Iduhamagarira kugirana isezerano na Yo, dutanga ituro rya buri gihe ryiswe "Isezerano." Iradusaba gutanga. Ndagusaba ngo ubaze Imana uti, "Mbese ni uruhe rugero mu byo ninjiza ushaka ko najya ntanga buri gihe nk'ituro ry'isezerano?" Nawe wumve icyo Igusubiza. Kubwira Imana "Yego" ni bwo buryo bwonyine bwo gukuza kwizera kwawe.

**IMANA MBERE YA BYOSE**
**DUSENGE:**

ICYIGISHO CYA 3

## Umugabane wa I: Inshamake

**Isomo ry'Urufunguzo:** Abefeso *1:19, 20*

**Amasomo Iki Cyigisho Gishingiyeho:** Abefeso *1:15-23*, Abefeso *3:14-21*, *Zaburi 110:1, 1 Abatesalonike 5:16-18, Gutegeaka kwa Kabiri 9:29, 1Abakorinto 15:20-22.*

**Intangiriro:** Nyuma yo ku vuga mu nshamake no guhimbaza Imana kubw'umugambi wayo w'agakiza kabonerwa muri Kristo, mu Abefeso 1:15-23, Pawulo ahamiriza bene se na bashiki be bo mu Efeso ko abasabira ngo bakomeze kumenya agakiza binyuze muri Mwuka Wera ukorera muri mibereho yabo. Pawulo asaba Imana Data wa twese guha Abanyefeso (1) kumenya Imana binyuze mu ihishurirwa ibaha, (2) kugira ibyiringiro bikomoka ku guhamagarwa n'Imana n'amasezerano yayo, ndetse (3) no kwizera kubahesha imbaraga zitarondoreka z'Umwami Yesu Kristo (Abefeso *1:17-19)*.

Imbaraga za Kristo zigaragariza mu buryo bubiri. Ubwa mbere, imbaraga za Kristo ziza muri twe kubw'umuzuko we. Mu bya Mwuka tuzukira ubugingo bushya muri iki gihe turi ku isi maze tugahabwa isezerano ryo kuzukira ubugingo guheruka mu gihe kizaza. Ubwa kabiri, imbaraga za Kristo zigera muri twe kubwo kuzamurwa mu ijuru kwa Kristo, kuko yicara ku ntebe ya cyami yo mu ijuru nk'Imana, Imana yacu, iduha imigisha iva ahantu ho mu ijuru; ni ukuvuga mu buturo bwo mu ijuru. Kristo Yesu yaremye ijuru n'isi n'imbaraga zigaragara ndetse n'izo mu buryo bw'umwuka; kubw'ibyo rero, zose ziri munsi y'ubutware bwe. Imbaraga zo mu buryo bw'umwuka zigometse zamaze igihe zivuga ko zitegeka isi, na zo ziri munsi y'ubutware bwe.

Ikindi kandi, kumenya ko Yesu yazamutse akicara ku ntebe ya cyami y'Imana byarangije kutugira abaraganwa na We ndetse n'abantu b'ahantu ho mu ijuru. Muri Kristo, ibintu byose byo mu ijuru ni ibyacu! Umunsi umwe, natwe mu buryo bugaragarira amaso tuzazamuka tujye aho hantu ho mu ijuru dufatanye n'abari mu ijuru guhimbariza Imana ahazengurutse intebe yayo y'ubwami *(Ibyahishuwe 4:1-4, 8-11; Ibyahishuwe 5:6, 9-14; Ibyahishuwe 15:2-4)*.

**Insanganyamatsiko ziri muri iki cyigisho:** Icyigisho cy'iki cyumweru kibanda ku nsanganyamatsiko nyamukuru eshatu:

1. Amasengesho yo guhimbaza no gushima ni ingenzi mu mibereho y'umukristo.
2. Ku mukristo, gukorerwamo n'imbaraga ihindura ya Kristo na Mwuka Wera mu mibereho y'umukristo ni ikintu kitagomba kubura.
3. Nk'abakristo nyakuri, ku bwo kumenya imbaraga ya Kristo no gukorerwamo na yo, dushobora kubaho muri We dufite umudendezo, nta bwoba bwo gutinya imbaraga z'ubwigomeke ziri muri iyi si dufite.

## Umugabane wa II: Ubusobanuro

***"Kubera Iyo Mpamvu"***

Mu rwandiko Pawulo yandikiye Abefeso hose, Pawulo akoresha amagambo avuga umwanzuro nk'aya akurikira:

- *dia touto* (Abefeso *1:15*, Abefeso. *5:17*, Abefeso. *6:13*, bisobanura ngo "ku bwo," "kubera ko," "hashingiwe ko"),
- *dio* (Abefeso *2:11*, Abefeso *3:13;* Abefeso *4:25;* Abefeso *5:14*, bisobanurwa ngo "ku bw'ibyo," "kubera iyo mpamvu," "bityo rero"),
- *oun* (Abefeso *4:1;* Abefeso *5:1, 7;* Abefeso. *6:14*, bisobanurwa ngo "bityo rero," "nuko"), na
- *toutou charin* (Abefeso *3:1, 14*, bisobanurwa ngo "ku bw'ibyo," "ku bwo kugira ngo," "ku bw'uko," "kubw'impamvu yo," "ku bwa").

Muri Bibiliya zimwe, aya magambo asobanurwa ngo "ku bw'ibyo rero" (Abefeso *2:11;* Abefeso *3:13;* Abefeso *4:1, 25;* Abefeso *5:1, 7, 17;* Abefeso. *6:13, 14)* cyangwa "kubera iyo mpamvu" (Abefeso *1:15;* Abefeso *3:1, 14;* Abefeso *5:14)*. Bityo rero, Pawulo abanza kuvuga kandi agasobanura ukuri kw'iby'iyobokamana cyangwa se ukuri nk'umugabane w'ishingiro. Hanyuma, avuga mu buryo burambuye umugabane wa "kubera iyo mpamvu" kugira ngo ahuze ibi bitekerezo n'imibereho y'itorero. Nyamara kandi, rimwe na rimwe Pawulo akoresha aya magambo "kubera iyo mpamvu" cyangwa umugabane wo guhuza ibivugwa n'imibereho nk'umugabane w'ishingiro ubanziriza ukundi "guhuza ibivugwa n'imibereho" cyangwa umugabane "kubera iyo mpamvu". Muri ubu buryo, Pawulo akomeza kwagura, kurambura, ndetse no gukungahaza ubugari bw'igitekerezo cye ku bijyanye n'ubutumwa bwiza, itorero, ndetse n'imibereho ya gikristo.

Mu Abefeso 1:11-14, Pawulo avuga mu nshamake impamvu y'ubutumwa bwiza, ari bwo musingi yubakiraho rya yobokamana rya "kubera iyo mpamvu" Abefeso *1:15)* maze akerekana uburyo ubutumwa bwiza bwisanisha n'itorero *(Abefeso 1:15-23)*, rigizwe n' "abera" (Abefeso *1:15, 18)*. Abakristo cyangwa abera ni abantu bafite kwizera Yesu (Abefeso *1:15)*, bafite umwuka w'ubwenge no guhishurirwa" mu kumenya Imana (Abefeso *1:17)*, kandi bakaba baramurikiwe bakamenya guhamagara kwa Kristo, umurage ashaka kuduha, ndetse n'imbaraga ziheranije z'umuzuko we (Abefeso *1:18, 19)*. Aba bera ni bo torero, cyangwa umubiri wa Kristo (Abefeso *1:22, 23)*. Uru rugero rw'iyobokamana rya Pawulo ryubakiye kuri aya magambo ngo "kubera iyo mpamvu," ni rwo nkomoko y'itorero.

Itorero ryubatswe ku butumwa bwiza Pawulo asobanura mu Abefeso 1:1-15. Undi mugabane usigaye w'urwandiko rwandikiwe Abefeso uvuga ibirebana n'itorero. Nyamara iri ni itorero ryubatswe ku gusobanukirwa neza ubutumwa bwiza, "ubutumwa bwiza Pawulo yigisha" nk'uko yari kubuvuga ahandi *(Abaroma 2:16, Abaroma 16:25, 2 Timoteyo 2:8)*. Nk'uko byagaragaye, muri Efeso ikintu cyose cyasobanuwe binyuze mu kugisanisha n'ikindi kintu. Mu cyerekezo cya Efeso cyo kubumbira ibyo mu isi yose hamwe, byari byoroshye ko umuco w'Abanyefeso uha ishusho icyo buri wese ari cyo, binyuze mu gutwikiriza iyobokamana n'imitekerereze irindi yobokamana n'imitekerereze bitandukanye n'ibyo utwikira. Nyamara hano Pawulo ntanyeganyezwa: urufatiro rw'itorero, ruhabwa ishusho n'ubutumwa bwiza, ku bw'ubutumwa bwiza bw'Imana cyangwa umugambi wayo yateguye mbere yo kuremwa kw'isi none ikaba yarawuhishuriye muri Yesu Kristo. Itorero, icyo riri cyo, ubutumwa, n'umurimo rifite, ntabwo ari igitekerezo kizana impinduka ishingiye ku muco. Itorero ni umusaruro w'umugambi w'Imana, w'umurimo Imana ikorera mu isi wo gukiza abanyabyaha n'inyokomuntu.

***Itorero, Guhishurirwa, n'Ubucurabwenge***

Pawulo asabira itorero (Abefeso *1:16, 18)*, ashimira Imana umurimo yakoreye muri bo. Mu buryo bwihariye, Pawulo ashimira Imana umurimo yakoze wo kumurika umucyo mu itorero, binyuze mu mpano zayo z'ubwenge no guhishurira abantu (Abefeso *1:17, 18)*. Iri sengesho rikura igitwikirizo ku bintu bibiri nyamukuru biranga imiterere y'itorero.

Icya mbere: itorero ryubatse ku guhishurirwa n'Imana, ntabwo ari ku bucurabwenge bw'abantu. Nubwo Pawulo yari azi neza ubucurabwenge *(Ibyakozwe n'Intumwa 17:28)*, yanze gushyiraho ibuye ry'urufatiro rw'itorero rikomoka mu bucurabwenge. Kuri we, ntabwo itorero ryagombaga kubakwa ku bwenge n'ubuhanga bwo kuvuga bya kimuntu, ahubwo ryagombaga kubakwa ku "bihamya by'Imana," guhishurirwa naYo kuri muri Yesu Kristo wabambwe, no "kwigaragaza kw'imbaraga ya Mwuka Wera" *(1 Abakorinto 2:1–5)*. Nyamara ibi ntibisobanuye ko nta bwenge buri mu bijyanye no kubaka itorero.

Ibiri amambu, itorero ryubakiye ku bwenge, nyamara si bwa "bwenge bw'iki gihe cyangwa ubw'abatware bashiraho, ahubwo ni ubwenge bw'ubwiru bw'Imana ari bwo bwenge bwahishwe, Imana yaringanije ibihe byose bitarabaho ngo buduheshe icyubahiro; mu

batware b'iki gihe nta wabumenye" *(1 Abakorinto 2:6-8)*. Ni yo mpamvu Pawulo aburira Abakolosayi ngo birinde "umuntu wabanyagisha ubwenge bw'abantu n'ibihendo by'ubusa bikurikiza imihango y'abantu . . . bidakurikiza Kristo" *(Abakorinto 2:8; ongera usome muri Yohana 1:12, 13; 1 Abakorinto 1:20-27; 1 Abakorinto 3:19; 1 Timoteyo 6:20, 21)*.

Iyi nyifato ku bijyanye n'ubucurabwenge, ntabwo ishatse kuvuga ko Imana, Pawulo, cyangwa abakristo barwanya gushyira mu gaciro cyangwa gutekereza neza. Ibiri amambu, gutekereza neza ni bumwe mu bushobozi bwa muntu cyangwa impano Imana yaduhaye igihe yaremaga umuntu mu ishusho yayo. Icyo Pawulo avuga hano, ni uko itorero, cyangwa idini ya gikristo idashingiye ku bitekerezo by'ibizabaho n'imyanzuro by'ubucurabwenge. Ubucurabwenge bwo mu bihe bya kera mu bihugu by'Uburengerazuba bw'isi, ndetse na siyansi yo mu bihe bya vuba no muri iki gihe, bishingiye cyane ku kwibwira ko nta hishurirwa riva ku Mana rigambiriwe, ririmo urukundo, ryihariye, rifite intego, kandi ryungura ibitekerezo ribaho. Ahubwo icyo ubucurabwenge bwo mu Burengerazuba bw'isi ndetse na siyansi byemeza ko kibaho ni imitekerereze ya kimuntu, ubwiru ndetse n'umuhati w'ubwenge wo kugera ku Mana cyangwa mu bwami bwayo. Ubu buryo bw'imitekerereze ni ikinyuranyo cyo kwizera kwa gikristo.

Pawulo ashimangira ubudatsimburwa ko itorero atari umusaruro w'ubucurabwenge cyangwa siyansi cyangwa ibyo bibwira n'imyanzuro yabo, kandi ko ritazigera rimera rityo. Itorero ni umusaruro w'ubutabazi Imana yazanye mu isi yacu no guhishurirwa kwabonetse muri Kristo Yesu binyuze mu Byanditswe. Binyuze muri Kristo no mu Byanditswe byera, Imana yahamagaye umuntu ngo ayigarukire kandi ngo agaruke mu bwami bwayo. Iyo abantu bitabye iryo rarika, bahinduka itorero ry'Imana ryubatswe ku murimo Yesu Kristo na Mwuka Wera bakorera muri twe. Ku bw'iyo mpamvu, imitekerereze izagera ku ntego, izubakira imirebere y'isi n'ibitekerezwa nk'ibizaba ku ihishurirwa rivuye ku Mana.

Icya kabiri: ntabwo itorero ari umuryango mugari w'abantu b'amahara kubiri, aho bamwe baba ari abantu bafite ubuhanga n'ibitekerezo bya gicurabwenge, b'indashyikirwa mu mashuri ku ruhande rumwe, ku rundi ruhande hari abantu b'injiji.

Ahubwo, mu itorero, abizera bose barasiwe n'umucyo kandi bahabwa ihishurirwa n'ubwenge biva ku Mana. Iki gitekerezo ni cyo rufatiro rwa gikristo rwubatsweho inyito z'ubuntu n'ubumwe. Abakijijwe cyangwa abera ntibahawe agakiza no guhishurirwa bitewe n'ubwenge bwabo, ubushobozi n'umuhati bafite, ahubwo ni kubw'ubuntu bw'Imana, kubera ko Imana ari Yo yihishurira abantu bose kandi ikabararikira kwakira agakiza. Abizera bose bahabwa imigisha imwe! Bose bahabwa ihishurirwa rimwe, agakiza kamwe, ndetse n'umurimo umwe. Ni yo mpamvu itorero ari rimwe kandi rikaba ritagabanyijwemo ibice bibiri, bitatu cyangwa bine.

***Gutinya Imbaraga no Kuzitsinda***

Isi yacu ihora ishaka ubushobozi ubudatuza. Niba dutekereza ububasha nk'imbaraga, tubona ko amasoko y'imbaraga atuma hakomeza kubaho ugushyamirana kudatuza, yemwe ndetse hakabaho n'intambara muri iyi si yacu.

Nyamara isi yacu iri gushaka ikirenze amasoko y'imbaraga. Isi iri gushaka mu buryo bwihariye amasoko yo mu by'umwuka atanga imbaraga, imbaraga zizabageza ku nsinzi irambye, ubutegetsi n'amahoro, gutegeka no gusohoza ibyo bashaka. Uko twegera imperuka y'amateka ya muntu yaranzwe n'icyaha, abantu benshi bashakira ububasha mu masoko y'abadayimoni, baba babitekerejeho cyangwa batabitekerejeho. Aya masoko ya kidayimoni ni imbaraga zihindura abantu imbata kandi zikabarimbura. Mu by'ukuri, miliyoni nyinshi z'abantu zisobanukirwa ko izi mbaraga z'abadayimoni zihindura abantu imbata, nyamara ntibashobora kwivana mu bubata bw'izo mbaraga. Abenshi nta n'ubwo bazi ko hari ubundi bwoko bw'imbaraga bubaho. Batinya gusa izo mbaraga z'abadayimoni.

Abandi bantu benshi bagira ubwoba bw'imbaraga z'ibindi bintu bidafite ubuzima nk'imitingito y'isi, tsunami, cyangwa ibyobo byijimye. Abandi bagira ubwoba bw'imbaraga z'ahantu imibumbe yo mu kirere iba. Abantu bamwe batinya ipfa ry'umuntu ku giti cy cyangwa uburakari yifitemo muri we. Mu minsi ya vuba, ubutasi budakoresheje ubury bw'umwimerere bwahindutse isoko y'ubwoba ku bantu benshi.

Nyamara Pawulo ashimangira ko imbaraga za Kristo zitarondoreka ziruta cyane iz mbaraga zindi zose. Imana yaremye isanzure ryose n'ubushobozi buririmo ndetse n'amasoko y'imbaraga, ku bw'ibyo rero, izi mbaraga zose ziri munsi y'ubutware bwe. Yaraturemye, kand ashobora kudusubiza kuba abantu bazima no kudufasha kwitegeka no gutegeka ibibazo bir imbere mu mitima yacu bidutera ubwoba. Kristo yaremye abamarayika, umugabane wabo umwe wigomeka ku Mana maze bahinduka abadayimoni bagerageza uko bashoboye kose ngo bategeke iyi si; nyamara Imana yatsinze ubwigomeke bwabo igihe Kristo yazaga bwa mbere kandi azabarimbura buheriheri hamwe n'imbaraga zabo igihe azaba agarutse ku iherezo ry'intambara ikomeye maze buheriheri. Yemwe no muri iki gihe, abo badayimoni baratsindwa kandi ntibashobora kubona insinzi kuri twe igihe cyose turi muri Kristo Yesu.

Ku bw'iyo mpamvu, Itorero ry'Abadiventist b'Umunsi wa Karindwi ryiyumvisemo ubukene bwo kugaragaza ukuri k'ubutumwa bwiza mu ishusho y'ihame shingiro rya 11 rivuga ibyo "Gukurira muri Kristo":

"Binyuze mu rupfu rwe ku musaraba, Yesu yanesheje imbaraga za Satani. Uwo Yesu ni We wategekaga imyuka y'abadayimoni mu gihe cy'umurimo we hano ku isi, yanamenaguye imbaraga zayo igihe ahamya ibyo gucirwaho iteka kwayo. Insinzi ya kristo iduha kunesha imbaraga z'umubi zihora zishaka kutwigarurira, igihe tugendana na we mu mahoro, umunezero kandi twiringiye urukundo rwe. Icyo gihe, Mwuka Muziranenge atura muri twe kandi akaduha kunesha. Uko dukomeza kugendana na Yesu nk'Umukiza n'Umwami wacu, tubaturwa mu bubata bw'ibikorwa bibi twahozemo. Ntabwo tuba tukigendera mu mwijima ngo dutinye imbaraga z'umubi, cyangwa ngo dukomeze kugendera mu bujiji no mu migendere idahwitse y'ubuzima bwacu bwa kera. Muri uwo mudendezo mushya tugira igihe turi muri Kristo, duhamagarirwa gukurira mu mico ye, dusabana na We buri munsi mu masengesho, twiga Ijambo rye, turitekerezaho tunatekereza ku rukundo rwe, tumuhimbaza, duteranira hamwe kumuramya, kandi tugira uruhare mu murimo w'itorero. Igihe twitangira umurimo mwiza wo gufasha abatuzengurutse kandi duhamya iby'agakiza ke, kubana kwe natwe binyuze muri Mwuka Muziranenge, bituma buri mwanya na buri gikorwa biduhindukira imibereho." **Ibyo Abadiventisti b'Umunsi wa Karindwi bizera...p.136, ingeri ya 2010**;(wabisanga no ku rubuga rwa https://www.adventist.org/growing-in-christ.)

## Umugabane wa III: Imyitozo

1. Insengero nyinshi z'Abadiventisti b'Umunsi wa Karindwi zimara igihe kinini cy'iminsi igize icyumweru zikinze. Igihabane cy'ibyo, ni uko muri gahunda yo kuramya yo ku munsi w'Isabato haba harunzemo gahunda nyinshi zituma haboneka agahe gato ko gusenga umuntu ku giti cyangwa gusengera mu matsinda. Tera ubutwari abanyeshuri bawe, ngo bafatanyije n'itorero basengeramo, baba nk'abizera ndetse n'itorero basengeramo, bashyireho gahunda yo guhindura itorero, byaba abizera ndetse n'inyubako basengeramo, ngo habe inzu cyangwa ahantu h'amasengesho ahoraho ku bahaturiye ndetse n'abashyitsi mu minsi yose y'icyumweru.
2. Rarikira abigishwa bawe gutekereza uburyo imiryango yabo ndetse n'itorero bishobora guhinduka ihuriro ry'aho abantu baturanye na bo bashobora guhererwa imbaraga za Kristo. Ni mu buhe buryo mushobora gufasha abo muturanye na bo bagatsinda ubwoba bw'uburyo bunyuranye bubaheza mu bubata bwo gutinya imbaraga ziboneka mu isanzure, ikoranabuhanga, inarijye, cyangwa abantu bagenzi babo, ndetse n'imbaraga z'abadayimoni?
3. Saba abigishwa bawe gutekereza ko buri wese muri bo ararikiwe kubwiriza ku ihame shingiro rya 11. Ni ibihe bitekerezo bitatu nyamukuru byaba bigize ikibwirizwa cyabo?

## GIRA ICYO WANDIKA

# UBURYO IMANA ITUROKORA

## KU ISABATO NIMUGOROBA, 15 NYAKANGA

**AHO ICYIGISHO CY'IKI CYUMWERU GISHINGIYE:** Abefeso *2:1–10;* Abefeso *5:14;* Abararoma 5:17; Abefeso 5:6; 2 Timoteyo 1:7.

**ICYOKWIBUKWA:** **"Ariko Imana kuko ari umutunzi w'imbabazi, yaduhinduranye bazima na Kristo ku bw'urukundo rwinshi yadukunze, ubwo twari dupfuye tuzize ibicumuro byacu (ubuntu ni bwo bwabakijije)"** (Abefeso 2:4, 5).

Hari ku itariki ya 14 Ukwakira, 1987, ubwo umwana w'umwaka n'igice witwa Jesika (Jessica McClure) yakiniraga ku muharuro w'inzu ya Nyirasenge maze arahubuka agwa mu cyobo bari bateganyirije kubikamo amazi cya metero esheshatu n'igice kitagikoreshwa. Ibyago bye byahuruje itangazamakuru ryo hirya no hino ku isi rijya muri Midland, ho muri Texas. Abantu barumiwe barebye ako "kana Jesika" karyamye, karira, kakageraho kakaririmba, ari nako gahamagara nyina. Abashinzwe ubutabazi bohereje umwuka mwiza muri icyo cyobo kugira ngo abashe guhumeka.

Amaherezo, nyuma y'iminsi ibiri n'amasaha umunani Jesika yaratabawe, akurwa muri icyo cyobo, abantu bo hirya no hino ku isi bitegereje ukuntu Jesika atabawe akavanwa mu cyobo ari muzima. Icyo cyobo cyari gitwikiriwe n'icyuma gifite umubyimba wa metero ebyiri cyabanje kumuherana mu gihe cy'iminsi ibiri. Umuntu ufata amashusho witwa Sikoti Showu [Scott Shaw] wahawe igihembo cyitiriwe Pulitzer kubwo guhiga abandi mu gufata amafoto, aho ntiyahatanzwe: umugozi w'abatabazi ba Jesika niwo yafashe abasha kuvamo.

Nta kintu gishobora gutwara ingamira ibitekerezo by'umuntu nk'inkuru ivuga ibyo gutabarwa, kandi Pawulo, mu Befeso 2:1–10, aduha igitekerezo cye cy'umurimo wo gutabara ukomeye kandi mugari kurusha iyindi yose yo mu bihe byose—ari wo muhati w'Imana mu gucungura inyokomuntu. Umukino w'iyi nkuru uheshwa agaciro no kumenya ko tutari abashungera gusa ahubwo natwe turi abahamya bo kurokorwa kwacu bwite.

# ABARI BAPFUYE KANDI BARAYOBEJWE NA SATANI

**Soma Abefeso 2:1–10. Ni ikihe gitekerezo cy'ingenzi Pawulo aduha hano ku birebana n'icyo Yesu yadukoreye?**

Pawulo yamaze gusobanura iby'agakiza kahawe Abakristo (Abefeso *1:3–14, 15–23)* kandi avuga muri make inkuru y'abizera bo muri Efeso (Abefeso *1:13)*. Mu Befeso 2:1–10, Pawulo noneho atubwira inkuru yo guhinduka kwabo mu magambo arambuye, maze akibanda ku muntu ku giti cye. Agereranya ahahise habo, imibereho yari yuzuye ibyaha (Abefeso *2:1–3)* n'imigisha izanwa n'agakiza k'Imana, iyo asobanura nko kugira uruhare mu muzuko, kuzamurwa mu ijuru, no gushyirwa hejuru kwa Kristo (Abefeso *2:4–7)*, nuko akishimira ishingiro ry'ako gakiza riri mu buntu n'umurimo w'Imana wo kurema (Abefeso *2:8–10)*.

Iyi migabane itatu iboneka muri iyi mirongo, ivugwa neza mu nshamake mu itsinda ry'amagambo ari mu Befeso 2:5: (1) "twari twarapfiriye mu bicumuro"; (2) [Imana] "iduhindurana bazima na Kristo"; (3) "mwakijijwe n'ubuntu".

Mu Befeso 2:1, 2, Pawulo ashimangira ukuri guteye agahinda kw'imibereho y'abari bamuteze amatwi mbere yo guhinduka agaragaza ko bari barapfuye mu bya Mwuka, bacumura kandi bagakora ibyaha nk'umugabane udahinduka w'imibereho yabo (Abefeso *2:1)* kandi bakaba barategekwaga na Satani (Abefeso *2:2)*. Kubera ko Pawulo yandikira abantu bazima, arengurira kuri bo "nk'abapfuye" mu buryo bw'imvugoshusho (gereranya n'Abefeso *5:14)*. Nyamara kandi, ibyago byabo byari impamo kandi biteye inkeke kuko bari baratandukanyijwe n'Imana, Yo soko y'ubugingo *(gereranya n'Abakolosayi 2:13, Abaroma 5:17, Abaroma 6:23)*.

Atekereje ku hahise h'imibereho y'abari bamuteze amatwi, Pawulo agaragaza imbaraga z'uburyo bubiri zabatwaraga ziturutse hanze yabo. Iya mbere muri zo ni "imigenzo y'isi" (Abefeso *2:2)*—imigenzo n'imyifatire byarangaga umuryango mugari w'abantu bo muri Efeso byateraga imibereho y'abantu gufata ishusho mbi yo kwigomeka ku Mana.

Satani agaragazwa mu buryo bubiri nk'imbaraga y'uburyo bwa kabiri ikora iturutse hanze, ikaba yarabatwaraga mu mibereho yabo ya mbere. Ni "umwami utegeka ikirere" (Abefeso *2:2)* kubera ko "ikirere" (cyangwa "ahantu ho mu ijuru") hasobanurwa nk'ahantu haboneka imbaraga ndengakamere, harimo n'imbaraga z'ikibi (gereranya n'Abefeso *1:3*, Abefeso *3:10*, Abefeso *6:12)*. Na none, akorera ku isi kuko ari we "mwuka ukorera mu batumvira" (Abefeso *2:2)*.

**Ni iki iyi mirongo itwigisha ku bijyanye n'ukuri kw'intambara ikomeye? Na none kandi se, ni mu buhe buryo dushobora gukura ihumure n'ibyiringiro mu kumenya ko Yesu yanesheje kandi ko dushobora gusangira na We intsinzi ye muri iki gihe?**

# TWARI TWARAYOBEJWE N'IBYO KAMERE YACU YIFUZA

**"Kandi natwe twese twahoze muri bo dukurikiza ibyokamere yacu yifuza, tugakora ibyo kamere n'imitima byacu byishakira, kandi ku bwakavukire yacu twari abo kugirirwa umujinya nk'abandi bose."** (Abefeso *2:3*).

Uretse ubutabazi bw'Imana gusa, imibereho y'umuntu ntitegekwa gusa n'imbaraga zituruka hanze ye nk'uko bivugwa mu Befeso 2:2, ahubwo inategekwa n'imbaraga zimurimo: "ibyo kamere yacu yifuza, tugakora ibyo kamere n'imitima byacu byishakira" (Abefeso *2:3;* gereranya na Yakobo 1:14, 15; 1 Pet. 1:14).

**Ni iki Pawulo aba ashatse gusobanura igihe avuga ko abari bamuteze amatwi bigeze kuba "abo kugirirwa umujinya nk'abandi bose" (Abefeso *2:3)*? Gereranya n'Abefeso 2:3 ndetse n'Abefeso 5:6.**

---

---

Ukuri kwa none kw'imibereho y'abazimiye guteye agahinda mu buryo buhagije, nyamara uko izamera mu minsi iheruka kurushijeho gutera ubwoba. Abantu, ba bandi bo "kugirirwa umujinya ku bwa kavukire nk'abandi bose" *(*Abefeso *2:3)* bazagerwaho n'amateka y'Imana ku iherezo ry'ibihe.

Amagambo ngo "ku bwa kavukire twari abo kugirirwa umujinya" yerekana na yo ukundi kuri guteye ubwoba. Nubwo tugifite ishusho y'Imana, twasobanukiwe yuko hari ikintu kiri muri twe gikocamye. Kubaho imibereho ya Gikristo icyo gihe ntikuzaba ari ugutsinda akamenyero kabi kamwe cyangwa tubiri, cyangwa kunesha "ibicumuro n'ibyaha" uko byaba bimeze kose *(*Abefeso *2:1)* bidukomereye muri iki gihe. Ntabwo turwana n'ibyaha ahubwo turwana n'icyaha. Duhengamiye mu kwigomeka ku Mana no ku kwirimbura. Abantu bose bavuka babogamiye mu kwirimbura, mu myifatire yuzuye ibyaha, no gukurikiza amategeko ya Satani *(*Abefeso *2:2)* no kubogamira kuri kamere twavukanye y'icyaha *(*Abefeso *2:3)*. Abizera bahoze ari "abo kugirirwa umujinya."

Ni ingenzi ko twita ku buryo Pawulo akoresha impitagihe ngo "ku bwa kavukire yacu twari abo kugirirwa umujinya" *(*Abefeso *2:3)*. Ibi ntabwo bisobanura ko uguhengamira ku kibi tuvukana kutakiriho ku bizera. Pawulo amara umwanya munini w'umugabane w'urwandiko rwe, Abefeso 4:17–5:21, aburira abantu ko ibikorwa by'ibyaha, bishinze imizi muri kamere y'icyaha, bigikomeje kuba ikibazo ku Bakristo. Bisobanuye ko, nubwo uyu "muntu wa kera" adakwiriye kuba agitegeka umwizera, ashobora "kwiyambura umuntu we wa kera" ku bw'imbaraga za Kristo, maze akambara "umuntu mushya, waremewe ibyo gukiranuka no kwera bizanywe n'ukuri, nk'uko Imana yabishatse" *(*Abefeso *4:22–24)*.

**Ninde utarigeze yiyumvamo uburyo kamere yacu yononekaye, yemwe ndetse na nyuma yo kwiyegurira Yesu? Ni iki ibi bikwiriye kutwigisha ku bijyanye n'ukuntu ari ingenzi kumwikomezaho buri mwanya wose wo mu buzima bwacu?**

# NONEHO TWAZURANYWE NA KRISTO, TUZAMURANWA NA WE, TWEREREZWA HAMWE NA WE

"Ariko Imana kuko ari umutunzi w'imbabazi, ku bw'urukundo rwinshi yadukunze" (Abefeso *2:4*). Hano, akoresheje amagambo abiri afite imbaraga, "Ariko Imana," Paul arahindukira akareka ishusho iteye agahinda y'imibereho y'abari bamuteze amatwi yo mu gihe cyashize (Abefeso *2:1–3*) akajya ku kuri gushya kuzuye ibyiringiro kuranga imibereho y'abizera (Abefeso *2:4–10*).

**Ni mu buhe buryo abizera bagira uruhare mu muzuko wa Kristo, kujyanwa mu ijuru, no gushyirwa hejuru kwe? Mbese uko kubigiramo uruhare kubaho ryari? Abefeso *2:6, 7*.**

---

---

Twabonye ko Abefeso ari urwandiko rwuzuyemo Kristo, byerekana ubumwe buri hagati y'abizera na Kristo. Mu Befeso 2:5 n'umurongo wa 6, Pawulo yagura iyi nsanganyamatsiko akoresheje inshinga rukomatanya kugira ngo yerekane ukuri gukomeye k'uburyo butatu ko, binyuze mu by'Imana yakoze ibigambiriye, abizera ubwabo bagira uruhare mu bintu by'ingenzi byabaye mu mateka y'agakiza gashingiye kuri Mesiya ari we Yesu.

Abizera: (1) bazuranywe na Kristo; (2) bazamuranywe na Kristo (birashoboka ko ari byo Pawulo akoresha ngo yerekane uruhare rw'abizera mu kuzamuka mu ijuru kwa Kristo); (3) bicaranye na Kristo "ahantu ho mu ijuru," bisobanuye ko abizera basangira na Kristo "kwicara" ku ntebe y'ubwami yo mu ijuru. Bashyiranywe hejuru na Kristo.

Kugira ngo duhe agaciro imbaraga ziri mu byo Pawulo avuga, tugomba gusubiza amaso ku bivugwa mu Abefeso 1:19–23 kandi tukibuka ko mu rupfu rwe, kuzuka kwe, kuzamurwa mu ijuru kwe, ndetse no kwererezwa, Kristo ahabwa kunesha imbaraga z'umwuka n'iz'ikibi zose, za zindi zahoze zitegeka imibereho y'abizera. Mu muzuko, kuzamurwa mu ijuru, no gushyirwa hejuru kwa Yesu, izi mbaraga—nubwo zigikora kandi zikaba ziteye inkeke inyokomuntu —zigijweyo rwose. Ijuru ryarimutse. Ukuri kwahinduye isura. Abizera ntibakiri indeberezi kuri ibi bintu byabayeho, ahubwo noneho buri wese ku giti cye abifitemo uruhare kandi ku buryo nyabwo. Kuba twarazuranywe na Kristo, tukazamuranwa na we, tugashyiranwa na We hejuru, bikingura uburyo bushya bw'ibishoboka kuri twe. Dufite uburenganzira bwo guhindukira tukava mu mibereho yo gutegekwa n'abadayimoni tukajya mu mibereho y'iby'umwuka n'imbaraga bisendereye muri Kristo *(2 Timoteyo 1:7)*.

**"Kuko Imana itaduhaye umwuka w'ubwoba, ahubwo yaduhaye uw'imbaraga n'urukundo no kwirinda"** *(2 Timoteyo 1:7)*. **Ni mu buhe buryo imirongo twarebye none idufasha gusobanukirwa n'ibyo Pawulo yandika hano?**

## NONEHO KUBW'UBUNTU TWAHAWE UMUGISHA BY'ITEKA RYOSE

**Gereranya uburyo Imana yateguye iby'agakiza mu Abefeso 1:3, 4 n'umusaru w'iteka ryose wavuye muri uwo mugambi wasobanuwe mu Abefeso 2:7. Ni izih ngingo n'intego bitagombaga kubura mu "mugambi w'agakiza"?**

Kwizihiza ibirori birangiza icyiciro runaka cy'amashuri ni ibintu bitangaje, byaba k rwego rw'amashuri y'inshuke cyangwa se guhabwa impamyabumenyi y'ikirenga. Ibiro bisoza icyo cyiciro byerekana ikintu cy'ingenzi umuntu aba agezeho, intambwe umunt aba ateye ajya ku rundi rwego rutandukanye n'urwo yari ariho mu buzima bwe cyangw mu mirimo akora. Ni ingenzi kuri twe nk'abizera gusobanukirwa ukuri kwimbit k'ubutumwa bwiza: ntabwo tujya dusoza icyiciro runaka mu byerekeranye n'ubuntu. N na rimwe tujya twizihiza ibirori by'uko twabonye impamyabumenyi ihanitse mu bijyan n'ubuntu, cyangwa se ngo twizihize ibirori by'uko tugeze ku rwego rw'aho tutakibukeney

Pawulo ahamya uko kuri mu Abefeso 2:7, akagushimangiza uruhererekane rwo rwaguts Mu gihe cyashize Imana yakoreye muri Kristo kugira ngo idukize, bityo idushushan n'Umwana wayo Yesu Kristo, ku buryo muri iki gihe turi abasangiye na We kuzuk kuzamurwa mu ijuru, no gushyirwa hejuru (Abefeso *2:4-6)*. Nubwo bimeze bityo, umugam w'Imana ntabwo usoreza ku gihe cyashize cyuzuye ubuntu no muri iki gihe gisendereyen imbabazi. Umugambi w'Imana, ushinze imizi mu nama z'Imana mu gihe kidashobo kwibukwa (Abefeso *1:4)*, kigenda kikagera mu bihe bizaza by'iteka ryose. Ukubiyemo "ibi bizaza" (Abefeso *2:7)*. Umugambi wayo w'ibihe bizaza by'iteka ryose ushingiye ku ihar rimwe n'iryari rishingiyeho ibikorwa byayo byo mu gihe cyashize ndetse n'ibyo muri gihe—ari ryo hame ry'ubuntu. "Mu bihe bizaza," Imana itegereje kuzerekana "ubutu bw'ubuntu bwayo buhebuje byose, itugirira neza muri Kristo Yesu" *(Abefeso 2:7)*.

Pawulo atekereza ubuntu bw'Imana nk'ubutunzi cyangwa ubukire bw'agaci ntagereranywa (gereranya n'Abefeso *1:7,* Abefeso *3:8)* muri bwo akaba ari mo abiz bashobora gukura ibyabamara ubukene. Uku gutanga gukomeye Imana itugir guhinduka ukwigaragaza k'ubuntu gutangaje, kw'ibihe bizira iherezo mu isanzur

**"Mu kuza kubana natwe, Yesu yagombaga kugaragaza Imana mu bantu n mu bamarayika... Ariko ibi ntibyahishuriwe abana bayo batuye isi gus Uyu mubumbe w'iyi si yacu nubwo ari muto, ni igitabo cy'ibyigisho by'ijur n'isi yose. Umugambi w'ubuntu bw'Imana butangaje, ubwiru bw'urukund rutarondoreka rwaducunguye, ni icyigisho "abamarayika bagirira amatsik bashaka gusobanukirwa," kandi kizakomeza kubabera inyigisho y'ibih bidashira. Abacunguwe hamwe n'ibindi biremwa bitacumuye, bazaboner mu musaraba wa Kristo ishingiro ry'ubumenyi n'indirimbo zo guhimbaz kwabo. Bizagaragara ko ubwiza burabagiranira mu mibereho ya Yesu a ubwiza bw'urukundo rushingiye ku kwitanga."—Ellen G. White, *Uwifuzw Ibihe Byose*, p. 13.**

# NONEHO TWAKIJIJWE N'IMANA

**Ongera usome mu Abefeso 2:1–10, wibanda ku mwanzuro wa Pawulo uri mu murongo wa 8–10. Ni izihe ngingo agaragaza cyane igihe asoza iyi mirongo?**

---

---

Mu Abefeso 2:1–3, Pawulo yandika ko agakiza k'abizera bo muri Efeso katazanwa n'imyitwarire yabo myiza cyangwa igikundiro bafite. Inkuru itangira yerekana ko bari bapfuye mu bya Mwuka. Nta kantu na gato k'ubugingo kabarimo cyangwa agaciro bifitemo (Abefeso 2:1). Bari baratsinzwe n'icyaha bidasubirwaho (Abefeso 2:1). Nta bushake bagaragaza ahubwo bazererezwa hirya no hino na Satani ubwe hamwe n'ibyifuzo bya kamere yabo n'ibishuko byo mu bitekerezo byabo (Abefeso 2:2, 3).

Ntabwo bazi yuko bari kure kubi cyane birenze kuba badafite ubugingo n'imbaraga mu bya Mwuka. Hamwe n'inyokomuntu uko yakabaye, ni abanzi b'Imana y'ukuri, kandi bagenda berekeye umunsi wo guhabwa ikibarindiriye no gucirwaho iteka n'Imana. Ni "abo kugirirwa umujinya kimwe n'abandi bose" (*Abefeso 2:3)*.

Aho kugira ngo agakiza kabo kabe gashingiye ku gikundiro bifitemo, gashingiye ku rukundo rutarondoreka rw'Imana—urukundo rudashobora gusobanurwa hashingiwe ku gaciro k'intego yarwo. Mu mbabazi n'urukundo, Imana ibagirira neza muri Kristo Yesu *(Abefeso 2:4)*, irabazura bakava mu rupfu rw'ibya Mwuka. Kubw'ubutabazi bw'Imana, babona akayira kanyura aho Kristo ubwe yabaharuriye. Ku ndiba y'urwobo rw'urupfu mu bya Mwuka no mu bubata buvuza ubuhuha ni ho bakuwe maze barazurwa kandi bajyanwa "ahantu ho mu ijuru" bicazwa hamwe na Kristo ku ntebe y'ubwami bw'ijuru *(Abefeso 2:5, 6)*. Nubwo bimeze bityo, ubu butabazi bw'Imana bumeze nk'umurabyo ntabwo ari ikintu cy'akanya gato. Bufite imbaraga zirambye, kuramba kw'iteka ryose, kubera ko Imana ishaka kwerekana ubuntu bwayo ibagirira muri Kristo Yesu mu bihe by'iteka ryose *(Abefeso 2:7)*.

Mu mwanzuro we uboneka mu Befeso 2:1–10, umurongo wa 8–10, Pawulo agaruka aha hantu, yifuza gushimangira yuko ingingo ye ihamye: agakiza k'abizera ni umurimo w'Imana, ntabwo ari umurimo w'umuntu. Ntigakomoka muri twe, ahubwo ni impano y'Imana. Nta muntu wakwirata ko yagatangije *(Abefeso 2:8, 9)*. Iyo duhagaze mu buntu bw'Imana, twebwe abizera tuba turi ukwigaragaza k'ubuntu bwayo, kandi ubuntu bwayo gusa. Ni twe murimo wayo uhebuje iyindi yose, abaremwe n'Imana "muri Kristo Yesu" (*Abefeso 2:10)*.

**Kubera iki ari ingenzi cyane kuri twe gusobanukirwa ko agakiza kacu gaturuka ku Mana, ko kadashinze imizi mu gaciro twifitemo cyangwa umuhati wacu?**

KU WA GATANDATU *21 Nyakanga*

# IBINDI BYO KWIGWA NO KUZIRIKANWA

Inkuru ivugwa mu rwandiko rwandikiwe Abanyefeso ikunze gusubirwamo by'igice cyangwa ikarengurirwaho kenshi. Ibintu nyamukuru byabaye muri yo ni ibi ngibi: Imana yahisemo ubwoko bwayo "mbere yo kuremwa kw'isi" *(Abefeso 1:4, 5, 11)*.

1. Bari inzimizi mu gihe cyashize *(Abefeso 2:1–3, 11, 12;* Abefeso *4:17–19, 22;* Abefeso *:8)*.
2. Gutabara kw'Imana kwagaragariye muri Kristo kugira ngo ibakize *(Abefeso 1:7, 8;* Abefeso *2:4–6, 13–19;* Abefeso *4:1, 20, 21;* Abefeso *5:2, 8, 23, 25, 26)*.
3. Bemeye ubutumwa bwiza *(Abefeso 1:12, 13* kandi ibi bivugwa n'ahandi hantu). Mu gihe runaka "ntibari bafite ibyiringiro" *(Abefeso 2:12)*, noneho ubu bafite "ibyiringiro bimwe" abizera bagenda basatira *(Abefeso 4:4;* gereranya n'Abefeso *1:18)*.
4. Imibereho yo muri iki gihe y'abari bandikiwe urwandiko nk'abigishwa. Nubwo babayeho bakozwa hirya no hino n'ibishaka kubarimbura ndetse bakarwana n'imbaraga z'ikibi, bashobora gukura ubufasha mu byo baherewe mu Mwami wabo washyizwe hejuru *(Abefeso 1:15–23,* Abefeso *2:6,* Abefeso *3:14–21,* Abefeso *4:7–16,* Abefeso *6:10–20)*.
5. Mu gihe kizaza ubwo amateka azaba ageze ku musozo, umurimo wa Mwuka nk' "ingwate" *(Abefeso 1:13, 14)*, cyangwa "ikimenyetso" *(Abefeso 4:30)*, uzagera ku gihe gikwiriye wateguriwe. Muri icyo gihe gisoza ibindi, abari bandikiwe uru rwandiko bazahabwa ingororano yo kuba indahemuka kwabo, basingire "umurage" baherewe muri Kristo (Abefeso *2:7;* Abefeso *6:8, 9)*; kandi, binyuze mu kwizera Kristo kwabo bazahabwa umwanya mu ngoma ya Kristo mu gihe kizaza *(Abefeso 1:21;* Abefeso *2:7, 19–22;* Abefeso *4:13, 15;* Abefeso *5:27)*.

## IBIBAZO:

1. **Inkuru ikubiye mu rwandiko rwandikiwe Abanyefeso (reba hejuru) ntabwo ari inkuru gusa ivuga iby'abizera bo mu kinyejana cya mbere. Ni izihe ntambwe nyamukuru zo muri yo zirushaho inkuru yacu bwite. Ni izihe ntambwe nyamukuru zo muri yo zirushaho kuguha ibyiringiro muri iki gihe?**
2. **Utekereza ko ari iyihe mpamvu itera Pawulo kwibuka kenshi ahahise h'abo yari yandikiye huzuye ibyaha, akabararikira gutekereza ku mibereho yabo ya mbere yo guhindukirira Imana?**
3. **Gereranya inshamake ya Pawulo y'ubutumwa bwiza iboneka mu Befeso 2:8–10 n'iyo yari yatanze mbere mu rwandiko yandikiye Abaroma 1:16, 17. Ni izihe nsanganyamatsiko zisa zigaragaramo? Ni mu buhe buryo izo nshamake zitandukanyemo?**
4. **Nubwo imirimo myiza y'abizera itagira uruhare mu gucungurwa kwabo, kuko idashobora gutera abantu igikundiro cyatuma Imana ibakiza, ni uwuhe mumaro w'ingenzi ifite mu migambi Imana ifitiye abizera?** Abefeso *2:10.*

# ISABATO YA 29
# KU WA 22 NYAKANGA 2023
# GAHUNDA YO KUGARURA ICYACUMI NO GUTURA AMATURO INDONEZIYA: UMUCYO WA MWUKA WAGEZE KU MPUMYI

**Abakolosayi 3:12** - "Nuko nk'uko bikwiriye intore z'Imana zera kandi zikundwa, mwambare umutima w'imbabazi n'ineza, no kwicisha bugufi n'ubugwaneza no kwihangana."

Mundari ni umugabo w'Umudiventisiti uba mu mugi wa Manado muri Indoneziya. Yishimira kunguka inshuti nshya za Yesu. Umunsi umwe nyuma y'akazi, Mundari yari ananiwe nuko ashaka ko bamukorera masaje (gukandakanda umubiri kugira ngo ukire amavunane). Yagiye mu kigo gifasha abafite ubumuga bwo kutabona, nuko asaba niba hari umunyeshuri wabasha kumukorera masaje. Hari hashize igihe gito iki kigo kirangije amahugurwa mu bikorwa bya masaje, nuko umwe mu banyeshuri yemera yishimye kwitoza ibyo yize kuri Mundari.

Mu gihe bamukoreraga masaje, Mundari yaganiriye n'uwo munyeshuri ku bijyanye n'akazi ndetse n'ubuzima muri rusange. Nuko amubwira uburyo Imana yahinduye ubuzima bwe. Yabwiye uwo munyeshuri amasomo menshi yo muri Bibiliya. Ikiganiro cyarushijeho kwiyongera, ku buryo igihe masaje yarangiraga, uwo munyeshuri yari agishaka kumenya byinshi ku kwizera kwa Mundari. Iyo masaje yonyine ni yo yatumye haba ubucuti hagati ya Mundari na wa munyeshuri, ndetse n'abandi bo muri cya kigo. Bidatinze, Mundari yatangiye umurimo mu bakozi ndetse no mu banyeshuri ba cya kigo.

Iki kigo gifasha abafite ubumuga bwo kutabona gisanzwe cyemerera abanyeshuri babo b'abakristu kugira gahunda z'amasengesho, ibi bikaba byarahaye amahirwe Mundari ndetse n'abagize itorero ry'Abadiventisite gukora umurimo mu banyeshuri.

Umwe mu bakozi bakora kuri iki kigo yaravuze ati, "Twishimira ko Abadiventisiti bajya bagera ku nshuti zacu zifite ubumuga bwo kutabona muri iki kigo". "Aba bantu bakeneye kumva ko bemewe kandi bitaweho. Bakeneye urukundo ndetse n'ubufasha bivuye mu bantu babakikije. Intego yabo ni ukubaho bigenga kandi bemewe na sosiyete. Twishimira ibikorwa byakozwe n'itorero ry'Abadiventisiti hano. Uburyo Abadiventisiti badusura buri gihe bitwereka ko batwitayeho rwose. Ibigo bimwe bijya bisura rimwe mu mwaka, ariko Itorero ry'Abadiventisiti ribigira intego yaryo kudusura buri gihe."

Mundari yararitse abafite ubumuga bwo kutabona kuza gusengera ku rusengero rw'Abadiventisiti. Benshi bemeye ubutumire bwe. Mundari aragira ati, "Bidutera umunezero mu mitima yacu iyo tubona aba bantu bafite ubumuga bwo kutabona bari guhimbaza Imana."

Mundari ndetse n'abagize Itorero ry'Abadiventisiti berekanye urukundo rw'Imana ku nshuti zabo zifite ubumuga bwo kutabona, nkuko Yesu yabikoze igihe yari ari ku isi. Ibyo byatumye haboneka ingingo nshya mu mubiri wa Kristo.

**ICYO DUHAMAGARIRWA:** Hamwe n'umurimo wacu w'ivugabutumwa, Imana Idusaba ko tuyiramya binyuze mu cya cumi ndetse n'amaturo ya buri gihe yiswe "Isezerano". Ayo mafaranga azafasha mu gutanga umucyo kuri bamwe bagihumye mu bya mwuka ku isi yose. Nimureke twifatanye n'ingabo za Yesu!

**IMANA MBERE YA BYOSE**
**DUSENGE:**

ICYIGISHO CYA 4

## Umugabane wa I: Inshamake

**Isomo ry'Urufunguzo**: Abefeso *2:4, 5*

**Amasomo Iki cyigisho gishingiyeho**: Abefeso *2:1-10,* Abefeso *5:14, Abaroma 5:17,* Abefeso *5:6, 1 Timoteyo 1:7.*

**Intangiriro**: Mu Abefeso igice cya 1, mu gihe Pawulo yerekana cyane umugambi w'Imana w'agakiza kabonerwa muri Kristo kagera ku bantu bo mu isi yose, mu gice cya kabiri intumwa isobanura mu magambo arushijeho kuba arambuye uburyo Imana ikorera mu gakiza kacu ku rwego rw'umuntu ku giti cye. Nyuma yuko abantu bava mu ngobyi ya Edeni, binjiye ahantu Pawulo yita mu "gupfira mu bicumuro n'ibyaha" *(Abefeso 2:1)*. Muri iyo mimerere, abantu baba bapfiriye mu byaha byabo, bisobanura ko baba bategekwa n'imbaraga zikorera mu mitima yabo (kubogamira ku cyaha) ndetse n'imbaraga ziturika hanze yabo (umwanzi n'isi). Abantu muri iyi mimerere yabo, ntibashobora kwiringira kubona ubugingo badafashijwe n'Imana; ahubwo, baba ari "abo kugirirwa umujinya" *(Abefeso 2:3)*. Ibyiringiro rukumbi tugira ni ukuzurwa, kuzamurwa, no gushyiranwa hejuru na Kristo *(Abefeso 2:6, 7)*. Nyamara kandi ntabwo dushobora kwizura, kwizamura no kwishyira hejuru ubwacu. Ni yo mpamvu Pawulo ashimangira ko dukizwa n' "Ubuntu" *(Abefeso 2:5, 8)*. Ni umurimo w'Imana gusa, igikorwa cyayo, imbabazi, ndetse n'imbaraga byayo gusa *(Abefeso 2:4)*. Kuri Pawulo, uyu murimo ni wo rufatiro rw'ubutumwa bwiza. Nyamara kandi, Pawulo ahita yihutira kongeraho ko dukizwa "ku bwo kwizera" *(Abefeso 2:8)*. Nubwo agakiza kacu, mu buryo bwuzuye ari umurimo w'Imana, ntabwo Imana idukiza tutabishaka. Abakizwa ntabwo bazazamuka mu ijuru cyangwa ngo bashyirwe hejuru ahantu ho mu ijuru ku bw'igikorwa cy'uko Imana yabibateguriye mbere hose. Ahubwo, agakiza k'Imana gatangira gukorera muri twe igihe dukoresheje kwizera—ni ukuvuga ko, igihe twemeye kandi tukakira agakiza k'Imana, tuba twemereye imbaraga z'Imana kutuzura, gushyira hejuru imibereho yacu, no kuduha ubushobozi bwo kubaho turi muri Kristo Yesu.

**Insanganyamatsiko ziri muri iki Cyigisho**: Icyigisho cy'iki cyumweru kibanda ku nsanganyamatsiko nyamukuru eshatu zo mu Befeso 2:1-10 zisobanura urugendo rudatuza rw'agakiza k'umuntu ku giti cye:

1. Mbese kuba umuntu yarapfiriye mu byaha bisobanuye iki? Mbese imiterere yo kubaho mu cyaha ni iyihe?
2. Ni iki kuzuranwa na Kristo ukagira imibereho mishya muri we bisobanuye?
3. Mbese gukizwa n'ubuntu ku bwo kwizera bisobanuye iki?

## Umugabane wa II: Ubusobanuro

***Icyo Ellen G. White Avuga ku Ngingo yo Gupfira mu Cyaha n'Agakiza Kazanwa n'Ubuntu***

Mu gice cya 2 cy'igitabo cye cyitwa Kugana Yesu, Ellen G. White asobanura imimerere y'umuntu waguye. Asobanura ko nyuma y'uko Adamu akora icyaha, atari "akinezezwa n'ibyera, ni ko gushaka uko yakwihisha lmana. N'ubu ni ko bikimeze ku muntu utabyawe ubwa kabiri. Ntabasha gushyira hamwe n' Imana, ndetse ntiyishimira kubana na yo.

Umunyabyaha ntiyabasha kunezererwa imbere y'lmana; yakwiheza mu iteraniro ry'abera. Nubwo yakundirwa kugera mu ijuru, ntiyahasanga ibimunezeza. Urukundo rutikanyiza ruhaba rwamujijisha. Ibyo atekereza, n'ibyo yifuza, n'ibyo agambirira byanyuranan'iby'abaziranenge baho. Ijwi rye ryasobana n'ay'abari mu ijuru. Kuba mu ijuru byamubabaza, kuko yabura uko yihisha lmana, ibera abakiranutsi umucyo n'umunezero. Kubuza umunyabyaha kujya mu ijuru si itegeko ry'akarengane ahubwo abanyabyaha n

bo bibuza, kuko batabasha gushyikirana n'abaho. Ubwiza bw'Imana bwababera umuriro ukongora. Bakwifuza kurimburwa kugira ngo batarebana n'uwapfiriye kubacungura."— Kugana Yesu, urupapuro rwa 18, 19, ingeri ya kabiri, 2022.

Nuko ashimangira ibyo agira ati: "Ubwacu ntitwabasha kwisayura mu rwobo rw'isayo y'ibyaha twarohamyemo. Imitima yacu iranduye, ntabwo twabasha kuyihindura ubwacu. . . . Nubwo twagira ubwenge bwahe, n'ubuhanga, n'umuco n'imbaraga, ntitwabasha kwihindura. Icyakora, ibyo byose byabasha guhindura umuntu akagaragara inyuma nk'aho hari icyahindutse, ariko ntibyabasha guhindura umutima, ntibishobora guhindura imibereho ye ya kamere y'icyaha. Ntibyakweza amasoko y'ubugingo. Niba umuntu ashaka gucika ku cyaha, akera, akwiriye kwakira ubugingo bushya buva mu ijuru. Ubwo bugingo bubonerwa muri Yesu. Ubuntu bwe bwonyine busa, ni bwo bubasha guhembura ingeso nziza z'umutima, no kuwegereza Imana ngo were."— **Kugana Yesu,** urupapuro rwa 19, 20, ingeri ya kabiri, 2022.

Ellen G. White yongera gusobanura ati: "Ntibihagije kumenya ubugwaneza bw'Imana, no kureba kugiraneza n'ibambe rya kibyeyi by'imico yayo. Ntibihagije kugenzura ubwenge bw' amategeko yayo, no gukiranuka kwayo, ukabona ko ashinzwe ku rufatiro rw'urukundo rudahanguka. Intumwa Pawulo yari abizi, ni ko kuvuga ati: "Nemera amategeko, ko ari meza. Amategeko ni ayera, ndetse itegeko ryose rirera, rirakiranuka, ni ryiza" (Abaroma 7:16, 12). Hanyuma abisongera ababaye mu mutima, afite ubwoba, agira ati: "Ndi uwa kamere, ndetse naguriwe gutegekwa n'ibyaha." Abaroma 7:14.

Paulo yifuzaga cyane kubonera no gukiranuka, akananirwa kubyishyikiriza, ni ko gutera hejuru, arataka ati: "Mbonye ishyano! Ni nde wankiza uyu mubiri untera urupfu?" Abaroma 7:24. Igisubizo ni kimwe gusa, ni iki ngo: "Nguyu Umwana w'Intama w'Imana, ukuraho ibyaha by'abari mu isi." Yohana 1:29."—**Kugana Yesu,** urupapuro rwa 20, ingeri ya kabiri, 2022.

***Gupfira mu Byaha no Kuzurwa na Kristo Uzukiye Muri We***

Amagambo ya Pawulo ngo "bapfiriye mu bicumuro n'ibyaha" (Abefeso *2:1*) yerekana imimerere itatu nyamukuru y'uko umuntu waguye aba ameze.

Ubwa mbere, "gupfira mu bicumuro n'ibyaha" byerekana urupfu rwo ku mubiri. Mu buryo bwihariye, icyaha ni ukurwanya Imana n'ubugingo. Kuba mu cyaha ni uguhakana Imana n'ubugingo. Pawulo ashimangira ko "ibihembo by'ibyaha ari urupfu" *(Abaroma 6:23)*. Kuba mu cyaha no kukigumamo bigeza umuntu ku rupfu *(ongera usome mu 1 Yohana 5:16)*— urupfu rw'umubiri—kuvaho rwose kw'ikiremwa muntu. Kuba mu cyaha ni ukuba uciriweho iteka ryo gupfa; bisa rwose no "kuba warapfuye." Urwo rupfu ntabwo rurengurira gusa ku mubiri gusa; umuntu ugira uruhare mu cyaha, agahitamo kukigumamo, azapfa rwose uko yakabaye, mu buryo bwose agaragaramo, ntihagire n'akantu na kamwe gasigara.

Ubwa kabiri, "gupfira mu bicumuro n'ibyaha" ni imimerere yo mu buryo bw'umwuka ndetse n'imico mbonera. Kuba "warapfiriye mu bicumuro n'ibyaha" ni ugupfa ku Mana. Ku bantu, "gupfira mu bicumuro n'ibyaha" ntibivuga ko badashobora kubona urukundo rw'Imana, ubutabera bwayo, cyangwa guhamagara kwayo, cyangwa ko badashobora kumenya ko basubiye inyuma mu bijyanye n'imico mbonera. Kuvuga ibinyuranye n'ibyo, byakwerekeza abantu ku nyito y'igeno umuntu yaba yarateguriwe mbere hose. Nyamara abantu bashobora kandi basobanukirwa n'ibyo Imana ibahishurira ndetse no guhamagara kwayo; ku bw'iyo mpamvu, "ntibafite urwitwazo" *(Abaroma 1:19-21;soma no mu Abaroma 2:1, 9-16)*. Ikibazo kivuka iyo basobanukiwe n'irarika ry'Imana ry'ubuntu, nyamara bagafata icyemezo cy'uko baguwe neza kandi ko bazarushaho kumererwa neza nibakomeza kugendera mu nzira yabo bwite, bavuga ko bashobora kwihindura ubwabo maze isi bakayishyira ku murongo *(Yesaya 5:21, Abaroma 1:21-23; soma no mu Itangiriro 11:1-5)*. Nyamara iyi mitekerereze ikocamye, irushaho kubaroha mu isayo y'icyaha *(Abaroma 1:24-32)*.

Mu rwandiko rwe yandikiye Abanyefeso, Pawulo yerekana iyo mimerere yo kuzimi yifashishije aya magambo akomeza kwisubiramo yo kugendera mu "migenzereze y'iyi (Abefeso *2:2)*, gukurikiza ibyo kamere yifuza, irarikira, ndetse n'ibitekerezo byayo (Abefe *2:3)*. Mu kugenza gutyo, umuntu utaragizwe mushya agera ku rugero rwo "kwita ikibi icyi n'ikiza akacyita ikibi; gushyira umwijima mu cyimbo cy'umucyo, n'umucyo akawushyira m cyimbo cy'umwijima" *(Yesaya 5:20)*. Ntabwo ibyo ari urujijo mu by'imico mbonera gus ahubwo ni no kwigomeka ku Mana mu bijyanye n'imico mbonera.

Ubwa gatatu, "gupfira mu bicumuro n'ibyaha" byerekana imibereho yacu yo kudashobor gutsinda imbaraga idukururira mu rwobo rwijimye rw'icyaha. Uko kudashobora kwac kumeze gutyo bitewe n'uko icyaha cyahindutse imbaraga ikorera mu mpagarike zac bigahinduka "irindi tegeko rirwanira intambara" imbere muri twe ruturwanya *(Abarom 7:23)*. Kamere yacu yakozweho, irarwara mu buryo idashobora kuvurwa, ku buryo ihinduk "umubiri utera urupfu" *(Abaroma 7:24)*.

Iyo ni yo mpamvu itera Pawulo kwandika ko "umuzuko" wonyine ari wo ushobora kudukiz tukava mu "gupfira mu byaha" (Abefeso *2:5, 6)*. Nyamara Pawulo ntavuga umuzuk w'umubiri urengurira ku muzuko w'inyoni yo mu mugani muhimbano wa kera, inyon ngo yari yifitemo imbaraga ishobora kuyigaruramo ubuzima. Gupfira kwacu mu cyah ntigushidikanywaho kandi ntigukuka. Muri twe ubwacu ntitwifitemo imbaraga iduhindur bashya. Imana yonyine yaturemye, ni Yo ishobora kongera kuturema cyangwa kutuzura.

Kuri Pawulo, kuzuka ntabwo ari ukugirwa mushya kw'imihore y'umubiri kugira ngo twongere kubaho ikindi gihe kirekire mu mibereho nk'iyo y'icyaha. Ibiri amambu, icyo Pawulo avuga ku muzuko ni ukurokorwa rwose tugakira imbaraga y'isi no gutegekwa n'icyaha. Kwizera umuzuko kwa Pawulo kugize ubundi buryo cyangwa imimerere y'ubugingo—ari bwo bugingo bw'iteka *(Abaroma 6:23)*. Iyi mbaraga itagira indi isa na yo yo kugirwa mushya yagaragariye mu muzuko wa Kristo ubwo yavaga mu bapfuye (Abefeso *1:20)* hanyuma tuyihabwa igihe Imana yaduhamagaraga ngo duhabwe kandi duhinduke abasangiye umuzuko wa Kristo binyuze muri Mwuka Wera (Abefeso *2:5, 6)*.

Mu rwandiko yandikiye Abaroma, Pawulo asobanura ko imbaraga y'icyaha igera ahantu hose muri twe, ku buryo urupfu rwacu ari ikintu kitakwigizwayo. Nyamara kubw'ubuntu bw'Imana, si ngombwa ko dupfira mu cyaha, ahubwo tugomba gupfa ku cyaha. Kristo yapfuye mu cyimbo cyacu kubera ibyaha byacu. Noneho, muri Kristo turapfa, nyamara tuba dupfanye na We ku cyaha *(Abaroma 6:2-4)*. Nuko Pawulo akanzura ko, ku bwo "guteranywa na We tugasangira urupfu nk'urwe, ni ko tuzaba duteranijwe na We gusangira kuzuka nk'ukwe; tuzi yuko umuntu wacu wa kera yabambanywe na We, kugira ngo umubiri w'icyaha ukurweho, twe kugumya kuba imbata z'ibyaha, kuko uwapfuye aba abatuwe ku cyaha" *(Abaroma 6:5-7)*.

***Kubw'Ubuntu Binyuze mu Kwizera***

Igihe Pawulo avuga ko dukizwa "n'ubuntu ku bwo kwizera" *(Abefeso 2:8)*, ntabwo aba avuze ko dukizwa n'ubuntu gusa, cyangwa kwizera gusa. Ibi byombi biragendana mu gakiza. Nyamara bifite rwose imikorere y'ingenzi y'uburyo bikurikirana. Mu butumwa bwiza, kwizera si ko kubyara ubuntu. Ntabwo kwizera ari imbaraga iri mu muntu iduha ubugingo n'ubushobozi, imbaraga ituzamura ikatugeza ku Mana, igahinduka uko Imana itubona, cyangwa se ikaba ari yo ibyara agakiza. Ibiri amambu, kuri Pawulo, kwizera kubaho cyangwa kuravuka maze kugatangira gukorera muri twe igihe Imana iduhaye ubuntu bwayo *(Abaroma 10:17)*. Ubuntu bubyara kwizera. Kwizera ni ukwakira ubuntu bw'Imana bwigaragariza muri twe.

Uko gusobanukirwa kwerekana nibura ibintu nyamukuru bibiri. Kwizera si ikintu duhabwa kuko tugikwiriye, kandi ntigushobora kumera gutyo. Mu by'ukuri, kwizera na ko ni impano

iva ku Mana, kubera ko Imana ari yo idushoboza kwakira ubuntu bwayo. Ubuntu no kwizera byombi ni impano z'Imana *(Abefeso 2:8)*. Kubera iyo mpamvu, Pawulo asobanura ko imirimo yacu nta ruhare ifite mu kuturemera agakiza *(Abefeso 2:9)*. Ahubwo, twebwe nk'abantu bakijijwe, turi "abakozi b'Imana, baremewe muri Kristo Yesu ngo dukore imirimo myiza " *(Abefeso 2:10)*. Bityo rero, iyo mirimo myiza ntabwo ari iyacu; ntabwo iva mu buhanga bwacu cyangwa imbaraga zo kwizera kwacu; ahubwo "yateguwe n' [Imana] kera kugira ngo tuyigenderemo" *(Abefeso 2:10)*.

Icya kabiri: Pawulo ahuza gutsindishirizwa no kwezwa mu isano idashobora gutandukanywa. Mu gihe gutsindishirizwa bisobanura ko twambikwa gukiranuka kwa Kristo, kwezwa gusobanura ko twambikwa ikanzu ya Kristo y'imirimo myiza maze tukaba tugendera muri yo.

Icya gatatu: ubuntu no kwizera ni urufatiro rw'ubumwe bw'itorero, ikaba imwe mu nsanganyamatsiko z'iyobokamana Pawulo yigisha ku birebana n'itorero. Itorero rihurijwe hamwe mu kugira imibereho yo kwakira uguhishurirwa kuva ku Mana k'ubuntu ndetse no mu mibereho imwe yo ku kwakira no ku kwishimira mu kwizera, "ukwizera kumwe" *(Abefeso 4:5)*. Muri iyo mibereho, abagize itorero bose barareshya. Na none, itorero si umuryango mugari ugizwe n'abantu batandukanye, aho bamwe mu barigize baba ari abakristo beza bitewe n'uko bakiriye ubuntu burushijeho kuba bwinshi. Itorero ntabwo rigabanyijwemo amatsinda, aho bamwe usanga barushijeho kuba abanyamwuka abandi bakaba ari abanyamwuka gahoro, hakurikijwe urwego kwizera kwabo kuriho. Ibiri amambu, itorero ryose uko ryakabaye ryubatswe ku rufatiro rw'ubuntu bumwe no kubwemera kumwe mu kwizera kandi rigahurizwa muri bwo. Mu Befeso 4:7, Pawulo asa n'uvuga ku nzego zinyuranye cyangwa uburyo bunyuranye bw'ubuntu. Nyamara hano ntabwo avuga ubuntu buzanira abantu agakiza, ahubwo aravuga uburyo impano za Mwuka zitandukanye zatangiwe gukomeza itorero ry'Imana no kurishoboza gusohoza umurimo rifite. Na none, mu 1 Abakorinto 12:9, igihe Pawulo avuga ukuntu Mwuka aha bamwe kwizera, aba arengurira ku nsanganyamatsiko imwe n'iyi y'impano za Mwuka, ntabwo aba avuga ibyo kwizera kuzanira abantu bose agakiza.

## Umugabane wa III: Imyitozo

1. Nubwo ku bantu bamwe Imana y'abakristo ari Imana ihana kandi igahora inzigo, abantu benshi bo muri iki gihe ntibashobora gufata Imana y'urukundo n'ubuntu ngo bayihuze n'umujinya, imanza, no gucira abantu ho iteka. Abefeso 2:3, Pawulo agaragaza abanyabyaha nk'"abana bo kugirirwa umujinya," bikaba bisobanura ko nibaramuka bagumye uko bameze, bazagerwaho n'umujinya, cyangwa gucirwaho iteka Imana icira icyaha *(Abaroma 1:18)*. Rarikira abigishwa bo mu itsinda ryawe gutekereza ku buryo basobanurira amatsinda y'abantu akurikira ibijyanye n'umujinya w'Imana: (1) abana babo, (2) abaturanyi babo batari Abadiventisti, ndetse na (3) bagenzi babo b'ababapagani basanzwe.
2. Saba abagize itsinda ryawe kwibuka imibereho yo guhinduranwa bazima na Kristo muri We. Mbese ni mu buhe buryo babisobanurira inshuti zabo, n'abandi bantu bagize umuryango mugari babarizwamo? Mbese ni gute bashobora guhoza mu bitekerezo byabo iyo mibereho mu buzima bwabo bwa gikristo?
3. Benshi mu Badiventisti b'Umunsi wa Karindwi bakuriye ahantu umuntu yakwita ko ari mu gikristo kirinzwe cyangwa "kitarangwamo" ibishuko byinshi no guhura n'imibereho y'ab'isi basanzwe. Nyamara kandi abo Badiventisti bakaba bakiri abantu "bapfiriye mu byaha kimwe n'abandi ndetse bakaba bataragira imibereho yo kuvuka bundi bushya. Ni mu buhe buryo abagize itsinda ryawe bashobora gufashamo abo Badiventisti bagenzi babo bakagira imibereho yo kugera ku kuba abantu "bahinduranywe bazima na Kristo *(Abefeso 2:5)*? Ni ukuvuga ngo ni mu buhe buryo abo wigisha bashobora gutera umwete abo Badiventisti bakavuka bundi bushya batagombye kubanza kugira imibereho y'ubuhanya no guhenebera mu byaha?

# IMPONGANO MU BURYO BW'INTAMBIKE: UMUSARABA N'ITORERO

## KU ISABATO NIMUGOROBA, 22 NYAKANGA

**AHO ICYIGISHO CY'IKI CYUMWERU GISHINGIYE:** *Abefeso 2:11–22; Abaroma 3:31; Abaroma 7:12; Yesaya 52:7; Yesaya 57:19; Yohana 14:27; 1 Abakorinto 3:9–17.*

**ICYOKWIBUKWA:** **"Ariko none kuko muri muri Kristo Yesu, mwebwe aba kure kera, mwigijwe hafi n'amaraso ya Kristo. " *(Abefeso 2:13, 14).***

Uri Umunyamahanga, Umugiriki, wize guha agaciro Imana y'Abayuda. Mu by'ukuri, waretse kuramya ibigirwamana kwawe maze wakirana ubwuzu Imana imwe y'ukuri. Uko utera intambwe unyura mu bikari bya cyami no hagati y'inkingi zitatswe ubwiza z'urusengero rw'i Yerusalemu, amajwi yo guhimbaza aguhamagarira gushima Imana. Nyamara, nyuma ukabona ikibuye kinini kiri mu nzira unyuramo gifite uburebure bwa metero 1,20 (m 1,20). Ahagana hejuru gato kuri icyo kibuye hakaba ahanditsweho mu Kilatini n'Ikigiriki ubu butumwa ngo: "Nta munyamahanga wemerewe gutambuka aha ngaha ngo arenge urugo rw'ahazengurutse urusengero. Uzafatwa wese agenza atyo amaraso ye bwite abe ari we azabaho." Muri uwo mwanya wumva ukingiranywe, utaye agaciro, ndetse uhawe akato.

Mu Befeso 2:11–22, Pawulo abona umusaraba wa Kristo nk'uzana itandukaniro rikomeye, ugasenya uruzitiro n'insika. Mu buryo buhagaze umusaraba usenya urusika, ukunga abantu n'Imana. Mu buryo butambitse, wunga abantu na bagenzi babo. Umusaraba ukuraho ubwanzi maze ukazana amahoro hagati y'Abayuda n'Abanyamahanga, ukabahindura "umuntu umwe mushya." *(Abefeso 2:15).* Bose hamwe bahinduka urusengero rushya, "inzu yo kubabwamo n'Imana mu Mwuka" *(Abefeso 2:22).*

Ni iki uku kuri gusobanuye kuri twe muri iki gihe?

# MWIGIJWE HAFI MURI KRISTO

**Gereranya Abefeso 2:1–3, aho Pawulo yabanje gusobanurira abamuteze amatwi uko abanyamahanga bari bameze mu gihe cyashize, n'Abefeso 2:11, 12. Ni iki yibandaho mu busobanuro bushya bwerekeranye n'uko bari bameze mu gihe cyashize?**

_______________________________________________

_______________________________________________

Abanyamahanga noneho ubu bari abizera Kristo kandi ari bamwe mu bagize "umubiri" we, ari ryo torero, igihe kimwe bahoze batandukanyijwe rwose na Isirayeli ndetse bari kure y'agakiza Imana yatanze. Pawulo abona ko ari ngombwa ko "bibuka" *(Abefeso 2:11)* aho hashize. Icyo gihe babagaho "badafite Kristo," Uwasizwe, Mesiya wa Isirayeli. Bari "badafitanye isano n'Abisiraheli (cyaba igihugu cyangwa abaturage)." Kandi bari "badafite uruhare ku masezerano," batazi amasezerano y'agakiza Imana yari yaratanze binyuze mu mateka y'agakiza. Kutagirana isano na Isirayeli no kuba kure y'agakiza katanzwe binyuze muri yo [Isirayeli] byari bisobanuye ko hari igihe babayeho "badafite ibyiringiro" kandi "nta Mana bafite ku isi" (Abefeso *2:12, BII)*.

Na none kandi, mu mibereho yabo y'igihe cyashize, Abanyamahanga bari babayeho mu guhangana gukomeye hagati yabo ubwabo n'Abayuda. Pawulo atanga ubusobanuro bw'uyu mworera w'urwango igihe arengurira ku kimenyetso cyarwo: ari cyo kwitana amazina mu buryo bubi. Abayuda iyo bashakaga kurengurira ku Banyamahanga mu buryo bwo kubasuzugura, babitaga "abatakebwe," noneho Abanyamahanga bashaka kurengurira ku Bayuda babasuzugura, bakabita "abakebwe" (Abefeso *2:11)*.

Nyamara mu Befeso 2:13 herekana ikintu gitandukanye n'ibyo noneho. Pawulo yaranditse ati: "Ariko none kuko muri muri Kristo Yesu, mwebwe abāri kure kera, mwigijwe hafi n'amaraso ya Kristo."

Igihe Pawulo asobanura abizera b'Abanyamahanga nk'abahoze "bari kure," atira amagambo ari muri Yesaya 57:19: " 'Amahoro, amahoro abe ku uri kure no ku uwo hafi; nanjye nzamukiza. " *(Gereranya n'*Abefeso *2:17, 18)*. Muri Kristo no mu musaraba We, abizera b'Abanyamahanga bigijwe hafi y'ibyo bari batandukanijwe na byo—ari byo Imana, ibyiringiro, na bene se na bashiki babo b'Abayuda. Aha hari ubutumwa bwiza bufite imbaraga buhura n'ubusobanuro butangwa na Pawulo: ko umusaraba wa Kristo ushobora gusiba umworera uri hagati y'Abayuda n'Abanyamahanga, bisobanura ko urwangano n'amacakubiri byacu bishobora gukemukira aho hantu. Ubu butumwa bwiza buturarikira kureba ku macakubiri aboneka mu mibereho yacu bwite ndetse no mu itorero no gutekereza ku mbaraga z'umusaraba zishobora kubishyira ku ruhande.

**Yesu yagukijije akuvanye mu biki? Ni ikihe kintu cy'ingenzi ushobora kwibuka, mu buryo busa n'ubuhoraho, ku bijyanye n'aho wari uri ubwo yakubonaga, ndetse n'aho wajyaga kuba uri iyo atakubona?**

# UBWIYUNGE: IMPANO Y'IMANA YATURUTSE KU MUSARABA

**"Uwo ni we mahoro yacu, kuko yahinduye twebwe ababiri kuba umwe akuyeho ubwanzi, ari bwo rusikarwari hagati yacu rutugabanya... abungishe n'Imana umusaraba awicishije bwa bwanzi"** *(Abefeso 2:14–16).*

**Pawulo asobanura ate umusaraba n'ingaruka umurimo wa Kristo wagize muri buri murongo wo mu Befeso? Ni mu buhe buryo wavuga muri make ibyo Pawulo avuga ku musaraba n'uburyo uhindura amasano yacu?** *(soma Abefeso 1:7, 8; Abefeso 4:32; Abefeso 2:13, 14; Abefeso 2:16; Abefeso 5:2, 25.)*

---

---

Mu cyerekezo cy'imirongo y'amasomo yacu twiga muri iki cyumweru, Abefeso 2:11–22, umusaraba uhesha ibizera ibintu bitatu bikomeye: (1) Abanyamahanga, bahoze bari "kure" y'Imana n'ubwoko bwayo, "bigijwe hafi" (Abefeso *2:13)* y'Imana n'ubwoko bwayo, kuko ubu noneho ari abahungu n'abakobwa b'Imana, bakaba ari na benedata na bashiki b'abizera b'Abayuda (Abefeso *2:19)*; (2) "ubwanzi" (mu Kigiriki ni, *echthran*, bisobanura "urwangano," rikagirana isano na *echthros,* "umwanzi") hagati y'abizera b'Abayuda n'abizera b'Abanyamahanga ubwabwo "burapfa" (Abefeso *2:16)*. Umusaraba ukuraho icyari kimeze nk'ubwanzi n'intambara bihoraho byateraga Abayuda n'Abanyamahanga kuba abanzi bamaramaje (Abefeso *2:17)*; (3) mu mwanya w'ubwanzi hajya ubwiyunge. Umugambi wa Kristo wari uwo "kunga abantu n'Imana mu mubiri umwe binyuze mu musaraba" (Abefeso *2:16; gereranya n'Abakol.1:19–22).*

Mbese kwiyunga bimeze nk'iki? Mbese umuntu yiyumva ameze ate iyo yiyunze na mugenzi we? Tekereza ukutumvikana gukomeye hagati y'umukobwa na nyina, ukutumvikana kwashakiwe igisubizo mu gihe cy'imyaka myinshi. Tekereza ubu bwanzi bukuweho n'ubuntu no kubabarirwa maze hakabaho kongera kunga ubumwe hagati y'abo bombi. Ubwo ni ubwiyunge. Kwiyunga kubaho igihe umwizera ashyize ku ruhande ikimutandukanya n'undi maze akemera mugenzi we nka mwene se ukundwa cyangwa mushiki we wemera icyatanzwe. Ubwiyunge si ikintu gikoreshwa imbaraga cyangwa itegeko ahubwo ni ikintu kiba hagati y'abantu kikishimira ko isano yari yangiritse yongera kubakwa. Pawulo atinyuka gutekereza umurimo ukomeye wa Kristo ku musaraba nk'uwagize ibyo uhindura ku masano y'abantu, atari hagati y'abantu gusa, ahubwo ari no hagati y'amatsinda y'abantu. Awutekereza ugaba igitero mu mibereho yacu ugasenya amacakubiri yacu, ugakemura intonganya, ukavugurura umushyikirano tugirana no kumvikana kuba hagati yacu.

**Ni mu buhe buryo ushobora gukenera gushyira mu bikorwa aya mahame dufite hano kugira ngo wiyunge n'undi muntu? Mbese wabikora mu buhe buryo?**

# GUSENYA URUSIKA RWATANDUKANYAGA ABANTU

**Ni ikihe gikorwa Pawulo avuga ko Kristo yakoze ku "mategeko y'iby'imihango"? Kubera iki yakoze iki gikorwa?** *(Reba* Abefeso *2:14, 15.)*

Ahari Pawulo hano arengurira ku ruzitiro rwari ruzengurutse mu rugo h'urusengero rwa Herodi muri Isirayeli, n'igihano cy'urupfu cyahabwaga ururenze. Pawulo atekereza uru rusika rwasenyutse maze Abanyamahanga bakabona uburenganzira bwuzuye bwo kwinjira bakaramya Imana *(Abefeso 2:18)*. Pawulo avuga ko urusika nk'urwo rukurwaho n'umusaraba. Kuko aho ari ho twigira ko ubu bwoko bubiri, Abayuda n'Abanyamahanga ari ubwoko bumwe mu by'ukuri.

Bamwe batekereza ko Abefeso 2:14, 15 higisha ko Amategeko Cumi, harimo n'itegeko ry'Isabato, "akurwaho" cyangwa "agashyirwa ku ruhande" n'umusaraba. Nyamara mu Befeso, Pawulo yerekana ko yubaha cyane Amategeko Cumi nk'ikintu kigira uruhare mu guha ishusho imibereho y'umwigishwa w'Umukristo. Asubiramo itegeko rya gatanu *(Abefeso 6:2, 3)*, kandi akarengurira no ku yandi mategeko *(urugero: irya karindwi,* Abefeso *5:3–14, 21–33; irya munani,* Abefeso *4:28; irya cyenda, irya cumi 4:25; irya cumi,* Abefeso *5:5)*. Ibi bihura n'ibyo Pawulo yari yaravuze mbere ku birebana n'amategeko *(Abar. 3:31, Abar. 7:12)*. Acyaha abakoresha nabi amategeko, nyamara amategeko ubwayo arayubaha akanavuga ko azakomeza kubaho. Nuko rero, gukoresha iyi mirongo ushaka gukuraho Amategeko Cumi, by'umwihariko mu mucyo w'indi mirongo ya Bibiliya ivuga ko amategeko azahoraho, bigaragara neza ko ari ugusobanurua nabi icyo Pawulo yari agendereye hano.

Ibiri amambu, gukoresha amategeko kose kugamije gushoza intambara hagati y'Abayuda n'Abanyamahanga, by'umwihariko no kwigizayo Abanyamahanga kugira ngo batagira umugabane wuzuye mu bwoko bw'Imana n'uruhare mu kuyiramya, byaba ari ikintu cyo kuvumwa kuri Pawulo no gukoresha nabi umugambi Imana yari ifitiye amategeko. "Amategeko" mu Befeso 2:14, 15 ashobora kuba amategeko y'imihango yatandukanyaga Abayuda n'Abanyamahanga, agaragara mu magambo asobetse ya Pawulo ngo "amategeko y'iby'imihango", cyangwa se bikaba bivuga uburyo bwose bw'amategeko bwakoreshwaga mu Isezerano rya Kera nk'uko byaje gusobanurwa hamaze kongerwamo ibindi bintu, no gukoreshwa nabi nk'igikoresho cyo kwegeza Abayuda kure y'Abanyamahanga.

**Ni ukuhe kutumvikana kuri hagati y'Abadiventisti b'Umunsi wa Karindwi, cyangwa hagati y'umuryango mugari w'Abakristo abantu bagomba kurwanya kandi bakagutsinda? Ni ukubera iki urukundo rusange rwacu dukunda Kristo rukwiriye kuba ruhagije kugira ngo dutsinde uku kutumvikana?**

**KU WA KANE** *26 Nyakanga*

# YESU, UMUBWIRIZA W'AMAHORO

**Ni mu buhe buryo Pawulo avuga mu ncamake umurimo wa Kristo mu Befeso 2:17, 18?**

Ijambo 'amahoro' ni ingenzi mu rwandiko rwandikiwe Abefeso, nk'urwandiko rutangirwa kandi rugasozwa n'imigisha y'amahoro "iva ku Mana Data n'Umwami Yesu Kristo" *(Abefeso 1:2; gereranya n'Abefeso 6:23)*. Ahabanza mu Befeso 2:11–22, Pawulo avuga ko Kristo ashushanya amahoro, "kuko ari We mahoro yacu," kandi ko umusaraba we utuma habaho amahoro (Abefeso *2:14– 16)*. Ntabwo Kristo arimbura gusa ikintu runaka—nk'ubwanzi buri hagati y'Umuyuda n'Umunyamahanga *(*Abefeso *2:14, 15)*—Arema inyokomuntu nshya, irangwa n'isano y'ubwiyunge n'amahoro *(*Abefeso *2:15–17)*. Amahoro nk'ayo ntasobanura gusa ko nta makimbirane ahari, ahubwo ararangurura akumvikanisha inyito ya Giheburayo yitwa *shalom*, ariyo ivuga kugira amagara mazima, imibereho myiza, haba mu isano dufitanye n'Imana ndetse *(Abaroma5:1)* no mu isano dufitanye n'abandi.

**Ni mu buhe buryo Pawulo atekereza ukuntu abizera bagira uruhare mu kugeza ku bandi ubutumwa bwa Yesu bw'amahoro?** Abefeso *4:3;* Abefeso *6:14, 15; gereranya Abaroma 10:14, 15* n'Abefeso *2:17–19, Yesaya 52:7, Yesaya 57:19.*

Ubutumwa bwiza burimo ingero zerekana Yesu nk'umubwiriza w'amahoro. Igihe yahaga abigishwa ubutumwa bwo kubasezeraho, yabasezeranije—hamwe natwe—ati: " 'Mbasigiye amahoro, amahoro yanjye ndayabahaye" *(Yohana 14:27)*. Kandi yashoje avuga ati*:* "Ibyo mbibabwiriye kugira ngo mugire amahoro muri jye. Mu isi mugira umubabaro, ariko nimuhumure nanesheje isi."*(Yohana 16:33)*. Nyuma yo kuzuka kwe, yiyeretse abigishwa be, abasubiriramo kenshi aya magambo ngo: "Amahoro abe muri mwe." *(Yohana 20:19, 21, 26)*.

Mu Befeso 2:17, 18, Pawulo ashishikazwa no kwerekana ko kubwiriza iby'amahoro kwa Kristo kugenda kukarenga igihe yakoreraga umurimo we kuri iyi si. "Yabwirije ubutumwa bwiza bw'amahoro"mu gihe cye "abāri kure" (abizera b'abanyamahanga mbere yuko bahinduka;) n' "abāri hafi" *(abizera b'Abayuda*; gereranya n'Abefeso *2:11–13)*. Igihe bari bamaze kwemera uku kubwiriza, abizera bose bagezweho n'imigisha myinshi cyane.

**Ni mu buhe buryo dushobora kwiga kuba ababwiriza b'iby'amahoro nk'ikinyuranyo cy'abazana amakimbirane? Uyu mwanya ni ibihe bihe ushobora gutangamo ubufasha maze ibintu bigasubira kuba byiza?**

## KU WA GATANU

*27 Nyakanga*

# ITORERO, URUSENGERO RWERA

**Ni izihe mvugoshusho zo ku rwego rwo hejuru Pawulo akoresha mu Befeso 2:11-22 ngo yerekane ubumwe hagati y'Abayuda n'Abanyamahanga mu itorero?**

Iyo dusubiye mu bivugwa mu Befeso 2, twibuka ko imirongo ya 1–10 itwigisha ko tubaho dufite ubumwe muri Yesu, mu gihe imirongo ya 11–22 yigisha ko tubaho dufitanye ubumwe nk'umugabane w'abagize itorero Rye. Urupfu rwa Yesu rufite ibyiza mu buryo buhagaze kuko rwatumye tugirana isano n'Imana *(Abefeso 2:1-10)* n'ibyiza byo mu buryo butambitse kuko rwatumye habaho kubaka isano ikomeye na bagenzi bacu *(Abefeso 2:11–22)*. Binyuze mu musaraba, Yesu yashenye ibintu byose bitandukanya abizera b'Abanyamahanga n'abizera b'Abayuda, hamwe ndetse no gukoresha nabi amategeko kugira ngo bāgure umworera wari hagati yabo *(Abefeso 2:11–18)*. Na none hari ikindi kintu Yesu yubaka—urusengero rushya rutangaje rugizwe n'abizera. Abanyamahanga bigeze kuba bahejwe ku kuramiriza Imana ahantu hera ho mu rusengero, noneho ubu bafatanya n'abizera b'Abayuda mu guhinduka urusengero rushya. Twese duhinduka abagize itorero ry'Imana, "urusengero rwera rw'Umwami Yesu" *(Abefeso 2:19–22)* maze tukagira amahirwe yo kubaho dufitanye ubumwe muri Yesu na benedata na bashiki bacu muri Kristo.

**Ni mu buhe buryo Pawulo akoreshe imvugoshusho y'itorero nk'urusengero mu Befeso 2:19–22? Gereranya n'uburyo akoresha mu mirongo ikurikira :***1 Abakor. 3:9-17; 2 Abakor. 6:14–7:1; 1 Pet. 2:4–8.*

Pawulo akoresha imvugoshusho y'itorero nk'urusengero nk'ishusho iruta izindi zose ibumbira hamwe Abanyamahanga mu itorero mu buryo bwuzuye. Hariho ubwo bari bahejwe ku kuramiriza Imana mu "Bikari bya Isirayeli" mu rusengero, noneho ntibashobora kuhagera gusa *(Abefeso 2:18)*, ahubwo bo ubwabo bahinduka ibikoresho byubatse urusengero rushya rwubakiwe kuba "inzu yo kubabwamo n'Imana mu Mwuka" *(Abefeso 2:22)*.

**Abanditsi b'Isezerano Rishya bakoresha imvugoshusho y'urusengero kugira ngo bagaragaze ukwera kw'itorero, umurimo w'Imana wo guhanga no gukuza itorero, ndetse n'ubumwe bw'abizera bari mu itorero. Iyi mvugoshusho ikoreshwa ihujwe n'imvugo yo mu buryo bw'umubiri ugaragara *(soma* Abefeso *2:21, aho umubiri "ukura")*, n'umurimo wo kubaka akenshi utindwaho *(soma* Abefeso 2:22, "namwe murubakanwa,"*)*. Aho kuba ishusho iguma hamwe, itorero rishobora komenya neza icyo riri cyo nk' "urusengero rw'Imana ihoraho" *(2 Abakor. 6:16)*.**

# IBINDI BYO KWIGWA NO KUZIRIKANWA

Iga witonze aya magambo abanziriza ibibazo byo kuganirwaho biyakurikira:

Ni ikihe cyerekezo cyihariye Pawulo yandikamo Abefeso *2:11–22* igihe asobanura ingaruka zitangaje z'umusaraba ku bijyanye n'amasano abantu bafitanye? Arimo kuvuga iby'isano iri hagati y'abizera b'Abayuda n'abanyamahanga bahurizwa hamwe nk'abagize itorero. Aravuga ikibazo cyumvikana ko basobanukiwe kandi bakabaho bakurikije umwanya basangiye kandi bungiwemo nk'abagize inzu y'Imana (Abefeso *2:19)*. Nyamara kandi, mu cyerekezo cy'urwandiko rwose uko rwakabaye, Pawulo agaragaza intego yagutse kandi igera kure cyane. Insanganyamatsiko ye ni umugambi w'Imana ukomeye kandi udakuka wo guhuriza ibintu byose muri Kristo (Abefeso *1:9, 10)* kandi ubugari bw'aho uwo murimo ukorerwa bukubiyemo *"imiryango yose yo mu ijuru n'iyo mu isi"* (Abefeso *3:15)*.

Igifite agaciro ni uko ubumwe bw'abagize itorero—ari na yo nsanganyamatsiko yihariye avuga mu Befeso 2:11–22—na bwo ubwabwo bufite intego irushijeho kwaguka Pawulo ahishura mu Befeso 3:10: "kugira ngo muri iki gihe abatware n'abafite ubushobozi bwo mu ijuru mu buryo bw'umwuka, bamenyeshwe n'Itorero ubwenge bw'Imana bw'uburyo bwinshi [mu kurema itorero rikomotse mu Bayuda n'Abanyamahanga]."

Binyuze mu kwereka abantu muri iki gihe ubumwe Kristo yatsindiye ku musaraba, abizera baba berekana ko umugambi w'Imana udakuka wo guteraniriza ibintu byose muri Kristo uri gusohozwa. Isano yabo yongeye kuzamo ubwiyunge iba ikimenyetso cyerekana umugambi Imana ifitiye Isi n'ijuru byungiwe muri Kristo. Bityo rero birakwiriye kureba mu Befeso 2:11–22, hateguwe mu cyerekezo cy'urwandiko rw'Abefeso uko rwakabaye, kugira ngo umuntu ahashakire amahame arebana n'insanganyamatsiko ifite agaciro muri iki gihe, ari yo ijyanye n'amasano hagati y'amatsinda y'abantu n'ay'amoko.

## IBIBAZO:

1. **Ni ayahe mahame arebana n'amasano ashingiye ku bwoko avugwa mu Befeso 2:11–22? Ni mu buhe buryo iyi mirongo itanga uburyo busobanutse bushingiye kuri Kristo bujyanye n'insanganyamatsiko ivuga uko itsinda ry'abizera basangiye ubwoko rishobora kwifata imbere y'irindi tsinda ry'abandi bizera basangiye ubwoko butandukanye n'ubwabo?**

2. **Dushingiye ku mugambi Imana ifitiye inyokomuntu mu gihe kizaza** (Abefeso *1:9, 10;* Abefeso *2:11–22),* **ni iby'agaciro kangana iki ko itorero rimenya gukemura ibibazo biri muri ryo n'amakimbirane ashingiye ku moko?**

3. **Ni ibihe bibazo bikomeye biri hagati y'amatsinda adasangiye ubwoko bishobora guhishwa kenshi kandi bikirengagizwa biboneka mu muryango mugari ubarizwamo? Ni mu buhe buryo itorero ryawe rishobora kugira uruhare rwiza mu gukoresha muri iki gihe umurimo wa Kristo wo kunga abantu, uwo yarangije gusohoreza ku musaraba? Ni mu buhe buryo ushobora kugira uruhare muri uwo murimo?**

# ISABATO YA 30
# KU WA 29 NYAKANGA 2023

## GAHUNDA YO KUGARURA ICYACUMI NO GUTURA AMATURO UBURUSIYA: ISHURI RISHYA RYA MASHA

**Yohana 15:15**— "Sinkibita abagaragu kuko umugaragu atazi ibyo shebuja akora, ahubwo mbise incuti kuko ibyo numvise kuri Data byose mbibamenyesheje."

Masha yacitse intege ndetse yumva ko nta ncuti afite ku ishuri. Nyina wa Masha yamubajije niba ashaka kujya kwiga ku ishuri rya Gikrisitu rya Zawoski, ikigo cy'amashuri abanza cy'Abadiventisiti. Masha kuko yashakaga impinduka nshya mu buzima bwe, yarabyemeye.

Masha yari afite isoni nyinshi ubwo yinjiraga mu ishuri rye rishya. Ishuri ryari rishimishije, ndetse n'abanyeshuri bari bafite urugwiro. Ariko Masha yakomeje kumva agifite irungu. Mu masaha yo kurya ya sa sita, umwe mu banyeshuri biganaga yicaranye na Masha maze amusaba ko yamubera incuti. Noneho undi mukobwa na we abwira Masha ko Yesu amukunda kandi ashaka kuba incuti ye magara. Masha yatangajwe n'ukuntu aba bakobwa bari abana beza. Masha yabonye ahantu hatuje asukira Imana umutima we. Kuva icyo gihe, ubuzima bwa Masha bwarahindutse. Yamenye ko Yesu ari Umucunguzi we koko ndetse akaba n'incuti ye. Bidatinze, Masha yisanze asigaye yitabira cyane amasomo ye, kuko yari azi ko abandi banyeshuri bazajya bamufasha kandi bakamubera incuti.

Abana baza ku ishuri rya Gikristo rya Zawoski ku mpamvu nyinshi. Ivani avuga ko akunda abarimu bishimye. Abandi banyeshuri bavuga ko bakunda ko bagenzi babo ndetse n'abarimu bababwira ko Yesu abakunda. Mu by'ukuri, abanyeshuri benshi bo muri Zawoski bize gukunda Yesu nk'Umukiza wabo, nk'uko Masha yabigenje.

Iri shuri ryatangiranye abanyeshuri bacye bajyaga bahurira mu byumba byo muri kaminuza ya Zawoski. Ubu, iri shuri rifite abanyeshuri 200, ndetse n'inyubako zaryo. Si ngomba ko iri shuri ryamamaza ngo ribone abanyeshuri, kuko abantu benshi bamenya iby'iri shuri bivuye ku ncuti ndetse n'abaturanyi babo.

Ariko kumenyekana kw'ishuri rya Gikrisitu rya Zawoski byateje ikibazo gishya: kuribonamo umwanya. Iri shuri ntiribasha kwakira abandi banyeshuri mu gihe ritaguwe. Abantu benshi bahaturiye bashaka kuzana abana babo muri iri shuri kugira ngo bagire ubumenyi bwa Gikrisitu. Dushobora gufasha mu kubaka ishuri rinini ry'aba bana ndetse n'abandi bashaka kurizamo ariko badashobora kurizamo kuri ubu.

**ICYO DUHAMAGARIRWA:** Icya cumi cyacu ni icy'Imana, rero turakiyigarurira kugira ngo dushyigikire abapasitoro bacu, ababwiriza butumwa, ndetse n'abandi bakozi b'Imana ku isi yose. Amaturo yacu "y'Isezerano" nayo ni ay'Imana kandi akwiriye gutangwa neza kugirango ashyigikire umurimo w'itorero mu gihugu cyacu ndetse no ku isi yose. Muri uwo murimo harimo amashuri, ibitaro, amavuriro, ndetse n'ibindi bigo bifasha kuyobora abantu kuri Yesu. Nimureke dusezerane n'Imana kujya dutanga buri gihe igipimo cyihariye cyangwa ijanisha ry'ibyo twungutse, kugira ngo tubashe kugira uruhare mu murimo w'Imana ku isi yose.

**IMANA MBERE YA BYOSE**
**DUSENGE:**

ICYIGISHO CYA 5

# Umugabane wa I: Inshamake

**Isomo ry'Urufunguzo**: Abefeso *2:13, 14*
**Amasomo Iki Cyigisho Gishingiyeho**: Abefeso *2:11-22, Abaroma 3:31, Abaroma 7:12, Yesaya 52:7, Yesaya 57:19, Yohana 14:27, 1 Abakorinto 3:9-17.*

**Intangiriro**: Mu Befeso 2:1-10, Pawulo yerekana ishusho nziza kandi izamura ibitekerezo mu buryo butangaje y'uburyo Imana ikorera mu gakiza k'umuntu ku giti cye. Kuba warakijijwe bisobanura guhamagarwa na Mesiya, kuzuranwa na Mesiya, kuzamuranwa na Mesiya, no gushyiranwa hejuru na We. Nyamara iyi shusho yakundaga guhuzwa n'Abayuda bari bategerezanyije amatsiko Mesiya-Umukiza wabo. Mu busobanuro bwatangwaga n'Abayuda, igihe Mesiya yari kuba aje, yari kuba yitezweho gukiza no gushyira hejuru Abayuda, kandi akarimbura ndetse agasuzuguza Abanyamahanga. Nyamara Pawulo afata imvugo yo gushyira hejuru agakiza k'Abayuda, maze akayikoresha ku banyamahanga na bo!

Kandi mu mwanya nk'uwo, dukeneye kwita cyane ku kubona ko Pawulo atabwiriza ko muri iki gihe Abanyamahanga bakizwa bitewe n'uko ari Abanyamahanga cyangwa Abayuda bagakizwa n'uko ari Abayuda. Abayuda bahoze bari "hafi" y'Imana *(Abefeso 2:13)*, bashoboraga kubaho imibereho y' "abadafite Imana mu isi" *(Abefeso 2:12)* nk'Abanyamahanga *(Abefeso 2:1-10, Abaroma 2:17-26)*. Abanyamahanga, ku ruhande rwabo, ntibagomba kwibagirwa imibereho babagamo mbere yo guhura na Kristo no kumwemera. Bityo rero, abantu bo muri ayo matsinda yombi, bakijijwe n'ubuntu bw'Imana bwagaragariye muri Kristo Yesu ku musaraba. Igihe Abayuda n'Abanyamahanga bari muri Kristo gusa, ni bwo bashobora gukizwa. Mu rundi ruhande, Pawulo ashimangira ko agakiza gaturuka mu Bayuda *(Abefeso 2:12; reba na none mu Baroma 9:4, 5; Yohana 4:22)*. Ikindi kandi, "Imana yatoranyije ubwoko bw'Abaheburayo ngo buyihagararire mu isi, …ibubitsa amategeko y'Imana, kandi Mesiya …yari Umuyuda (Abar. 9:4, 5)."—*The SDA Bible Commentary*, vol. 5, p. 940.

**Insanganyamatsiko Ziri muri Iki Cyigisho**: Icyigisho cy'iki cyumweru gikubiyemo insanganyamatsiko eshatu z'imena:

1. Kristo akiza Abayuda n'Abanyamahanga mu buryo buhwanye, nubwo Imana yabanje guhamagara Abayuda ngo bakore umurimo wo kuyimenyekanisha mu isi.
2. Agakiza gatangwa n'Umwami Yesu ni ak'abantu bose kuko yapfiriye ku musaraba maze bigahesha buri wese umwizera kubona agakiza *(Yohana 3:16)*, maze muri ubwo buryo, urusika rwatandukanyaga Abayuda n'Abanyamahanga rukaba ntacyo rumaze.
3. Yesu Kristo ntiyashenye urusika rwatandukanyaga Abayuda n'Abanyamahanga gusa; na none yubaka ukuri gushya, urusengero rushya rw'Imana, itorero, rihurirwamo n'Abayuda n'Abanyamahanga ku buryo bungana, maze bombi bakarema itorero.

## Umugabane wa II: Ubusobanuro

*Gusenya rwa Rusika*

Abakristo bamwe basobanukirwa nabi ko mu Befeso 2:16, Pawulo atekereza gushaka amahoro hagati y'Abayuda n'Abanyamahanga binyuze mu gukuraho amategeko yatanzwe binyuze kuri Mose. Nk'ingaruka y'ibyo, abo BaKristo babona Isezerano rya Kera n'amategeko nk'ibidafite akamaro mu BuKristo. Nyamara, iyi mitekerereze ntabwo ari ukudasobanukirwa iyobokamana rya Pawulo gusa, ahubwo ni n'umwanzuro uhabanye n'ibyo Pawulo yanditse.

Hari ibintu bibiri by'ingenzi bigaragara hano bigomba gucibwaho akarongo. Icya mbere: icyerekezo cy'ikubitiro cy'ibyanditswe mu Befeso 2:16 mu by'ukuri cyerekana igitekerezo cy'uko Abanyamahanga bashakaga kwifatanya n'ubwoko bw'Imana bagonganaga n'urusika rwababuzaga kubigeraho. Uru rusika rwabatandukanyaga rwari ikintu giteye ubwoba kubera ko Imana yari yarahamagariye Abisirayeli kuza mu buntu bwayo kandi ikabaha umurimo wo kumenyasha abari mu isi ubuntu bwayo. Nubwo byari bimeze bityo, Abisirayeli bafashe umuhamagaro wabo wo kugira imibereho yera, bahawe ku bw'ubuntu, bawitiranya no kwigizayo abandi no kwibwira ko bafite isumbwe. Muri ubwo buryo, bananiwe gusohoza umurimo bari bahamagariwe.

Bamwe basa n'abagaragaza ikibazo ry'urwango kivugwa hano nk'icyakomotse gusa ku kuba Abayuda barigijeyo Abanyamahanga ngo batagera ku Mana. Ubusobanuro bukuriye ubundi iyi myumvire ishobora kwerekezaho ni uko ikibazo cyashoboraga gukemuka ari uko Yesu akuyeho amategeko y'Abayuda agashyiraho idini nshya. Nta gushidikanya ko hari hariho urwango rwinshi Abayuda bagaragarizaga Abanyamahanga. Nyamara kandi, Isezerano rya Kera na ryo ryerekana urwango abantu bo mu isi ya kera bari bafitiye Isirayeli n'Abayuda.

Nyamara hano Pawulo ntiyinjira mu mushinga wo kunga amatsinda abiri y'abantu batandukanyijwe n'imigenzo mpuzamahanga, ashingiye ku kugaragaza icyo bahuriyeho, amasezerano impande ebyiri zitasohoje, ndetse n'ibyemezo byo mu rwego rwa politiki by'ubworoherane. Yego Pawulo avuga ko Abayuda n'Abanyamahanga bose bafuditse, nyamara ntabwo avuga ko ikibazo cy'ingenzi cy'aya matsinda abiri y'abantu ari urwango bafitanye cyangwa kuba badafite uburyo bwo guturana mu isi. Mu cyerekezo nyine cy'Abefeso 2:14, Pawulo abwira Abakristo b'Abanyamahanga bo muri Efeso ko bari "barapfiriye mu byaha," bidatewe n'Abayuda, ahubwo bitewe no kugushwa na kamere yabo bwite y'icyaha na Satani, ndetse bigaterwa n'uko bari abibone kandi bagatekereza yuko barushijeho kumenya uburyo bwo kwikiza ubwabo (Abefeso *2:1-3; reba no mu Baroma 1:21-32)*.

Ikibazo cy'Abayuda, ku rundi ruhande, nticyari gishingiye ku gitutu bashyirwagaho n'amaboko y'Abanyamahanga ndetse n'ibitero babagabagaho; Imana yari yarabasezeranyije uburinzi igihe cyose bajyaga kuba bayiringiye rwose. Nta nubwo ikibazo cyari gishingiye ku kuba amasezerano, ubwumvikane magirirane, ndetse n'ibyo Imana yari yarabategetse byari byarahawe Abayuda ntibihabwe Abanyamahanga. Kandi nta nubwo Abayuda bahindutse abanzi b'Abanyamahanga bitewe n'uko Imana yabibigishije. Ikibazo cy'urwango hagati y'Abayuda n'Abanyamahanga cyari gishingiye ku kindi kintu.

Pawulo ashimangira ko ikibazo gikomeye cy'urwango banganaga cyaterwaga n'uko bombi bacumuye ku Mana kandi bakayigomekaho mu buryo bumwe *(Abar. 3:9-19)*. Mu gihe inzira Abanyamahanga banyuragamo bajya ku gakiza buri gihe yabaga ishingiye ku mirimo (cyangwa bakaba baratekerezaga batyo), Abayuda bahawe ihishurirwa ry'agakiza k'Imana kazanwa n'ubuntu. Nyamara kandi, mbere yuko Yesu aza mu isi, icyatandukanyaga Abayuda n'Abanyamahanga ntabwo cyari kikiri ubuntu (Abayuda) ubugereranyije n'imirimo (Abanyamahanga); ahubwo, noneho bari basigaye batonganira ikibazo cyo kwibaza abafite imirimo ishobora kubageza ku gakiza. Mu gihe Abanyamahanga batekerezaga ko imishinga yabo, ibikorwa ndetse n'imibereho byabo by'ubutwari bibashyira mu nzira yo kugera ku gakiza ka muntu, Abayuda batekerezaga ko ari bo bari mu nzira igera ku gakiza—ari ko gakiza kabo—kubera yuko, ku bwo kwizirika ku mategeko kwabo, basohozaga amategeko Imana yari yarabahaye *(Abar. 9:31, 32; Abar. 10:3)*.

Ubwo rero urwo rwango rwari ikintu cy'amajyejuru kandi bihimbiye: usibye amagambo, Abayuda n'Abanyamahanga bari bamwe kandi bakora bimwe: bari abigomeke b'abanyabyaha kandi barwanya ubuntu bw'Imana *(Abar. 1:21; Aba. 2:4, 5)*, buri tsinda ryavugaga ko rishobora gukizwa n'imirimo yaryo. Abayuda n'Abanyamahanga bapfaga idini ishingiye ku mirimo. Mu mizi yayo, idini y'Abayuda yari yarahindutse nk'iy'Abanyamahanga mu miterere; ni yo mpamvu igihe Yesu yari amaze umwanya muremure acyaha Abayuda kuko baguye mu kwishingikiriza ku mirimo itegetswe n'amategeko kandi bagasobanuraga nabi Ibyanditswe Byera *(Matayo 23)*, byagombye kubatangariza yuko "inzu yabo bayisigiwe ari umusaka" *(Mat. 23:38)*.

Imana yari yarahamagariye Isirayeli kuba ububiko bw'idini y'ubuntu no kuyimenyekanisha mu batuye isi. Muri uyu muhamagaro, ubuntu ndetse n'umurimo ni byo byagombaga kuranga Isirayeli. Ni yo mpamvu Pawulo yarwanishaga imbaraga nyinshi ngo ubuntu bugume ku rufatiro rw'idini ya Gikristo. Mu rwanndiko rwe yandikiye Abagalatiya (Abanyamahanga) n'urwo yandikiye Abaheburayo (Abayuda) zerekana uguhamagara kuje igishyika gukangurira Abakristo kwirinda gukurikiza urugero rw'Abisirayeli mu ikosa bakoze rikomeye.

Icya kabiri kandi cyaje nk'ingaruka, ni uko igisubizo Pawulo atanga kuri iki kibazo cy'ingenzi, ntabwo cyari gishingiye ku mishyikirano yo mu rwego rw'imibanire cyangwa urwa politiki, aho amategeko yo mu Isezerano rya Kera yagombaga guteshukwaho by'igice cyangwa mu buryo bwuzuye, kugira ngo haboneke uburyo bwo kunga Abanyamahanga n'Abayuda. Ahubwo, Pawulo ararikira ayo matsinda yombi kuva mu mwanya mubi barimo wo kwishingikiriza ku mirimo maze bakakira ubuntu bw'Imana bubonerwa muri Kristo Yesu. Igihe buri tsinda muri aya ryari kuba ryakiriye ubuntu bw'Imana kugira ngo bungwe na Yo, bari kujya kubona bakisanga ahantu hamwe bihurije hamwe mu bwami bw'Imana. Bari kwisanga baremye umugabane w'ubwoko bw'Imana bumwe, abaturage b'igihugu kimwe, n'abantu bagize umuryango umwe *(Abefeso 2:19)*, ari wo torero.

Bityo, ubwiyunge bwo mu cyerekezo gitambitse hagati y'Abayuda n'Abanyamahanga bushingiye mbere na mbere mu kugira mu mibereho yabo uguhongererwa ko mu cyerekezo gihagaze. Uku guhongererwa kugerwaho binyuze muri Kristo

uwahindutse umuntu kugira ngo "abungire n'Imana mu mubiri umwe abikoresheje umusaraba" *(Abefeso 2:16)*. Muri ubwo buryo, itorero—ha hantu amahoro abonekera hagati y'Abayuda n'Abanyamahanga—ntabwo hubakwa no gukuraho amategeko y'Imana, kuko ayo ari amategeko y'urukundo rw'Imana n'ubuntu bwayo *(Yoh. 14:15, Abar. 13:8-10)*.

Iyaba Imana yarashoboraga kwiyunga n'inyokomuntu binyuze mu guhindura ubusa amategeko yayo bwite, ntabwo amaraso ya Yesu n'umusaraba byari kuba bikibaye ngombwa. Umugambi wose w'agakiza ntabwo wari kuba ngombwa. Ibiri amambu, Imana yiyunze n'Abayuda n'Abanyamahanga binyuze mu kubahamagarira kuyigarukira no kubakiza bose binyuze muri Kristo umwe no mu Mwuka umwe (Abefeso *2:16, 18)*.

## Umugabane wa III: Imyitozo

1. Nyuma y'imyaka ibihumbi y'amateka, isano hagati y'Abayuda n'Abanyamahanga yagiye ihinduka nk'idafite agaciro ku matorero menshi ya Gikristo. Akenshi bisa n'aho itorero usengeramo aho utuye cyangwa itorero ryo mu karere ubarizwamo rigizwe ahanini n'Abanyamahanga, ndetse nta nubwo baba batekereza ku Bayuda. Nyamara kandi, nk'uko bimeze ku Bayuda, twebwe nk'Abakristo, ubwoko bw'Imana, dushobora kuba twarazamuye urusika rudutandukanya n'amatsinda y'abandi bantu—insika ziheza abantu kure y'ubutumwa bwiza. Saba abigishwa bawe gusuzuma niba insika nk'izo ziri mu mibereho yabo bwite no mu mibereho y'itorero ryabo. Ni mu buhe buryo itorero rishobora kwemera ko izo nsika zisenywa ku bwa Kristo kandi muri We?
2. Abantu bamwe bashobora gusobanura ko gusenya urusika rutandukanya Abayuda n'Abanyamahanga bisobanura ko muri iki gihe hatari hakwiriye kubaho itandukaniro hagati y'itorero n'ab'isi kandi itorero rikaba rishobora kubaho rikurikije urugero rw'ab'isi. Kubera iki iyi nyifato inyuranyije na Bibiliya? Saba abagize itsinda ryawe kwita k'uko iyo nyifato yaba ari inkomyi mu bijyanye no kumenyesha abantu ubutumwa bwiza. Kubera iki guhamagarira abantu kwerereza kwera kw'Imana, no kubuza icyaha n'imibereho y'icyaha kwinjira mu itorero, ari uguhamagara nyako? Nimubiganireho.
3. Abakristo bamwe bashobora gutekereza ko urusika rutandukanya Abayuda n'Abanyamahanga rwazamuwe mbere na mbere n'Imana ubwayo, by'umwihariko igihe yahaga Abisirayeli amabwiriza yo kwitandukanya n'Abanyamahanga. Ikindi kandi, Yesu yagaragaje Imana nk'iyashyizeho "uruzitiro rugose" Isirayeli *(Mat. 21:33)*. Ikindi ni uko Imana yabujije bidasubirwaho Abisirayeli gushyingirana n'abantu bo mu yandi mahanga *(reba urugero mu Gutegeka kwa kabiri 7:1-6)*. Ndetse na Pawulo yaburiye abantu ngo birinde gushyingirana n'abatizera *(2 Abakor. 6:14)*. Imyinshi mu miryango migari y'abantu muri iki gihe isa n'ifite ifite intego yo guhuriza hamwe imyizerere ibumbira abantu hamwe kandi ntigire uwo iheza. Mbese mwitaye kuri iyi mitekerereze, ni mu buhe buryo abagize itsinda ryanyu basobanura ibyo Pawulo ahamya igihe avuga ko Yesu yashenye urusika rwatandukanyaga Abayuda n'Abanyamahanga mu gihe Bibiliya isa n'iyerekana ko Imana ari Yo yubatse urwo rusika ikaruzegurutsa Isirayeli?

## GIRA ICYO WANDIKA

# UBWIRU BW'UBUTUMWA BWIZA

## KU ISABATO NIMUGOROBA, 29 NYAKANGA

**AHO ICYIGISHO CY'IKI CYUMWERU GISHINGIYE:** Abefeso *3; Yobu 11:5–9; Ezekieli 43:13–16; Amosi 7:7, 8; Ibyahishuwe 11:1, 2.*

**ICYOKWIBUKWA: "Nuko Ibasha gukora ibiruta cyane ibyodusaba, ndetse n'ibyo twibwira byose nk'uko imbaraga zayo ziri zidukoreramo, icyubahiro kibe icyayomu Itorero no muriKristo Yesu, kugeza iteka ryose ry'ibihe bidashira, Amen."** *(Abefeso* 3:20, 21).

Mu rwandiko rwandikiwe Abefeso 3, Pawulo atangirira ku nsanganyamatsiko yari yabanje kuvugaho ahabanza: "yuko abanyamahanga ari abaraganwa natwe kandi bakaba ingingo z'umubiri umwe natwe, abaheshejwe n'ubutumwa bwiza kuzagabana natwe muri Kristo Yesu ibyasezeranijwe" (Abefeso *3:6)*. Kandi nubwo ibyo bishobora kutaba ikintu gitangaje mu itorero ryo muri iki gihe, rigizwe cyane cyane n'abanyamahanga, byahoze ari ikintu gisa n'aho ari gishya ku basomyi benshi bo muri icyo gihe.

Nuko Pawulo akomeza amagambo ye ahumekewe, igihe intumwa itekereza ku cyifuzo gikomeye ifite cyo kubwiriza abanyamahanga ubutumwa bwiza bwa Yesu.

Na none kandi tumenya ibirushya anyuramo mu gihe yagura umurimo we, ibirushya bikubiyemo n'igihe amara mu nzu y'imbohe y'i Roma.

Na none kandi twumva ukwiyemeza gusohoza ubwiru ari bwo mutima w'ubutumwa bwiza, ubwiru buvuga yuko mu itorero abanyamahanga bahwanye rwose na benedata na bashiki bacu b'Abayuda. Tumenya ibyishimo bikomeye cyane afitiye itorero n'umurimo ryahawe mu isi yose. Tumwumva asenga, ahimbaza Imana kuko yerekaniye ubuntu bwayo mu itorero.

Muri make, dukangurirwa kwifatanya na Pawulo mu cyifuzo gikomeye afitiye ubutumwa bwiza.

# PAWULO: INTUMWA YAGIZWE IMBOHE KU BW'ABANYAMAHANGA

**Soma Abefeso 3. Mu gihe usoma, tahuramo insanganyamatsiko nkuru imwe cyangwa ebyiri. Ni izihe ngingo nkuru Pawulo yerekana?**

---

---

Abefeso 3 herekana ishusho ishimishije. Pawulo atangira igice akoresheje aya magambo: "Ni cyo gituma jyewe ndi imbohe ya Kristo Yesu, mbohewe mwebwe abanyamahanga." *(Abefeso 3:1)*. Hanyuma areka iyo nsanganyamatsiko agahindukirira indi atindaho cyane irebana n'umurimo we nk'intumwa ku banyamahanga *(Abefeso 3:2–13)*. Nyuma yo kuba ayishyize ku ruhande, yerekana ikimenyetso cyo kugaruka mu murongo w'ibitekerezo yari yahozemo asubira mu magambo ngo: "Ni cyo gituma" *(Abefeso 3:14)*, no mu mirongo ya 14–21 herekana amakuru y'isengesho rye ryari ryarogowe.

Mu Befeso 3:1, Pawulo yivuga nk' "imbohe ya Kristo Yesu", uburyo bw'imivugire ye, nubwo yashoboraga kuba ari mu nzu y'imbohe i Roma kandi akagaragara nk'uri munsi y'ubutware bw'ingoma y'Abaroma, hari umugambi w'Imana wimbitse usohorezwa mu mibereho ye. Ntabwo ari imfungwa ya Roma ahubwo ni "imfungwa ya Kristo Yesu"! *(gereranya n'Abefeso 4:1)*.

Kuba Pawulo avuga iby' "umubabaro" we *(Abefeso 3:13)*, no hanyuma yaho akavuga iby'iminyururu *(Abefeso 6:20)*, byerekana ko aho afungiwe atari inzu imuguye neza *(gereranya no mu Byakozwe n'Intumwa 28:16)* ahubwo ni mu nzu y'imbohe. Kuba mu nzu y'imbohe yo mu kinyejana cya mbere, kandi byongeye akaba yari ari muri gereza y'Abaroma, byari ikibazo cy'umwihariko. Ubwami bw'Abaroma ntibwigeze butunganya amagereza yubatswe neza ngo abe arimo isuku no kugaburirwa ku gihe kidahindagurika. Mu by'ukuri ubwami bw'Abaroma ntibwari bukeneye cyane amagereza kubera yuko igifungo kitakoreshwaga nk'ubwoko bw'igihano. Abantu bashyirwaga mu nzu y'imbohe igihe babaga bategereje gucirwa imanza cyangwa kwicwa. Imfungwa zabaga zitezweho kwibonera ibizitunga kandi zigatega amakiriro kuri bene wabo n'inshuti kugira ngo zibone ibyokurya n'ibindi zabaga zikeneye.

Igihagaritse Pawulo umutima ahari gishingiye ku cyo amarangamutima atewe n'igifungo cye ashobora gukora ku bizera, kubera ko kuba imfungwa byafatwaga nko gukozwa isoni bikabije mu cyerekezo cy'umuco waharaniraga icyubahiro kandi ukirinda ikimwaro. Yashoboraga gutinya ko abantu bamwe bazabaza bati: "Ni mu buhe buryo Pawulo ashobora kuba intumwa ya Kristo washyizwe hejuru kandi akaba n'imfungwa ifite igisuzuguriro?" Nuko aha igifungo cye indi shusho, kugira ngo afashe abizera kukibona nk'umugabane w'umugambi w'Imana. Ari kubabazwa ku bwabo ("mbabazwa ku bwanyu,") maze ikigaragara nk'imvano yo gukorwa n'isoni, mu by'ukuri izahinduka "icyubahiro" cyabo *(Abefeso 3:13)*.

**Ni mu buhe buryo dushobora kwiga kwiringira Imana n'inzira zayo igihe turi hagati mu bihe bishobora kutugerageza?**

# UBWIRU BW'UBUTUMWA BWIZA BWAHISHWE IGIHE KIREKIRE

**Ni ubuhe bwiru Pawulo yabikijwe?** Abefeso *3:1–6.*

---

---

Mu gihe wiga Abefeso 3:1–6, wite kuri ibi bikurikira:
Icya mbere: Pawulo yandika uyu mugabane w'urwandiko rwe awandikira mu buryo bwihariye abanyamahanga bizeye bo mu itorero rya Efeso *(*Abefeso *3:1).*

Icya kabiri: Pawulo avuga ko yakiriye muri we icyo yita "ubutware bwo kugabura iby'Imana" yahawe "ku bwabo", abanyamahanga bizeye *(*Abefeso *3:2).* Ubu butware cyangwa se umurimo w'ubuntu, ni uburyo Pawulo asobanuramo umurimo yahawe wo kubwiriza ubutumwa bwiza ("ubuntu bw'Imana") abanyamahanga *(gereranya* Abefeso *3:7, 8).*

Icya gatatu: Pawulo avuga ko yahishuriwe ubwiru, insanganyamatsiko yari yanditseho mbere mu rwandiko rwe *(by'umwihariko reba Abe*feso *1:9, 10;* Abefeso *2:11–22),* "ubwiru bwa Kristo" (Abefeso *3:3, 4).* Ntabwo Pawulo ashaka ko bamutekereza nk'aho ari we wahimbye ubutumwa bwiza, ahubwo avuga iby'umurimo Imana yamuhaye wo kubumenyesha abantu.

Icya kane: Pawulo si we wenyine wahawe ihishurirwa rikomeye ku bijyanye n'ubu bwiru, kubera ko Mwuka Wera yanabuhishuriye "intumwa ze zera n'abahanuzi" mu buryo buruta uko abantu bo mu bihe byabanje bahishuriwe umugambi w'Imana *(*Abefeso *3:5).* Ahari ijambo 'abahanuzi' riri hano rirengurira ku bantu bari bafite kandi bakoresha impano y'ubuhanuzi mu itorero ry'Abakristo ba mbere aho kuba abahanuzi bo mu Isezerano rya Kera. *Ubwiru*, bwari bwarabanje guhishwa, ubu noneho bwahindutse ikintu dushobora kwita "ibanga rihishuwe."

Icya nyuma: Aravuga ati: "Ubu bwiru ni uko abanyamahanga ari abaraganwa natwe kandi bakaba ingingo z'umubiri umwe natwe, abaheshejwe n'ubutumwa bwiza kuzagabana natwe muri Kristo ibyasezeranijwe" *(*Abefeso *3:6).*

Pawulo ashishikajwe n'ubutumwa bwiza kandi by'umwihariko ashishikajwe n'uburyo bugeragezwa mu itorero rigizwe n'Abayuda n'Abanyamahanga. Aya matsinda abiri yahindutse ibikoresho byubakishwa umuryango mugari mushya w'Imana, inyokomuntu nshya, ari ryo torero *(reba 2:14–16).* Dushobora kuvuga yuko ubu bahindutse bakareka kuba abanzi maze bakaba "abaraganwa" "ingingo z'umubiri umwe" (bahurijwe mu mubiri umwe, umubiri wa Kristo), n' "abazagabana" ibyo ubutumwa bwiza bwasezeranije (re*ba* Abefeso *3:6).*

**Mbese byagenda bite haramutse habayeho inyifato (wenda itagaragarira abantu) ushobora kuba wiziritseho ivuguruza uguhurizwa hamwe kw'abantu bose kwigishwa n'ubutumwa bwiza? Mbese washobora kuyigobotora ute?**

# ITORERO: RIHISHURA UBWENGE BW'IMANA

**Ni iki Pawulo avuga ku Mana no ku bikorwa by'Imana bivugwa mu Befeso 3:7-13?**

Na none Pawulo avuga iby'uko ari "umugabura" ku bw' "impano y'ubuntu bw'Imana" (Abefeso *3:7; gereranya n'*Abefeso *3:1, 2)*. Iyi mpano, kimwe n'ubutumwa bwiza ubwabwo, ntabwo itangwa bitewe n'uko uwo igenewe ayikwiriye, ahubwo ni ku bw'ubuntu bw'Imana. Pawulo ashimangira iyi ngingo yigaragaza ubwe nk' "uworoheje cyane hanyuma y'abera bose" (Abefeso *3:8)*.

Hari amajyambere ashimishije mu kwisobanukirwa kwa Pawulo kugaragara uko turushaho kujya mbere mu nzandiko ze dukurikije uburyo zikurikirana. Ahabanza, avuga uwo ari we nk'intumwa yatoranyijwe n'Imana *(Abagal. 1:1)*. Nyuma yaho, yivuga nk' "uworoheje hanyuma y'izindi ntumwa zose" ndetse ati, "ntibinkwiriye ko nitwa intumwa" *(1 Abakor. 15:9)*. Hano mu Befeso yibona nk' "uworoheje cyane hanyuma y'abera bose" (Abefeso *3:8)*. Ubuheruka, yigaragaza nk'aho ari we munyabyaha "w'imbere" cyangwa umunyabyaha "ruharwa" *(1 Tim. 1:15)*.

Ahari uyu murongo w'imitekerereze ya Pawulo ushobora kudufasha gusobanura aya magambo y'ikimenyabose yanditswe na Ellen G. White agira ati: "Uk'urushaho kwegera Yesu, ni ko uzajya usanga yuko urushaho kuba mubi mu maso yawe; kuko urushaho kubona neza, bigatuma ibidatunganye byawe birushaho kugaragara cyane, bitagira ihuriro n'ingeso za Yesu."—Ellen G. White, *Kugana Yesu*, p. 66 [ingeri ya 2022].

Nuko Pawulo arakomeza. Mu Befeso 3:10, arandika ati: "kugira ngo muri iki gihe abatware n'abafite ubushobozi bwo mu ijuru mu buryo bw'umwuka, bamenyeshwe n'Itorero ubwenge bw'Imana bw'uburyo bwinshi." Mbese "abatware n'abafite ubushobozi bwo mu ijuru" bavugwa aha ni bande? Ni mu buhe buryo itorero ribamenyesha "ubwenge bw'Imana bw'uburyo bwinshi"? Nubwo mu Befeso 3:10 hadasobanura imiterere y'abatware, bisa n'aho abafata nk'abatware b'ikibi yaje kurushaho gusobanura mu Befeso 6:11, 12. Niba ari uku bimeze, abagize itorero rihurije hamwe Abayuda n'Abanyamahanga nk'imigabane y'inyokomuntu yahoze itandukanyijwe kera, bahinduka itangazo ryirangira rimenyesha aba "batware b'abadayimoni bafite ubushobozi bwo mu ijuru" umugambi w'Imana wo mu gihe kizaza,wo "guterairiza ibintu byose muri We [Kristo], ibyo mu ijuru ndetse n'ibyo mu isi" (Abefeso *1:10)*. Bishyizwe aho bashobora kubisoma ko umugambi w'Imana uri gusohozwa kandi ko kurimbuka kwabo ari ikintu kidakuka. Iyi miterere y'itorero ryunze ubumwe ni ikimenyetso cyo gutsindwa kwabo kudasubirwaho.

**Niba itorero uteraniramo ryarafashe ritajenjetse uburyo Pawulo asobanura umurimo w'itorero mu Befeso 3:10, ni mu buhe buryo rishobora guhindura uko wowe na bagenzi bawe muri mu itorero mubana n'abandi?**

# KRISTO, ATURA MU MUTIMA WAWE

**Gereranya ibyo Pawulo yasabaga mu isengesho rye rya mbere, Abefeso 1:16–19, n'ibyo yasabiraga abizera mu Befeso 3:14–19. Ni mu buhe buryo ibyo bintu yasabye bibiri bihuye?**

Inyuma yo guhindura amagambo y'Icyongereza ari mu Befeso 3:14, 15 hihishe umukino w'amagambo w'ingirakamaro. Igihe Pawulo avuga ko apfukamira "Data wa twese, uwo imiryango yose yo mu isi yitirirwa", aba yerekana isano ishingiye ku majwi iri hagati y'ijambo ry'Ikigiriki risobanura Data, ariryo *patēr*, n'ijambo ry'Ikigiriki risobanura umuryango, ariryo *patria*. Mu Befeso, Pawulo yishimira imiterere yumvikana y'umugambi w'Imana w'agakiza, ukubiyemo ibintu byose (Abefeso *1:9, 10)* w'ibihe byose *(*Abefeso *1:21)*. Kandi aha ngaha avuga ko "imiryango yose yo mu ijuru n'iyo mu isi" ari iya "Data wa twese." Buri muryango (*patria*) ufata izina ryawo urikuye kuri Data (*patēr*). Iyi ni inkuru nziza cyane!

Tinda kuri iki gitekerezo: Umuryango wawe ni uw'Imana, nubwo ufite kudatungana no gutsindwa. Ntabwo umuryango wawe uri mu biganza by'umwicanyi, ahubwo uri mu biganza by'Imana iwitaho. Imana ikunda imiryango idatunganye. Yanditsweho ikimenyetso cyerekana ko ari iy'Imana.

Mu Befeso 3:16–19, Pawulo asaba Imana guha abizera imibereho isendereyemo ibya Mwuka irangwa no gukomezwa cyane mu mitima yabo ku bwa Mwuka uyibamo (Abefeso *3:16)*, kugirana ubucuti bukomeye na Kristo, ugaragazwa na none nk'uhora mu mitima yabo *(*Abefeso *3:17)*, no kuba bashikamye kandi batekanye mu bya Mwuka ("bashoye imizi kandi bashikamye mu rukundo," Abefeso *3:17)*.

**Uko Pawulo ashaka guhimbaza Imana ku bw'imigisha myinshi yahaye abizera, ntavuga ibyerekezo bitatu gusa by'ubwaguke bw'iyo migisha, ahubwo avuga bine: "ubugari n'uburebure bw'umurambararo, n'uburebure bw'igihagararo, n'uburebure bw'ikijyepfo" (Abefeso 3:18). Ntabwo asobanura neza icyo ubu bwaguke bw'imigisha burenguriraho, nubwo bigaragara ko bwerekana ubunini bwagutse bw'ikintu cy'ingenzi. Ibi bisigira abigishwa ba Bibiliya umukoro ushimishije. Mbese ubu bwaguke bwerekana ubwenge bw'Imana? (gereranya no muri Yobu 11:5–9, ahakoresha ubwaguke bune). None se bwerekana imbaraga z'Imana? (gereranya n'Abefeso 3:16, 17), cyangwa se wenda ni urusengero rwo mu bya Mwuka ruvugwa mu Befeso 2:19–22 (gereranya na Ezek. 43:13–16, ahakoresha ubwaguke bune; Amosi 7:7, 8; Ibyah. 11:1, 2)? Byaba byiza cyane turebye ubu bwaguke nk'ubwerekana ubunini bw' "urukundo rwa Kristo" (Abefeso 3:19), tukareba iri tsinda ry'amagambo ngo "kumenyera hamwe… ubugari n'uburebure bw'umurambararo, n'uburebure bw'igihagararo, n'uburebure bw'ikijyepfo bwarwo ubwo ari bwo" (Abefeso 3:18) nk'asobanura kimwe n'aya ayakurikira ngo, "mumenye n'urukundo rwa Kristo" (Abefeso3:19; gereranya n'Abaroma 8:35–39). Uko twabona kose amagambo ye, akubiyemo inkuru nziza.**

**KU WA GATANU** *3 Kanama*

# ICYUBAHIRO MU ITORERO NO MURI KRISTO YESU

**Pawulo yanzura amakuru atanga ku isengesho rye asojesha amagambo yo guhimbaza Imana, amagambo magufi ameze nk'umuvugo wo guhimbaza Imana. Ni iki ahimbariza Imana?** Abefeso *3:20, 21*.

---

---

Pawulo yari amaze umwanya avuga iby'amasengesho asabira abizera *(Abefeso 3:14–19)*. Ubu noneho arasenga mu buryo butaziguye kandi burimo imbaraga. Amagambo ya Pawulo yo guhimbaza Imana atuma havuka ibibazo bikurikira:

1. Mbese aya magambo yaba yerereza itorero mu buryo budakwiriye, akarishyira ku rwego rumwe na Kristo, muri aya magambo ngo "icyubahiro kibe icyayo mu Itorero no muri Kristo Yesu" *(Abefeso 3:21)*? Nubwo Pawulo ashishikajwe cyane n'itorero ryo muri Efeso, biragaragara ko Kristo ari Umukiza w'itorero kuko ari Kristo utuye mu mitima y'abizera *(Abefeso 3:17)*. Muri aya magambo yo guhimbaza Imana, Pawulo asingiza Imana ku bw'agakiza yahaye itorero binyuze muri Kristo Yesu.

2. Mbese aya magambo ngo "kugeza iteka ryose ry'ibihe bidashira" *(Abefeso 3:21)* yerekana ibihe bitagira iherezo itorero rizamara ku isi, ritegereje kugaruka kwa Kristo? Urwandiko rw'Abefeso rwerekana ibitegerejwe bikomeye bizabaho mu gihe kizaza. Urugero: Abefeso 4:30 havuga ibyo kugeza ku "munsi wo gucungurwa"*)*. Na none, abizera bazamenya ubushobozi buheranije kandi butagira iherezo bwo "mu bihe bizaza" *(Abefeso 1:21)*. Amagambo ya Pawulo yo guhimbaza Imana akwiriye gusomwa nk'aho ari ukwishimira ububasha bwa Kristo butagira iherezo bukoreshwa mu kuzanira abizera ibyiza.

Dusubije amaso ku makuru ya kabiri Pawulo avuga ku isengesho rye *(Abefeso 3:14–21; gereranya n'*Abefeso *1:15–23)*, tubona Pawulo abona imbaraga mu ijuru zo kwitabwaho na Data wa twese *(Abefeso 3:14, 15)*, kuba Mwuka Wera ahora hafi y'abamushaka *(Abefeso 3:16)*, gufatanya na Kristo ubwe *(Abefeso 3:17)*, n'urukundo rwa Kristo rutagira akagero *(Abefeso 3:18, 19)*. Ibi ni ukuri cyane ku buryo atekereza abizera bujujwe "kuzura kw'Imana" *(Abefeso 3:19)* maze akishimira uku kuri kw'ibya Mwuka binyuze mu guhimbaza, na none akishimira ubwinshi bw'imbaraga z'Imana iha abera *(Abefeso 3:20, 21)*.

Igihe cyose twiyumvamo ingorane zidutuze, ibishuko cyangwa gushidikanya, dushobora guhindukirira ububiko bw'amasengesho arimo ubuzima ya Pawulo. Intumwa yagizwe imbohe izamura imirebere yacu ikagera imuhero h'imigambi y'Imana n'ubuntu, atwibutsa ko, ibyo twaba turimo guhura nabyo byose, dufite uruhare mu mugambi w'Imana udakuka (Abefeso *1:9, 10)*, kandi imbaraga zayo zikorera muri twe.

**Ni iyihe migisha y'agaciro kuri wowe mu buryo bwihariye iva ku Mana? Kora umwitozo wo kubaka isengesho ryo guhimbaza Imana kugira ngo uyihimbarize iyo migisha.**

# IBINDI BYO KWIGWA NO KUZIRIKANWA

Soma igice cya 27 cyitwa "Ububyutse bwo muri Iki Gihe," cyo mu gitabo *Intambara Ikomeye* cyanditswe na Ellen G. White, pp. 330–342.

"Ni mu buhe buryo dushobora guhuza imimerere yacu yo kuba ibikuri mu bya Mwuka n'uburyo amagambo yo mu Befeso *3:14–19* hasobanura ukuzura k'ubumenyi dufite amahirwe yo kugira? Ni mu buhe buryo ijuru ritureba, twebwe ababonye amahirwe yose yo mu bya Mwuka y'igihe gito kugira ngo dukurire mu buntu, nyamara tukaba tutarakoresheje ubwo buryo twari dufite? Ntabwo intumwa yanditse aya magambo kugira ngo idukinishe, kugira ngo idushuke, cyangwa ngo izamure ibyifuzo byacu kugira ngo nyuma idutetereze mu mibereho yacu. Yanditse aya magambo kugira ngo itwereke icyo dushobora kandi tugomba kuba cyo, niba tugomba kuba abaragwa ubwami bw'Imana. Ni mu buhe buryo tugomba kuba abakozi bakorana n'Imana, niba turi ibikuri? Tuzi amahirwe Umukristo afite, kandi dukwiriye gushaka kwa gusobanukirwa kwimbitse mu bya Mwuka mu bintu by'Imana Umwami Yesu yifuje ko tugira.

"Mbese twizera Bibiliya mu by'ukuri? Mbese twizera mu by'ukuri ko dushobora kugera ku kumenya Imana dushyizwe imbere muri iyi mirongo? Mbese twizera buri jambo ryose riva mu kanwa k'Imana? Mbese twizera amagambo yavuzwe n'abahanuzi n'intumwa, bayavugiwemo na Yesu Kristo, We soko y'umucyo wose n'imigisha, ari na We utuwemo n'ubutuni bwose no kuzura kose? Mbese mu by'ukuri koko twizera Imana, ndetse n'Umwana wayo?—Ellen G. White, *The Advent Review and Sabbath Herald*, Ukwakira 1, 1889.

**IBIBAZO:**

1. **Gereranya amagambo ya Pawulo yo guhimbaza Imana ari mu Befeso 3:20, 21 n'amagambo yo guhimbaza Imana aboneka mu Isezerano Rishya-** Abar*oma 11:33–36; Abaroma 16:25–27; Abafil. 4:20; 2 Pet. 3:18b; Yuda 24, 25.* **Ni izihe nsanganyamatsiko cyangwa ibitekerezo bikomeza kugarukirana muri iyi mirongo? Ni mu buhe buryo dushobora kugira umutima wo guhimbaza no kuramya bigaragarira muri izo nsanganyamatsiko?**

2. **Gereranya uburyo bune Pawulo akoreshamo ijambo ry'Ikigiriki "*plērōma*" (risobanura "ukuzura") mu Befeso** (Abefeso *1:10, 23;* Abefeso *3:19;* Abefeso *4:13).* **Kuki utekereza ko iki gitekerezo ari ingenzi kuri Pawulo?**

3. **Mu bikorwa by'Imana byose Pawulo ayihimbariza mu Befeso 3, ni ikihe kirusha ibindi byose kugukora ku mutima? Kubera iki?**

3. **Pawulo yanzura ibice bitatu bibanza by'Abefeso nk'uko yabitangiye** (Abefeso *1:3–21),* **akoresha imvugo yo gusenga no guhimbaza. Yishimira imbaraga z'Imana, zigaragara mu mibereho y'abizera binyuze muri Kristo no muri Mwuka** (Abefeso *3:16–21).* **Ni mu buhe buryo, nk'uko Ellen G. White yabyanditse haruguru, dushobora kurushaho kwiyumvamo izi mbaraga mu mibereho yacu?**

# ISABATO YA 31
# KU WA 5 KANAMA 2023

## GAHUNDA YO KUGARURA ICYACUMI NO GUTURA AMATURO

## LETA ZUNZE UBUMWE Z'AMERIKA: IBYIRINGIRO KU BAHOZE ARI ABANYABYAHA

**Matayo 25:36—** "Nari nambaye ubusa muranyambika, nari ndwaye muransura, nari mu nzu y'imbohe muza kundeba."

Nyuma yo kumara imyaka itatu muri gereza kubera ubujura, Sheyini Ekols yiyemeje gutangira ubuzima bushya. Ariko yari yarigeze kujya muri gereza na mbere, kandi yarazi ko amateka yo gukora ibyaha bizatuma bimugora kubona akazi no kwemerwa mu bandi. Ku nshuro ya mbere afungurwa, yahise asubira muri gereza bidatinze. Iki gihe, yari yiyemeje ko bitazongera kubaho na none. Iki gihe, yari afite impamvu yo kwizera ko bishoboka.

Ubwo yarari muri gereza, Sheyini yahuye na Jefiri Kobu, wahoze ari imfungwa akaza kubona Kristo ndetse n'umuhamagaro. Yarazi uburyo bigoye kubona akazi ndetse n'ahantu ho kuba nyuma yo kuva muri gereza. Yari azi neza ko Imana irimo kumuyobora gufasha abahoze bakora ibyaha mu byo babaga bakeneye byihutirwa – ari byo akazi, ndetse n'ahantu ho kuba. Jefiri amaze kurekurwa yakomeje isezerano yagiranye n'Imana, maze ashinga inzu y'agateganyo y'ababaga bavuye muri gereza yiswe Ubwugamo bw'umugaru. Iyo nzu y'agateganyo itanga icumbi ku bagabo bane icyarimwe, ndetse n'ibikorwa bye by'ubuhinzi bikabaha akazi. Jefiri yasezeraniye guha Sheyini ahantu ho kuba nyuma y'aho afunguriwe, ndetse n'akazi mu bikorwa bye by'ubuhinzi. Sheyini ubu afite umudendezo ndetse arimo kubaka ubuzima bushya.

Gereza zo muri Mowati, muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika ntabwo zigira gahunda zo guhugura imfungwa mu bumenyi bw'ingirakamaro, ngo imfungwa zibe zabasha kubona akazi mu gihe zivuye muri gereza. Ibikorwa nk'ibya Jefiri bifasha kuziba icyo cyuho.

Hari n'abandi bumvise uyu muhamagaro. Ari Geta yamaze imyaka 11 muri gereza. Ashimira ubufasha bw'umuryango we ndetse na James Sitoz w'Umudiventiste kumufasha kutaguma muri gereza. Ari yagize ati: "James yanyitayeho mu buryo bwihariye maze anyigisha gushushanya." None ubu ndi rwiyemezamirimo mu gushushanya. Sitoz washinze umushinga witwa inzu za Aphesis, ugizwe n'inzu z'inzibacyuho muri Nashville, yahinduye ubuzima bwe muri gereza. Inzu ya Aphesis ubu ikorana n'amazu ane abamo abagabo 28, ariko haracyari urutonde rw'abandi bagabo bagera kuri 200 bagitegereje.

Imana irimo gukoresha inzu ya Aphesis ngo ihe abagabo ubumenyi bwo mu buzima bakeneye kugira ngo babeho neza nyuma yo kuva muri gereza. Gahunda yo gukumira ibyo gusubira muri gereza hamwe n'amasomo yo guhindura imyitwarire birimo gufasha cyane mu guhindura ubuzima bw'aba bagabo.

**ICYO DUHAMAGARIRWA:** Amaturo yawe y'Isezerano afasha ibikorwa bimwe na bimwe nko gufasha abagabo n'abagore bava muri gereza baba bakeneye ubufasha mu gutangira ubuzima bushya hanze ya gereza kandi mu bwugamo bw'urukundo rw'Imana. Kujya mu murimo w'Imana ni inzira yo kwifatanya na Yo ngo dutebutse kugaruka kwayo!

**IMANA MBERE YA BYOSE**
**DUSENGE:**

ICYIGISHO CYA 6

# Umugabane wa I: Inshamake

**Isomo ry'Urufunguzo**: Abefeso *3:20, 21*

**Amasomo Iki Cyigisho Gishingiyeho**: Abefeso *3; Yobu 11:5-9; Ezekiyeli 43:13-16; Amosi 7:7, 8; Ibyahishuwe 11:1, 2.*

**Intangiriro**: Nyuma yuko abwira abantu iby'iyerekwa ry'icyubahiro ry'umusaraba wa Kristo n'ibyo wasohoje ku bw'Abayuda n'Abanyamahanga, nk'uko biboneka mu Befeso 3:1, Pawulo ashaka guhamiriza bene se na bashiki be bo muri Efeso ko abasabira ngo bashobore kuzirikana mu mitima yabo, gusobanukirwa no kuyoborwa ndetse bagahindurwa n'iryo yerekwa ry'umusaraba n'ubwiza, ububasha n'urukundo by'Imana umusaraba uhishura. Nyamara kandi, Pawulo agitangira kubwira Abanyefeso ko abasabira, we "mbohe ya Kristo Yesu iboshywe ku bw'Abanyamahanga" *(Abefeso 3:1)*, yiyemeza gutinda umwanya muto ku murimo akorera Abanyamahanga. Umurimo we wari ugusobanukirwa "ubwiru" bw'Imana bw'icyubahiro bwo kwinjiza n'Abanyamahanga mu mugambi wayo w'agakiza no mu itorero ryayo. Intumwa ishimangira ko atari ikintu cyaje nyuma yuko Imana itegura umugambi wayo. Ahubwo, wari "umugambi w'iteka ryose" *(Abefeso 3:11)* noneho mu gihe cya Kristo, Imana yakomerejeho ihishurira abari mu isi mu buryo bwuzuye uyu mugambi wayo, iwusohoreza muri Kristo, noneho ubu ikaba irimo kuwusohoreza muri we, we ntumwa ya Kristo.

**Insanganyamatsiko Ziri muri iki Cyigisho**: Icyigisho cy'iki cyumweru cyerekana insanganyamatsiko eshatu z'imena:

1. Isengesho rya Pawulo n'icyo yifuriza itorero byari ukubona itorero nk'abantu bashya, ribumbiwemo n'Abanyamahanga.
2. Kwinjizwamo kw'Abanyamahanga byari ubwiru bw'Imana bukomeye ndetse n'ikintu gitunguranye kuri mwenemuntu. Pawulo yari igisonga cyoroheje cy'ubwo bwiru.
3. Ku bw'uko kwinjizwamo kw'Abanyamahanga, maze bityo inyokomuntu yose ikaba iri mu mugambi w'agakiza, itorero ryahindutse ishusho/ukwerekanwa kw'ubwenge bw'Imana, urukundo rwayo, imbaraga zayo, ndetse n'ubwiza bwayo, mu isi no mu ijuru ryose.

# Umugabane wa II: Ubusobanuro

### Ubwiru bw'Imana n'Urufatiro rw'Intumwa n'Abahanuzi

Impaka ku Bayuda n'Abanyamahanga bungiwe mu mubiri wa Kristo, zibyutsa ikibazo cy'isano iri hagati y'itorero na Isirayeli. Abakristo bubatse ingero zitandukanye zerekana isano ya Isirayeli n'itorero. Uburyo bumwe bufitanye isano n'umuco wa kera ni uko Isirayeli yari ishyanga ry'isezerano ry'Imana, nyamara ko igihe Isirayeli nk'ishyanga bari bamaze kwanga Yesu nka Mesiya, Isirayeli nk'ishyanga yaranzwe maze isimbuzwa itorero. Ku bw'ibyo rero, nyuma ya Kristo, Isirayeli nta ruhare isohoza mu butunzi bw'Imana bw'agakiza. Abandi bigisha b'iyobokamana bafashe "ubusobanuro bw'amagambo nk'uko ari" mu byanditswe maze bubaka inyigisho ivuga yuko amateka yigabanyijemo imigabane itandukanye y'abantu Imana ifata mu buryo butandukanye; bivuga ko Isirayeli n'itorero bahagarariye ubwoko bw'Imana bubiri butandukanye. Ubu bwoko bubiri bukaba bufite imihamagaro itandukanye, amasezerano atandukanye, n'inzira zitandukanye zo kugera ku gakiza, ndetse n'imigambi itandukanye mu butunzi bw'agakiza.

Yemwe ndetse n'iyo usomye by'amajyejuru inzandiko za Pawulo n'Isezerano Rishya, ubona ko iyi myumvire y'uburyo bwombi irimo ikibazo kandi ko uburyo buvuga yuko amateka yigabanyijemo imigabane itandukanye y'abantu Imana ifata mu buryo butandukanye ku birebana n'itorero na Isirayeli, bunyuranye mu buryo bwihariye n'icyo Pawulo yari ashyize imbere. Ingingo nyinshi z'ingenzi z'imyumvire ya Pawulo ku bijyanye n'isano iri hagati y'itorero na Isirayeli zishobora kwerekanwa hano.

*Iya mbere*: Pawulo abona isano y'ingenzi ikomeza kubaho hagati ya Isirayeli n'itorero. Iyi sano igomba kumvikana mu cyerekezo cy'ihame ryo gusobanura Bibiliya ryo gusohozwa kw'isezerano ryahawe abantu bose: Kristo n'ubwoko bw'Imana bwo mu Isezerano Rishya ni ugusohozwa kw'amasezerano Imana yatanze mu Isezerano rya Kera. Mu Isezerano rya Kera, Imana yakijije Isirayeli maze iyihamagarira kumenyesha abari mu isi amasezerano y'Imana n'amasezerano y'ubuntu. Binyuze muri Isirayeli, Imana ihamagarira abantu kwakira amasezerano yayo y'ubuntu no kwinjira mu masezerano yayo yagombaga kugera ku miryango n'amoko yose byo mu isi. Icyo Isirayeli yari ihamagariwe gukora ntabwo ari umurimo wo kwagura ubwami aho yagombaga gutsinda amahanga yo mu isi no kugenda iyiyomekaho. Ahubwo byari byitezwe ko amahanga aza akinjira mu masezerano Imana yatanze, ibyo bikaba binyuranye no kwiyomeka ku ishyanga runaka cyangwa se kwiyomeka ku bwami. Bityo rero, Isezerano rya Kera ryari ritegereje ikirenze imyubakirwe y'ishyanga ry'ubwoko bw'Imana, aho abantu bo mu mahanga yose bari guhinduka umugabane w'isezerano rimwe Imana yatanze *(Itang. 12:1-3, 1 Abami 8:41-43, Yes. 56:3-7, Yesaya 60:3)*. Iyi myubakirwe irenze iy'ishyanga, yasohorejwe mu bwoko bw'Imana bwo mu Isezerano Rishya bugizwe n'Abayuda n'Abanyamahanga.

*Ingingo ya kabiri*: nk'umusaruro w'ibyo, Isirayeli n'itorero ntabwo ari amoko abiri y'Imana abaho mu buryo bubangikanye, buri bwoko bukaba bufite isezerano ryabwo, inzira yabwo ibugeza ku gakiza, ndetse n'umurimo bugomba gukora. Ibiri amambu, Kristo yasobanuye ko umurimo we wari uwo "kuzana" "izindi ntama ze zitari mu rugo" kugira ngo "zihinduke umukumbi umwe, zigire umwungeri umwe" *(Yohana 10:16)*. Nta nubwo itorero risimbura Isirayeli nk'ishyanga, mu rwego rw'uko Isirayeli yaba yarabaye ishyanga ry'Imana kugeza kuri Kristo, noneho ubu, nyuma y'uko Kristo ataye Isirayeli nk'ishyanga, itorero rikaba ari ubwoko bushya bw'Imana. Ibiri amambu, kuri Pawulo, itorero ntabwo ari ubundi bwoko bw'Imana bunyuranye n'ubwa mbere, ahubwo ni ugusohozwa kw'isezerano ritangaje ry'Imana mu Isezerano rya Kera: ihamagarira inyokomuntu yose kuza mu buntu bwayo. Ni yo mpamvu mu Baroma igice cya 9 Pawulo abona itorero nk'irigizwe n'Abayuda *(Abar. 9:23-26)*.

Ni iby'ukuri, abasigaye bo muri Isirayeli bifatanyije n'iteraniro rigose Yesu *(Abar. 9:27-29)*, nyamara ni byo rwose ko aba basigaye ari bo berekana ko Imana itanze ko Abisirayeli baba umugabane ugize itorero ry'Imana *(Abar. 11:1)*. Aba basigaye ni bo bahamya ko hari isano ikomeza ndetse n'ubumwe hagati ya Isirayeli n'itorero. Kubera iyi mpamvu, mu Baroma 11:16-18, Pawulo agereranya itorero n'igiti cy'umwelayo: amashami amwe ni abana ba Isirayeli, andi mashami akaba Abanyamahanga, nyamara amashami yose agaburirwa n'umuzi umwe; ni ukuvuga rya sezerano Imana yagiranye na Aburahamu. Iteka ryose Imana yari ifite umugambi umwe w'agakiza, urubyaro rumwe ari rwo Kristo, isezerano rimwe, n'ubwoko bumwe.

Iki gitekerezo kimwe cy'umugambi w'Imana, isano ikomeza iri hagati ya Isirayeli n'itorero, ari na cyo gituma habaho ubumwe bw'ingenzi bw'itorero, cyongera kwigaragaza mu Befeso igice cya 2 n'icya 3. Pawulo asobanura ko itorero rigizwe n' "abakebwe" n' "abatarakebwe" (Abefeso *2:11)*. Ntabwo intumwa ivuga ko Abayuda n'itorero ari ubwoko bubiri butandukanye, cyangwa ko itorero risimbura Abayuda nk'ubwoko bw'Imana. Ibiri kure yo kwigiza Abayuda hirya y'itorero, Pawulo akurikiza iyobokamana rya Yesu ndetse akemeza yuko agakiza gaturuka mu Bayuda *(Yohana 4:22)*. Kubera iyi mpamvu, Pawulo ashimangira ko mu gihe Abanyamahanga bari bari "kure," Abayuda bo bari bari "hafi" (Abefeso *2:17)*. Hari ahandi Pawulo asobanura uku "kuba hafi" mu mvugo yo kuba barakiriye amasezerano y'Imana, ubuhanuzi bw'Imana, Mesiya, ndetse n'umurimo w'Imana wo kumenyesha ibyo byose abari mu isi *(Abar. 9:4, 5)*. Nuko rero, Abanyamahanga ni bo bigijwe hafi maze bubaka ku rufatiro rw'abahanuzi b'Abaheburayo, ibyo bikaba binyuranye no kubaka ku rufatiro rw'imigani mihimbano yabo ya kera cyangwa ubucurabwenge bwabo.

*Ingingo ya Gatatu*: N'igihe yavugaga ku rufatiro rw'itorero, Pawulo akoresha igitekerezo kimeze nk'isano ikomeza ya Isirayeli n'itorero, noneho ubu bwo akabivuga mu mvugo yo guhishurirwa. Itorero ryubatse ku guhishurirwa kwavuye ku Mana. Nyamara ntabwo Imana ifite amahishurirwa abiri adakomeza, ari yo Sezerano rya Kera n'Isezerano Rishya. Ntabwo yahishuye ikintu runaka mu Isezerano rya Kera maze hanyuma ngo ireke umugambi wayo kugira ngo ihishure undi mushinga mushya. Umugambi wayo ni umwe, kandi uguhishura kwayo ni kumwe kandi kurakomeza. Ni yo

mpamvu Pawulo ashimangira ko itorero ryubatswe ku ntumwa n'abahanuzi *(Abefeso 2:20;* reba na none uko Yohana agaragaza Yerusalemu Nshya, aho amazina y'inyumwa yanditswe ku mfatiro z'umurwa, ndetse n'amazina y'abakurambere akaba yanditswe ku marembo; nyamara intumwa n'abakurambere bose bahurijwe muri Yerusalemu nshya imwe, aho Imana ituye, *Ibyah. 21:10-14).* Ahari impamvu yatumye intumwa ari zo zivugwa mbere, ni uko intumwa ziruta abahanuzi, mu cyerekezo nk'icy'uko Yohana Umubatiza ari we warutaga abahanuzi bose. Uku kuba "mukuru" kugomba kumvikana mu buryo bumwe n'ubwo gusohora kw'isezerano: mu gihe abahanuzi bahanuye ibyo kuza kwa Mesiya, intumwa zo zatangaje ukuza mu isi kwe kwanditswe mu mateka. Mesiya intumwa zavuze nk'uwari waje mu isi, ni we Mesiya abahanuzi bari barabonye mu mayerekwa yabo. Intumwa n'abahanuzi bari bafatanyirije hamwe mu buhamya bwabo, ari na bwo rufatiro rw'itorero.

Nubwo bimeze bityo, mu gihe Pawulo avuga ko intumwa n'abahanuzi bakiriye guhamagara kw'Imana ngo bagire uruhare muri uku gushyiraho urufatiro rw'itorero, bemeye kandi batangaza ko ibuye rikomeza imfuruka yari Yesu w'i Nazareti, nka Kristo wahanuye mu Byanditswe byo mu Isezerano rya Kera (Abefeso *2:20*), ari na cyo kintu cyari kigize ubuhamya bwabo kikaba n'impamvu yabateraga guhamya. Nk'intumwa, Pawulo yakurikije ihame rya Yesu ryo gusobanura ko "ibyanditswe byose" *(Luka 24:27)* ari We byerekanaga, bikerekana ukuza Kwe ndetse n'umurimo yajyaga gukora *(reba Luka 24:25-27).* Kubera ko Yesu ari We buye rikomeza imfuruka, inyubako yubatswe neza "muri We" (Abefeso *2:20-22)* nk' "urusengero rwera" (Abefeso *2:21)* kugira ngo ruturwemo n'Imana (Abefeso *2:22).*

*Iya kane*, Pawulo abona isano ihuza Isirayeli n'itorero na none nk'ihishura uburyo asobanukiwemo Imana n'imico yayo. Imana ya Isirayeli ntabwo ari Imana y'ishyanga ryabo; ni Imana y'isi yose. Nubwo aho ituye ho mu isi hashobora kuba Yerusalemu, imanza zayo ntabwo zigarukira muri Yudeya n'ahahazengurutse gusa. Ahubwo, Imana y'Abakristo ifite intebe yayo y'ubwami ahantu ho mu ijuru cyangwa mu buturo kandi itegeka ububasha bwose bwo mu isi no mu ijuru *(Mat. 6:10, Mat. 28:18,* Abefeso *1:21)* kubera yuko ari yo Muremyi w'isi yose ikaba n'Umucunguzi wayo. Ni yo mpamvu Imana ihamagara abari mu isi yose ngo bayigarukire, bakire ubuntu bwayo, kandi babe mu bwami bwayo.

## Umugabane wa III: Imyitozo

1. Abantu bakunda ubwiru, amabanga. Saba abigishwa bawe kwita kuri ibi bibazo: Mbese hari ubwo wigeze ubaho imibereho nk'iy'umurinzi w'ubwiru bukomeye bw'icyubahiro, ubwiru bwahinduye imibereho yawe by'iteka ryose, ndetse nk'uko ubisobanukiwe, bukaba bazahindura isi by'iteka ryose mu buryo buhebuje ubundi bwose kuba bwiza? Niba ari ko bimeze, sobanura igisubizo cyawe. Hari ubwo wigeze kubwira abandi ubutumwa bwiza, mbese nk'aho ari ubwiru bukomeye kandi bwiza cyane? Nimubiganireho.
2. Mu befeso 3:10, Pawulo ahamya ko itorero ari uburyo Imana ihishurira ubwenge bwayo "abatware n'abafite ubushobozi bwo mu ijuru." Baza abigishwa bawe ibibazo bikurikira: Mbese mukurikije uko mubyumva, itorero ni uguhishurwa k'umugambi w'Imana w'agakiza umenyeshwa abari mu isi n'ijuru? Mbese ni mu buhe buryo? Ni mu buhe buryo ubumwe bw'itorero muri Kristo, ubumwe hagati y'Abanyamahanga n'Abayuda, ubumwe mu miryango n'amatsinda magari y'abantu ari umugabane w'ingenzi w'ihishurwa rikiza ry'ubuntu bw'Imana n'imbaraga zayo? Nimuganire ku bisubizo mu ishuri ryanyu.
3. Mu Bakolosayi 1:27, umurongo uvuga kimwe n'Abefeso igice cya 3, Pawulo ashimangira ko ubwiru bw'Imana bwahishuriwe "abera" mu itorero ari "Kristo muri mwe, ibyiringiro by'ubwiza." Rarikira abanyeshuri bawe gusangiza abandi uburyo bashobora gukoresha basobanurira abatari Abakristo aya magambo. Ni iki intumwa iba ishaka kuvuga igihe ivuga ngo "Kristo muri mwe"? Mbese aya magambo yisanisha ate n' "ibyiringiro by'ubwiza"? Mu rundi ruhande, ni mu buhe buryo ubu "bwiru" bugira icyo buhindura mu mibereho yawe ya buri munsi? Yobora abigishwa bawe mu kiganiro nyungurana bitekerezo ku bisubizo batanze basubiza ibi bibazo.

## GIRA ICYO WANDIKA

# UMUBIRI WA KRISTO WUNZE UBUMWE

## KU ISABATO NIMUGOROBA, 5 KANAMA

**AHO ICYIGISHO CY'IKI CYUMWERU GISHINGIYE:** Abefeso *4:1–16; Abafilipi 2:3; Zaburi 68:18; Ibyakozwe n'Intumwa 2; 1 Abakorinto 12:4–11, 27–30; Yesaya 5:4.*

**ICYOKWIBUKWA:** "Nuko aha bamwe kuba intumwa ze, n'abandi kuba abahanuzi, n'abandi kuba ababwirizabutumwa bwiza, n'abandi kuba abungeri n'abigisha, kugira ngo abera batunganirizwe rwose gukora umurimo wo kugabura iby'Imana no gukomeza umubiri wa Kristo" *(Abefeso 4:11, 12).*

Umwe mu migani yahimbwe na Isopu [Aesop] witwa "*Inda n'Ibirenge*" [*The Belly and the Feet*]. Uteye utya: "Inda n'ibirenge byari birimo kujya impaka ku kirusha ikindi akamaro, maze igihe ibirenge byari bikomeje kuvuga ukuntu bikomeye cyane, kandi ko ari na byo bitembereza inda hirya no hino, inda yarasubije iti: "Nyamara rero nshuti zanjye, ndamutse ntashyize muri jye ibyokurya, ntimwashobora kugira icyo mutembereza na kimwe."—Lloyd W. Daly, *Aesop Without Morals* (New York: Thomas Yoseloff, 1961), p. 148.

Nubwo bimeze bityo, Pawulo yakoresheje umubiri kugirango yigishe ingingo yerekeye ibya Mwuka. Kuri Pawulo, umubiri w'umuntu – n'itorero nk'umubiri wa Kristo—ugizwe n'ibice binyuranye bifite ubushobozi butandukanye, byose bigomba gukorera hamwe kugira ngo umubiri ushobore kugira amagara mazima. Mu Befeso 4:1–16, Pawulo yongera gukoresha imvugoshushso y'umubiri yari yakoresheje neza mbere mu rwandiko yandikiye Abaroma *(Abar. 12:3–8, 1 Abakor. 12:12–31).* Noneho Kristo ni Umutwe w'umubiri, ari wo uha umubiri abantu "bafite impano" bakabasha gufasha umubiri kunga ubumwe, buri gice cy'umubiri—buri wese mu bagize itorero—agaha itorero umusanzu we akoresheje ubushobozi afite.

Ishusho ya Pawulo y'umubiri wunze ubumwe ufite amagara mazima idufasha gusobanukirwa intego Imana idufitiye: ari yo kuba ibice by'itorero ryera imbuto ryunze ubumwe muri Kristo.

# UBUMWE BWA MWUKA

**Soma Abefeso 4:1–16. Ni mu buhe buryo Pawulo atera abizera umwete wo gukomeza ubumwe bw'itorero?**

Pawulo atangira ibice bitatu biheruka by'urwandiko rw'Abefeso *(igice cya 4-6)* ararikira abantu cyane gukomeza ubumwe, nyamara abikora mu bice bibiri by'ingenzi. Bwa mbere, mu Befeso 4:1–6 asaba abizera gukomeza "ubumwe bw'Umwuka" binyuze mu kugaragaza imico yubaka ubumwe *(Abefeso 4:1–3)*, irarika ashyigikiza urutonde rwubatswe nk'igisigo rw'imico irindwi irangwa n'ijambo "umwe" *(Abefeso 4:4–6)*. Ubwa kabiri, mu Befeso 4:7–16, Pawulo yerekana Yesu wanesheje agashyirwa hejuru, nka Soko y'ubuntu mu bantu bayobora abandi mu murimo wo kubwiriza ubutumwa bwiza *(Abefeso 4:7–10)* kandi agasobanura uburyo bakoreye hamwe n'izindi ngingo z'umubiri zose, bagira uruhare mu gutuma umubiri wa Kristo ugira amagara mazima, ugakura, kandi ukagira ubumwe *(Abefeso 4:11–16)*.

Mu gutangira icyo gice, Pawulo ararikira Abakristo "kugenda uko bikwiriye ibyo mwahamagariwe" *(Abefeso 4:1)*. Yakoresheje inshinga "kugenda" nk'imvugoshusho yerekana uburyo bw'imyifatire runaka, cyangwa kugira imibereho runaka *(reba* Abefeso *2:2, 10;* Abefeso *4:17;* Abefeso *5:2, 8, 15)*. Igihe Pawulo avuga ku muhamagaro wabo, aba arengurira ku muhamagaro wabo w'ukwizera kwa Gikristo *(*Abefeso *1:18;* Abefeso *2:4-6, 13)*. Pawulo yingingira abizera gushyira mu bikorwa imyifatire izana ubumwe igaragaza umugambi ndakuka w'Imana *(Abefeso 4:9, 10)*. Atangira uko gushimangira hano binyuze mu guhamagarira abantu gushyira mu bikorwa imico iyobora abandi ku kugira ubumwe *(Abefeso 4:1–3)*, mbese nko kwicisha bugufi, ubugwaneza, no kwihangana.

Nimureke turebe kuri buri jambo muri aya.

Hari ahandi Pawulo asobanura *"kwicisha bugufi" avuga* mu Befeso 4:2 akongeraho *igitekerezo cyo* "kwibwira ko mugenzi wawe akuruta" *(Abafil. 2:3)*. Nuko rero, kwicisha bugufi ntigushobora kumvikana nk'umuco wo kwipfobya *(reba Abakol. 2:18, 23)* ahubwo ni umuco mwiza wo guha agaciro abandi no kubakorera.

*"Ubugwaneza"* (Abefeso *4:2)* bushobora gusobanurwa nk' "inyifato yo kutigaragaza cyane nk'umuntu urusha abandi agaciro" kandi bigasobanura ikinyabupfura, guha abandi agaciro, kwiyoroshya."—Frederick Danker, ed., *Greek-English Lexicon of the New Testament and Other Early Christian Literature*, 3rd ed. (Chicago: University of Chicago Press, 2000), p. 861.

Hanyuma, *"kwihangana"* ni ukuba ushoboye kugwa neza igihe ushotowe cyangwa igihe uri mu birushya.

Ubwo rero iyi mico yose igaragiye insanganyamatsiko yo gutera umugongo ibyo kwifata nk'umuntu urusha abandi agaciro, ahubwo ukibanda ku guha abandi agaciro.

***Kwicisha bugufi, ubugwaneza, kwihangana.*** **Tekereza uburyo iyi mico ishobora gufasha mu gutuma twebwe nk'ubwoko bw'Imana twunga ubumwe. Ni mu buhe buryo twiga gukuza iyi mico?**

# TURI UMWE MURI WE

**Ni uruhe rutonde rwa barindwi (cyangwa ibintu birindwi) bagizwe n'ijambo "umwe" Pawulo avuga ashyigikira insanganyamatsiko y'ubumwe bw'itorero? Ni iyihe ngingo ashaka kwigisha yifashishije uru rutonde?** (Abefeso *4:4–6).*

---

---

Urutonde rw'abarindwi Pawulo yita "umwe cyangwa kimwe" rwubatswe nk'igisigo, kandi rushobora kumvikana nk'indirimbo yo gushimangira yakoreshejwe mu Befeso. Urutonde rutangirira ku babiri "muri bo" avugira hamwe: "Hariho umubiri umwe" *(arengurira ku itorero nk'umubiri wa Kristo,* Abefeso *4:12, 16;* Abefeso *1:23;* Abefeso *5:23, 29, 30) n'* "Umwuka umwe" (Abefeso *4:4).* Ku mwanya wa gatatu hari "ikiringiro kimwe cyo guhamagarwa kwanyu" *(*Abefeso *4:4; gereranya n'*Abefeso *4:1).*

Urutonde rwongera gutanga batatu cyangwa bitatu: "Umwami umwe" (aravuga Kristo), "kwizera kumwe" (arasobanura ibyo abakrito bizera, Abefeso *4:13; Abakol. 1:23; Abakol. 2:7; Abagal. 1:23; 1 Tim. 4:1, 6),* **n'** "umubatizo umwe" *(gereranya n'*Abefeso *5:26)* mbere yo gusoza asobanura cyane Imana avuga ko "hariho Imana imwe, ni yo Data wa twese udusumba twese, uri hagati yacu twese, kandi uturimo twese" *(*Abefeso *4:6).*

Ni iki Pawulo avuga binyuze muri iki gisigo asobanuramo Data wa twese? Kuba ari "Se wa bose," bisobanura ko ari We Muremyi wa bose. Umugabane usigaye w'interuro usobanura uburyo isi ikimara kuremwa, Imana yisanisha n' "ibintu byose" ibyo yaremye byose. Pawulo ntabwo yizera iby'ubuyobe buvuga ko ibyaremwe bihwanye n'Imana (pantheism), cyangwa ngo abe avuga ko ibyaremwe ari umugabane ugize Imana, nubwo Imana ibiruta). Ahubwo ari kugaragazako Imana isumba byose ("uri hejuru ya byose"), Ihora itegeka byose ("ukorera muri byose) kandi Ikaba Iboneka muri byose ("uri muri byose").

Ita kuri ibi bitekerezo bibiri birebana n'ubumwe bw'itorero *(*Abefeso *4:1–6).* Icya mbere: ubumwe ni ukuri kw'ibya Mwuka, bushinze imizi muri za "ngingo ndwi" ni ukuri gukwiriye kwishimirwa *(*Abefeso *4:4–6).* Icya kabiri: ubu bumwe budusaba kugira ishyaka ryo kubukomeza no kubwimakaza *(*Abefeso *4:3).* Akenshi hazabaho impamvu yo kurizwa no gutsindwa kwacu mu gushaka kuvugurura ubu bumwe. Nyamara kandi, nubwo twatsindwa dute, dukwiriye kwishimira umurimo Imana ikora binyuze muri Kristo kugira ngo yunge itorero, ngo ryishimire ukuri ko mu by'iyobokamana k' "ubumwe bw'Umwuka" *(*Abefeso *4:3).* Kugenza gutyo bizadushoboza gusubira kuri wa murimo ukomeye wo guteza imbere ubumwe, nyamara noneho tukabikora dufite kwemezwa kuzima ko mu mitima kutwereka ko nitugenza dutyo, tuzaba turimo gusohoza umurimo w'Imana ubwayo.

**Ongera usome mu Befeso 4:4–6. Mbese hagutera kumva umerewe ute? Mbese hakwiriye kugutera kwiyumva ute, igihe umaze kumenya icyo havuga ku bumwe bwacu dufite mu Mana ndetse tukabugirana na Yo binyuze muri Kristo?**

# KRISTO WASHYIZWE HEJURU AGATANGA IMPANO

"Ariko umuntu wese muri twe yahawe ubuntu nk'uko urugero rw'impano ya Kristo ruri. Ni cyo gituma ivuga iti:
'Amaze kuzamuka mu ijuru, Ajyana iminyago myinshi, Aha abantu impano.'

Ariko iryo jambo ngo 'Yazamutse mu ijuru' risobanurwa rite? Ntirigaragaza yuko yabanje kumanuka ikuzimu? Uwamanutse ni we wazamutse ajya hejuru y'amajuru yose, kugira ngo asohoze byose." *(Abefeso 4:7–10).*

**Ni ibiki birimo biba hano, kandi ingingo Pawulo avuga muri iyi mirongo ni iyihe?**

___

___

Aha ngaha Pawulo yasubiye mu magambo yanditswe muri Zaburi 68:18, ahavuga hati: "Urazamutse ujya hejuru ujyanye iminyago, Uhērewe impano hagati y'abantu, Ni koko, uziherewe hagati y'abagome na bo, Kugira ngo Uwiteka Imana ibane nabo." Muri Zaburi 68:18 herekana Umwami Yehova, nk'umusirikari ukomeye utsinze urugamba, wari umaze kunesha ababisha be, akazamuka umusozi ajya ku murwa mukuru yubatse, agaragiwe n'imbohe avanye ku rugamba *(reba Zaburi 68:1, 2).* Nuko agahabwa ikoro ("uhawe impano") zivuye mu banzi be yatsinze (wibuke ko Pawulo ahuza iyi mvugoshusho na Kristo washyizwe hejuru "agatanga impano," ashingiye ku cyerekezo cyagutse cyo muri Zaburi, reba Zab. *68:35).*

Nidukurikiza uko ibintu bikurikirana muri Zaburi 68:18, kuzamurwa kwa Kristo wagiye mu ijuru *(Abefeso 1:21–23)*—kubanza kubaho, kugakurikirwa no kumanuka aho Yesu wazutse agashyirwa hejuru atanga impano kandi agasohoza byose. Ubu ni bwo buryo Pawulo akoresha yerekana isukwa rya Mwuka Wera ku munsi wa Pentekote *(reba mu Byakozwe n'Intumwa 2).* Iki gitekerezo gishimangirwa n'Abefeso 4:11, 12, aherekana impano zatanzwe na Yesu washyizwe hejuru nk'impano za Mwuka.

"Kristo yazamutse mu ijuru, arangaje imbere iminyago, maze aha abantu impano. Mbese nyuma yo kuzamurwa mu ijuru kwa Kristo, igihe Mwuka yamanukaga nk'uko byari byarasezeranywe, ameze nk'umuyaga w'ishuheri ufite imbaraga, akuzura aho abigishwa bari bateraniye, byagenze bite? 'Abantu ibihumbi bahindukiriye Imana."—Ellen G. White, *Ye Shall Receive Power [Muzahabwa Imbaraga]*, p. 158.

**Nubwo iyi mirongo mike yo mu Befeso yaba yimbitse cyane, ni mu buhe buryo dushobora kwiga kuvana ihumure mu byo yerekana Kristo yadukoreye n'ibyo azadukorera, by'umwihariko ubwo "azasohoza byose"** *(Abefeso 1:23)*?

# IMPANO ZA YESU WASHYIZWE HEJURU

**Ahereye kuri Zaburi 68:18, Pawulo amaze kwerekana Yesu wazutse, washyizwe hejuru, kandi akaba umuneshi amugaragaza nk'utanga impano, akaziha abantu be zivuye mu ijuru. Ni izihe "mpano" Yesu washyizwe hejuru atanga, kandi azitanga mu wuhe mugambi?** Abefeso *4:11–13.*

---

---

Pawulo agaragaza amatsinda ane y'abantu "bahawe" impano nk'umugabane w'ubutunzi bwinshi bwa Yesu washyizwe hejuru kugira ngo ahe itorero rye: (1) intumwa; (2) abahanuzi; (3) ababwirizabutumwa bwiza; (4) abungeri n'abigisha (imiterere y'interuro y'Ikigiriki isaba ko aya magambo abumbirwa mu itsinda rimwe). Kristo atanga izi mpano kugira ngo asohoze umurimo w'ingirakamaro: "kugira ngo abera batunganirizwe rwose gukora umurimo wo kugabura uby'Imana no gukomeza umubiri wa Kristo" *(Abefeso 4:12)* no "kugeza ubwo twese tuzasohora kugira ubumwe bwo kwizera no kumenya Umwana w'Imana, kandi kugeza ubwo tuzasohora kuba abantu bashyitse bageze ku rugero rushyitse rw'igihagararo cya Kristo" (Abefeso *4:13).*

Iyi ngingo iheruka yari ifite umumaro wihariye ku Badiventisti ba mbere, batekerezaga ku mpano z'Umwuka za Ellen G. White. Mbese Imana iha agaciro impano y'ubuhanuzi mu itorero ryo mu gihe cy'intumwa gusa? Cyangwa se iyo mpano irakomeza kugeza ubwo Kristo azaba agarutse? Abadiventisti babonye igisubizo mu Befeso 4:13 maze babisangiza abandi binyuze mu nkuru y'umuyobozi mukuru w'ubwato wagombaga gukurikiza amabwiriza yari yatanzwe mu rugendo. Igihe ubwato bwari hafi yo gutsika ku cyambu, umuyobozi mukuru w'ubwato yabonye yuko amabwiriza amumenyesha ko utwaye ubwato yagombaga kuza akamufasha kubuyobora. Kugira ngo abe indahemuka ku mabwiriza y'umwimerere, agomba kwemerera utwaye ubwato kwicara mu bwato no kumvira andi mabwiriza atanzwe. "Ni nde noneho uri bwumvire igitabo cy'umwimerere cy'amabwiriza? Ni abatemera utwaye ubwato, cyangwa ni abamwemera, nk'uko icyo gitabo kibivuga? Ngaho nimudukize."—Uriah Smith, "Do We Discard the Bible by Endorsing the Visions?" *Review and Herald,* January 13, 1863, p. 52. [Mbese twigizayo Bibiliya kugira ngo dushyigikire amayerekwa?]

Dukwiriye kwitonda igihe dusobanura "abashumba" (cyangwa abapasteri"), "abigisha," n' "ababwirizabutumwa," kubera ko iyi myanya tuyihuza n'icyerekezo cyacu bwite ndetse n'ibihe turimo. Icyo dushobora kwemeza ni uko mu gihe cya Pawulo aba bose bashoboraga kuba bari abayobozi b'abakorerabushake, bakoreraga itorero ryo muri Efeso batarabyigiye *(gereranya na 1 Pet. 2:9, Ibyakozwe 2:46, Ibyakozwe 12:12).*

**Soma Yesaya 5:4: "Ikintu nari gukorera uruzabibu rwanjye nasize ni ikihe?" Tekereza kuri uyu murongo mu cyerekezo cy'ibyo Imana yaduhereye mu murimo wa Ellen G. White. Mbese uhura ute n'uyu murongo?**

KU WA GATANU

10 Kanama

## GUKURIRA MURI KRISTO

**Ni akahe kaga gukura ukagera ku gihagararo cya Kristo bihura na ko mu itorero?** Abefeso *4:14.*

Pawulo abona igihe n'ahantu bidatandukanye n'ibyacu, aho ibitekerezo binyuranye, nk' "imiyaga yose y'imyigishirize" n' "uburiganya bwose bw'abantu" byiroha ku bizera. Akoresha amashusho atatu kugira ngo asobanure akaga gaterwa n'iyobokamana riyobya: (1) kuba abana, "kugira ngo tudakomeza kuba abana" ; (2) akaga ko mu nyanja, "duteraganwa n'umuraba, tujyanwa hirya no hino n'imiyaga yose y'imyigishirize "; (3) kuriganywa n'abantu b'ubwenge bubi, nk'abakinnyi b'urusimbi, abanyaburiganya. Pawulo akoresha mu buryo bw'imvugoshusho ijambo ry'ikigiriki "*kubeia*" ("gukina urusimbi") ashaka gusobanura "ubucakura" cyangwa "uburiganya".

Pawulo yizera ko kurema ibice mu bantu ari ikimenyetso gikomeye cy'ubuyobe; ikintu cyose kigaburira umubiri kikawukuza kandi kikawufasha kunga ubumwe ni cyiza, mu gihe ikintu gisenya kandi kikarema ibice ari kibi. Nibatera umugongo imyigishirize irema ibice maze bagahindukirira abigisha bageragejwe kandi bakiringirwa (Abefeso *4:11*), bazatera intambwe bagana ku kuba Abakristo nyakuri bagere ku gihagararo gikwiriye kandi bagire uruhare rukomeye mu mubiri wa Kristo (Abefeso *4:12, 13; gereranya n'*Abefeso *4:15, 16).*

**Ni mu buhe buryo itorero rizima rikora nk'uko umubiri muzima ukora?** Abefeso *4:15, 16.*

Mu Befeso 4:1–16, Pawulo ashyigikira ko mu itorero haba ubumwe kandi agasaba abamwumva kubusigasira bivuye inyuma. Nubwo ubumwe ari impamo mu by'iyobokamana (Abefeso *4:4–6*), busaba ko hakorwa umurimo ukomeye ku ruhande rwacu (Abefeso *4:3*). Uburyo bumwe dusigasiramo ubumwe ni uko tuba "ingingo" z'umubiri wa Kristo zikora (Abefeso *4:7–16*). Buri wese muri twe ni urugingo rw'umubiri kandi agomba kugira uruhare kugira ngo ube muzima kandi ukure (Abefeso *4:7, 16*). Na none twese dukwiriye kugerwaho n'ibyiza by'umurimo w'intumwa, abahanuzi, ababwirizabutumwa, n'abagabura – abigisha (Abefeso *4:11*). Aba ngaba, nk'imihore, n'imisokoro, ndetse na buri huriro ry'ingingo ryose, (Abefeso *4:16*), bafite umumaro wo guhuza ubumwe, bagatuma habaho gukurira hamwe muri Kristo, ari We mutwe w'umubiri (Abefeso *4:13, 15*).

**Ni iyihe "miraba y'inyigisho" ihuha ku itorero ryacu muri iki gihe, kandi ni mu buhe buryo twahagarara dushikamye tukayitsinda? Zana igisubizo cyawe mu ishuri ryo ku Isabato.**

# IBINDI BYO KWIGWA NO KUZIRIKANWA

Hari ibintu bibiri byadufasha kwagura amagambo twize aboneka mu Befeso 4:7–10:

1. *Guhindura mu rundi rurimi* amagambo aboneka mu Befeso *4:9*. Ingeli zimwe za Bibiliya zerekana ko kumanuka kubaho mbere yo kuzamuka (urugero: nka Bibiliya nshya yitiriwe umwami Yakobo, aho ivuga ngo: "Na none yabanje kumanuka". Izindi ngeli zigakurikiza cyane inyandiko z'Ikigiriki, bigatuma havuka ikibazo cyo kumenya umurimo ubanza hagati yo kuzamuka no kumanuka *(urugero: ingeli mpuzamahanga nshya ivuga itya:*"Mbese amagambo ngo 'yarazamutse' asobanuye iki, uretse kuba yaranamanutse akagera hasi, mu turere tw'isi?" ), bituma umuntu agira igitekerezo kiboneka mu ngingo yo ku wa Gatatu, ko gahunda y'uburyo ibintu bikurikirana muri Zaburi 68:18 ikwiriye gukurikizwa, ari ko gushyirwa hejuru kwa Kristo mu ijuru ("kuzamurwa") kubaho mbere, kugakurikirwa no "kumanuka" kwe muri Mwuka.
2. *Kujyana bunyago abari imbohe*. Mu gusubiramo amagambo yo muri Zaburi 68:18 yavanywe mu Isezerano rya Kera ry'Ikigiriki ryitwa "Septuagint" (Isezerano rya Kera ryari ryanditswe mu rurimi rw'Ikigiriki), Pawulo asoma amagambo nk'uko ari "yajyanye bunyago abari imbohe" (bigaragaza mu ngeli zimwe na zimwe; nyamara bishimangirwa cyane nk'ibisobanura ngo: "yatwaye bunyago itsinda ry'abari imbohe" *(bigaragazwa no mu ngeli mpuzamahanga nshya n'izindi)*. Inshuro nyinshi Abadiventiste b'Umunsi wa Karindwi basobanukiwe aya magambo nk'arengurira ku gikorwa cya Kristo cyo kujyana mu ijuru, igihe yari azamutse, abari bazutse mu muzuko wihariye igihe na We ubwe yari azutse *(Mat. 27:51-53)*. Abo bagize "amahundo yo kumurikwa" umuganura w'abacunguwe, abo amurikira Se igihe aba asubiye mu rugo rwo mu ijuru (reba mu *The SDA Bible Commentary*, vol. 6, p. 1022; *Uwifuzwa Ibihe Byose*, pp. 568-569 (2010), ubigereranye n'ibyanditswe mu gitabo *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p. 534 (2010). Ubundi buryo buhura n'amagambo yanditswe mu Bakolosayi 2:15, ni uko ayo magambo ashobora gufatwa nk'ishusho yo gutsinda kwa Kristo, atsinze abanzi be - Satani n'abamarayika be babi—bagaragazwa nk'imbohe zitsindiwe ku rugamba.

## IBIBAZO:

1. **Gereranya urutonde rw' "impano za Mwuka" ziri mu Befeso 4:11 n'urutonde ruri mu 1 Abakorinto 12:4–11, 27–30; Abaroma 12:4–8; no mu 1 Petero 4:10, 11. Ni ibiki zitandukaniyeho, kandi ni ibiki zihuriyeho?**
2. **Mu itsinda ry'ishuri ryanyu, nimuganire kuri imwe mu "miyaga y'imyigishirize" ihuha ku itorero muri iki gihe. Nimwite ku kuntu Pawulo avuga ko tudakwiriye guteraganwa n'iyo miyaga. Ni ubuhe buryo bwadufasha kwirinda, no kurinda abandi bo mu itorero, kugira ngo badahitanwa n'iyo miyaga ishobora kutwikubitaho?**
3. **Mu rwandiko rw'Abefeso Pawulo ashimangira insanganyamatsiko y' "ubumwe." Ariko se, duharanira uko dushoboye kose kugera ku bumwe? Mu yandi magambo, ni ku ruhe rugero kwifuza ubumwe bishobora guhinduka inkomyi aho kuba igisubizo? Nimubiganireho.**

# ISABATO YA 32
# KU WA 12 KANAMA 2023

## GAHUNDA YO KUGARURA ICYACUMI NO GUTURA AMATURO

## IGIHUGU KITAVUZWE IZINA: KWEREKANA IMPANO Y'IMANA

**Abaroma 1:16-17** — *"Erega ubutumwa bwiza ntibinkoza isoni: kuko ari imbaraga y'Imana ihesha uwizera wese gukizwa, uhereye ku Muyuda ukageza ku Mugiriki, kuko muri bwo ari na mo gukiranuka kuva ku Mana guhishurirwa, guheshwa no kwizera kugakomezwa na ko, nk'uko handitswe ngo "Ukiranuka azabeshwaho no kwizera!"*

Sara n'umuryango we batuye mu gihugu Abakristu batishimiwe. Ariko Imana ifite inzira zo kwerekana uko bayikunda binyuze mu bikorwa byabo.

Igihe Sara yatangiraga ishuri, yasabye mwarimu we kumureka ngo ajye aruhuka ku munsi wa Karindwi kugira ngo ashobore kujya ajya mu rusengero. Ariko umwarimu yamubwiye akomeje ati, "Uzajya witabira amasomo yo wa Karindwi."

Sara yahisemo kutagira icyo arenzaho, ariko ku munsi w'Isabato ajya gusenga, nubwo umwarimu we yari yamuteye ubwoba ko azamwirukana. Mu mwaka wose Sara yajyaga agenda bucece ku Isabato yirengagije iterabwoba rya mwarimu we.

Mu mwaka wakurikiyeho, Sara yabonye umwarimu wajyaga amuha uruhushya rwo kujya gusenga ku munsi wa Karindwi. Umwaka w'ishuri wenda gusoza, umwarimu yatangaje ko hazaba igitaramo ngaruka mwaka cyo kwerekana impano. Sara bamuhisemo ngo ayobore ishuri rye muri icyo gitaramo. Sara yabwiye umwarimu we ati, "Indirimbo nzi ni iz'Imana gusa." Mwarimu we yaramubwiye ngo "nta kibazo."

Sara yahisemo indirimbo ye akunda cyane, ndetse anategura ibimenyetso byo gukorwa ngo bizatume ubusobanuro bw'indirimbo bwumvikana neza, kandi ngo bikoreshwe mu mwanya w'imbyino. Abanyeshuri bateguye neza ku byo bari kuzerekana muri icyo gitaramo. Ariko umuyobozi w'ishuri yatangaje ko igitaramo cyo kwerekana impano kizaba ku munsi wa Karindwi.

Sara yacitse intege, maze abwira bagenzi be bigana ko atazabasha kuza mu gitaramo. Bagenzi be na bo bacitse intege. Umukobwa umwe yarabajije ati, "Tuzabigenza gute nutaba uhari ngo utuyobore?

Sara yarababajije ati, "Mbese mwasengana nange ngo Imana Izagire icyo Ikora, maze tuzabashe kuba turi kumwe ku munsi w'igitaramo?" Incuti ze zarabyemeye.

Ku munsi ubanziriza igitaramo cyo kwerekana impano, haramutse ikirere kibi, bituma umuyobozi w'ishuri yimurira igitaramo ku munsi ukurikira, ku wa mbere.

Abanyeshuri bagenzi be baravuze bati, "Mbega igitangaza", "Imana yawe Iratangaje! Ubu noneho wabasha kutuyobora mu gitaramo cyo kwerekana impano!" Imyiyerekano yabo yarakunzwe cyane. Abanyeshuri basabye Sara umuziki mwiza yakoresheje. Yarababwiye ati, "Ni indirimbo ivuga ku Mana." Sara yaje kumenya ko ashobora gusangiza abandi urukundo rw'Imana. Icyo yagombaga gukora ni ukuyumvira gusa.

**ICYO DUHAMAGARIRWA:** Abakristu bamwe bajya mu bihugu nk'ababwirizabutumwa ba rwihishwa, basangiza kwizera kwabo mu Mana mu bice biteye akaga nko mu gihugu Sara atuyemo. Nyamuneka sengera abantu bakora bucece muri ibi bihugu kugira ngo abantu bataragira icyo bamenya ku Mana babashe kumenya urukundo rwayo n'agakiza kayo. Kandi ube umwizerwa mu gutanga buri gihe amaturo yawe y'Isezerano kugira ngo itorero rishobore kohereza ababwirizabutumwa rwihishwa mu bice Abakristo badakunzwe.

**IMANA MBERE YA BYOSE**
**DUSENGE:**

ICYIGISHO CYA 7

## Umugabane wa I: Inshamake

**Isomo ry'Urufunguzo:** *Abefeso 4:11, 12*

**Amasomo Iki Cyigisho Gishingiyeho:** *Abefeso 4:1-16; Abafilipi 2:3; Zaburi 68:18; Ibyakozwe 2; 1 Abakorinto 12:4-11, 27-30; Yesaya 5:4.*

**Intangiriro:** Kugeza ubu, Pawulo yasobanuye imbaraga ziri mu gakiza k'Imana n'uburyo gakorera mu mateka y'abari mu isi, kakunga Abanyamahanga n'Abayuda bagahinduka mwenemuntu umwe muri Kristo. Mu Befeso 4:1-17, Pawulo akomeza insanganyamatsiko y'ubumwe. Mu kugenza atyo, Pawulo ashimangira ko ubumwe ari ikirango cyangwa ikimenyetso cy'itorero kitagomba kubura. Ubumwe ni umusaruro w'agakiza k'Imana, nyamara kandi ni n'igikoresho cyo gusohoza umurimo w'Imana ku itorero no muri ryo. Ku bw'iyi mpamvu, Pawulo arenga insanganyamatsiko y'ubumwe bw'Abayuda n'Abanyamahanga mu itorero maze akibanda ku bumwe bw'imbere mu itorero mu mibereho yaryo no mu murimo. Noneho ubu, ubwo muri Kristo hataba Umuyuda n'Umunyamahanga, ubu muri Kristo twese tukaba turi abavandimwe hatitawe ku bwoko bw'umuntu, Pawulo aravuga iby'ubumwe bw'Abakristo bose nk'abagize umubiri umwe kandi bakaba bahuriye mu murimo umwe wa Kristo.

Ubumwe bw'itorero bushobora kugerwaho mu buryo butandukanye:
(1) Kubwo gusangira n'abandi inyifato za Kristo zo kwiyoroshya, ubugwaneza no kwihangana;
(2) Kubwo guhanga amaso icyitegerezo cyashyiriweho kwerekana imibereho y'itorero:
Ubumana bugizwe n'abatatu ari bo Imana Data, Imana Mwana na Mwuka Wera n'umurimo
wabo wo kurema no gucungura;
(3)Ku bw'ibikoresho bya Kristo by'agakiza byunga abantu byubatse itorero—ari byo
byiringiro bimwe, ukwizera kumwe, n'umubatizo umwe;
(4) Ku bw'impano za Mwuka izo Imana ikoresha iha itorero imigisha ngo rikure kandi rigire
ubumwe mu mubiri umwe muri Kristo kugira ngo risohoze umurimo waryo mu isi.

**Insanganyamatsiko Ziri muri Iki Cyigisho:** Iki cyigisho kibanda ku nsanganyamatsiko eshatu z'imena ziboneka mu Befeso 4:1-16:

1. Ubumwe bw'itorero ni ingenzi cyane mu kwerekana icyo riri cyo, imibereho ndetse n'umurimo waryo.
2. Ubumwe bw'itorero bugerwaho igihe itorero rihanze amaso imibereho y'abagize Ubutatu kandi rikakirana ubwuzu indangagaciro z'Imana n'inyifato zayo: abatatu bagize Ubumana baratandukanye; nyamara, babaho kandi bagakorera mu bumwe buzira amakemwa.
3. Impano za Mwuka ni ingenzi kugira ngo habeho ubumwe, imibereho ndetse n'umurimo by'itorero.

## Umugabane wa II: Ubusobanuro

***Itorero nk'Umubiri wa Kristo***

Mu Befeso 1:22, igihe Pawulo avuga ko itorero ari umubiri wa Kristo, ntabwo aba avuga ko itorero ubwaryo ryavuye mu ijuru cyangwa ngo ribe ikintu ndengakamere. Mu butunzi bw'umugambi w'agakiza, ni Imana yihinduye umuntu, ntabwo ari abantu bahindutse Imana. Itorero ni umubiri wa Kristo mu rwego rw'uko rigizwe n'abantu bashya bakijijwe, bahagarariwe no kwihindura umuntu kwa Kristo kandi bagasohorezwa muri ko. Ni abantu bashya baremwe, bakijijwe kandi bategekwa na Kristo, We Muremyi wabo, Umukiza wabo, ndetse akaba n'Umwami wabo. Muri ubwo buryo, itorero ntabwo rifite isōko mu bumana; ahubwo itorero ni ubwoko bw'Imana—ubwoko bwaremwe n'Imana none ubu rikaba ryarakomorewe kandi rikagarurwa mu bwami bwayo. Ni muri ubwo buryo itorero riba "ukuzurira muri We, We ushyikirwamo na byose" *(Abefeso 1:23).*

***Isōko y'Ubutatu n'Icyitegererezo cyo Kubaho kw'Itorero n'Ubumwe bwaryo***

Ubumwe bw'itorero ni ingenzi mu byo Pawulo yigisha ku itorero, nyamara Pawulo ntatanga icyitegererezo cy'ubu bumwe akurikije ubumwe bw'imiyoborere mu bya politiki, ubukungu, n'ibya gisirikari byo mu bwami bw'Abaroma cyangwa izindi nzego zashyizweho n'abantu. Ahubwo, Pawulo ashinga imizi y'ubu bumwe bw'itorero muri kamere y'Imana y'Abakristo, mu butatu bugize Imana. Mu by'ukuri, urwandiko rwandikiwe Abefeso rwuzuyemo ibintu birengurira ku batatu bagize Imana bihishura iyerekwa rikomeye rya Pawulo rivuga uko abo batatu bagize Imana bari ku murimo mu mugambi w'agakiza, mu guhanga no kubaka itorero.

Nk'uko mu Befeso 1:1-14 Pawulo asobanura abagize ubutatu bugize Imana bari ku murimo w'agakiza kacu, mu Befeso 1:15-23 Pawulo agaragaza Imana Data n'Imana Mwana bari ku murimo wo kurema itorero, kuriha umugisha, no kuriha ubushobozi. Kubera iyi mpamvu, Pawulo asoza uyu mugabane yita itorero "umubiri" wa Kristo no "kuzura" kw' Imana Data *(Abefeso 1:23; na none reba mu Abefeso 4:6)*. Mu Befeso 2:19-22, abagize Ubumana bose bari mu murimo wo guhanga itorero: itorero ni "urugo" cyangwa "urusegero rwera" rwa Data wa twese rwubatswe kuri Kristo Yesu maze "muri We" abagize itorero bakubakanwa ngo babe ubuturo bw'Imana mu Mwuka". Mu Befeso igice cya 3, Pawulo abona itorero nk'umusaruro w'ubuntu bwa Data wa twese *(Abefeso3:2)* wahishuriwe "mu Mwuka" *(Abefeso 3:5)* nk "ubwiru bwa Kristo" *(Abefeso 3:4)* cyangwa se "ubutunzi butarondoreka" *(Abefeso 3:8)* bwahawe "intumwa n'abahanuzi" *(Abefeso 3:5)*. Na none, Data wa twese *(Abefeso 3:14)* aha ubushobozi itorero "binyuze muri Mwuka We . . . kugira ngo Kristo ature mu mitima yanyu ku bwo kwizera" *(Abefeso3:16, 17)* kandi ngo itorero "rimenye" urukundo rwa Kristo *(Abefeso 3:18)* kandi "ryuzuzwe ukuzura kw'Imana" *(Abefeso 3:19)*. Ikindi kandi itorero riremwa n'Imana kandi rigahurizwa hamwe na Yo kuko Imana ari Yo "Se w'imiryango yose yo mu ijuru no mu isi *(Abefeso 3:14, 15)*. Ibiremwa biri mu ijuru no mu isi bifata izina ryayo kuko ari Yo yaturemye twese, kandi muri Yo turi umuryango. Mu muryango w'Imana uhurije hamwe isi n'ijuru, dufitanye isano y'amaraso, ntabwo tuyifitanye n'abo dusangiye itorero gusa mu bantu, ahubwo tuyifitanye n'abari mu ijuru ryose no mu isi yose *(reba na none Abaheburayo 12:22, 23)*. Bityo rero, mu gihe Pawulo yibanda ku gakiza ndetse no ku itorero ku isi, yitondera cyane kuguma ku cyerekezo cy'ijuru yari yatangiye igihe yandikaga ibijyanye n'ahantu ho mu ijuru mu Befeso igice cya mbere.

Mu Befeso igice cya 4, ageza ku rwego rwo hejuru y'izindi inyigisho ye ikomeye y'itorero nk'iryaremwe kandi rigateranyirizwa hamwe n'Imana kandi muri Yo. Pawulo avuga ku ubumwe bw'itorero, mu kuri ari "ubumwe bw'Umwuka"*(Abefeso 4:3)*. Mu buryo bumeze nk'ubwa gisizi, Pawulo abwira abasomyi b'urwandiko rwe ko ubu bumwe buhurije hamwe abagize Ubumana bose. Turi "umubiri umwe" kubera ko hariho "Umwuka umwe" waduhamagariye kugira "ibyiringiro bimwe"*(Abefeso 4:4)*. Mu buryo nk'ubwo, mu Mwami wacu umwe," dufite kwizera kumwe n'umubatizo umwe" *(Abefeso 4:5)*. Mu buryo budasubirwaho, itorero ryunze ubumwe kubera yuko dufite "Imana imwe ari Yo Data wa twese udusumba twese, uri hagati yacu twese " *(Abefeso 4:6)*. Bityo rero, itorero ririho bitewe n'uko Imana yaturemye kandi ikaduhamagara. Ikindi ni uko itorero ririho nk'umubiri uhurujwe hamwe kubera ko Imana yariremye kandi ikarihamagara ari imwe: ni ubutatu bugize Imana imwe. Itorero ntirishobora kubaho Imana itariho; itorero ntirishobora kubaho ritari "umwe"; itorero ntirishobora kuba umwe riramutse ridashoye imizi mu nyigisho ya Bibiliya ivuga ko hariho Imana imwe mu Butatu.

***Impano za Mwuka, Kubaho, Ubumwe, n'Umurimo by'Itorero***

Nyuma yo gushyiraho urufatiro mu by'iyobokamana rwo kubaho kw'itorero n'ubumwe bwaryo mu Butatu bugize Imana, mu Befeso igice cya 4 Pawulo asobanura mu buryo bufatika kurushaho ukuntu itorero ari umubiri umwe wa Kristo n'uburyo Mwuka Wera akorera mu bumwe bwaryo. Kugira ngo ibyo abikore, Pawulo agaruka ku nsanganyamatsiko ziri mu

Befeso igice cya 1: kuzamurwa mu ijuru kwa Kristo akicara ku ntebe y'ubwami y'Imana *(Abefeso 1:20)*, ugushyirwa hejuru Kwe *(Abefeso1:21, 22)* no kuba ari We "mutwe" w'itorero, rikaba "umubiri We" *(Abefeso 1:22, 23)*, ndetse n'umugisha w'itorero Rye "hamwe n'imigisha yose y'Umwuka y'ahantu ho mu ijuru" *(Abefeso1:3)*. Iyi migisha yari imigisha y'ubuntu ku bw'agakiza kabonerwa muri Kristo: "gucungurwa ku bw'amaraso ye, kubabarirwa ibicumuro" *(Abefeso. 1:7)*, guhishurwa k'ubutumwa bwiza bwa Kristo *(Abefeso 1:7-13)*, no kwizera *(Abefeso 1:13, 15)*.

Mu Befeso 4, intumwa ikurikiza urugero rusa n'urwo kugira ngo isobanure ko Kristo yazamutse *(Abefeso. 4:8)* kandi agashyirwa hejuru *(Abefeso 4:10)*. Amaze kuba "umutwe" w'itorero *(Abefeso 4:15)*—ni ukuvuga ko na ryo ari umubiri We *(Abefeso 4:16)*—Kristo "yahaye impano" ubwoko bwe *(Abefeso 4:8)*. Izi mpano zitwa impano za Kristo kandi na none zihuzwa n' "ubuntu" : kugira ngo buri wese muri twe ahabwe ubuntu nk'uko urugero rw'impano ya Kristo ruri" *(Abefeso 4:7)*. Nubwo bimeze bityo, izi mpano ntabwo ari imigisha ikiza abanyabyaha, nk'uko bimeze mu Befeso 1, ahubwo ni imigisha cyangwa ubuntu bushoboza itorero kubakika, kugira ubumwe ndetse no gukora umurimo. Pawulo yerekana izi mpano nko kuba "intumwa…abahanuzi...ababwirizabutumwa bwiza…abungeri n'abigisha" *(Abefeso 4:11)*. Ahandi, Pawulo azita impano z'ubuntu *(charismata; Abar. 12:6-8, 1 Abakor. 12:4)* cyangwa impano *(pneumatikois; 1 Abakor 12:1)*, zatanzwe kandi zigakwirakwizwa na Mwuka Wera *(1 Abakor. 12:4, 7-11)* ngo zigere ku bari mu itorero rya Kristo *(1 Abakor. 12:12, 13)*.

Bityo rero, nubwo Pawulo akoresha urugero rusa n'urwo rw'insanganyamatsiko ziri mu Befeso igice cya 1 n'icya 4, yerekana imisusire itandukanye y'itorero. Mu gihe mu Befeso igice cya 1 intumwa ivuga iby'agakiza k'abantu, mu Befeso igice cya 4, ivuga ibyo kubaho kw'itorero, ubumwe ndetse n'umurimo waryo. Ni cyo gituma mu Befeso igice cya 4, Umwami Yesu wazutse kandi akajya mu ijuru (*Abefeso 4:8-10)* aha buri wese mu bagize itorero "ubuntu … nk'uko urugero rw'impano ya Kristo ruri" *(Abefeso 4:7)*. "Guha" cyangwa "ubuntu" hano ni inshingano *(Abefeso 4:11)*, ntabwo ari ubuntu buzana agakiza cyangwa kubabarirwa. Ni impano yo "gutunganiriza abera rwose gukora umurimo wo kugabura iby'Imana no gukomeza umubiri wa Kristo" *(Abefeso 4:12)*.

Ni byo koko, itorero rigizwe n'abantu ku giti cyabo bakijijwe, nyamara gukizwa kwabo ni intangiriro gusa y'imibereho Imana yagambiriye kugeza ku itorero ryayo. Imana irema inyokomuntu nshya, ari yo bwoko bwayo, kandi uyu muryango mugari mushya wubakwa na Mwuka binyuze mu "buntu" *(charisma; Abefeso 4:7)*. Binyuze mu *buntu* cyangwa impano, Mwuka akorera mu itorero "kugeza ubwo twese tuzasohora ku bumwe bwo kwizera no kumenya Umwana w'Imana" *(Abefeso 4:13,)*. Cyangwa se, mu yandi magambo, kugeza ubwo twese tuzakura "tukagera ku rugero rw'igihagaro cya Kristo" *(Abefeso 4:13)*, We mutwe w'itorero *(Abefeso 4:15)*.

Nibura hari imyanzuro y'ingenzi myinshi n'ubusobanuro burengurirwaho dushobora gukura mu iyobokamana rya Pawulo yigisha ku itorero mu Befeso igice cya 4:

Uwa mbere: itorero si umuryango washinzwe n'abantu, ukubakwa kandi ugashyigikirwa n'abantu, ndetse ukaba ufite intego za kimuntu. Ibiri amambu, itorero ryahanzwe n'Imana, ryubakwa na Yo kandi Yo ubwayo irarishyigikira no kuriyobora mu murimo waryo.

Uwa kabiri: mu kwerekana ishusho y'ubutatu bugize Imana, itorero rihurizwa hamwe kandi ni ko rigomba kumera. Mu isengesho asenga nk'Umutambyi Mukuru, Yesu yinginze Se ngo "bose babe umwe; nk'uko Se ari muri we, na we akaba muri Se…ngo abari mu isi bizere ko ari wowe wantumye." *(Yohana 17:21)*.

Uwa gatatu: ubu bumwe ntabwo ari igikorwa cy'ubushake bw'umuntu cyangwa ubuhanga bwe, ahubwo ni umurimo wa Data, Kristo Yesu, ndetse na Mwuka Wera bakorera mu itorero kandi bakarikoresha.

Uwa kane: Ubutatu bugize Imana buzana ubumwe no gukura kw'itorero binyuze mu mpano za Mwuka. Muri ubwo buryo, impano za Mwuka ntabwo ari ubundi buryo bw'amahitamo y'itorero abarigize bakoresha igihe babonye ko ari ngombwa. Ahubwo impano za Mwuka ni uburyo Imana ikoresha kugira ngo ishyireho itorero, irikomeze, kandi iriyobore. Ni ingenzi kwita ku kuntu Pawulo adashyiraho inzego z'ubutegetsi bw'itorero zubatswe hashingiwe ku mihango yera rifite, igihe avuga ku mpamvu yatumye itorero ribaho ndetse n'ubumwe bwaryo. Ahubwo, igihe intumwa isobanura neza imyubakirwe y'itorero, ibona inkomoko yo kubaho kwaryo, ubumwe ndetse n'umurimo waryo nk'ibishinze imizi mu Butatu bugize Imana, Yo muyobozi w'itorero n'impano za Mwuka yatanze kugira ngo bigaragare ko iri mu itorero kandi igakorera muri ryo.

Uwa gatanu: insanganyamatsiko yerekeranye n'abagize Ubumana ndetse n'iy'impano za Mwuka ni ingenzi cyane ku iyobokamana rya Bibiliya ku buryo Abadiventisti b'Umunsi wa Karindwi bazivuga mu buryo bwinshi mu myizerere yabo. Abagize Ubumana bavugwa mu mahame shingiro atanu y'ibyo bizera: irya 2 (ari ryo rivuga inyigisho ya Bibiliya y'Ubutatu bugize Imana), 3 ("Imana Data"), 4 ("Imana Mwana"), 5 ("Imana Mwuka Wera"), n'irya 10 ("Imibereho irimo agakiza," ari ryo rivuga ubusobanuro bw'Ubutatu bugize Imana mu gakiza k'inyokomuntu). Inyigisho y'itorero ivugwa mu buryo bukungahaye mu mahame shingiro arindwi y'ibyo twizera: 12 ("Itorero"), 13 ("Abasigaye n'Umurimo Bahamagariwe Gukora"), 14 ("Ubumwe mu Mubiri wa Kristo"), 15 ("Umubatizo"), 16 ("Ifunguro ry'Umwami"), 17 ("Impano za Mwuka n'Imirimo yo Kugabura iby'Imana"), n'irya 18 ("Impano y'Ubuhanuzi").

## Umugabane wa III: Imyitozo

1. Kimwe mu bihe bikomeye byo gukura mu mateka y'itorero ni ukwiremamo ibice no gucikamo uduceduce. Dushingiye ku cyigisho twize mu Befeso 4:1-16, yobora abanyeshuri bawe ku kubaka uburyo bugizwe n'ingingo eshatu bwo kurinda itorero ry'aho utuye ngo rikomeze kugira ubumwe no gukura.
2. Mbese mu myumvire y'abanyeshuri bawe, ni iyihe sano iri hagati yo guhindukirira Imana k'umuntu, kuba umwe mu bagize itorero nk'umubiri wa Kristo, ndetse n'impano za Mwuka?
3. Yobora abanyeshuri bawe mu kiganiro nyunguranabitekerezo gishingiye ku bibazo bikurikira: ni ryari uherutse kwitekerezaho, gutekereza ku muryango wawe, itsinda ry'inshuti ubana na zo, cyangwa ku itorero ryawe mu bijyanye n'impano za Mwuka? Noneho saba abanyeshuri bawe gutekereza uburyo bafashamo itsinda ryabo ry'ishuri ryo ku Isabato bakarushaho kumva igitekerezo cy'uko impano za Mwuka ari umurimo wa Mwuka Wera mu itorero. Saba abagize ishuri ryawe kugaragaza uburyo butatu umurimo wo gutora abakozi b'itorero cyangwa ubuyobozi bw'itorero ushobora guteza imbere impano za Mwuka kugira ngo zishoboze itorero gukura, kugira ubumwe, no gukora umurimo.

Ahari byagorana gushyiraho uburyo bwo gupima urugero rwo kwiyoroshya, ubugwaneza, no kwihangana. Nyamara se, uburyo nk'ubwo buramutse bushobotse, ni uruhe rwego rw'izi ndangagaciro n'inyifato abanyeshuri bawe batekereza ko uburyo nk'ubwo bwagaragaza mu mibereho yabo bwite, mu mibereho y'inshuti zabo, cyangwa mu mibereho y'itorero? Saba abanyeshuri bawe gutekereza uburyo butatu bwo guteza imbere indangagaciro nyakuri za Bibiliya zo kwiyoroshya no kwihangana mu mibereho yabo bwite ndetse n'imibereho y'itorero ryawe ishobora gufasha abantu kugera ku bumwe burushijeho gukomera.

GIRA ICYO WANDIKA

# IMIBEREHO ITUNGANYIRIJWE *MURI* KRISTO *N'*AMAGAMBO AHUMETSWE *NA* MWUKA

## KU ISABATO NIMUGOROBA, 12 KANAMA

**AHO ICYIGISHO CY'IKI CYUMWERU GISHINGIYE:** Abefeso *4:17-32*; Abako*losayi 3:1–17; Zekariya 3:3–5; Zekariya 8:16;* Yesaya *63:10; Abaroma 8:16, 26, 27*.

**ICYOKWIBUKWA:** "Bibabwiriza iby'ingeso zanyu za kera ko mukwiriye kwiyambura umuntu wa kera uheneberezwa no kwifuza gushukana, mugahinduka bashya mu mwuka w'ubwenge bwanyu, mukambara umuntu mushya waremewe ibyo gukiranuka no kwera bizanywe n'ukuri nk'uko Imana yabishatse." *(Abefeso 4:22-24)*.

Jose Antonio yabaga mu nzira z'i Palma, ho muri Esipanye, nk'umuntu utaragiraga inzu yo kubamo mu gihe cy'imyaka myinshi. Kubw'umusatsi we n'ubwanwa byari birimo imvi kandi bidashokoje, Jose yasaga n'aho ashaje cyane kuruta ikigero cy'imyaka y'ubukuru 57 yari afite. Umunsi umwe, Salva Garcia wari ufite inzu batunganyirizamo imisatsi, yegereye Jose amusaba ko yamwemerera agahindura rwose uko agaragara.

Itsinda rikora cyane ryamaranye umwanya na Jose mu nzu batunganyirizagamo imisatsi bamwogosha, bahindura ibara ry'umusatsi we, ndetse baha indi shusho imisatsi n'ubwanwa byari byipfunyitse. Umunsi wakurikiyeho, Jose yabonye imyambaro mishya y'ubundi bwoko. Nyuma yaho haje guhishuka ikintu! Igihe Jose yicaraga imbere y'indorerwamo, amarira yarashotse. Yaravuze ati: "Mbese uyu ni jyewe? Ntandukanye n'uko nari nsanzwe; nta muntu uzamenya! " Nyuma yaho yaje kongeraho ati: "Ntabwo ari impinduka z'uburyo ngaragaramo zabayeho gusa. N'ubuzima bwanjye bwahindutse."

Mu Befeso 4:17–32, Pawulo avuga yuko imibereho y'abizera yajemo impinduka yuzuye. Biyambuye umuntu wa kera maze bakirana ubwuzu umuntu mushya. Mbese mu buryo bujya kumera nk'ubwa Jose, nubwo iyo atari impinduka igaragara inyuma gusa. Ikubiyemo "guhinduka bashya mu mwuka no mu bwenge" *(Abef. 4:23)*, bizana mu mibereho "gukiranuka no kwera nyakuri" (Abefeso *4:24*). Uku ni uguhinduka kudasubirwaho.

# KURUSHAHO GUSAYA MU CYAHA

**Gereranya Abefeso 4:17–32 n'Abakolosayi 3:1–17. Ni mu buhe buryo Pawulo akangurira abizera kubaho mu buryo butuma ubumwe bukomera mu itorero?**

---

---

Mu mugabane ubanza wo mu Befeso 4:1–16, insanganyamatsiko ya Pawulo yari ubumwe bw'itorero. Iyo tugereranyije Abefeso 4:1 n'Abefeso 4:17, tubona ukuntu uku guhugura kubiri kurebana n'uburyo bwo *kugenda* cyangwa *kubaho* bimeze kimwe cyangwa bisa. Uku gusa kutwereka ko Pawulo avuga ku nsanganyamatsiko imwe—ari yo ubumwe n'imibereho ibushyigikira—nyamara noneho akabyitegereza ahagaze ahantu hashya kandi hadasanzwe ari heza.

Mu Befeso 4:17–24, Pawulo afata imibereho y'abanyamahanga, iyo afata nk'imunga ubumwe (Abefeso *4:17–19)*, akayibusanya n'imibereho nyakuri y'icyitegererezo y'Abakristo ishyigikira ubumwe *(Abefeso 4:20–24)*. Igihe dusoma uburyo Pawulo anenga bikomeye imibereho y'abanyamahanga igoramye, dukwiriye kwibuka ko yemera mu mutima we ko abanyamahanga bacunguwe n'Imana binyuze muri Kristo maze bagahabwa umwanya wo gufatanya n'ubwoko bw'Imana *(Abefeso 2:11–22,* Abefeso *3:1–13)*. Bityo rero, mu Befeso 4:17–19, yerekana mu buryo bugira aho bugarukira imibereho y' "abanyamahanga mu mubiri" *(Abefeso 2:11)*.

Ntabwo Pawulo ashishikajwe n'ibyaha runaka cyangwa imyifatire igaragara mu banyamahanga, imibereho ibahenebereza mu mbaraga z'icyaha. Mu izingiro ry'amagambo ari mu Befeso 4:17–19, hari ishusho y'imibereho y'iby'umwuka yinangiye: "ibitagira umumaro byo mu mitima yabo, ubwenge bwabo buri mu mwijima kandi ubujiji buri muri bo bitewe no kunangirwa kw'imitima yabo byabatandukanije n'ubugingo buva ku Mana" *(Abefeso 4:17, 18)*. Iyi mibereho y'iby'umwuka igoramye ni yo nkomoko yo kwijima k'ubwenge kugaragazwa mu ntangiriro z'iyo mirongo. Yahindutse imibereho igoramye kubw' ("ubujiji buri muri bo, bitewe no kunangirwa kw'imitima yabo," Abefeso *4:18, 19)* hamwe n'imikoreshereze y'igitsina idakwiriye ivugwa mu iherezo ryayo ("kandi babaye ibiti biha ubusambanyi bwinshi, gukora iby'isoni nke byose bifatanyije no kwifuza," Abefeso *4:19)*. Bamaze kujya kure y'Imana, ntibazi uburyo bwo kubaho, kandi ku bwo gutandukanywa n'ubuntu bwayo bukiza, bakomeje kumanuka mu nzira mbi y'icyaha n'ubuhenebere.

**Ni iyihe mibereho wagize yo kurwana n'imbaraga z'icyaha zikomeza gukurura umuntu zimumanura akarushaho gusaya mu byaha?**

# IMPINDUKA ITANGAJE MU MYAMBARIRE

**Mu kongera kuvuga inkuru yo guhinduka kw'abo yabwiraga, ni iyihe ngingo ikomeye y'ingenzi yababwiraga?** (Abefeso *4:20-24).*

Amaze gusobanura imibereho y'abanyamahanga ya mbere *(Abefeso 4:17-19)*, ntabwo Pawulo avuga ati: "Uko si ko mwize ibyerekeye Kristo." Ahubwo, aravuga ati: "Uko si ko mwize Kristo!"*(Abefeso 4:20)*. Mu kuzirikana ko abo yabwiraga "bamwumvise" [Kristo], kandi bakaba barigishirijwe "muri we" *(Abefeso 4:21)* cyangwa barigishijwe "na we", nyuma Pawulo abasaba gukurikiza imibereho isa n'iya Kristo akoresheje aya magambo ngo "ukuri ko muri Yesu" *(Abefeso 4:21)*. Kuri Pawulo, kuza mu kwizera bishingiye ku kugirana isano yihariye na Kristo, ya yindi igaragara kandi y'ukuri ishobora gusobanurwa nko "kwiga Kristo." Twemera ko Yesu wazutse agashyirwa hejuru ari muzima kandi ahorana natwe. Dufata imico ikomoka mu nyigisho ze no mu rugero yatanze ndetse no kwimenyereza kuba indahemuka kuri we nk'Umwami wacu uhoraho. Twegurira imibereho yacu kuyoborwa na we no gutegekwa na we binyuze muri Mwuka n'ijambo rye.

Pawulo atubwira yuko gukurikiza imibereho ya Kristo bisaba ibintu bitatu, yagaragaje binyuze mu mvugoshusho zifitanye isano n'imyambarire: (1) "kwambura" gutera umugongo imibereho ya kera *(Abefeso 4:22)*; (2) kugirwa mushya ko mu mutima *(Abefeso 4:23)*; no (3) "kwambara" umuntu mushya, icyitegererezo cy'imibereho isa n'iy'Imana *(Abefeso 4:24)*. Imvugoshusho ya Pawulo yerekana akamaro ko kwambara mu Isezerano rya Kera nk'ikimenyetso cy'ubunyacyaha *(urugero: Zab. 73:6; Zek. 3:3, 4; Mal. 2:16)* n'ikimenyetso cy'agakiza *(urugero: Yes. 61:10; Ezek. 16:8; Zek. 3:4, 5)*.

Mu bihe bya kera, abagabo bambaraga umwambaro ujya kumera nk'ikanzu idafite amaboko igera mu mavi, hanyuma bakarenzaho umwitero kugira ngo ubarinde izuba. Ibimeze nk'ibyo, abagore bambaraga umwambaro nk'uwo n'ikanzu. Imico yigaragaza muri Bibiliya yakomezaga kugenda igaruka. Imyambaro yari ikintu cy'igiciro kandi ihenze, kandi yabikwaga igihe kirekire. Byasaga n'aho bidasanzwe kugira imyenda irenze umuguro umwe. Agaciro n'ubwoko by'iyo myambaro byerekanaga nyiri ukubyambara n'urwego rw'imibereho abarizwamo. Guhinduranya imyambaro, umuguro umwe ukawusimbuza uwundi, ntibyabaga bisanzwe kandi hababaga habayeho ikintu cy'ingenzi (ibinyuranye n'ibibaho muri iki gihe mu mico myinshi aho umuntu ahindaguranya imyenda yambara uko ashatse n'igihe ashakiye). Pawulo atekereza ko impinduka yo mu mibereho yacu igomba kuba ikintu kibonwa na buri wese, nk'uko guhindura imyenda ukambara indi byari ikintu kigaragarira abantu mu kinyejana cya mbere.

**Ni irihe tandukaniro, itandukaniro ry'ingenzi, riri hagati yo kwiga ibyerekeye Kristo no kwiga kumenya Kristo?**

# KUBAKA UBUMWE, AMAGAMBO YUJE UBUNTU

**Ni ayahe magambo ya Pawulo y'inama ku birebana no kuvuga hagati mu bizera akubera ingenzi kuruta ayandi yose uyu mwanya? Ni ukubera iki?** *(Abefeso 4:25–29).*

Pawulo yakoresheje kenshi ishusho iboneka mu Befeso 4:25–32, igaragazwa neza n'Abefeso 4:25: itegeko rirwanya ("kwiyambura ibinyoma"); itegeko ryubaka rikurikiraho (" 'umuntu wese avugane ukuri na mugenzi we ' "); nuko hakaza impamvu ("kuko turi ingingo za bagenzi bacu," bisa n'aho bisobanura ngo "kuko turi ingingo zo ku mubiri umwe zifitanye isano cyane nk'ibice byo kuri uwo mubiri umwe"). Guhugura kwa Pawulo kubwira abantu "kuvuga ukuri" ntabwo ari ukubararikira guhangana n'abandi bagize itorero bakoresha amagambo y'ukuri mu buryo budafite gahunda nzima. Pawulo arengurira ku magambo ari muri Zekariya 8:16, ahugurira abantu kuvuga ukuri nk'uburyo bwo gusigasira amahoro.

Kubera ko mu Befeso 4:31 Pawulo yamagana uburakari n'amagambo y'umujinya, amagambo ye yo mu Befeso 4:26 nta burenganzira atanga bwo gukoresha uburakari mu iteraniro. Ibiri amambu, Pawulo yemera ko bishoboka ko umuntu yarakara, nyamara akavuga ko kubigaragaza bigomba kugira aho bigarukira, muri ubu buryo, "Nimurakara, ntimugakore icyaha."

Pawulo asa n'uhagarika insanganyamatsiko ye akoresheje itegeko ririmo impakanyi rirebana n'abajura: "Uwibaga ntakongere kwiba" (Abefeso *4:28)*. Mu buryo butarimo impakanyi, umujura agomba "gukora, ahubwo akore imirimo akoreshe amaboko ibyiza" (Abefeso *4:28, na none reba mu 1 Abakor. 4:12, 1 Abates. 4:11)* hashingiwe kuri iyi mpamvu, "kugira ngo abone ibyo gufasha umukene"*(Abefeso 4:28)*. Ahari, hano Pawulo ashyiramo iri jambo ryerekeranye n'abajura kubera isano iri hagati y'ubujura n'amagambo yo kubeshya nk'uko byagaragaye mu nkuru ya Ananiya na Safira iri mu Byakozwe n'Intumwa 5:1–11. Kwizera Pawulo afitiye imbaraga ihindura ya Kristo kurakomeye cyane ku buryo agambirira ko abajura bazahinduka abantu bafasha abakene!

**Nuko Pawulo agategeka ati: "Ijambo ryose riteye isoni ntirigaturuke mu kanwa kanyu" *(Abefeso 4:29)*, byerekana ijambo ririmbura riba rishakisha inzira isa n'idakumirwa ngo rigere ku minwa maze rikore umurimo wo gusenya. Mu buryo bwubaka, Pawulo atekereza ijambo runaka risenya ritashoboye guhagarikwa, ko rishobora gusimbuzwa amagambo agaragaza ibintu bitatu: ni (1) "ryiza, rikomeza abandi," (2) "rivuzwe mu gihe gikwiriye," kandi (3) rihesha "umugisha abaryumvise" *(Abefeso 4:29)*. Iyaba amagambo yose tuvuga yabaga ameze atyo!**

# MWUKA WERA MU MIBEREHO Y'UMWIZERA

**Igihe Pawulo yaganirizaga Abakristo ku byaha bishingiye ku magambo, ni izihe mpuguro Pawulo abagezaho ku bijyanye n'uburyo Mwuka Wera abana n'abizera?** Abefeso *4:30*.

---

---

Pawulo abijyaniranya n'umuburo uteye ubwoba n'isezerano risusurutsa umutima. Ibyaha byacu dukorerana mu itorero ntabwo ari amafuti mato agira ingaruka zoroheje: igitera Mwuka Wera agahinda ni ugukoresha nabi impano yo kuvuga twahawe n'Imana tukayikoresha dusenya abandi *(Abefeso 4:25–27, 29, 31, 32)*. Kuba Pawulo asubiramo amagambo yanditswe muri Yesaya 63:10 bishimangira umuburo ukomeye: "Ariko baragoma [Abisirayeli] bababaza Umwuka we Wera, bituma ahinduka umwanzi wabo ndetse ubwe arwana na bo."

Mu isezerano ryongera kubahamiriza, Pawulo ashimangira yuko Mwuka Wera ashyira ikimenyetso ku bizera uhereye ku munsi bakiriyeho Kristo *(Abefeso 1:13, 14)* ukageza ku "munsi wo gucungurwa" *(Abefeso 4:30)*. Isano Mwuka Wera agirana n'umwizera ntabwo ari isano yoroshye, ahubwo ni isano irambye. Igihe abizera batesheje agaciro Mwuka Wera ubana na bo agatura muri bo bitewe no kurwanisha impano yo kuvuga (y'amagambo), icyo gihe ntibivugwa ko Mwuka Wera *abavaho*, ahubwo *agira agahinda*. Mwuka ashaka kugumana n'abizera, akabashyiraho ikimenyetso cy'uko ari ab'Imana kandi ibarinze kugeza Kristo agarutse.

Pawulo ashimangira ubumana bwuzuye bwa Mwuka nka "Mwuka Wera w'Imana" kandi akagaragaza cyane ubumuntu bwa Mwuka igihe yerekana ko Mwuka Wera agira agahinda. *(Reba na none mu Baroma 8:16, 26, 27; 1 Abakor. 2:10, 13; 1 Abakor. 12:11; Abagal. 5:17, 18.)*

Tugomba kwigengesera igihe tuganira ku bwiru bw'abagize Ubumana. Mwuka Wera ni umwe n'Imana Data n'Imana Mwana, kandi akaba anihariye. "Mwuka Wera afite ugushaka kwe bwite kandi agahitamo akurikije ubwo bushake bwe. Ashobora guterwa agahinda kandi agatukwa. Izi mvugo ntabwo zijyana no kuba Mwuka ari ububasha busanzwe cyangwa imbaraga iri aho gusa, ahubwo ni ibiranga umuntu. Nonese Mwuka ni umuntu umeze nkanjye nawe? Oya. Dukoresha imvugo ya kimuntu ifite aho igarukira igihe dusobanura iby'Imana, kandi Mwuka ni uwo abantu badashobora kuba we."—Paul Petersen, *God in 3 Persons—In the New Testament* (Silver Spring, MD: Biblical Research Institute, 2015), p. 20.

**Ni "Mwuka Wera w'Imana" ubana natwe bya hafi cyane ku buryo bivugwa ko ibikorwa byacu bigira icyo bimutwara. Dusangiye imibereho n'umwe mu bagize Ubumana twahawe mu isano irambye, akadushyiraho ikimenyetso kugeza ku iherezo ry'ibihe. Mbese igisubizo cyo kwizera kwacu ku kuri nk'uku gikwiriye kuba ikihe?**

# UBUGWANEZA (KUDASHARIRA)

Igihe yarenguriraga ku "munsi wo gucungurwa" (Abefeso *4:30)*, Pawulo yararikiye abasomyi b'urwandiko rwe kwita ku buryo bakoresha amagambo mu cyerekezo cyo kugaruka kwa Kristo. Bityo mu Befeso 4:31, 32, hashobora kumvikana nk'aho akemura ikibazo cy'uburyo dukoresha amagambo uko turushaho kwegera icyo gihe.

**Mu mucyo wo kugaruka kwa Kristo, ni izihe nyifato n'imico, bifite aho bihuriye n'ibyo tuvuga, dukwiriye gusezerera ? Ni izihe nyifato n'imico dukwiriye kugira?** Abefeso *4:31, 32.*

---

---

Mu magambo y'impuguro zisoza Abefeso 4:17–32, na none Pawulo atanga itegeko ririmo impakanyi, iri ryo rishyira ahagaragara ibibi bitandatu bigomba "gushyirwa kure"(Abefeso *4:31)*; itegeko ritarimo impakanyi ni ukugirirana neza, kugirirana imbabazi, no kubabarira (Abefeso *4:32)*, akerekana n'impamvu. Abizera bagomba kubabarirana "nk'uko Imana yababababariye muri Kristo" *(Abefeso 4:32)*. Urutonde rw'ibibi rutangira kandi rugasozwa n'amagambo rusange akubiyemo byose ari yo "gusharira kose" n' "igomwa ryose." Hagati hazamo amagambo ane yiyongeraho: "uburakari," "umujinya," "intonganya," no "gutukana" *(Abefeso 4:31)*.

Ijambo risoza aya ngaya ryavanywe mu ijambo ry'Ikigiriki ryitwa *blasphemia*, ryatiriwe n'ururimi rw'Icyongereza nk'ijambo rikoreshwa mu mvugo itesha Imana agaciro. Nyamara kandi, ijambo ry'Ikigiriki ryerekana amagambo ahindanya isura y'Imana cyangwa iy'abantu bagenzi bacu nko "gutukana" cyangwa "kuvuga nabi." Ku rutonde, inyifato nko (gusharira, uburakari, umujinya) asa n'abirira mu magambo y'umujinya (intonganya, gutukana). Ukuri ni uko Pawulo ashaka ko amagambo y'Umukristo adakoreshwa nk'intwaro yo kugirira abandi nabi. Inyifato zituma habaho amagambo y'umujinya ndetse n'uburyo bwo kuvugana ubuhanga buyakoresha zigomba kuvanwa ku rugamba rwa Gikristo. Abakristo bazatunganirwa kandi ubumwe bw'itorero buzakomera gusa *(gereranya n'*Abefeso *4:1–16)* ibi bintu nibishyirwa ku ruhande.

Nubwo bimeze bityo, igishishikaje si ukuvanaho amagambo mabi, ahubwo ni ukuyasimbuza ameza. Ibiganiro byacu n'ibikorwa byacu mu muryango wa Kristo ndetse no hanze yawo, ntibigomba kuzamukira mu mujinya, ahubwo bigomba kuva mu kugirirana neza, kugirirana imbabazi, no mu kubabarirana hashingiwe ku rugero ruhanitse kurusha izindi zose, ari rwo kubabarirwa Imana yatugiriye muri Kristo *(Abefeso 4:32)*. Pawulo atugezaho "imbabazi zo mu cyerekezo gihagaze" (twahawe n'Imana) nk'icyitegererezo "imbabazi zo mu cyerekezo gitambitse" zigomba gushingiraho (izo tugirirana na bagenzi bacu; gereranya n'Abakolosayi *3:13; Matayo 6:12, 14, 15)*.

**Tekereza ku mbaraga z'amagambo uvuga. Ni mu buhe buryo ushobora kuyakoresha uzamura abandi, ubatera ubutwari kandi wubaka kwizera kwabo?**

# IBINDI BYO KWIGWA NO KUZIRIKANWA

"Nimureke ibiganiro byanyu bikorwe mu buryo butazabasaba kwihana. 'Ntimuteze agahinda Mwuka Wera w'Imana wabashyiriweho kuba ikimenyetso kugeza ku munsi wo gucungurwa.'... Niba ufite urukundo mu mutima wawe, uzashaka uburyo bwo gukomeza no kubaka mwene so mu kwizera kurusha ukundi kose kwera. Niba hari ijambo rivuzwe rishobora kwangiza imico y'inshuti yawe cyangwa mwene so, ntugashyigikire ko habaho kuvuga nabi. Ni umurimo w'umwanzi. Ndakwinginze, uzibutse urivuze ko ijambo ry'Imana ribuzanya ikiganiro nk'icyo."—Ellen G. White, *Advent Review and Sabbath Herald*, June 5, 1888.

Mbega ukuntu iteraniro ryanyu ryahinduka iyaba wowe na buri wese mu bagize itorero mwagiraga kandi mugakurikiza iyi *ndahiro* igizwe n'aya magambo akurikira!

1. Nifuza yuko imbaraga yanjye ihindura abandi mu muryango w' Itorero ry'Abadiventisti b'Umunsi wa Karindwi no hanze yawo iba iyubaka abandi, ikabazamura, ikubaka kwizera, ndetse igatera abandi akanyabugabo (Abefeso *4:29*).
2. Kuko nibuka uburyo Kristo yararikiraga abantu kugira ubumwe n'urukundo, nzakoresha imbaraga zanjye mu gushyigikira abakora kandi bakavuga ibyo nizera ko ari byiza aho gutunga agatoki ibyo ntekereza ko ari byiza abantu bananiwe gukora *(Yohana 13:34, 35; Yohana 17:20–23;* Abefeso *4:1–6; 1 Abates. 5:9–11).*
3. Igihe hari ibyo ntemeranywaho n'undi muntu, nzubaha mu buryo bugaragara mugenzi wanjye w'umwizera. Nzubaha agaciro afite mu bantu no kwiyegurira Kristo kwe. Nzatanga igitekerezo cyanjye mu bwitonzi, ntasakuza (Abefeso *4:31, 32).*
4. Nzabaho nezerewe, nzashaka uburyo bwose bwo kubaka no gukomeza umwizera mugenzi wanjye mu gihe ntegereje kugaruka kwa Kristo (Abefeso *4:29, 30; Abagal. 6:2; Abah. 10:24, 25).*

## IBIBAZO:

1. **Ongera usubire mu nshuro 11 ziri mu Befeso aho Pawulo asobanura abatatu bagize Ubumana nk'abakorera hamwe ku bw'agakiza ka muntu. Ni mu buhe buryo uku gushimangira gusubiwemo kenshi kudufasha gusobanukirwa Ubumana?** Abefeso*1:3–14,* Abefeso *1:15–23,* Abefeso *2:11–18,* Abefeso *2:19–22,* Abefeso *3:1–13,* Abefeso *3:14–19,* Abefeso *4:4–6,* Abefeso *4:17–24,* Abefeso *4:25–32,* Abefeso *5:15–20,* Abefeso *6:10–20 (aho izina "Umwami,"* Abefeso *6:10, risobanura Kristo).*
2. **Ni mu buhe buryo inama ya Pawulo ku bijyanye n'ibyo Umukristo avuga** (Abefeso *4:25–32)* **ishobora guhuzwa n'iki gihe kiganjemo "itumanaho hagati y'abantu ryifashisha mudasobwa," rikunze gukoreshwa kenshi mu guharabika gukorewe ku mbuga nkoranyambaga aho izina ry'uwabikoze ritagaragara, maze imico y'undi igahindanywa?**

# ISABATO YA 33
# KU WA 19 KANAMA 2023
# GAHUNDA YO KUGARURA ICYACUMI NO GUTURA AMATURO LAWOSI: AMAGAMBO 100 KU MUNSI

**2 Timoteyo 2:15** — "Ujye ugira umwete wo kwishyira Imana nk'ushimwa, umukozi udakwiriye kugira ipfunwe, ukwiranya neza ijambo ry'ukuri."

Nung ni umwangavu uba muri Lawosi, igihugu cy'imisozi yo mu majyepfo y'iburasirazuba bwa Aziya. Yashakaga kwiga Icyongereza kugira ngo azabashe kujya muri kaminuza ikoresha icyongereza umunsi umwe. Igihe yamenyaga ko hari ikigo cy'Abadiventiste cyigisha icyongereza cyafunguye mu mugi w'iwabo, yihutiye kwiyandikisha.

Nung yigaga amasomo ye ashyizeho umwete. Yihaye intego yo kwiga amagambo 100 yo mu cyongereza buri munsi. Nung nta cyongereza na gike yarazi, ariko yagize umuhati cyane maze bidatinze atangira kujya yumva ururimi. Yitabiraga amasomo ye adasiba ndetse akajya anavugana n'abantu bavuga icyongereza ba kavukire igihe cyose yabonaga amahirwe, kugeza igihe yabashaga kuvuga neza cyane.

Ikigo cy'Abadiventiste cyigisha icyongereza muri Lawosi cyigishije Nung ibirenze icyongereza. Cyamuhaye amahirwe yo kumenya ibya Yesu. Nung na mama we bari mu bantu ba mbere bitabiriye gahunda z'ishuri ryo ku Isabato ry'icyi kigo. Abantu barindwi gusa nibo baje mu materaniro ya mbere. Uyu munsi, abantu barenga 100 baritabira buri cyumweru! Nung na mama we baretse imyizerere yabo ya Budista maze begurira Yesu imitima yabo.

Kuvuga icyongereza byatumye Nung abasha kujya muri kaminuza y'Abadiventiste yo muri Tayilandi, aho arimo kwiga uburezi hamwe n'ubumenyi bw'imitekerereze. Mu duce tumwe twa Lawosi biba bigoye kumenyesha abantu iby'ubumenyi bwa Yesu. Ikigo cyigisha icyongereza ni inzira nziza yo kumenyesha abantu bato n'abakuru ubutumwa bwiza mu gihe baba barimo kwiga ubumenyi bw'ingirakamaro.

Ikigo cyigisha icyongereza ntabwo ari cyo gikorwa cyambere cyatangiriweho mu gushinga Itorero ry'Abadiventiste mu karere Nung na nyina batuyemo. Mu myaka yashize, umuryango w'ababwirizabutumwa winjiye mu mujyi wa Lawosi kugira ngo umenyeshe Yesu Abanyalawosi. Nyuma y'imyaka ine, uwo muryango wahatiwe kwimuka muri uwo mujyi kubera intambara, maze usiga abizera bake bakiri bashya mu byo kwizera. Uyu munsi, Umudiventiste umwe ni we usigaye mu mugi wa Luang Namtha, umugi uri ahantu hitegeye nk'irembo ry'amajyaruguru ya Lawosi ryinjira mu Bushinwa. Itorero ririmo gukora kugira ngo hongere kubaho Abadiventiste muri kano gace ka Lawosi.

**ICYO DUHAMAGARIRWA:** Intego y'itorero ry'Abadiventisti rya Lawosi ni ugushyiraho gahunda yo kubaka ishuri ribanza rikoresha indimi ebyiri, rikazafasha imiryango ifite abana bifuza kwiga mu bihugu mpuzamahanga bya Gikristo. Amaturo yacu y'Isezerano dutanga dukiranuka afasha imishinga amagana nk'iri shuri rishya kuba uburyo bw'ingenzi bwo kumenyesha abantu Yesu mu majyaruguru ya Lawosi no ku isi yose.

**IMANA MBERE YA BYOSE**
**DUSENGE:**

ICYIGISHO CYA 8

## Umugabane wa I: Inshamake

**Isomo ry'Urufunguzo**: *Abefeso 4:22-24*
**Amasomo Iki Cyigisho Gishingiyeho**: *Abefeso 4:17-32; Abakolosayi 3:1-17; Zekariya 3:3, 4; Zekariya 8:16; Yesaya 63:10; Abaroma 8:16, 26, 27.*

**Intangiriro**: Amaze gusobanurira Abanyefeso uburyo umuryango mugari w'Abakristo ushobora gukura ukagera ku gihagararo cya Kristo, kandi bakabaho muri Kristo na Mwuka Wera, Pawulo yerekana ingero z'uku kubaho mu buryo bufatika. Akoresha imvugoshusho izwi na bose y'imyambaro ya kimuntu—kwambara imyambaro no kuyihinduranya—kugira ngo yerekane uguhinduka kw'icyo umuntu ari cyo kubaho igihe Kristo ahinduye imibereho binyuze mu guturwamo na Mwuka Wera. Kujya mu Bukristo bimeze nko kureka imyenda runaka yari igize uwo wari we cyera maze ukambara imyenda mishya ituma abandi bantu bagutekereza nk'umuntu mushya. Nyamara guhinduka Umukristo si nko kwambura imyambaro ishaje by'igihe gito, mbese nk'ijoro rimwe, maze ukongera ukambara [indi] mu gitondo. Nyamara iyo Pawulo arengurira ku gukuramo imyambaro, yavugaga kuyambura ukayijugunya ntuzongere kuyambara.

Ubwo rero, tureka, dusiga, cyangwa tukajugunya nk'igihombo" *(Abaf. 3:7, 8)* ibintu "bitagira umumaro" byo mu isi y'Abanyamahanga, bikubiyemo imibereho yuzuyemo ibyaha yo mu bwami bw'iyi si. Mu mwanya wabyo, twakira ubumuntu bushya, ubwenegihugu bushya, ndetse n'ibituranga bishya, bikaba ari cyo cyangombwa kitwemerera kwinjira mu bwami bw'Imana. Nyamara kandi, ikituranga gishya kirenze cyane icyete gikozwe mu rupapuro. Ahubwo ikiranga umuntu gishya gisobanuye uguhinduka nyakuri k'uburyo umuntu abonamo isi, imibereho ye, imico ye, n'uburyo abana n'abandi bagize itorero ndetse n'abagize umuryango mugari w'abantu. Nyamara iyi mibereho mishya ntabwo ari umushinga wo guhindura ibintu bishya ushingiye ku bwenge cyangwa imitekerereze ya kimuntu *(Yohana 1:12, 13)*. Ibiri amambu, iki kintu kiranga umuntu ni imico myiza yo mu mibereho ye. Iyi mibereko ihinduka ishoboka gusa igihe umuntu ahuye na Yesu kandi akakira Kristo Yesu wavuye mu ijuru ndetse bigashoboka gusa igihe yemereye Mwuka Wera gukorera mu mibereho ye.

**Insanganyamatsiko Ziri muri Iki Cyigisho**: Icyigisho cy'iki cyumweru cyerekana insanganyamatsiko eshatu z'imena:

1. Imibereho mishya ya Gikristo mu bwiza bwayo ihabanye n'imibereho ya kera, ari yo mibereho y'ab'isi.
2. Guhinduka kw'imibereho no guhinduka k'uwo wari we bishoboka gusa muri Kristo no muri Mwuka Wera.
3. Kugira Mwuka Wera mu mibereho yacu bitugeza ku guhinduka k'uburyo tubonamo isi, icyo turi cyo, imibereho, ibiganiro, inyifato, ndetse n'uburyo tubana n'abandi.

## Umugabane wa II: Ubusobanuro

***Uburyo Tubonamo Isi, Imibereho, Umurimo Ukorerwa mu Bantu b'Imico Itandukanye, ndetse n'Ibiganiro***

Umuryango mugari wo muri iki gihe uha agaciro ukudaheza, kwakira umuntu uko ari kose, kurinda, no guteza imbere umuco w'ahantu aha n'aha, uburyo bw'imibereho, ndetse n'uburyo umuntu abonamo isi. Imibereho ya kera y'ababwirizabutumwa iranengwa muri iki gihe bitewe n'uko batitaga ku gihugu iki n'iki, umuco w'ubwoko babaga barimo, ibyo abantu babaga barasigiwe n'abasekuruza no ku bw'uko bashakaga guha icyitegererezo amatorero y'uturere babaga bari gukoreramo umurimo bakurikije imibereho y'abo mu bihugu by' "uburengerazuba" n'uburyo basobanuraga Ubukristo. Nubwo guhuza inyigisho n'ahantu zitangirwa ari ikintu cy'ingenzi bidasubirwaho mu ibwirizabutumwa, hariho ibibazo bibiri by'ingenzi tugomba kwibaza: (1) ni ibihe bintu by'ingenzi mu muco w'ahantu runaka bishobora kwishimirwa

kandi bikabungabungwa; kandi (2) ni ibihe bintu byo mu mico y'ahantu bigize umugabane w' "umuntu wa kera" kandi bikaba bigomba kuzibukirwa nk' "iby'isi" kandi byuzuye ibyaha?

Ingingo nyinshi zishobora kugaragazwa hano nk'igisubizo cy'ibi bibazo. Iya mbere: mu Befeso 4:17-32, Pawulo afata isi y'icyaha, ibitagira umumaro, ubujiji, umwijima, kutera mu umujinya, intonganya, n'ibinyoma *(Abefeso 4:17-22, 25, 31)* akabibusanya n'ubuntu bw'Imana, gukiranuka kwayo, kumenya, umucyo, kwera mu ngeso, kuba umunyakuri, ubugwaneza, impuhwe, kubabarira, n'ukuri *(Abefeso 4:25-29, 32)*. Mu buryo budasubirwaho, ihame ryo gusuzuma umuco cyangwa uburyo bw'imibereho ntabwo ari imitekerereze cyangwa ubwenge, kwishingikiriza ku bitekerezo, ubwenge bushingiye ku bushakashatsi, ibitekerezo bigezweho, ibitekerezo bishingira ku bifatika, ibitekerezo bishingira ku mumaro w'ibintu, cyangwa ibitekerezo bihinyuza ibisanzweho. Ahubwo, ihame rya Bibiliya ryo gusuzuma umuco cyangwa imibereho iyo ari yo yose ni iri ngo: "Ntimuteze agahinda Mwuka Wera w'Imana wabashyiriweho kuba ikimenyetso kugeza ku munsi wo gucungurwa" *(Abefeso 4:30)*. Iri hame, iyo rishyizwe mu bikorwa, ryerekana urukundo Imana idukunda, n'urukundo tuyikunda, ndetse rigahishura gukiranuka kw'Imana.

Iya kabiri kandi iza nk'ingaruka: Pawulo ntajya impaka ku by'ubumenyamuntu bushingira ku moko, cyangwa kubungabunga umurage w'isi mu by'umuco. Ntiyinjira no mu murimo wo gushyira mu nzego imico yo mu isi no gusuzumira imico runaka mu mucyo w'iyindi. Ahubwo ararika abantu bo mu mico yose, Abayuda cyangwa Abanyamahanga, ngo basuzumwe mu mucyo w'ubutumwa bwiza bwa Kristo Yesu kandi bikorwe mu mucyo w'umuco n'imibereho iranga ubwami bwe. Mu nzandiko ze, Pawulo yerekanamo ugucyaha umuco w'Abayuda kwinshi cyane no kubahamagarira kwihana. Kimwe n'ibyo, Pawulo yereka Abanyamahanga ko Imana ibakira mu bwami bwayo, mu isezerano ryayo, no mu itorero ryayo. Nyamara Pawulo ntarya iminwa mu gihe avuga ibiranga Abanyamahanga byerekeranye n'uko bagaragarira isi (barangwa no kubana n'ibigirwamana, imigani mihimbano, n'ubucurabwenge) n'uburyo babona inzira y'ubugingo nk'idafite umumaro bakabaho imibereho yo mu byaha *(Abefeso 4:18, 19)*. Bityo rero, niba ubutumwa bwiza bwerekana icyaha mu mibereho y'abagize itorero no mu mico yabo, bagomba kucyatura nk'icyaha ndetse bakakireka. Bitabaye ibyo, agakiza kaba katakiri ugukizwa icyaha, ahubwo kaba ari ugutsindishiriza umuco kugira ngo haboneke ukwihanganira imibereho y'icyaha.

Ni ukuri ko dusanga Imana uko turi, twambaye imyenda y'ubushwambagara iriho ibizinga by'icyaha, nyamara ntabwo tuyisanga kugira ngo twigumire muri ubwo bushwambagara; ahubwo dusanga Imana kugira ngo idukuremo ubwo bushwambagara, itwuhagire, maze tugendere mu "mibereho mishya" *(Abar. 6:4)*. Uku gusobanukirwa nikuramuka kutabayeho, Ubukristo buzatakaza imbaraga n'ubutumwa by'agakiza. Ubukristo ntabwo ari iyobokamana rikomereza mwenemuntu mu nzira z'ibyaha asanzwemo. Ahubwo ni ubutumwa bwa Bibliya bukangurira abari mu mahanga yose, amoko yose, indimi zose, abantu bo mu mico yose, kugira ngo bisuzumire mu mucyo w'Ibyanditswe Byera kandi bemere kuhagirwa n'Imana n'umurimo wa Mwuka Wera w'Imana uduhindura bashya. Mu butumwa bwiza Pawulo yigisha, ntabwo dushobora kurengera icyaha mu mibereho yacu kubwo kugitangira urwitwazo tuvuga ko ari umugabane w'umurage wacu mu bijyanye n'umuco n'uburyo abantu babonamo isi. Mu by'ukuri, ikintu cyose gisa n'icyaha kituzanira kurimbuka kutagira gisibya; icyaha cyangiza imico n'amahanga aho kugira ngo kiyaheshe gushyirwa hejuru no gutera imbere.

Ingingo ya gatatu: Imana yishimira ubudasa buboneka mu biranga imico itandukanye kandi bukaba butanyuranya n'ubutumwa bwiza bw'ubwami bwayo. Kubera iyi mpamvu, ubutumwa bwiza ntibuhamagarira abantu guhuza imico ngo imere kimwe. Igihe umuco uzaba wubakiye ku ndangagaciro n'imibereho bya Kristo, uzaramba kandi ube ukungahaye.

Mu nyandiko yanditswe mu kinyamakuru cyagenewe Abagabura n'Umurimo (*Ministry magazine*) cyasohotse mu mwaka wa 1992, uwitwa Børge Schantz (wabayeho hagati y'umwaka wa 1931–2014), Umudiventisti w'Umunsi wa 7 wari umunyeshuri wiga mu

ishami ry'iyobokamana rya Gikristo ryibanda ku by'umurimo w'ibwirizabutumwa n'uburyo ukorwamo, yatanze igitekerezo cy'amahame atatu yakwifashishwa mu gu... uburyo Abadiventisti b'Umunsi wa 7 bakoresha mu murimo ukorerwa mu mico myinshi itandukanye:

Irya mbere: umubwirizabutumwa ukorera mu mico myinshi itandukanye agomba ku... asobanukiwe neza inkuru za Bibiliya n'inyigisho zayo mu cyerekezo cy'umwimerere byavuzwemo.

Irya kabiri: umubwirizabutumwa ukorera mu mico itandukanye agomba kumenya neza inyigisho za Bibiliya zihabwa abari mu isi yose n'amahame ajyana na zo akabitandukanya n'indangagaciro n'ibyo yanyuzemo bishingiye ku muco we bwite.

Irya gatatu: umubwirizabutumwa ukorera mu mico itandukanye agomba gushishikara... umuco w'abantu akorera umurimo no kuwusobanukirwa neza.

Igihe izi ngingo zose zitaweho, ihame nyaryo ryo kwisanisha [n'aho ukorera] ni uko igihe bagaragaza ko bitaye ku bintu binyuranye biboneka mu muco bari gukoreramo, ababwirizabutumwa bagomba kureka amahame adakuka ya Bibiliya akerekana inyigisho nshya n'imigenzereze mishya by'abiyegurira Imana.

Schantz yavuze "amagambo y'umuburo" ayabwira abayobozi b'umurimo n'ibwirizabutumwa ry'Abadiventisti b'Umunsi wa Karindwi agira ati: "Amatorero ya Gikristo ajya ageragereshwa kurekura inyigisho zera n'imyifatire ifite intego igihe bemeye badatekereje neza ko ijambo ry'Imana buri gihe ndetse n'ahantu hose ryisanisha n'imico ndetse n'amateka. Umurimo wo kurihuza n'ahantu ndetse n'igihe nta kabuza utuma havuka ibibazo. Guhuza inyigisho za Bibiliya n'imico y'i... bizatuma uvuga agira aho ahurira n'ibintu bimwe by'ibinyoma, ibintu bibi, ndetse n'ibifitanye isano n'abadayimoni. Ingaruka zibababaje z'uku kugera kure ni uguhuza kwangiza, guhuza ku gahato ibintu by'amadini ahabanye kugira ngo bibane." Kubera iyi mpamvu, Schantz yanzura avuga ati: "Mu mico yose, ndetse harimo n'uwacu bwite, hari imigenzo icirwaho iteka n'ubutumwa bwiza, kandi ibintu bitemerwa n'Ibyanditswe bigomba kurekwa n'ababwirizabutumwa ndetse n'abayobozi bo ku rwego rw'igihugu." Nubwo bimeze bityo, si ngombwa ko iri hame ridutera kumva duhangayikishijwe n'umuco w'aho dutuye udafite icyo utwaye. Ahubwo, Schantz yasabaga ko "Umwami w'umurimo aduha ubwenge bwo gutandukanya ibigenewe abantu bose bigomba kwigishwa mu isi yose n'ibintu bishobora guhinduka byo mu mico y'abo mu bihugu by'Uburengerazuba."—"One Message—Many Cultures: How Do We Cope?" *Ministry*, June 1992, p. 11 ["Ubutumwa bumwe—imico myinshi: Mbese tubyifatamo dute?" *Ministry*, Kamena 1992, p. 11.

***Abantu Bashya***

Mu mateka yose, abashyigikira ubucurabwenge, ibitekerezo, n'ububasha, bifuza, cyangwa se bifuje guhindura inyokomuntu uko bashaka. Urugero rumwe rw'imitekerereze nk'iyo ni urw'umucurabwenge witwaga Karl Marx [soma Karile Makisi], rwakoreshejwe muri Leta Zunze Ubumwe z'Abasoviyeti. Ku bwo kwiringira kubona ibyiza kwari kwiganje ahagana mu mwaka wa 1970, Abasoviyeti bashyigikiye muri bo igitekerezo cy'uko barimo batezana iterambere ry'abantu binyuze mu kuzamura inyokomuntu yajyaga kubaho mu bihe byari gukurikiraho, ari bo Basoviyeti nyine. Abasoviyeti bajyaga kureka idini ya kera n'umutwaro bakorewe n'abagendera ku matwara ya Gikapitalisti, maze bagatera imbere bakoreye hamwe, bakaba abantu bashya bagendera ku bucurabwenge bwa Makisi. Nk'uko amateka abyerekana, uwo mushinga w'Abasoviyeti warangiriye mu gutsindwa uruhenu. Aho kugira ngo bareme inyokomuntu nshya n'abantu barushijeho kuba beza ari bo Basoviyeti, umushinga wasize umugani w'ihinyu wakwiriye hose ngo 'umuntu w'umusoviyeti' *[homo sovieticus]*.

Igihe yavugaga iby'iterambere rishingiye ku ihindagurika, by'umwihariko mu gice cya kabiri cy'ikinyejana cya makumyabiri, umwe mu bahakanamana bamamaje iby'ihindagurika nka Teilhard de Chardin yashyigikiye cyane igitekerezo kivuga ibyo kuboneka k'umuntu mushya.

ari we muntu w'umwuka. Nubwo Teilhard de Chardin yizera ko abantu bakiri mu rugendo rwo guhinduka beza binyuze mu ihindagurika bava mu kuba inyamaswa bakaba abantu, yari atumbiriye "igihe rurangiza" cy'ahazaza, ubwo abantu bajyaga gusiga inyuma umurage wa kera w'imyifatire yo kubeshwaho no gukandamiza abandi, maze bakaba abantu bashya barangwa no gutekereza ku bandi batuye isi ndetse no kubakunda.

Izi ni ingero ebyiri gusa z'imitekerereze cyangwa se ibyerekezo byaharaniye guhindura bidasubirwaho abantu b'abanyabyaha ngo bahinduke "abantu bashya." Nubwo iyi mitekerereze isa n'aho yinjira mu mizi, mu by'ukuri, imitekerereze yose cyangwa se hafi ya yose ndetse na za siyansi byishingikiriza mu kwibwira yuko bafite ubushobozi bwo guhindura inyokomuntu n'umuryango mugari w'abantu. Uku kwibwira kwabo guhishura nibura ibintu bibiri by'ingenzi. Ku ruhande rumwe, bose bagaragaza icyifuzo gikomeye cyane cyo kugera ku muntu mushya, wa muntu wagizwe mushya rwose utunganye. Ku rundi ruhande, iyi mitekerereze yose yagiye irangirira mu gutsindwa, nubwo hari ibintu bito byagiye bigaragara muri yo bimeze nk'insinzi. Ibiherutse kugaragazwa bijyanye n'iki kintu ni ukuvuka kw'imitekerereze ivuguruza ibyo izanze biriho, ijyana no kunenga ibyo isanze bigezweho, ikaba yariringiwe rwose n'abari mu isi nk'ishobora gutanga ukuri ku nkomoko, iterambere, ndetse n'iherezo ry'inyokomuntu, ndetse n'isanzure ryose uko ryakabaye. Nubwo iyi mitekerereze ijora ibyo isanze iri kugerageza kurema umuntu mushya, biri kurushaho kugaragarira abantu imitekerereze idafite igisubizo cyo guhindura umuntu mushya. [Biterwa n'uko] abantu bananiwe kongera kwirema cyangwa kwihangamo abantu bashya, bifashishije imitekerereze na siyansi, ku bwo kutagira icyitegererezo cy'inyokomuntu nshya ndetse no ku bwo kutagira ubushobozi bwo guha inyokomuntu ishusho bakurikije icyo cyitegererezo. Ubukristo bwigishwa na Bibiliya butanga Yesu nk'icyitegererezo cy'inyokomuntu nshya, kandi ni na We soko y'imbaraga zo kuduhindura, kutugira bashya hakurikijwe ishusho Ye y'ubwiza *(Yohana 1:12, 13)*.

## Umugabane wa III: Imyitozo

1. Rarikira abigishwa bawe gusesengura imibereho yabo bwite kugira ngo barebe uburyo inararibonye y' "ubuzima bushya" ikora ku mfuruka zose z'imibereho. Nk'urugero, fata amagambo umuntu avuga. Ni inshuro zingana iki buri wese muri twe avuga ati "Jye" mu biganiro agirana n'abandi bantu? Ni kangahe ikiganiro cyacu tugishingira kuri twebwe ubwacu aho kugishingira ku baduteze amatwi? Saba abigishwa bawe gutahura izindi mfuruka z'imibereho yabo zikeneye impinduka yuzuye ubuntu n'imbaraga izanwa na Mwuka Wera.
2. Abantu bamwe bashidikanya ko bishoboka ko umuntu ahinduka. Nubwo Pawulo yari azi imbaraga y'icyaha ihindura abantu imbata, ari na yo ituma guhinduka, yizera cyane imbaraga y'ubutumwa bwiza iduhindura mu buryo bwimbitse cyane. Iyi ntumwa yari ifitiye icyizere cyuzuye iyi mpinduka kuko izi icyo Mwuka Wera ashobora gukora. Saba abari mu ishuri ryawe kugaragaza intambwe eshatu zifatika bashobora gusangiza undi muntu ushaka guhinduka, ushaka gusiga inyuma umuntu wa kera maze akagendera mu bugingo bushya muri Kristo—nubwo yaba yihebeshejwe n'uko adashobora guhinduka cyangwa gukomeza kuguma muri iyo mpinduka.
3. Gutegeka cyangwa kugenzura amarangamutima mabi, inyifato zipfuye, cyangwa imyitwarire idahwitse byahindutse ikibazo gikomeye muri iyi si yo muri kino gihe. Abantu bitabaza imyitozo yihariye, cyangwa gahunda z'ubujyanama, yemwe ndetse bakajyana abantu mu bahanga bavura indwara zo mu mutwe kugira ngo bahabonere ubufasha ku bijyanye n'uburyo bakwifata ku marangamutima n'imyitwarire yabo. Nubwo ubujyanama n'ubuvuzi bw'ibitekerezo bifite umwanya wabyo ndetse n'uruhare rwabyo mu ngero zimwe na zimwe, ni iki kwiga urwandiko rw'Abefeso ndetse na Bibiliya muri rusange, bihishura ku bijyanye n'impinduka y'imico, amarangamutima, inyifato, ndetse n'uburyo bwo kubaho mu buzima bw'Umukristo? Saba abanyeshuri bawe kwerekana amahame atatu ahindura imibereho babonye igihe bigaga urwandiko rw'Abefeso ashobora kubafasha ubwabo, abandi bizera bo mu itorero, cyangwa abagize umuryango mugari w'abantu muri rusange.

## GIRA ICYO WANDIKA

# KUBAHO NK'ABANYABWENGE

## KU ISABATO NIMUGOROBA, 19 KANAMA

**AHO ICYIGISHO CY'IKI CYUMWERU GISHINGIYE:** Abefeso *5:1–20; 1 Abakorinto. 5:1–11; Ibyahishuwe 16:1–16; Abakolosayi 4:5; Imigani 20:1; Imigani 23:29–35; Ibyakozwe n'Intumwa 16:25.*

**ICYOKWIBUKWA:** **"Nuko mwirinde cyane uko mugenda mutagenda nk'abatagira ubwenge, ahubwo mugende nk'abanyabwenge, mucunguze uburyo umwete kuko iminsi ari mibi. Nuko ntimukabe abapfu, ahubwo mumenye icyo Umwami wacu ashaka. "** (Abefeso *5:15–17).*

Ntabwo hashize igihe kirekire igikombe gikozwe mu ibuye ry'agaciro ribonerana kigurishijwe mu cyamunara mu Bwongereza. Abakigurishaga mu cyamunara basobanuye ko ari "igikombe cy'ibara ry'umutuku wijimye cyakorewe mu Bufaransa mu kinyejana cya 19" gifite agaciro k'amadolari ya Amerika 200. Abaguzi babiri batahuye ko icyo gikoresho cyari igikombe cy'imbonekarimwe cyakoreshwaga mu Bisilamu. Agaciro kacyo nyakuri kari miliyoni 6.5 z'amadolari ya Amerika. Ni iki cyatumye umuguzi agura iki gikombe? Uyu muguzi yari azi ikintu kitari kizwi n'uwagurishaga: agaciro nyakuri k'icyo gikombe.

Mu Befeso 5:1–20, Pawulo atandukanya ibyo abapagani baha agaciro n'ibyo abizera baha agaciro. Abapagani baha agaciro inkuru ziryoheye amatwi *(Abefeso 5:4)*, ibirori by'abasinzi *(Abefeso 5:18)*, no gusambana *(Abefeso 5:3, 5)* nk'ubutunzi bukomeye kurusha ubundi mu buzima. Nyamara abizera bazi ko umunsi utagira gisibya wo gushimirwa ugiye kuza, ubwo agaciro nyakuri k'ibintu byose kazahishurwa *(Abefeso 5:5, 6)*. Aho guha agaciro ibirori n'ubusinzi, baha agaciro "ingeso nziza zose no gukiranuka n'ukuri" *(Abefeso 5:9)* muri Kristo. Muri ubu buryo, abashishikariza gucunguza uburyo umwete igihe bakiriho (nk'uko twese tubigenza) kuko iminsi ari mibi *(Abefeso 5:15–17)*.

# KUBAHO NK'ABANYABWENGE

## KU ISABATO NIMUGOROBA, 19 KANAMA

**AHO ICYIGISHO CY'IKI CYUMWERU GISHINGIYE:** Abefeso *5:1–20; 1 Abakorinto. 5:1–11; Ibyahishuwe 16:1–16; Abakolosayi 4:5; Imigani 20:1; Imigani 23:29–35; Ibyakozwe n'Intumwa 16:25.*

**ICYOKWIBUKWA:** **"Nuko mwirinde cyane uko mugenda mutagenda nk'abatagira ubwenge, ahubwo mugende nk'abanyabwenge, mucunguze uburyo umwete kuko iminsi ari mibi. Nuko ntimukabe abapfu, ahubwo mumenye icyo Umwami wacu ashaka. "** (Abefeso *5:15–17).*

Ntabwo hashize igihe kirekire igikombe gikozwe mu ibuye ry'agaciro ribonerana kigurishijwe mu cyamunara mu Bwongereza. Abakigurishaga mu cyamunara basobanuye ko ari "igikombe cy'ibara ry'umutuku wijimye cyakorewe mu Bufaransa mu kinyejana cya 19" gifite agaciro k'amadolari ya Amerika 200. Abaguzi babiri batahuye ko icyo gikoresho cyari igikombe cy'imbonekarimwe cyakoreshwaga mu Bisilamu. Agaciro kacyo nyakuri kari miliyoni 6.5 z'amadolari ya Amerika. Ni iki cyatumye umuguzi agura iki gikombe? Uyu muguzi yari azi ikintu kitari kizwi n'uwagurishaga: agaciro nyakuri k'icyo gikombe.

Mu Befeso 5:1–20, Pawulo atandukanya ibyo abapagani baha agaciro n'ibyo abizera baha agaciro. Abapagani baha agaciro inkuru ziryoheye amatwi *(Abefeso 5:4)*, ibirori by'abasinzi *(Abefeso 5:18)*, no gusambana *(Abefeso 5:3, 5)* nk'ubutunzi bukomeye kurusha ubundi mu buzima. Nyamara abizera bazi ko umunsi utagira gisibya wo gushimirwa ugiye kuza, ubwo agaciro nyakuri k'ibintu byose kazahishurwa *(Abefeso 5:5, 6)*. Aho guha agaciro ibirori n'ubusinzi, baha agaciro "ingeso nziza zose no gukiranuka n'ukuri" *(Abefeso 5:9)* muri Kristo. Muri ubu buryo, abashishikariza gucunguza uburyo umwete igihe bakiriho (nk'uko twese tubigenza) kuko iminsi ari mibi *(Abefeso 5:15–17)*.

# "AHUBWO HABEHO GUSHIMA IMANA"

**Ni mu buhe buryo Pawulo ashaka ko abizera "bigana Imana"?** *Soma Abefeso 5:1, 2.*

___

___

Pawulo ashishikariza abizera bo muri Efeso kugendera mu rukundo, iri rikaba ari irarika ry'ingenzi kuri iyi ngingo (Soma Abefeso 5:8,15). Uku "kugendera mu rukundo" (Abefeso 5:2) ni ukwigana urukundo Kristo yadukunze (Abefeso 4:32), rwagaragarijwe mu gitambo cye cy'impangano. Pawulo avuga ibintu bine kuri icyo gitambo: 1. Icyo gitambo cyabayeho kubw'urukundo Imana Data idukunda (Abefeso 5:1) n'urukundo Kristo ubwe adukunda (Abefeso 5:2), 2. Ni igitambo cyatambwe ku bwacu, Kristo yapfuye mu cyimbo cyacu. Kristo nta cyaha yari yakoze, ahubwo yaratwitangiye, 3. Binyuze mu kigereranyo cy'imirimo yakorerwaga mu buturo bwera bwo mu Isezerano rya kera, urupfu rwa Kristo ni igitambo, cyatambwe n'Imana; 4. Igitambo cyemewe n'Imana kuko ari ituro ry'Imana n'umubabwe uhumura neza (Abefeso 5:2, gereranya no Kuva 29:18, Abalewi 2:9, Abafilipi 4:18).

Hanyuma, mu Befeso 5:3–5 hatangiza umugabane uvuga ibirebana n'ubusambanyi. Abahindutse vuba bo muri Efeso bari mu kaga ko gusubiza inyuma umuhamagaro wabo mu bya Gikristo no gusubira inyuma bakajya mu busambanyi buvuguruza ubuhamya bwa Gikristo bahamije *(gereranya 1 Abakorinto 5:1–11, 1 Abakorinto 6:12–20, 2 Abakorinto 12:21).*

Ku rundi ruhande, isi y'Abagiriki n'Abaroma yo mu kinyejana cya mbere yarangwaga no kononekara kw'imico n'ubusambanyi nk'uko bigaragara n'ahandi mu Isezerano Rishya *(Soma 1 Abakorinto 6:9, Abagalatiya 5:19, Abefeso 4:17–19, Abakolosayi 3:5).* Urugero: ibirori by'abakire byarangwaga buri gihe n'imyifatire Pawulo yamagana mu Befeso 5:3–14: ubusinzi, amagambo y'ubupfu, kwinezeza mu by'ubusambanyi bukabije, n'ibikorwa by'urukozasoni. Ikindi kandi, mu mijyi habaga harateganyijwe ahantu abantu benshi bahurira bakahasambanira uko bishakiye. Ku rundi ruhande, abantu benshi bo muri icyo gihe babagaho imibereho irangwa n'imico myiza cyane kandi bagakora nk'abaharanira imyitwarire izira amakemwa idakebakeba. Igihe Isezerano Rishya ritanga urutonde rw'imico mibi n'urutonde rw'imico myiza kimwe n'imyitwarire igenga ab'umuryango *(urugero: Abefeso 5:21–6:9, Abakolosayi 3:18–4:1),* abaryanditse barebera izo nsanganyamatsiko mu isi yagutse y'Abagiriki n'Abaroma. Iyi si yabanje kurangwa n'ubusambanyi ndetse ikabamo n'imico myiza, idufasha gusobanura uguhugura kwa Pawulo igihe abwira abantu kwirinda ubusambanyi n'ibyonona byose bikorwa n'abanyamahanga maze akifuriza abizera kuba abantu bitonda mu myifatire yabo kugira ngo bagaragare neza mu bo hanze babareba.

**Ni mu buhe buryo amagambo ya Pawulo ku birebana n'ubusambanyi ashobora guhuzwa n'umuco w'aho utuye, aho uri hose?**

# KUGENDA NK'ABANA B'UMUCYO

Pawulo yaranditse ati: "Ntihakagire umuntu ubohesha amagambo y'ubusa, kuko ibyo ari byo bizanira umujinya w'Imana abatayumvira" *(Abefeso 5:6)*.

Pawulo yagaragaje abantu bakora ibyaha binyuranye badafite ikimwaro no kwihana, "umusambanyi, cyangwa ukora ibyonona, cyangwa urarikira" *(Abefeso 5:5)*. Yatanze isuzuma ryahuranyije: abari muri Kristo kandi bakaba bagenewe kuzaba mu bwami bwe bwo mu gihe kizaza ntibakwiriye gukora nk'abatari bo *(Abefeso 5:5)*. Noneho ubu ahagaritswe umutima n'ingaruka "amagambo y'ubusa" agira; ni ukuvuga ko abizera bashobora kuyobywa n'imvugo inyomoye ibatera gutekereza ko icyaha cy'ubusambanyi atari ikizira, cyangwa bo ubwabo bagakururirwa mu byaha nk'ibyo *(Abefeso 5:6)*. Pawulo ababurira avuga ko kuyobywa batyo bishobora kubageza mu rubanza Imana izaca ku munsi w'imperuka, ari rwo "mujinya w'Imana" uzagera ku batumvira" *(Abefeso 5:6)*.

Amagambo "*umujinya w'Imana*" ni amagambo akomeye cyane. Kuba ari umujinya cyangwa uburakari bw'Imana byerekana itandukaniro ry'urunyurane rw'ibyo abantu basanzwe biyumvamo *(gereranya n'Abefeso 4:31)*. Ni igisubizo Imana yihangana kandi ikiranuka izatanga ku kwinangira kw'abiziritse ku kibi babigambiriye, ntabwo ari ukwivumbagatanya gukaze kw'ikirunga gutewe n'igicumuro gitoya. Ikindi kandi, ahantu havugwa umujinya w'Imana, inshuro nyinshi bivugwa mu cyerekezo cy'imiburo yahumetswe yo muri Bibiliya imenyesha abantu iby'imanza z'Imana z'ahazaza *(urugero: Ibyahishuwe 6:12–17, Ibyahishuwe 16:1–16, Ibyahishuwe 19:11–16)*. Imana iburira abantu iby'imanza zayo —nk' igikorwa cy'ubuntu, kubera yuko abantu ari "abo kugirirwa umujinya ku bwa kavukire yabo" *(Abefeso 2:3)*, bakaba bagomba kugerwaho n'izo manza.

**Kubera iki Pawulo ahugurira abizera kutifatanya n'abanyabyaha?** *(Abefeso 5:7–10)*.

__________________________________________________________________

__________________________________________________________________

Pawulo arahugura ati: "Mugende nk'abana b'umucyo" *(Abefeso 5:8)* maze agakomereza ku rindi tegeko ati: "mushakashake uko mwamenya ibyo Umwami ashima" *(Abefeso 5:10)*. Abapagani bashakira umunezero mu "gusambana n'ibyonona no kurarikira" *(Abefeso 5:3)*. Intego y'abizera itandukanye cyane n'ibyo, ntabwo ari ukwishimisha ahubwo ni ukunezeza Imana *(gereranya n'Abaroma 12:1, 2 Abakorinto 5:9, Abaheburayo 13:21*, ahakoreshwa rya jambo ry'ikigiriki "*euarestos*", "gushimisha" cyangwa "bishimwa"). Abizera bashishikazwa no kugaragaza kwitanga kwa Kristo ("kugendera mu rukundo, nk'uko Kristo yadukunze, akatwitangira," *Abefeso 5:2)*.

**Amwe mu "magambo y'ubupfu" dukwiriye kwitondera muri iyi minsi yacu no muri iki gihe ni ayahe?**

# "YEWE USINZIRIYE WE, KANGUKA UZUKE!"

**Soma *Abefeso* 5:11–14. Ni uwuhe muburo ukomeye Pawulo atanga hano, kandi ni mu buhe buryo uhura n'igihe cyacu turimo?**

Kugira ngo tubashe gusobanukirwa n'ibyanditswe mu Befeso 5:11–14, tugomba kubanza gusobanukirwa n'impamvu Pawulo akomeza gusubiramo impuguro ebyiri, cyangwa akagenda azihinduranya: (1) kubaho imibereho ihesha Imana icyubahiro nk "abana b'umucyo" *(Abefeso 5:8; soma na none Abefeso 5:1, 2, 4, 9–10, 11, 13, 14)*; (2) kutiyandarika kuko ari imibereho irwanya Imana, ikerekana "imirimo y'umwijima itagira umumaro" *(Abefeso 5:11; na none soma Abefeso 5:3, 4, 5–8, 12)*.

Dushobora kwifashisha ibivugwa mu Befeso 5:8-10 kugira ngo dusobanukirwe n'ibivugwa mu Befeso 5:11. Imbere y'abatizera, abizera bagomba kubaho nk "umucyo mu Mwami" n "abana b'umucyo" *(Abefeso 5:8)*. Impamvu ituma bagomba kugenza batyo ni ukugira ngo bigaragare ko "imbuto z'umucyo ari ingeso nziza zose no gukiranuka n'ukuri" *(Abefeso 5:9)*. Nuko rero Pawulo ashyigikira uburyo bwo kwereka abantu kugira neza kw'Imana. Abizera bagomba gushyira imirimo y'umwijima ahagaragara binyuze mu kwereka abantu bose imirimo yo gukiranuka.

Hagati aho, dushobora gufata imvugo ikomeye ya gisizi iboneka mu mirongo ya 13–14 nk'amagambo ya Pawulo y'ubutwari, aho avuga ko, binyuze mu kugaragaza "imbuto z'Umwuka," bashobora guhindurira ab'isi kwizera Kristo *(Abefeso 5:9)*. "Ariko byose iyo bitangajwe n'umucyo, na byo ubwabyo bihinduka umucyo, kuko ikimurikiwe n'umucyo cyose gihinduka umucyo" *(Abefeso 5:13, 14)*. Iyo imibereho idatunganye igaragajwe n'umucyo, ab'isi bashobora kubona imico yabo iyo ari yo ("igaragarira abantu"), idafite ahazaza kandi irindirijwe umujinya *(Abefeso 5:5, 6)*, maze bakagira guhinduka bava mu mwijima bajya mu mucyo ("ikimurikiwe n'umucyo cyose gihinduka umucyo,"), ari na ko guhinduka abasomyi b'urwandiko rw'Abefeso bagize nk'abizera *(Abefeso 5:8)*.

Mbese dufata dute iki gisigo cyangwa indirimbo iri mu Befeso 5:14, ikoresha imvugo ifitanye isano n'umuzuko w'abapfuye ku munsi w'imperuka *(gereranya n'Abefeso 2:1, 5)* kugira ngo tuvuze ijwi ry'impanda dukangure abantu, bave mu bitotsi mu bya Mwuka maze bagire Kristo muri bo ushobora kubahindura? Kubera ko muri Yesaya 60:1–3, ahari amagambo Pawulo asa n'usubiramo, yerekezwa ku bwoko bwa Isirayeli, dushobora gufata igisigo cyo mu Befeso 5:14 nko kwinginga gukomeye kubwirwa abizera b'Abakristo kugira ngo bakangukire gukora inshingano yabo nk'ababwirizabutumwa, nk'aberekeza umucyo wa Kristo mu isi icuze umwijima *(gereranya n'ABafilipi 2:14–16, Matayo 5:16)*.

**Ni mu buhe buryo ubaho imibereho ishobora gushyira imirimo y'umwijima ku mugaragaro uko iri?**

# GUFATIRANA AMAHIRWE

Pawulo asoza Abefeso 5:1–20 akoresheje amatsinda abiri yo guhugura, Abefeso 5:15–17 n'Abefeso 5:18–20, akarangiza umugabane yari ashishikariye gushyigikira ujyanye no kwera kw'imibonano y'abashakanye. Itsinda rya mbere ritangirana no guhugura ngo: "Mwirinde cyane uko mugenda mutagenda nk'abatagira ubwenge, ahubwo mugende nk'abanyabwenge" *(Abefeso 5:15)*, yongera gusubirwamo ati: "ntimukabe abapfu, ahubwo mumenye ibyo Umwami wacu ashaka" *(Abefeso 5:17)*. Hagati, hari irarika rigomba gutangwa ngo: "mucunguze uburyo umwete" *(Abefeso 5:16)*.

**Ita ku guhugura kwa Pawulo igihe asaba abantu kugira imibereho igaragaza ubwenge burimo gusenga no kumenya** *(Abefeso 5:15–17)*. **Ni irihe tandukaniro riri hagati yo kugenda nk'abapfu no kugenda nk' "abanyabwenge"? Kandi "gucunguza uburyo umwete" bisobanuye iki?**

---

---

Mu Befeso, Pawulo yakoresheje kenshi imvugoshusho imenyerewe mu Isezerano rya Kera yo "Kugenda" asobanura uburyo umuntu abaho *(Abefeso 2:2, 10; Abefeso 4:1, 17; Abefeso 5:2, 8)*. Hano, akoresha imvugoshusho kugira ngo atere abantu umwete wo kuba abigishwa babigambiriye. Mbese nk'uko ukwiriye "kurinda ikirenge cyawe" igihe ugenda mu nzira ikukumutse kandi yijimye, abizera na bo bakwiriye "kurebana ubushishozi uko bagenda" *(Abefeso 5:15)*. Kubera ko mu Befeso 5:15 haboneka amagambo asa n'aboneka mu Befeso 5:17, dushobora kuhashakira ubusobanuro bw'icyo kuba abantu b'abanyabwenge bisobanuye. Ntabwo dushakira ubwenge imbere muri twe. Kuba abanyabwenge ni ukugera ahasumba urugero turiho, maze "tugasobanukirwa ibyo Umwami Imana ashaka" *(Abefeso 5:17)*.

Na none kandi Pawulo atera abantu umwete wo kuba abigishwa bafite intego akoresheje imvugoshusho yumvikana cyane. Amagambo ngo "mukoreshe igihe neza" yigereranye na "mucunguze uburyo umwete" *(Abefeso 5:16)*, Pawulo akoresha inshinga *exagorazō (gereranya n'Abakolosayi 4:5)*. Nk'ijambo risanzwe rikoreshwa mu iguriro, ni inshinga yagutse isobanura "kugura" ndetse ikaba ari "ukwishyura vuba icyashyizwe ku isoko" mu gihe dutegereje kugaruka kwa Kristo. Ijambo ry'Ikigiriki risobanura "igihe" ni *kairos*, rikaba ryerekana igihe cy'amahirwe abonetse. "Igihe," kugeza ku mperuka ni igihe kirimo amahirwe kigomba gukoreshwa mu buryo bwuzuye. Na none kandi ni igihe kiruhije kubera ko "iminsi ari mibi" *(Abefeso 5:16; gereranya n' Abefeso 6:13, Abagalatiya 1:4)* kandi ni ukubera ko "imigenzereze y'abari mu isi" iyoborwa n"umwami utegeka ikirere" *(Abefeso 2:2)*.

**Mu gihe abizera bategereje kugaruka kwa Kristo, babaho mu gihe kigoye, icyo Pawulo avuga ko ari icyo kwigerezaho nyamara kikaba gishobora kubonekamo ingororano. Bagomba kwitondera uburyo bakoresha igihe cyabo gisigaye nk'abaguzi basigaranye agahe gato ko kugura ibyashyizwe ku isoko ku biciro byagabanyijwe cyane. Nubwo tudashobora kugura agakiza, iyi mvugoshusho iracyakwiriye gukoreshwa: fata icyo waherewe muri Kristo utazuyaje.**

# KURAMYA KUZUYE MWUKA *(Abefeso 5:18–20).*

**Mu Befeso 5:18–20, Pawulo atekereza ku bakristo bateranye ngo baramye Imana. Mbese aberekana nk'abakora iki muri icyo gikorwa cyo kuramya?**

Mu magambo ye asoza mu Befeso 5:1–20, Pawulo ashishikariza abizera kureka gukoresha vino yijimisha ubwenge, ahubwo bakagira imibereho yo kuzura Mwuka n'imbaraga. Pawulo yamagana ubusinzi (ahari akoresha amagambo aboneka mu Migani 23:31 mu ngeli y'Isezerano rya Kera ryanditswe mu Kigiriki), bikaba byerekana ko afite mu bitekerezo bye itegeko ribuzanya gukoresha ibisindisha nk'uko bigaragara mu nyandiko z'umunyabwenge (*Imigani 20:1, Imigani 23:29-35*). Ibintu bibi biterwa n'ubusinzi birimo amagambo y'ubupfapfa kandi aganisha ku busambanyi, kudatekereza neza, kwiyandarika, no gusenga ibishushanyo *(Abefeso 5:3–14)*. Ibi bigomba gusimbuzwa kuramya Imana kwateguwe kandi guhumekewe na Mwuka. Mu Befeso 5:19–21 hari uruhererekane rw' inshinga nyinshi zigaragaza ko guhugura kwa Pawulo kuzuye Mwuka Wera, "kuvuga"; "kuririmba no gucuranga"; "gushima"; no "kuganduka".

Hano, Pawulo arahuza uguhugura kwe no "kuzuzwa Mwuka" *(Abefeso 5:18)* abantu bari hamwe; atekereza ku bizera bateraniye hamwe mu kuramya Imana guhumekewe na Mwuka kandi gukomeza ubumwe *(Abefeso 4)* kandi kukavuguruza imyifatire no kuramya bya gipagani bishingiye ku kwikunda *(Abefeso 5:1–18)*. Muri ibi bikorwa byari bigize ukuramya kw'Abakristo ba mbere, guhimbaza gushingiye ku ndirimbo kwabaga kwiganjemo. Byavuzwe ko itorero ryavukiye mu ndirimbo; kandi iyi mirongo, hamwe n'amagambo avugwa mu Bakolosayi 3:16, yerekana ibihamya by'uko kuri *(gereranya n'Ibyakozwe n'Intumwa 16:25, Yakobo 5:13)*.

Hari ingingo y'isano yo mu buryo bw'intambike mu kuramya, kubera yuko, mu kuririmba, abagize itorero "baba babwirana", *(Abefeso 5:19)*. Nyamara kandi, ikigenderewe muri izi ndirimbo ni uguhimbaza Umwami Imana, ari na byo bigaragazwa mu Befeso 5:20, aherekana "Umwami Yesu Kristo" *(gereranya n'Abakolosayi 3:16)*. Gushima kuboneka mu Befeso 5:20, gusobanurwa mu buryo bumwe n'ubwo gushima binyuze mu ndirimbo kuvugwa mu Befeso 5:19, kugomba kwerekezwa ku "Mana Data mu izina ry'Umwami Yesu Kristo." Mu magambo "indirimbo n'ibihimbano by'Umwuka," ijambo "iby'Umwuka" (mu Kigiriki ni, *pneumatikos*) ryerekana umurimo wa Mwuka Wera mu kuramya kubera ko iryo jambo ryerekana indirimbo zihumekewe cyangwa zujujwe Mwuka Wera. Bityo rero, uburyo Pawulo asobanura ibyakorerwaga mu kuramya kw'Abakristo ba mbere byerekana ko abagize Ubutatu Bwera bose baba bafite uruhare muri uko kuramya.

**Ni mu buhe buryo ushobora gukoresha indirimbo kugira ngo wongere imbaraga mu mibereho yawe yo kuramya?**

KU WA GATANDATU **25 Kanama**

# IBINDI BYO KWIGWA NO KUZIRIKANWA

Iyo dusubije amaso inyuma, tukareba amagambo yose avugwa mu Befeso 5:1–20, tubona Pawulo ashikamye mu byimbo bye arwanya icyaha n'ikibi, byigaragariza by'umwihariko mu busambanyi no mu magambo ateye isoni. Ntabwo Pawulo yifuza ko imico yononekaye iboneka mu bwoko bw'Imana. Ibiri amambu, ahamagarira abizera bo muri Efeso kugera ku rugero ruhanitse rw'imyitwarire, bakakirana ubwuzu icyo bari cyo nk' "abana b'Imana bakundwa" ndetse nk' "abera" cyangwa abaziranenge *(Abefeso 5:1-10)*. Pawulo yizera ko igihe Abakristo bagenje batyo, barabagirana nk'umucyo umurikira umwijima, bakireherezaho abaturanyi babo, bakava mu mibereho ibarimbuza, bakajya mu buntu bw'Imana n'ukuri kwayo *(Abefeso 5:11–14)*.

Pawulo avuga ko itorero rirangwa no kwitanga kuvuguruwe gutera abarigize "kugenda nk'abana b'umucyo" mu gihe bategereje kugaruka kwa Kristo *(Abefeso 5:8;* soma na none *Abefeso 5:15, 16)* maze bakabonera umugisha mu kuba hamwe na Kristo *(Abefeso 5:14)*, bateraniye hamwe ngo baramye Imana. Kuko baterwa ubutwari n'uko ari "abana b'Imana bakundwa" ndetse n'urupfu Kristo yabapfiriye *(Abefeso 5:1, 2)* kandi bakaba buzuye Mwuka *(Abefeso 5:18)*, kuramya Imana basangiye kurangwa n'imbaraga n'ibyishimo bagira igihe baririmbira Umwami wabo Yesu Kristo, n'Imana Data indirimbo zo gushima. Iyo bafashe kandi bagakomeza ukuri kw'ibyo mu ijuru, bishimira ibyiringiro by'ibyo bazabona mu gihe kizaza, bashingiye ku mateka y'ibyo Imana yabakoreye, ibyo ibakorera, ndetse n'ibyo izabakorera binyuze muri Yesu Kristo Umwami wabo *(Abefeso 5:18–20)*.

Ibintu biramutse byumvikanye muri ubu buryo, iyi mirongo yaba irenze cyane itsinda ry'amategeko atandukanye arebana n'imibereho y'Umukristo. Bihinduka irarika rya gihanuzi rirebana n'icyo Umukristo ari cyo, kwitanga kwe, abo abana na bo, no kuramya ko mu minsi iheruka, n'irarika ryuzuye ibinezeza ngo "tugure tutazuyaje ibyashyizwe ku isoko ku giciro gito" muri iyi minsi kugeza ku kugaruka kwa Kristo *(Abefeso 5:16)*.

## IBIBAZO:

1. **Muri iki gihe nk'abahanganye n'umuco urimo virusi wigisha indangagaciro zawo binyuze mu mbuga nkoranyambaga nyinshi zangiza, ni mu buhe buryo abizera bashobora gukurikiza urugero ruhanitse rwa Pawulo?**

2. **Ni mu buhe buryo muri iki gihe abizera bashobora gukoresha kugira ngo "bamenye ibyo Umwami ashima"** *(Abefeso 5:10)* ***kandi "bamenye icyo Umwami wacu ashaka "*** *(Abefeso 5:17)***?**

3. **Umuntu runaka ashobora kuvuga ko ibyo Pawulo avuga yamagana amagambo y'ubusambanyi mu bizera** *(Abefeso 5:3, 4)* **bisobanuye ko tudakwiriye kugira icyo dukora ku bibazo bijyanye n'imyifatire mibi no gukoresha nabi imyanya y'ibanga. Kuki uwo waba ari umwanzuro udakwiriye?**

4. **Ni mu buhe buryo umuryango mugari tubayemo muri iki gihe ugaragaramo imigenzereze ya gipagani isa n'iyo Pawulo yari ahanganye na yo mu gihe cye?**

# ISABATO YA 34
# KU WA 26 KANAMA 2023
## GAHUNDA YO KUGARURA ICYACUMI NO GUTURA AMATURO
## ANGOLA: UMUHUNGU W'IMPUMYI AREBA YESU

**Matayo 19:14** — "Ariko Yesu arababwira ati, "Mureke abana bato ntimubabuze kunsanga, kuko abameze batyo ubwami bwo mu ijuru ari ubwabo.""

Umunsi umwe igihe Rikarido w'imyaka 10 yari ari gukina, yagushije umutwe ashaka gusimbuka uruzitiro. Nyuma yatangiye guhuma. Mu mezi make ntiyari akibasha kureba ku kibaho ku ishuri. Amaherezo, mwarimu yohereje Rikarido mu rugo avuga ati: "sinshobora kwigisha umuhungu w'impumyi."

Ababyebi ba Rikarido bamujyanye ku baganga benshi, ariko nta n'umwe wabashije kumufasha. Bababwiye ko amaherezo azahuma. Rikarido yababajwe nuko atagishoboye gukina umupira, gutwara igare, no gukina n'inshuti ze umukino wo kwihishanya.

Mubyara wa Rikarido mukuru yararikiye Rikarido kuza muri gahunda yo gutembera yateguwe n'itsinda ry'Abarondabukanda, ariko Rikarido abanza kubishidikanyaho. Mubyara wa Rikarido yakomeje kubimwumvisha. Rikarido yatangajwe nuko abasha kugira uruhare mu bikorwa bakoraga. Rikarido yishimiye ko yagiyeyo.

Amaherezo, Rikarido yinjiye mu itsinda ry'abitegura kubatizwa kugira ngo na we yitegure kuzabatizwa. Umuyobozi yasabye abashakaga kubatizwa gufata mu mutwe Amategeko Cumi. Rikarido yatinye ko atazashobora kubatizwa bitewe nuko atashoboraga gusoma, ariko nyina amwongerera icyizere aramubwira ati: "Imana nibishaka, uzabatizwa."

Mushiki wa Rikarido yemeye kuzajya asomera Rikarido Amategeko Cumi buri munsi. Bigeze ku wa gatandatu, Rikarido yashoboraga kuvuga Amategeko Cumi mu mutwe. Umunsi wakurikiyeho ubwo yabatizwaga, umuyobozi yaramushimye cyane.

Umunsi umwe, umuyobozi w'ishuri ryo ku Isabato yasabye Rikarido ko yazavuga amakuru y'ahandi y'icyumweru gitaha. Bamwe mu bagize itorero bari bafite impungenge z'uko azagira ipfunwe kubera ko atashoboraga gusoma, ariko umuyobozi w'ishuri ryo ku Isabato yabajije Rikarido, ati: "Ese ushobora kuvuga amakuru y'ahandi mu cyumweru gitaha?" Rikarido yaremeye. Umuyobozi aramubwira ati, "Ubwo nzashyira izina ryawe kuri gahunda."

Na none, mushiki wa Rikarido yamusomeye amakuru y'ahandi, maze ayafata mu mutwe. Ku Isabato, Rikarido yavuze amakuru y'ahandi ashize amanga. Ubwo yarangizaga kuyavuga, "Amena" nyinshi zuzuye urusengero. Ibikorwa nk'ibi byahaye Rikarido icyizere cy'uko ashobora gukora umurimo w'Imana.

Uyu munsi, Rikarido ni umunyeshuri muri kaminuza witegura kuba umupasiteri. Ayobora itsinda ry'Abarondabukanda, ndetse anabwiriza mu matorero muri Angola. Abantu benshi beguriye Yesu imitima yabo nyuma yo kumva ibibwirizwa ndetse n'ubuhamya bwa Rikarido. Umuhungu wibwiraga ko ntacyo ari cyo kubera ko yari impumyi, yamenye ko kubwo gufashwa n'Imana abasha gukora ikintu cyose. Abana b'Imana bashobora gukiranuka mu gihe bagarura icya cumi n'amaturo y'Isezerano igihe cyose bagize icyo bunguka.

**ICYO DUHAMAGARIRWA:** Amaturo yacu y'Isezerano si impano duha itorero, ahubwo ni impano duha Imana. Garagaza urukundo ukundo Imana n'ubwitange ugira mu gihe utangana kwizera.

**IMANA MBERE YA BYOSE**
**DUSENGE:**

UBUSOBANURO BUGENEWE ABIGISHA

## Umugabane wa I: Incamake

**Isomo ry'Urufunguzo:** Abefeso 5:15-17
**Amasomo Iki Cyigisho Gishingiyeho:** Abefeso 5:1-20, 1 Abakorinto 5: 1-12, Ibyahishuwe 16:1-16, Abakolosayi 4:5, Imigani 20:1, Imigani 23:29-35, Ibyakozwe n'Intumwa 16:25

**Intangiriro:** Isi ndetse n'abo turi bo ni byo bigena indangagaciro hamwe n'ubwenge. Imyumvire y'umuntu utizera izerekana indangagaciro zimwe na zimwe hamwe n'ubwenge runaka. Ubwami bw'Imana, imitekerereze y'Imana, imico y'Imana, byerekana ubundi bwenge butandukanye cyane. Kubera iyo mpamvu, Pawulo ntabwo ahamagarira abakristo kwakira ubwenge buvuye muri amwe mu mashuri ya filozofiya, cyangwa ngo yigane ubwibone bw'Abagiriki n'Abaroma, mu guharanira ibyiza. Ahubwo, Pawulo we avuga ko ubwenge bwa Gikristo bushingiye ku gitambo cyuje urukundo cy'Imana, mu mucyo ndetse n'imico iboneye bya Kristo. Umukristo w'umunyabwenge azahunga ubwenge bw'isi bugaragarira mu busambanyi bukabije, ubwirasi no kwikunda, ndetse no kunywa ibisindisha. Ahubwo, umukristo w'umunyabwenge azakanguka mu "bitotsi" by'isi, azamurikirwa n'ubutumwa bwiza bwa Kristo, azahabwa imbaraga na Mwuka Wera, azabona agakiza, maze ahimbaze Imana!

Itandukaniro hagati y'ubwenge bw'iyi si n'ubwenge bw'Imana rigizwe no gusobanukirwa uwo dukwiriye kuramya: Twebwe cyangwa Imana? Ni nde twishingikirijeho: Twebwe cyangwa Imana? Ni nde twuzuwa nawe: Twebwe cyangwa Imana?

**Insanganyamatsiko ziri muri iki cyigisho:** Icyigisho cy'iki cyumweru kiribanda ku nsanganyamatsiko eshatu z'ingenzi:

1. Ubwenge bwa Gikristo bushinze imizi mu guhishurwa kuvuye ku Mana cyangwa mu mucyo wa Kristo.
2. Ubwenge bwa Gikristo ntabwo ari icyegeranyo cy'amagambo y'urwenya avuga ku buzima. Ahubwo, ni imibereho, ni urugendo rw'ubuzima bwahinduwe na Mwuka Wera bukurikije icyitegererezo twasigiwe na Kristo.

## Umugabane wa II: Ubusobanuro

### *Ubwenge Buva mu Ijuru*

Ni ibidashoboka rwose gutekereza ko Pawulo yakwandika ku ngingo z'ubuzima bwa Gikristo, ariko ntavuge ku bwenge mu byo yandika. Isi ya kera yarangwaga n'ibiganiro by'ubwenge. Mu binyejana byinshi mbere ya Pawulo, Abagiriki batangije icyo bise "filozofiya," isobanurwa ngo urukundo rw'ubwenge. Filozofiya yigometse ku bwenge bwa kera bw'Abagiriki, aho binyuze muri Zewusi, Metisi (umugore wa mbere wa Zewusi), Atena (umukobwa wabo), na Apollo, abantu babonaga ubwenge mu buryo butandukanye. Abantu bajyaga bagisha inama izi mana, zikaba abarinzi

b'imigi itandukanye cyangwa amoko y'abantu. Nk'urugero, icyo gihe bizeraga ko abantu bashakaga kumenya ubwenge mu by'ubuzima bashoboraga kubukura ku bumenyi cyangwa ubwenge bwa Apollo imana y'Abagiriki binyuze muri Pitiya, umuhanuzikazi w'ingoro ya Apollo, wari uzwi kandi ku izina rya Delifi. Ariko usibye gushaka ubwenge muri Pitiya, uwasuraga ingoro ya Apollo yajyaga yakirwa kandi akigishwa amahame yari agize ubwenge bwa Delifi, muri yo hakaba harimo atatu yari azwi cyane, ari yo: "Kwimenya wowe ubwawe", "Nta kintu kibaho kirenze", ndetse "Kudashidikanya biganisha ku kurimbuka." Andi mahame yajyaga yigisha imibereho y'Abagiriki, kuva ku kubaha imana, kugeza ku kugira imyitwarire myiza, kugeza ku kwitangira igihugu cyawe.

Mu gihe abahanga mu bya filozofiya, cyangwa "abakunda ubwenge," bahakanye imigani y'impimbano y'iby'idini ryabo rya kera, bishyize mu murongo w'izungura ry'amagambo y'ubupfumu ya Delifi. Ku ruhande rumwe, abahanga mu bya filozofiya bavuze ko Pitiya yatangaje ko Sokarate ari we muntu w'umunyabwenge cyane mu Bugiriki. Ku rundi ruhande, abahanga mu bya filozofiya bifashishije ubwenge bwa Delifi, cyane cyane mu ihame rya mbere rivuga, "kwimenya wowe ubwawe."

Kubera iyo mpamvu, filozofiya y'Abagiriki yagennye kandi ihindura intego y'ibitekerezo byakurikiyeho byo mu Burengerazuba bw'isi byo gushaka ubwenge ibikora yiyambaza ibitekerezo by'abantu. Ibyo bitekerezo by'abantu ni byo byakoreshejwe nk'ishingiro ry'imyitwarire cyangwa uburyo bwo kubaho bw'Abagiriki. Izindi filozofiya, cyane cyane mu Burasirazuba bw'isi, zubakiye ku rufatiro rumwe rw'ikiremwamuntu. Urugero, Budisime, ni icyifuzo cy'ubuzima bushingiye ku bunararibonye bwa muntu n'imitekerereze hamwe n'imyifatire ya muntu (psychology). Nubwo amashuri menshi ya filozofiya atandukanye, haba mu Burengerazuba ndetse no mu Burasirazuba bw'isi, bose basangiye urufatiro: ihame ryo "kwimenya ubwawe." Iri hame ryerekana ko izo filozofiya zerekana imbaraga zishingiye ku muntu kugira ngo dusobanukirwe n'imimerere nyakuri y'ubuzima, bityo izi filozofiya zigaragaza uburyo bwo kubaho, uburyo bwo gufata ibyemezo, ndetse n'imyitwarire ishingiye ku bitekerezo by'abantu. Mu gukora ibyo, ubwenge bw'abantu, haba mu Burengerazuba ndetse no mu Burasirazuba bw'isi, banze cyangwa bitandukanyije n'ibyahishuwe n'Imana.

Ku rundi ruhande, urufatiro ruranga ubwenge bwa Bibiliya ni urushinze imizi mu ihishurwa ry'Imana. Pawulo na Yakobo bombi bavuga ibiranga ubwenge abandi bafilozofe nabo bibandaho ari byo: ituze, gushyira mu gaciro, gucisha make, ubutabera, n'ibindi. Ariko, Yakobo yavuze ko ubwenge bwa Gikristo "buva mu Ijuru" (Yakobo 3:17), ntibube ubwenge "bw'isi, bw'inyamaswabantu, bw'abadayimoni" (Yakobo 3:15). Pawulo yerekana itandukaniro riri hagati y'ubwenge bwa Gikristo ndetse n'ubwenge bw'isi yifashishije inyigisho z'umucyo n'umwijima. Kubera iyo mpamvu, aburira Abanyefeso kwirinda gushukwa "n'amagambo y'imburamumaro" (Abefeso 5: 6) cyangwa "ibikorwa bidafite agaciro, by'imburamumaro bikorerwa mu mwijima" (Abefeso 5:11), kuko gushukwa na byo ni ubupfapfa.

Ariko se ni ukubera iki Pawulo asobanura ubwenge bw'isi mu buryo buteye ubwoba n'agahinda? Ese abahanga mu bya filozofiya b'isi na bo ntibatanze inama nziza,

bakigisha inzira y'ubuzima ishingiye ku butabera no kubahana? Yego benshi muri bo barazitanze. Icyakora, uko filozofiya yashyiraho uburyo bwiza bwo kubaho uko ari ko kose, ntabwo iba ihagije, ihora ibogamye, ndetse iba ishingiye ku ntego mbi, ari zo guhakana ihishurwa ry'Imana. Ikibazo cya filozofiya z'isi ntabwo kiri mu byo zemeza, ahubwo kiri mu byo zitemera cyangwa zihakana. Umuhanga mu bya filozofiya ashobora gusobanura ibijyanye n'ubuzima ku rugero runaka, ariko guhakana ihishurwa ry'Imana n'imbaraga zayo mu kuyobora isi bituma filozofiya z'uyu muhanga zitagira icyo zamara mu gakiza ndetse no mu buzima bwo bwami bw'Imana. Ni yo mpamvu, nk'urugero, ubusambanyi butafatwaga nk'ikibazo mu mahame ya filozofiya nyinshi. Kandi n'iyo bamwe mu bahanga mu bya filozofiya bashyigikiraga kwirinda ubusambanyi, impamvu zatumaga babishyigikira zari mbi.

Ellen G. White yanditse agira ati: "Ibikorwa byinshi bifatwa nk'imirimo myiza, yemwe ndetse n'ibikorwa by'ubugiraneza, igihe bizasuzumwa neza, bizagaragara ko byaturukaga ku mpamvu mbi. Benshi bashimirwa ingeso nziza badafite. Urondora imitima agenzura impamvu zitera abantu gukora, kandi ibihe byinshi ibikorwa bishimwa cyane n'abantu abyandika nk'ibikorwa biturutse ku mpamvu zo kwikunda ndetse bikaba bishingiye ku buryarya. Buri gikorwa cyose cyo mu mibereho yacu, cyaba ari igikorwa cy'indashyikirwa cyangwa se kikaba gikwiriye gushimwa cyangwa kugawa, gisuzumwa n'urondora imitima akurikije impamvu zateye umuntu kugikora." –Ellen G. White, Ibihamya by'Itorero, umuzingo wa 2, p. 387.

Ku rundi ruhande, amagambo yabo ni "ubusa" kubera ko izo filozofiya zitagira imbaraga zo gutanga ubuntu, agakiza, imbabazi, ndetse n'imbaraga ya Mwuka yo kuduhindura no kutubashisha kugendera mu nzira y'Imana. Mu rwandiko rwe, Ellen G. White asobanura akamaro ko kugira umwete udutera gukora ndetse n'akamaro k'ihishurwa nk'ibintu bifitanye isano n'ukuri na filozofiya: Kwizera ibinyoma ntibizagira imbaraga yeza ubugingo cyangwa imico. Nta kinyoma cy'ukuri cyangwa ngo gihindurwe ukuri no kugisubiramo cyangwa kucyizera. Kuba umuntu wamaramaje ntibizarinda umuntu ingaruka zo kwizera ikinyoma. Hatabayeho kuba umunyakuri nta yobokamana nyakuri ryabaho, ariko kumaramaza mu myizerere y'ibinyoma ntibizigera bikiza umuntu. Nshobora kumaramaza rwose mu gukurikira inzira itari ukuri, ariko ibyo ntibizayihindura ukuri cyangwa ngo ingeze aho nashakaga kugera. Ntabwo Uwiteka ashaka ko tugira kumaramaza k'ubuhumyi ngo maze ibyo tubyite ukwizera kweza. Ukuri ni ihame ryeza kandi kubw'ibyo kuba muri twe tukamenya icy'ukuri icyo ari cyo. Tugomba kugereranya iby'umwuka n'iby'umwuka bindi. Tugomba kugenzura ibintu byose, ariko tukagundira icyiza gusa, icyemewe n'Imana gishyira imbere yacu impamvu nyakuri ndetse n'amahame byari bikwiriye kudutera gukora. –Letter 12, 1890. Ellen G. White, *Ubutumwa Bwatoranyijwe*, Igitabo cya 2, p. 62 (2016).

Kubera iyo mpamvu, urugendo rwa Gikristo Pawulo yerekanye rushingiye ku guhishurwa kw'Imana muri Kristo Yesu. Imana Ivugwa muri Bibiliya yaturemye Ishobora kuduhishurira iyo ari yo, abo turi bo, ndetse n'uburyo twabaho ngo tubone ibyishimo.

Imana yonyine ni yo Ishobora kuduha ubuntu n'imbaraga zo kubaho ubwo buzima mu bwami bwayo.

*Urumuri rw'Umucyo*
Mu Befeso 5, Pawulo ntavuga ko Abefeso "bari mu mwijima" ahubwo avuga ko bari "umwijima" (Abefeso 5:8). None mukaba muri "umucyo" "mu Mwami wacu" (Abefeso 5:8). Kubera iyo mpamvu, Pawulo ahamagarira Abefeso "kugenda nk'abana b'umucyo" (Abefeso 5:8), ndetse anasobanura ko kugendera mu mucyo bisobanura kwera "imbuto z'umucyo", ari zo, "ingeso nziza zose, no gukiranuka, n'ukuri" (Abef. 5:9), gushakashaka uko twamenya ibyo "Umwami Ashima" (soma Abefeso 5:10), ndetse tukabaho mu mucyo wa Kristo, umurikirwa na Kristo (Abefeso 5:13, 14). Rero, turi umucyo "mu Mwami Wacu" (Abefeso 5: 8) kuko tumurikirwa na Kristo (Abefeso 5:14).

***Inyigisho y'Abadiventisiti y'Ubuzima***
Nk'Abadiventisiti, twashyize ubuzima ku rutonde rw'inyigisho tubwiriza. Dukurikije urugero rwa Pawulo, imibereho yacu ntabwo ari ikintu cyihariye cy'ubukristo kuri twe, ahubwo ni igice cy'ingenzi cy'Ubukristo, ni ukuvuga kubaho ubuzima bwa Gikristo. By'umwihariko, Abadiventisiti bavuga neza iby'inyigisho za Bibiliya zivuga ku bukristo nk'inzira y'ubuzima mu mahame abiri y'ibanze: Irya 19 ("Amategeko y'Imana") n'irya 22 ("Imyitwarire ya Gikristo"). Byongeye kandi, kuba muri Kristo tubona imibereho yacu yahinduwe nk'ikintu cy'ingenzi ku buzima bwa Gikristo, na byo bigaragarira mu itorero ryacu ndetse no mu muhamagaro wacu buri gihe nk'ububyutse n'ivugurura.

## Umugabane wa III: Umwitozo

1. Saba abigishwa bawe kwibuka uko babonaga ubwenge mbere y'uko baba Abakristo. Ese icyo gihe ubwenge bwari iki kuri bo? Ubwo bamaze kuba Abakristo nyakuri, basabe kwandika ubusobanuro bwabo bw'ubwenge. Basabe gusobanurira bagenzi babo uko basobanukiwe n'ubwenge.

2. Saba abigishwa bawe gusuzuma ibi bibazo: Ese "kwakira umucyo" no "kugendera mu mucyo" bisobanura iki mu myumvire yanyu? Nigute aya mahame yagereranywa n'uko Bibiliya isobanura "kwakira umucyo" no "kugendera mu mucyo?" Ese aya mahame asobanuye iki kuri wowe?

3. Rimwe na rimwe, Abakristo baregwa kurwanya ubwenge no gukumira iterambere ry'ubumenyi bwa muntu. Abantu bamwe babona Abakristo nk'abantu bagira ubwibone ndetse basuzugura ubwenge bw'isi. Ni gute, nk'Abakristo b'Abadiventisti dushobora guha agaciro ubwenge bw'isi; tukigira ku murage w'ubwenge bw'isi; tugaca bugufi tukamenya ko ubwenge dufite atari ubwacu ahubwo ko bwavuye ku Mana; icyakora tukabwiriza ko Imana ari yo soko yonyine nyakuri y'ubwenge? Muganire ku bisubizo byanyu mu itsinda ry'ishuri ryo ku isabato.

GIRA ICYO WANDIKA

# ABAGABO N'ABAGORE: BAHURIZWA KU MUSARABA

## KU ISABATO NIMUGOROBA, 26 KANAMA

**AHO ICYIGISHO CY'IKI CYUMWERU GISHINGIYE:** *Abefeso 5:21–33; Abafilipi 2:3, 4; Ezekiyeli 16:1–14; 2 Abakorinto 11:1–4; Itangiriro 2:15–25.*

**ICYOKWIBUKWA:** **"Bagabo, mukunde abagore banyu nk'uko Kristo yakunze Itorero akaryitangira ngo aryeze, amaze kuryogesha amazi n'ijambo rye aryishyīre rifite ubwiza, ridafite ikizinga cyangwa umunkanyari cyangwa ikintu cyose gisa gityo, ahubwo ngo ribe iryera ridafite inenge"** *(Abefeso 5:25–27).*

Mu Befeso 5:21–33, Pawulo yubakira ku gitekerezo cyo kugandukirana kw'abizera *(Abefeso 5:21);* maze agaha inama abagore b'Abakristo (Abefeso 5:22–24) n'abagabo b'Abakristo (Abefeso 5:25–32); hanyuma agasoza agaragaza itandukaniro riri hagati y'amabwiriza ahabwa umugabo ndetse n'amabwiriza ahabwa umugore *(Abefeso 5:33).*

Muri iyi nama, abigishwa ba Bibiliya bo muri iki gihe bashobora kumva ko Kristo wazutse avuga ku mibanire yacu. Tuba duhagaze mu mwanya wo kugenza dutyo igihe dusobanukiwe n'ibyanditswe mu Befeso 5:21–6:9 nk'uburyo Pawulo asanisha n'iki gihe insanganyamatsiko ikomeye y'ubumwe iri mu Rwandiko rwe, ariko noneho ubu aravuga ku rugo rwa Gikristo. Mu gihe anenga bikomeye imyubakire y'umuryango mugari w'abantu bo mu bihe byashize warimo amafuti, (soma *Abefeso 4:22)*, na none yishimira ukuremwa k'umuntu mushya (soma *Abefeso 2:15)*, uzengurutswe n'abantu benshi barangwa n'imyubakire igoramye y'umuryango. Muri iyi myubakire, abizera berekana ko imbaraga nshya ya Mwuka Wera *(Abefeso 2:22; Abefeso 3:16; Abefeso 5:18–21; Abefeso 6:17, 18)* n'imyitwarire mishya bikurikije icyitegererezo cya Kristo *(Abefeso 4:13, 15, 20–24, 32; Abefeso 5:2, 10, 17, 21–33)* byabonetse, bikaba byerekana ugusohozwa kudakuka k'umugambi Imana ifitiye abantu bayo n'abari mu isi.

# INAMA ZIGIRWA ABAGORE B'ABAKRISTO

Pawulo atangirira ku murongo w'ingenzi wo mu Befeso 5:21, uhuza Abefeso 5:1–20 n'Abefeso 5:22–33, muri wo, agakangurira abagize itorero kugandukirana (gereranya na *Mariko 10:42–45; Abaroma 12:10; Abafilipi 2:3, 4)*. Abizera bagomba kugenza batyo ku bwo "kubaha Kristo" *(Abefeso 5:21)*, ikaba ari inshuro ya mbere mu nshuro nyinshi Pawulo agaragaza ko isano tugirana na Kristo ari ikintu cy'ingenzi kurusha ibindi byose ndetse kikaba n'ikintu gisobanura icyo abizera bari cyo.

**Pawulo aba ashaka kuvuga iki igihe ahugurira abagize itorero kugandukirana? Ni mu buhe buryo tugomba kumva iki gitekerezo?** *Abefeso 5:21.*

---

---

Na none kandi Pawulo ararikira abagore b'Abakristo kugandukira abagabo babo nk'uko bagandukira Umwami wacu *(Abefeso 5:22)*, byerekana neza ko Pawulo avuga uburyo abagore bakwiriye kugandukira abagabo babo (na none soma *1 Petero 3:1, 5)*. Igihe Pawulo avuga ko abagore bagomba kugenza batyo nk'uko "bagandukira Umwami wacu," mbese biba bishatse kuvuga ko umugore agomba kugandukira umugabo we nk'aho ari Kristo; cyangwa biba bishatse kuvuga yuko Kristo ari we pfundo nyakuri kandi risumba ayandi ryo kuganduka k'umugore?

Dukurikije ibivugwa mu Befeso 6:7, aho imbata zasabwe gukorera ba shebuja "nk'abakorera Umwami, atari nk'abakorera abantu," n'ibivugwa mu Bakolosayi 3:18, aho abagore basabwa kugandukira abagabo babo nk'uko "bikwiriye abari mu Mwami," igitekerezo cya kabiri ni cyo umuntu yahitamo. Abagore na bo ubwabo ni abizera bagomba kubaha Kristo kumurutisha abagabo babo.

Mu Befeso no mu Bakolosayi hombi, Kristo—kandi Kristo wenyine—agaragazwa nk'Umutwe w'Itorero, ari ryo mubiri we *(Abefeso 1:22, Abefeso 5:23, Abakolosayi 1:18)*: "kuko Kristo ari umutwe w'itorero ari ryo mubiri we, ni na We Mukiza waryo" *(Abefeso 5:23)*. Mu buryo bw'ikigereranyo, umugabo ni "umutwe w'umugore we" *(Abefeso 5:23)*, maze ubudahemuka bw'itorero kuri Kristo bukaba icyitegererezo cy'ubudahemuka bw'umugore ku mugabo we. Uyu murongo werekana umubano w'abashakanye urangwa n'urukundo, ntabwo uvuga umubano urimo imikorere mibi. Uyu murongo ntukwiriye gusobanurwa nk'ushyigikiye ihohoterwa iryo ari ryo ryose rikorerwa mu ngo.

**Dushingiye ku byo tumaze gusoma, kuki kwibuka inama ikurikira ari ingenzi? Niba umugabo "yitwara nabi, ahora asakuza, ari umwibone, umunyabugugu, yikakaza kandi ari mudakurwa ku izima, ntihakagire ijambo rimusohokamo ko umugabo ari umutwe w'umugore, kandi ko umugore akwiriye kumugandukira muri byose; kuko atari Umwami, kandi ntabwo bene uwo ari umugabo mu busobanuro nyakuri bw'iri jambo."—** Ellen G. White, *Urugo rwa Gikristo*, p. 111.

## ITORERO NK'UMUGENI WA KRISTO: UMUGABANE WA I

**Gereranya *Abefeso* 5:25–27, 29 n'inkuru y'umwana watoraguwe iri muri Ezekiyeli 16:1–14. Ni izihe ngingo zo muri iyo nkuru Pawulo agaragaza mu byo avuga?**

---

---

Mu Befeso 5:25–27, 29, igihe Pawulo agereranya isano iri hagati y'abashakanye n'isano iri hagati ya Kristo n'itorero rye, ashingira ku migenzo n'imihango y'ubukwe bwa kera. Mu isano Kristo afitanye n'itorero nk'umugeni we, Kristo ni Umukwe wavuye mu ijuru:

(1) Akunda itorero nk'umugeni we *(Abefeso 5:25)*. Ntabwo tugomba kwibagirwa na rimwe ko uyu ari umurimo w'ingenzi wa Yesu. Aradukunda!

(2) Yitanzeho inkwano yo gukwa umugeni. Mu myiteguro y'ubukwe bwa kera, umukwe yagombaga "gutanga inkwano" ku mugeni, kandi akenshi iyo nkwano yabaga ari amafaranga menshi n'ibindi bintu by'igiciro byinshi cyane kuburyo ubukungu bwa kera bwababaga bushingiye kuri uwo muco. Kristo yishyuye ikiguzi ntakuka kugira ngo abone itorero nk'umugeni we kuko "yaryitangiye" *(Abefeso 5:25)*. Mu kwihindura umuntu kwe ndetse n'ibyamubayeho ku musaraba, yitanzeho inkwano.

(3) Yeza umugeni we. Kurimbisha umugeni wari umugabane w'ingenzi cyane mu birori byo gushyingirwa ko mu gihe cya kera. Nk'uko bimeze no muri iki gihe, abambariye umugeni n'abavandimwe b'umugeni b'igitsina gore ni bo barimbisha umugeni kugira ngo ku munsi w'ibirori azabe aboneye. Nyamara Pawulo avuga ko Umukwe wo mu ijuru ari we weza umugeni we! Ni we umweza akamutunganya "akamwogesha amazi" *(Abefeso 5:26)*. Aya magambo arengurira ku mubatizo.

(4) Avuga ijambo ry'isezerano. Uku kweza gukorwa "n' ijambo" *(Abefeso 5:26)*, byerekeza ku ijambo ry'isezerano Umukwe wo mu ijuru abwira umugeni we mu birori byo gusaba umugeni (gereranya n' *Abefeso 1:3–14, Abefeso 2:1–10*, wite ku isezerano Imana iha abizera mu gihe cyo guhinduka kwabo). Gusaba umugeni kwa kera ni nko gufata irembo kw'iki gihe, nyamara cyabaga ari igikorwa gikomeye cyo gutangira ubwumvikane, kikaba cyari gikubiyemo amasezerano yanditse ku birebana n'inkwano (izatangwa n'umukwe) ndetse n'ibishyingiranwa (ibyo umugeni yagombaga gutahana iwe abivanye mu muryango we).

(5) Ategura kandi akarimbisha umugeni. Amaherezo, igihe umugeni yabaga ashyikirijwe umukwe, yabaga ari mwiza bitangaje, agaragara afite ubwiza buzira amakemwa *(Abefeso 5:27)*. Ntabwo Kristo yeza umugeni we gusa; ahubwo aranamutunganya kandi akamurimbisha.

**Ni mu buhe buryo iyi mirongo idufasha gusobanukirwa uburyo Kristo atwitaho? Kuki ibi twari dukwiriye kubifata nk'ibiduhumuriza?**

# ITORERO NK'UMUGENI WA KRISTO: UMUGABANE WA II

**Ni mu buhe buryo Pawulo akoresha imigabane y'ubukwe bwa kera kugira ngo akangure Abakristo b'i Korinto? Mbese abyerekana ryari?** *(2 Abakorinto 11:1–4).*

---

---

Akoresheje umugabane uheruka mu byarangaga ubukwe bwa kera, mu Befeso 5:25–27, Pawulo agaragaza Kristo nk'uwishyīra umugeni! Mu bihe bya kera umugeni yashoboraga gushyikirizwa umukwe bikozwe n'abagaragiye umukwe, cyangwa bigakorwa na se w'umukobwa. Nta na rimwe byakorwaga n'umukwe! Nyamara hano, Pawulo avuga ko Yesu yishyīra itorero nk'umugeni.

Pawulo akoresha imihango y'ubukwe bwo gushyingirwa n'imirimo yakorerwagamo kugira ngo yerekane isano Kristo afitanye n'itorero mu buryo byo guhishura uko ibintu bikurikirana: 1. Gusaba no gukwa. Kristo yitangiye itorero (yitanzeho "inkwano") maze ahinduka nyira ryo *(Abefeso 5:25)*. 2. Imyiteguro y'ibirori byo gutunganya umugeni *(Abefeso 5:26)*. 3. Ibirori by'ubukwe nyirizina. Icyo Kristo yifuza muri iki gihe ni "ukuzīshyīra" umugeni ku munsi w'ubukwe *(Abefeso 5:27)*. Uyu mugabane uheruka usa no kwizihiza ibirori bikomeye byo ku munsi w'ubukwe ubwo Kristo Umukwe azaba agarutse; ubwo azaza kujyana itorero ari ryo mugeni we maze akaryishyīra *(Abefeso 5:27*; gereranya na *2 Abakorinto 11:1, 2; Abakolosayi 1:21–23, 28)*.

Ubukwe bwo mu bihe bya kera akenshi bwatangizwaga n'imyiyereko ya nijoro (soma *Matayo 25:1–13)*. Umukwe n'abamugaragiye bateraniraga mu rugo rw'umukwe —mu rugo rushya rw'abageni—maze hakabaho ibirori bikomeye byo kwiyereka. Maze bakerekeza mu rugo rwa se w'umugeni, bamurikiwe n'imuri kandi baherekejwe n'indirimbo z'ibyishimo. Bajyaga gufata umugeni mu rugo cyangwa bagahurira mu nzira n'abaherekeje umugeni, maze uwo mwiyereko ugaherekeza umugeni n'umukwe mu rugo rwabo rushya, aho abashyitsi bamaraga icyumweru cyose mu birori, bigasozwa n'ibirori by'ubukwe ubwo umugeni yashyikirizwaga umukwe.

Iyo Pawulo agaragaza Kristo nk'uwishyīra itorero, aba arengurira kuri uyu mwiyereko ukomeye ndetse n'igihe cyo gushyikiriza umukwe umugeni we. Mu kugenza atyo, yerekana ishusho yo kugaruka kwa Kristo nk'ibirori by'ubukwe buzaba mu gihe kizaza, ubwo igikorwa cyo gusaba no gukwa kimaze igihe kirekire hagati ya Kristo n'itorero rye kizaba kigeze ku musozo maze hakabaho kwizihiza ibirori by'ubukwe.

**Ni ubuhe butumwa dushobora gukura muri iyi mvugoshusho nziza, inejeje kandi yuzuye ibyishimo?**

# KUNDA UMUGORE WAWE NK'UKO WIKUNDA

**Ni ikihe gitekerezo gishya Pawulo akoresha kugira ngo atere abagabo umwete wo gukunda abagore babo?** *Abefeso 5:28–30.*

Amategeko Pawulo aha abagize urugo rwa Gikristo *(Abefeso 5:21–6:9)* ahishura imibereho igoranye. Mu Befeso 5:28–30, Pawulo yabwiraga abagabo bashoboraga guhitamo "kwanga umubiri wabo bwite" kubwo gukurikiza icyitegererezo cyari cyiganje muri icyo gihe, *(soma Abefeso 5:28, 29)*, bagirira nabi abagore babo kandi bakabakubita. Mu gihe cy'Abagiriki n'Abaroma cyo mu minsi ya Pawulo, ububasha "umutware w'urugo" (*pater familias* mu Kiratini) yahabwaga n'amategeko bwari bwagutse cyane. Umugabo yashoboraga guhana yihanukiriye ndetse akaba yanakwica umugore we, abana ndetse n'imbata ze kuko yari abyemerewe n'amategeko (nubwo gukoresha ubwo bubasha mu buryo bukabije byakomezaga kwamaganwa na rubanda).

Mu Befeso 5:25–27, Pawulo yatanze amakuru arambuye y'urugero rw'urukundo, urukundo Kristo yakunze itorero, ruha abagabo icyitegererezo gitandukanye by'ihabya n'urukundo rusanzwe. Noneho mbere yuko avuga ikindi gitekerezo gishyá, yerekana rwa rugero rukomeye, asaba abagabo b'Abakristo gutanga igisubizo "mu buryo bumeze nk'ubu" *(Abefeso 5:28)* nk'uko Yesu "yitangiye" umugeni, ari we torero, kandi akamuha ibyo akeneye byose *(Abefeso 5:25–27)*. Pawulo ararikira abagabo b'Abakristo kureka imigenzereze y'igihe barimo maze bagaharanira gufatira urugero ku rukundo rwa Kristo.

Mu Befeso 5:28–30, Pawulo yongeraho indi mpamvu nshya yo gushyigikira urukundo abagabo b'Abakristo bagomba gukunda abagore babo: ni ukwikunda. Pawulo yerekana ukuri kugaragarira buri wese: "nta muntu wanga umubiri we" (iyo ari umuntu utekereza neza). Ntabwo abagabo bigirira nabi cyangwa ngo bakubite imibiri yabo bwite. Aho kugenza batyo, barayigaburira bakayikuyakuya" *(Abefeso 5:29)*. Mu kubahendahendera gushyira iherezo ku bugome n'ubukana bagirira abagore babo b'Abakristo, Pawulo ararikira abagabo b'Abakristo kwisanisha n'abagore babo. Pawulo aravuga ati: "Uri umubiri umwe n'umugore wawe cyane, kuburyo kumugirira nabi ntaho bitaniye no kwigirira nabi, kandi abagabo batekereza nk'uko bikwiriye ntibagenza batyo."

Pawulo agaruka ku rugero rwa Yesu, yavuze ko Kristo ubwe yashyize mu bikorwa urwo rugero rwo kwiyitaho mu gukuyakuya abizera ari bo "mubiri we" *(Abefeso 5:29, 30)*. Pawulo aravuga ati: "Ibyo mugirira abagore banyu, bigire icyitegererezo cy'ibyo mwigirira ubwanyu, ndetse n' ibyo Kristo abagirira.

**Pawulo avuga urugero rw'ibyo Yesu agirira abagore n'abagabo. Ni iki wakwigira kuri Yesu ku bijyanye no gukunda abo mu muryango wawe bwite?**

# "UMUBIRI UMWE" ICYITEGERERERZO CY'IMIBANIRE Y'ABASHAKANYE

**Iga inkuru ivuga iby'irema iri mu gitabo cy' Itangiriro 2:15-25. Ni ibiki bivugwa muri iyi nkuru mbere yuko havugwa amagambo arebana n'uko umugabo n'umugore ari "umubiri umwe"** *(Itangiriro 2:24)***?**

---

---

---

Urufunguzo rwo gushyira mu bikorwa inama Pawulo aha abagore n'abagabo ni ukureba uburyo mu Befeso 5 :31 Pawulo asubiramo amagambo yanditswe mu Itangiriro 2 :24 nk'urwego ruhanitse mu mibanire yabo. Igihe avuga igitekerezo cy'irema kiboneka mu Itangiriro, Pawulo yita cyane ku bintu itorero ry'Abakristo rikeneye n'amasano ari hagati y'imiryango aribonekamo.  Mu magambo aboneka mu Itangiriro 2:24, harimo ubutumwa bukomeza kwirangīra mu bihe byose. Ku bw'umugambi w'Imana, umubano w'abashakanye ugamije kugera ku isano yo guhindura ababiri umubiri umwe, aho ubumwe bushingiye ku mibonano y'abashakanye bwerekana ishusho y'ubumwe mu by'amarangamutima ndetse n'iby'umwuka, maze ubwo bumwe bugaha ubusobanuro isano iri hagati y'abashakanye.

Zirikana ko mu guhitamo Itangiriro 2:24, Pawulo atoranya amagambo ajyanye no gushyingiranwa  kwabayeho mbere yo kugwa k'umuntu maze akaguhuza n'amasano aboneka hagati y'abagabo n'abagore b'Abakristo. Mu isi yacu ya nyuma yo kugwa k'umuntu, gukoresha nabi isano ishingiye ku gitsina hagati y'umugabo n'umugore bihishura agahato gashyirwa ku mugore. Pawulo avuga isano ishingiye ku gitsina, akurikije uko bigaragara mu Itangiriro, ntabwo iyo sano ishingiye ku gahato, ahubwo ishingiye ku bumwe. Ntabwo iyo sano igaragaza cyangwa ngo ikomeze gukwirakwiza ubutegetsi bw'umugabo, ahubwo igaragaza ubumwe buri hagati y'umugabo n'umugore, kuburyo bahinduka "umubiri umwe." Ubwo dushobora kuvuga ko Abefeso 5:21-33 n'Itangiriro 2: 24 ari iyobokamana ry'ingirakamaro, rivuguruza umuco umenyerewe kandi rigakosora umubano w'abashakanye n'ibijyanye n'imibonano mpuzabitsina.

Muri iki cyerekezo kandi, mu murongo ukurikiraho Pawulo avuga ku "bwiru bukomeye cyane" (soma *Abefeso 5:32)*. Ibi bikubiyemo imvugoshusho ifite impande ebyiri Pawulo yari yabanje kuvugaho: ubukwe bwa Gikristo busobanukira mu mucyo w'isano Kristo agirana n'Itorero *(Abefeso 5:32)* kandi isano Kristo afitanye n'itorero ikumvikanira mu mucyo w'ubukwe bwa Gikristo (Abefeso 5:32).

Ubukwe bwa Gikristo buhabwa agaciro iyo bugereranyijwe n'isano iri hagati ya Kristo n'itorero. Ikindi kandi, igihe abizera batekereza ku isano itorero rifitanye na Kristo bayirebeye mu ndorerwamo z'ubukwe bwa Gikristo aho buri wese yita kuri mugenzi we, basobanukirwa bundi bushya n'isano bagirana na Kristo.

**Ni mu buhe buryo Abefeso 5:33 hadufasha nk'inshamake yumvikana y'inama Pawulo atanga mu Befeso 5:21-32? Niba wubatse, ni gute washaka uburyo warushaho gushyira mu bikorwa aya mahame mu buryo bwuzuye mu mibanire yawe n'uwo mwashakanye?**

# IBINDI BYO KWIGWA NO KUZIRIKANWA

Soma igitabo cyanditswe na Ellen G. White cyitwa *Testimonies for the Church [Ibihamya by'Itorero]*, ingingo ivuga "Inshingano z'Abashakanye," vol. 7 pp. 45–50, n'igitabo cyitwa *Urugo rwa Gikristo*, ingingo ivuga "Inshingano buri wese mu bashakanye afite kuri mugenzi we," pp.109-114.

Akenshi, Ellen G. White ashishikariza buri wese mu bashanye gutera umugongo umuhati wo guharanira gutegeka mugenzi we: "Ntihakagire ugerageza guhatira undi kwemera ibyo yifuza. Ntabwo mushobora kugenza mutyo ngo mukomeze gukundana. Ahubwo mube abagwaneza, mwihanganirana, mugirirane imbabazi kandi mugaragarizanye ubwuzu. " *Urugo Rwa Gikristo*, p. 112.

Ellen G.White avuga ku busobanuro abantu baha amagambo ari mu Bakolosayi 3:18 *(n'Abefeso 5:22–24)* n'ibyo abantu bayahuza na byo, yaravuze ati: "Abantu bakunze kubaza iki kibazo bati: "Mbese umugore ntazagira gukurikiza ubushake bwe bwite?" Bibiliya ivuga yeruye ko umugabo ari umutwe w'urugo: "Bagore, mugandukire abagabo banyu."

(Abakolosayi 3:18). Iyo iri tegeko rigarukira aha gusa, twashoboraga kuvuga ko umwanya umugore afite atari umwanya wo kwifuzwa. Waba ari umwanya ugoye cyane kandi w'ibigeragezo kuri benshi, bityo rero byaba byiza ko abashyingiranwa baba bake cyane. Abagabo benshi bahagararira kuri aya magambo ngo: "Bagore, mugandukire abagabo banyu," ariko turasoma n'umwanzuro w'iryo tegeko ari wo ugira uti, "nk'uko bikwiriye abari mu Mwami."

Imana isaba ko umugore akwiriye guhoza imbere kuyubaha no kuyihesha icyubahiro. Kuganduka kuzuye k'umugore kugomba kwerekezwa gusa ku Mwami Yesu Kristo we wenyine wamucunguye akamugira umwana we atanze igiciro kitagerwa cy'ubugingo bwe. Imana yamuhaye umutimanama adashobora kurenga kubyo umubwira ngo azabure guhanwa. Ubumuntu bwe yihariye ntibushobora kuvangwa n'ubw'umugabo we, kuko Kristo yamuguze amaraso ye ku giti cye. Ni ikosa gutekereza yuko, (bifatanyije no kumvira buhumyi), umugore agomba gukora ibintu byose nk'uko umugabo we abivuze mu gihe azi neza ko mu kugenza atyo umubiri we n'umwuka n'ubugingo bishobora kuhazaharira kandi byaracunguwe bikavanwa mu buretwa bwa Satani.

Imbere y'umugore, hariho undi uri hejuru cyane, usumba umugabo we; uwo ni mucunguzi we, ni cyo gituma kugandukira umugabo we bikwiriye gukorwa nk'uko Imana yabitegetse - "Nk'uko bikwiriye abari mu Mwami."—*Urugo Rwa Gikristo, pp.110-111*.

**IBIBAZO:**

1. **Tekereza haramautse hari umuntu runaka ukugisha impaka avuga ko Abefeso 5:21–33 ari imirongo yataye agaciro idafite icyo imaze mu mibanire y'abashakanye, bitewe n'uko ishyira imbaraga ku mibanire y'abashakanye yubakiye ku butware n'ubutegetsi bw'umugabo. Mbese uwo muntu wamusubiza iki ? Ni izihe ngingo ziri muri iyo mirongo zagufasha gutanga igisubizo cyawe?**

2. **Ni iki inama ya Pawulo iri mu Befeso 5:21–33 yamarira abisanga mu ngorane n'ibibazo bishingiye ku isano y'abashakanye?**

3. **Abakristo bamwe bavuga ko igitekerezo cy'irema kiri mu Itangiriro igice cya mbere n'icya kabiri ari imvugoshusho gusa, ko ntaho gihuriye n'ukuri kw'ibyabayeho; ahubwo bakavuga ko ibihavugwa byatwaye imyaka za miliyari na za miliyari y'ihindagurika ry'ibiriho. Ni iki gukoresha iki gitekerezo kwa Pawulo kutwigisha ku bijyanye n'uburyo afata ukuri kw'iyi nkuru nk'uko iri?**

4. **Komeza wibande kuri iyi nsanganyamatsiko y' "umubiri umwe." Ni mu buhe buryo ibi bidufasha kurushaho gusobanukirwa ko kubana kw'abashakanya kwera kandi ni ukubera iki abashakanye bagomba gukora ibishoboka byose kugira ngo barinde uko kwera?**

# ISABATO YA 35
# KU WA 2 NZERI 2023
## GAHUNDA YO KUGARURA ICYACUMI NO GUTURA AMATURO
## BRAZIL: ISUPU Y'UMUNSI W'AMAVUKO

**Abafilipi 4:19** — "Kandi Imana yanjye izabamara ubukene bwanyu bwose, nk'uko ubutunzi bw'ubwiza bwayo buri muri Kisto Yesu."

Isabukuru ya Yuliyana yari yegereje, kandi yashakaga gutegura isupu yari bushyire abantu batagira aho baba ku isabukuru ye.

Nyina yaramubwiye ati, "Gutegura isupu ni akazi katoroshye. Bisaba ibintu byinshi, kandi nta n'amasafuriya manini ahagije dufite yo guteka isupu y'abantu benshi." Yuliyana ntiyigeze acika intege, ahubwo yaravuze ati, "Imana Iraza kuduha ibyo dukeneye ngo dutegure isupu." Yuliyana yari yarigiye mu itsinda ry'Abarondabukanda ko Imana Ibasha kuduha ibyo dukeneye byose. Nyina yashimishwaga n'uko Yuliyana yakundaga Imana, ariko we ntabwo yajyaga ajya mu rusengero.

Yuliyana yarasenze maze Imana Imwungura igitekerezo. Ku munsi wakurikiyeho Yuliyana yasuye abaturanyi be maze abasaba niba bamutiza amasafuriya manini yo guteguriramo isupu yo guha abantu bashonje. Abaturanyi babiri bamutije amasafuriya yabo manini cyane. Hanyuma Yuliyana asura iduka ryari hafi aho ryacuruzaga ibiribwa maze abaza umuyobozi waryo niba yatanga ubufasha bw'imboga zo gutegura isupu yo gushyira abatagira aho baba. Uwo muyobozi yarabyemenene maze amuha umufuka urimo imboga. Yuliyana yasuye andi maduka menshi abasaba imboga, maze buri duka rimuha imifuka irimo ibyo yari butekeshe isupu. Yuliyana yatashye mu rugo ari gusunika igare rihetse imboga.

Nyina abonye iyo mifuka irimo ibiryo yaramubajije ati, "Ibi ni ibiki?" Yuliyana n'umunezero mwinshi aramusubiza ati, "ni ibyo turi bukoreshe dutegura isupu!" "Ndetse ngaya n'amasafuriya yo gutekeramo. Abagore bamwe bo ku rusengero bazaza ejo kudufasha gutegura isupu." Nyina yatangajwe n'uburyo Yuliyana yari yateguye buri kintu. Babifashijwemo n'abagore b'Abadiventisiti, babashije gutegura isupu nyinshi.

Bukeye, Yuliyana na nyina hamwe n'abagore bo mu itorero barangije gutegura isupu, maze bapakira amasafuriya mu modoka. Bagiye mu mujyi guhura n'abagabo n'abagore batagira aho baba kandi bashonje bategereje kubona icyo barya. Umukobwa umwe yatangaje ko ari umunsi w'amavuko wa Yuliyana kandi ko ari we wabateguriye isupu. Abo bantu barishimye ndetse baririmbira Yuliyana indirimbo yo kumwifuriza "Isabukuru nziza".

Nyina wa Yuliyana yabonye uburyo Yuliyana yari yuzuye urukundo rw'Imana, bituma na we ashaka kumenya urukundo rw'Imana. Yatangiye kuzajya ajyana na Yuliyana ku rusengero, ndetse nyuma y'amezi atari make, na we yakiriye Yesu mu buzima bwe. Uyu munsi, Yuliyana, na nyina, ndetse n'abandi benshi bagize itorero bajya bagaburira abantu batagira aho baba kabiri mu kwezi.

**ICYO DUHAMAGARIRWA:** Yuliyana na nyina ntibari bafite amafaranga cyangwa umwanya wo guteka isupu, ariko Yuliyana yizeraga ko Imana Ibasha kumumara ubukene bwe bwose, "nk'uko ubutunzi bw'ubwiza bwayo buri" (Abafilipi 4:19). Izaduha ibyo dukeneye mu gihe tuyizeye kandi tukayiha amaturo yacu ya buri gihe yitwa Isezerano.

**IMANA MBERE YA BYOSE**
**DUSENGE:**

ICYIGISHO CYA 10

## Umugabane wa I: Incamake

**Isomo ry'Urufunguzo:** Abefeso 5:25-27. **Amasomo Iki Cyigisho Gishingiyeho:** Abefeso 5:21-33; Abafilipi 2:3,4; Ezekiyeli 16:1-14; 2 Abakorinto 11:1-4; Itangiriro 2:15-25. **Intangiriro:** Ubumwe bumeze nk'umugozi w'izahabu uvugwa mu rwandiko Pawulo yandikiye Abefeso. Ubumwe ntibugarukira ku isano iri hagati y'Abayuda n'abanyamahanga mu itorero gusa (Abefeso 2). Mu rwandiko rwe, Pawulo asobanura uburyo ubumwe buzanwa n'Ubutatu bw'Imana, n'agakiza, n'umubatizo, no kwizera, n'impano za Mwuka, na Mwuka Wera uba muri twe, no guhindura imibereho, yacu dukurikije icyitegererezo cya Kristo; ndetse n'ubwenge bwa Gikristo. Mu by'ukuri, Pawulo yabonaga ko ubumwe mu buryo bwose bushoboka muri Kristo gusa.

Pawulo abivuga mu kiganiro cye cyose kivuga ku bijyanye n'ubumwe bw'itorero nk'ubumuntu bushya ari bwo: umuryango. Niba haba hariho urugero cyangwa icyitegererezo cy'ubumwe, ni umuryango. Umuryango ushobora rwose kugirwa umwe muri Kristo gusa, nk'uko abanyamahanga n'Abayuda babaye umwe muri Kristo, kandi nk'uko abagize itorero bose bahurijwe hamwe mu mubiri umwe wa Kristo. Mu muryango, abagore bazagandukira abagabo babo muri Kristo, ndetse n'abagabo bazakunda abagore babo "mu Mwami." Umugambi w'Imana mu mibereho y'abashakanye usobanuye ko tugomba kubona umuryango nk'uko Imana Iwubona. Uyu mugambi w'Imana kandi usobanura ko umuryango ugomba gusohoza inshingano n'intego Imana yawuhaye igihe yaremaga isi: "umubiri umwe," ubumwe butagabanyije. Aba bombi ni umuntu umwe, ariko si ukubera inyungu bahuriyeho gusa, ahubwo ni ukubera ko Imana yabaremye gutyo, kubera ko Imana yabategetse kumera gutyo. Ubumwe bw'umuryango bwerekana ibirenze ibigaragara, nk'uko ubumwe bw'itorero bwerekana ubumwe bw'Ubutatu bw'Imana hamwe n'umubano wayo n'umuntu.

**Insanganyamatsiko ziri muri iki Cyigisho:** Icyigisho cy'iki cyumweru kiribanda ku nsanganyamatsiko eshatu z'ingenzi:

1. Insanganyamatsiko y'ubumwe ivugwa na Pawulo ikomereza no mu muryango wa Gikristo, nk'uko bigaragarira mu mibanire y'umugabo n'umugore.
2. Inzira imwe rukumbi umuryango wa Gikristo nyawo wakomeza kugira ubumwe, ni ukuba "mu Mwami," bakagandukirana nk'uko byagenwe n'Imana mu gihe yaremaga isi, kandi nk'uko byagaragariye mu rukundo rwa Yesu rwatumye yitangira umuntu mu mugambi we w'agakiza.
3. Umuryango "uri mu Mana" by'ukuri ntabwo wahura n'imibanire mibi, nk'ubusambanyi cyangwa urugomo, kubera ko umugabo n'umugore baba barize kubahana no gukundana mu Mwami.

## Umugabane wa II: Ubusobanuro

*Iyobokamana rya Pawulo ku Muryango*

Abefeso 5: 21-33 ni imirongo yimbitse irimo ibya Gikristo n'ibibwirizwa. Kimwe n'izindi nyandiko ze, Pawulo ahuriza hamwe inyigisho zikomeye z'iyobokamana (inyigisho za Kristo n'inyigisho z'itorero) mu byo avuga. Nk'uko Pawulo abibona, iyobokamana rya Bibiliya ntabwo ribaho gusa mu rwego rwo guhanga uburyo bw'ubwenge buhamye kandi bwiza. Ubutumwa bw'ingirakamaro bw'iyi ntumwa buhora bushingiye ku rufatiro rukomeye rw'iyobokamana rishingiye kuri Bibiliya. Kubera iyi mpamvu, iyi ntumwa ntabwo isobanura ibyigisho by'umuryango nk'aho ari ingingo ishobora gukemurwa n'ibisubizo bike byakuwe mu bwenge rusange bw'abantu, mu by'imitekerereze y'abantu, cyangwa mu by'imibereho y'abantu. Ahubwo, avuga ibyo avuga ku muryango mu buryo buhuje n'amahame fatizo ya Gikristo: Imana, Irema, Kristo, agakiza, n'itorero. Mu byukuri, aha ngaha Pawulo ntabwo akoresha umuryango ngo yerekane izo nyigisho, ahubwo, akoresha izo nyigisho kugira ngo asobanure umuryango wa Gikristo!

Kimwe no mu itorero. Pawulo ntiyemera ko uburyo bwo kubona umuryango wa Gikristo bugenwa n'imimerere ndetse n'imiterere y'abantu idatunganye. Ahubwo, akurikiza ihame rya Yesu "uhereye ku ntangiriro" (" 'ariko uhereye mbere hose ntibyari bimeze bityo' "Matayo 19: 8), rifasha itorero rya Gikristo n'iyobokamana rwayo kwerekeza ku mugambi w'Imana, mu buryo bunyuranye n'uko iyi si mbi imeze. Uburyo Pawulo abona umuryango mu miterere y'aya mahame nyigisho ya Gikristo, byerekana ko umuryango wa Gikristo udashobora guhungabana.

***Kuganduka n'Urukundo***

Uburyo Pawulo avuga "urukundo rwo kuganduka" yerekeza ku mibanire y'umugabo n'umugore, byateje impaka nyinshi, ndetse bituma abantu bamwe barega Ubukristo ko burwanya abagore. Nyamara, ibi bitekerezo bishingiye ku kudasobanukirwa neza ubutumwa bwa Pawulo.

Ingingo nyinshi zishobora kudufasha gusobanukirwa neza iki gice:

1. Imyifatire y'umugabo n'umugore iba ishingiye ku kuba bagandukirana (Abefeso 5:21), bitewe n'uko bujujwe Mwuka Wera (Abefeso 5:18).
2. Ntabwo umugore agandukira umugabo we nk'aho ari shebuja we, ahubwo amugandukira nk'uko agandukira Kristo, Umukiza we akaba n'Umurinzi we. Kugandukira umugabo we bisobanura kumwitaho cyane, kumwubaha, kumwishimira akanamenya ko ari umufasha n'umurinzi we. Ntabwo Bibiliya itanga urufatiro rwerekana ko umugore yoroheje kuruta umugabo we, bityo akaba ari yo mpamvu akwiye kumugandukira nk'ugandukira shebuje. Ahubwo, Pawulo hano yigisha imyifatire ikwiriye umugore yagombye kugira yo kwicisha bugufi no kubaha umugabo we. Kuba ubukristo buvuga ko umugore n'umugabo bakwiye kubahwa kimwe muri Kristo ntibigomba gutuma abagore bagira imyifatire yo kwiyemera no kumva ko basumba abagabo babo. Ahubwo, imyifatire y'umugore igomba kuba imyifatire y'ubudahemuka burangwa n'urukundo ndetse n'ubufasha.
3. Abagabo na bo, bagomba kwibuka ko abagore babona urukundo iyo babitaho kandi bakabarinda. Urukundo umugabo akunda umugore we ni nk'urukundo rw'Imana rwatumye yitangira itorero. Pawulo yigisha abagabo kugira imyifatire iboneye yo kwicisha bugufi, kwishimira, no gukunda abagore babo.
4. Ni byo, Pawulo yagereranyije kuganduka k'umugore no kuganduka kw'itorero, ndetse n'urukundo rw'umugabo n'urukundo rwa Kristo. Ariko Pawulo ntabwo abigereranya mu buryo budahuje n'ubwenge, avangavanga inyigisho z'iyobokamana, mu buryo bwatuma hagaragara imibanire itaringaniye hagati y'abagabo n'abagore, cyangwa uko abantu babona umuhango wo gushyingiranwa. Ibinyuranye n'ibyo, iyi ntumwa ihita igereranya kandi igasobanura neza icyo yashakaga kuvuga n'ingingo zo kugereranya izo ari zo. Uku kugereranya kwerekeza ku myifatire n'uburyo bwo kugandukirana no kwerekana urukundo.

Yohana Krizostome (John Chrysostom) (A.D 347–407), umubwiriza w'icyamamare akaba n'umukurambere w'itorero i Constantinople, yakoresheje ubuhanga bwe bwiza bw'inyigisho z'ibyo kubana, kugira ngo asobanure urukundo umugabo akunda umugore we:

"

Mbese urashaka ko umugore wawe akumvira, nk'uko Itorero ryumvira Kristo? Bityo rero, ujye umwitaho nk'uko Kristo yita ku Itorero. N'iyo byaba ngombwa ko utanga ubugingo bwawe k'ubwe, ndetse ukaba wakwicwa inshuro ibihumbi icumi, ndetse ukaba wakwihanganira imibabaro iyo ari yo yose, ntukabyange. Nubwo wakwihanganira ibyo byose, ntiwabasha, yaba ubu, cyangwa muri icyo gihe gukora nk'ibyo Kristo yakoze. Kubera ko wowe uba ubikorera uwo usanzwe ukunda, nyamara we yabikoreye uwamuteye umugongo ndetse akanamwanga. Nk'uko yashyiraga ku birenge bye uwamuteye umugongo, akamwanga, akamwirengagiza, akamusuzugura, ntamwiture urugomo, ntamuteze akaga cyangwa igiteye ubwoba, ahubwo akamwereka urukundo rwe rutagira iherezo; abe ari ko nawe ugenzereza umugore wawe. Nubwo ubona ko yaba agusuzugura, atakwishimira, agusebya, ariko kubw'urukundo umukunda, kubw'ineza no kumwitaho, bizatuma ubasha

kumushyira ku birenge byawe. Kuko ari nta kintu na kimwe gifite imbaraga ziruta uyu murunga uba uri hagati y'umugabo n'umugore we. Umugaragu wenda yabasha guhambirwa n'ubwoba, nyamara nawe yageza igihe akigendera. Ariko umufasha w'umuntu w'ubuzima bwe, nyina w'abana be, urufatiro rw'ibyishimo bye byose, ntiyagombye kubohwa n'ubwoba, cyangwa igitinyiro, ahubwo yagombye gukoreshwa n'urukundo ndetse n'ubugwaneza. Mbese ubwo bwaba ari ubuhe bumwe, aho umugore ahindira umushyitsi umugabo we? Kandi ni ibihe byishimo umugabo yagira mu gihe abana n'umugore nk'aho ari umugaragu we, ntabe ugira umudendezo? Yego, nubwo wababazwa kubera we, ntukamucyahe, kuko na Kristo atigeze agenza atyo."—*Homilies of St. John Chrysostom, Archbishop of Constantinople, on the Epistle of St. Paul the Apostle to the Ephesians*, in Philip Schaff, ed., *Saint Chrysostom: Homilies on Galatians, Ephesians, Philippians, Colossians, Thessalonians, Timothy, Titus, and Philemon* (Grand Rapids, MI: Eerdmans Printing Company, 1983), vol. 13, p. 144.

***Ihame ry'Abadiventisti ry'Ubukwe n'Umuryango***

Inyigisho y'Umuryango ni ingenzi cyane ku buryo amatorero amwe ya Gikristo yayishyize ku rutonde rw'amahame (inyigisho remezo) yayo (nk'urugero, reba inyandiko yanditswe n'Itorero Rishingiye ku Kwizera rya Westminster, the Westminster Confession of Faith, article XXIV). Ikibabaje, amatorero amwe, nka Kiliziya Gatolika y'i Roma, Itorero ry'Aborutodogisi bo mu Burasirazuba, n'Amatorero y'Abangilikani, yageze ku buhezanguni bwo gufata ubukwe n'umuryango uko bitari.

Uburyo Itorero ry'Abadiventisti b'Umunsi wa Karindwi ribona umuryango, cyane cyane ku birebana n'isano iri hagati y'abashakanye, ribivuga mu ihame shingiro rya 23 ry'imyizere yacu: "Ubukwe ni umuhango washyizweho n'Imana muri Edeni. Yesu yahamije ko ari ukubana akaramata hagati y'umugabo n'umugore, umubano urangwa n'umwuka w'urukundo. Ku Mukristo, indahiro y'abashakanye ni isezerano umuntu agirana n'Imana hamwe n'uwo bashakanye, kandi rigomba gukorwa n'abahuje kwizera gusa. Gukundana, gushimana, kubahana, no kwita ku nshingano zabo ni byo bigize umurunga w'ubumwe w'abashakanye ari wo urangwa n'urukundo, ubutungane, ubucuti n'umushyikirano w'iteka uhuza Kristo n'itorero rye. … Nubwo ubumwe bw'imiryango runaka butagera ku ntego, abashakanye bakundana by'ukuri babiheshejwe na Kristo bashobora kugira ubumwe mu rukundo binyuze mu buyobozi bwa Mwuka Muziranenge, n'umurimo w'Itorero. Imana iha umuryango umugisha, kandi yifuza ko abawugize, bafashanya kugira ngo bagere ku rugero rushyitse. Ababyeyi bagomba kurera abana babo babatoza gukunda Imana no kuyubaha. Binyuze mu magambo no mu ngero babaha, bagomba kubigisha ko Kristo ari umwigisha utoza abantu ikinyabupfura binyuze mu rukundo, mu kubitaho no kubarinda, kandi yifuza ko baba ingingo z'umubiri we, ndetse bakaba mu muryango w'Imana. Gushyira hamwe no Kunga ubumwe kw'abagize umuryango ni kimwe mu bimenyetso byihariye by'ubutumwa bwiza buheruka."—Seventh-day Adventist Church, "What Adventists Believe About Marriage and the Family," biboneka kuri uru rubuga: https://www.adventist.org/marriage-and-the- family/. Ubisanga mu gitabo, "Ibyo Abadiventisti b'Umunsi wa Karindwi Bizera… Amahame Shingiro 28 y'Ukuri kwa Bibiliya, p. 293 (2005).
Itorero ry'Abadiventisti ritanga izindi nyongera z'inyandikomvugo zemejwe zivuga ku muryango. Inyandikomvugo yemejwe mu mwaka wa 1996, ivuga (ibikurikira) ku "bukwe" amagambo afitanye isano ya bugufi n'ayo mu Befeso 5, nubwo iyo nyandikomvugo yemewe y'itorero idakoresha amasomo ya Bibiliya. Nyamara, ingingo nyinshi z'iyi nyandikomvugo yemewe zitanga umucyo ku kamaro k'iyobokamana ry'ubukwe n'umuryango:

Bwa mbere, inyandikomvugo ihuza ubukwe n'imiterere y'Ubutatu Bwera buvugwa na Bibiliya muri aya magambo: "Bikomotse ku bintu bitandukanye

(amaharakwinshi) biranga abantu babiri (umugabo n'umugore), uguhinduka umwe kw'abashyingiranywe bishushanya mu nzira imwe ubumwe mu bintu bitandukanye (amaharakwinshi) biranga Ubumana."

Bwa kabiri, umuryango ushushanya isano iri hagati y'Imana n'umuntu: "Mu Byanditswe byera hose, umubano urangwa no gushyingiranwa kw'abashakanye wahawe isumbwe nk'ikimenyetso cy'umurunga uri hagati y'Ubumana na mwenemuntu. Ni igihamya cya muntu cyerekana urukundo rwitanga rw'Imana n'isezerano yagiranye n'abantu bayo. Umurunga w'ubumwe bw'umugabo n'umugore mu gushyingiranwa kwabo utanga ipfundo ry'ubumwe bw'umuryango ari na bwo igihe cyose bugomba kubahwa nk'ubugize umusemburo w'imiryango itekanye."

Bwa gatatu, inyandikomvugo ishimangira ko imiryango y'abantu irangwa n'ubunyacyaha bityo ikaba ikeneye guhindurwa no kuvugururwa binyuze muri Yesu Kristo no muri Mwuka Wera: "Bitewe n'uko gushyingiranwa kwandujwe n'icyaha, ukwera n'ubwiza bwo gushyingiranwa nk'uko byagenwe n'Imana bikeneye gusubizwa ishusho yabyo. Kubwo kwishimira umurimo wo gucungura Kristo yakoze hamwe n'umurimo Mwuka Wera akorera mu mitima y'abantu, umugambi wa mbere wo gushyingiranwa ubasha kongera gusubizwa agaciro kawo, maze umugabo n'umugore bagiye kubana bakabona ibyiza byo gushyingiranwa mu gihe cyo guhuriza hamwe ubuzima bwabo mu isezerano ry'ubukwe bwabo."—General Conference of Seventh-day Adventists Administrative Committee, "Marriage," April 23, 1996, available from https://www.adventist.org/official- statements/marriage/.

Itorero ry'Abadiventisti ryasohoye izindi nyandiko zamagana urugomo n'ihohoterwa bikorerwa mu miryango (General Conference of Seventh-day Adventists Administrative Committee, "Statement on Abuse and Family Violence," released by the Office of the President, Robert S. Folkenberg, at the General Conference session in Utrecht, the Netherlands, June 29-July 8, 1995), rishimangira kandi rishyigikira abagore mu bibazo bitandukanye banyuramo (General Conference of Seventh-day Adventists Administrative Committee, "Statement on Women's Issues," released by the Office of the President, Robert S. Folkenberg, at the General Conference session in Utrecht, the Netherlands, June 29-July 8, 1995).

## Umugabane wa III: Umwitozo

1. Mutekereze, mujye impaka kandi mushake ibisubizo hamwe n'abigishwa b'itsinda ryanyu uburyo imiryango yanyu cyangwa itorero ryanyu ryahinduka ahantu cyangwa ikigo cy'ubwiyunge bw'abagize imiryango, aho abagabo n'abagore b'aho mutuye bajya babonera ubwiyunge.

2. Saba abigishwa b'itsinda ryawe gutekereza ko basabwe gutanga ibiganiro bitatu mu rwego rw'umushinga wo guteza imbere imibanire ya Gikristo hagati y'abagabo n'abagore mu gace mutuyemo. Ese ni izihe ngingo eshatu z'ibyigisho bahitamo, ndetse ni ibiki bashyira muri buri ngingo?

3. Saba abigishwa b'itsinda ryawe kuvuga no gusobanura ibintu bitatu by'ingenzi Bibiliya itandukaniyeho n'umuco w'iwabo ku birebana n'umubano uba uri hagati y'umugabo n'umugore mu muryango. Ni mu buhe buryo butatu bashobora gukosora umubano uba mu miryango yabo kugira ngo bagere ku rugero rwa Bibiliya rw'imibanire y'umugabo n'umugore mu muryango?

GIRA ICYO WANDIKA

# KUBERA KRISTO INDAHEMUKA MU BURYO BWUZUYE

## KU ISABATO NIMUGOROBA, 2 NZERI

**AHO ICYIGISHO CY'IKI CYUMWERU GISHINGIYE:** *Abefeso 6:1–9; Mariko 10:13–16;* Abakolosayi *3:21; 1 Petero 2:18–25; 2 Abakorinto 5:10; Abakolosayi 3:24, 25.*

**ICYOKWIBUKWA: "Namwe ba shebuja, abe ari ko mugirira abagaragu banyu namwe, mureke kubakangisha kuko muzi yuko musangiye Shobuja uri mu ijuru, utarobanura abantu ku butoni."** *(Abefeso 6:9).*

Mu mwaka wa 2018, hari igihangano cyabonetse mu nzu ndangamurage ya Bibiliya iri i Washington cyakuruye ibitekerezo by'abantu. Ni Bibiliya yanditswe mu nshamake yari yaragenewe kwigisha abantu ibintu by'ingenzi mu kwizera mu gihe ikuramo umurongo wose ushobora gutera imbata (abacakara) kwigomeka. Iyo Bibiliya yari yarasohowe mu icapiro mu mwaka wa 1808, kandi abari barayanditse ntabwo bapfaga gukuramo umurongo uyu n'uyu uko biboneye. Mirongo icyenda ku ijana (90%) by'Isezerano rya Kera ntabwo byarimo, kandi mirongo itanu ku ijana (50%) by'Isezerano Rishya na byo ntibyarimo. Mu bice 1,189 bya Bibiliya, hasigayemo ibice 232 gusa.

Imironyo isa naho ishyigikira ububata, by'umwihariko aho inkuru z'ubutumwa bwiza zo muri Bibiliya zitari," yasigayemo ntacyo ihindutseho, harimo n'umurongo ukunze gukoreshwa nabi nk'uyu: "Namwe mbata, mujye mwumvira ba shobuja bo ku mubiri nk'uko mwumvira Kristo, mububashye muhinda imishyitsi kandi mutaryarya mu mitima yanyu"*(Abefeso 6:5).*

Muri iyi minsi, mu bihe tubayemo no mu muco turimo, ingorane ikomeye dufite ni ukudasobanukirwa n'amagambo ari mu Befeso 6:1–9 mu cyerekezo cy'inkuru yuzuye y'agakiza nk'uko kahishuwe muri Bibiliya yose. Ni iki twiga igihe tureba Pawulo akoresha indangagaciro z'ubutumwa bwiza mu myubakire y'umuryango mugari udatunganye wo mu gihe cye?

# INAMA ZIGIRWA ABANA

**Ni iyihe nama Pawulo aha abana, kandi ni mu buhe buryo ashyigikira iyo nama yifashishije Isezerano rya Kera?** *Abefeso 6:1–3.* (Na none soma *Matayo 18:1–5, 10; Mariko 10:13–16.)*

---

---

Kugira ngo dushyigikire byuzuye inama Pawulo aha abana, tugomba kuyitekereza nk'iri gusomerwa mu rusengero mu mujyi mugari wa Efeso. Ijambo "abana" (mu Kigiriki ni, *ta tekna*) rishobora gukubira hamwe abana bari mu bigero bitandukanye by'ubukuru, kuko abana bakomezaga kuba munsi y'ububasha bwa ba se kugeza igihe ba se bagiriye imyaka 60 y'ubukuru (mu muco w'Abagiriki) cyangwa kugeza ba se bapfuye (mu muco w'Abaroma). Aba bana, nubwo bakiri bato kuburyo bagomba kwigishwa n'ababyeyi (Abefeso 6:4), baba bakuze bihagije kuburyo bashobora kuba abigishwa ku giti cyabo.

Twumva Pawulo ashishikariza abana bari mu materaniro ry'Abakristo baramya Imana, ngo bumvire kandi bubahe ababyeyi babo "mu Mwami" ni ukuvuga muri Kristo (gereranya *Abefeso 5:22; Abefeso 6:4, 5, 7–9).* Aha ngaha turarikirwa kubaha abana nk'uko na bo ari abigishwa ba Kristo ndetse tukabafata nk'abafite uruhare mu kuramya Imana. Ibi bituma iyi mirongo iba ishingiro mu kurera abana no mu murimo ukorerwa abana.

Itegeko rya Pawulo ryo kubaha ntabwo ari itegeko ntakuka. Igihe abana bafite ababyeyi batizera Imana, kandi amategeko babategeka akaba avuguruza ibyo Kristo abasaba, icyo gihe nubwo byaba ibibababaza, baba bagomba kumvira Imana maze bakayiragiza ingaruka zishobora kuvuka." Ellen G. White, *Urugo Rwa Gikristo*, p. 286.

Pawulo asoza uguhugura abana kwe asubira mu itegeko rya gatanu, ahamya agaciro aha Amategeko Cumi nk'isoko y'ubuyobozi bw'abizera b'Abakristo (nk'ikintu cyigaragaza mu *Befeso 4:1–6:9;* by'umwihariko *Abefeso 4:25, 28; Abefeso 5:3–14).* Atangira ayo magambo avuga ati: (" 'Wubahe so na nyoko' " *Abefeso 6:2),* maze agakurikizaho amagambo atanga ubusobanuro avuga ati, *(*"iryo ni ryo tegeko rya mbere ririmo isezerano " *Abefeso 6:2),* hanyuma agasoza ya magambo yari yateruye mbere agira ati: (" kugira ngo ubone amahoro uramire mu isi' " *Abefeso 6:3).* Itegeko rya gatanu rihamya ko kubaha ababyeyi ari umugabane w'ibyo Imana yateganyirije umuntu kugira ngo agubwe neza. Kubaha ababyeyi, nubwo baba badatunganye bizafasha abantu kugira amagara mazima no kugubwa neza.

**Ni mu buhe buryo iyi mirongo ishimangira uburyo amasano abantu bafitanye mu muryango ari ingirakamaro?**

# INAMA ZIGIRWA ABABYEYI

**Gereranya Abefeso 6:4 n'Abakolosayi 3:21. Ni iyihe mpamvu dusanga mu Abakolosayi 3:21 ituma ababyeyi bakwiriye kwirinda kurakaza abana babo?**

Igitabo cyanditswe n'Umuyuda witwa Mwene Siraki, cyariho mu gihe cya Pawulo, kigira inama ababyeyi ku birebana n'uko bagomba gufata abahungu babo: "Ukunda umuhungu we azamukubita kenshi. . . Honesha umwana, azagutera ubwoba bikomeye; kina na we, azagutera agahinda. . . Hana umwana wawe kandi umukorere umutwaro uremereye, kugira ngo utazababazwa no kutagira isoni kwe" *(Sirach 30:1, 9, 13)*.

Inama ya Pawulo ikoresha imvugo itandukanye n'iyi. Abanza guha ba se b'abana itegeko ririmo impakanyi ati: "Ntimugasharirire abana banyu," rigakurikirwa n'irindi ritarimo impakanyi ngo"Mubarere mubahana, mubigisha iby'Umwami wacu" *(Abefeso 6:4)*. Mu gihe cya Pawulo, ba se b'abana bari bafite ububasha bwose ku bana hakurikijwe amategeko, kandi abana bafatwaga nk'umutungo wabo. Ba se bari bafite uburenganzira bwo kubahana igihano kirimo ubugome, ndetse bakaba bahanisha n'urupfu abana babo. Mu by'ukuri, rimwe na rimwe ububasha se w'abana yabaga abafiteho bwarutaga ubwo shebuja w'imbata yabaga azifiteho. Ntabwo Pawulo ari gushyigikira ubwo bubasha, ahubwo arasobanura amasano yo mu muryango mu buryo bushize amanga kandi akayaha ishusho nshya. Mu cyerekezo cyo kubera Kristo indahemuka mu buryo bwuzuye, Pawulo ararikira ba se b'abana b'Abakristo kongera gutekereza ku buryo bakoreshamo ububasha bafite kuko abana bashariririwe baba batari mu mwanya mwiza wo kwakira "uburere n'inyigisho z'Umwami wacu" *(Abefeso 6:4)*.

"Babyeyi, mu rugo rwanyu mugomba guhagarara mu mwanya w'Imana. Mugomba gusaba abana kubumvira, mudakoresheje umugaru w'amagambo, ahubwo mubikoze mu buryo burimo ubugwaneza n'urukundo.

"Nimube abantu banejeje mu rugo. Nimwibuze kuvuga ijambo ryose rishobora kubyutsa uburakari. Iri tegeko riva ku Mana ngo "Ba se, ntimugasharirire abana banyu" . . .

"Nta burenganzira butangwa n'ijambo ry'Imana buvuga ko ababyeyi bakwiriye guhana abana babo bihanukiriye cyangwa kubakandamiza cyangwa ngo abana bareke kumvira ababyeyi babo. Amategeko y'Imana, mu mibereho y'umuryango no mu butegetsi bw'ibihugu, atemba aturuka mu mutima w'ufite urukundo rutagira akagero."—Ellen G. White, *Child Guidance*, p. 259.

**Nubwo iki cyigisho cyerekeza ku babyeyi n'abana, ni ayahe mahame dushobora kuvana muri iyi mirongo ashobora kugira icyo ahindura ku buryo dufatamo abandi bantu bose?**

# UBUBATA MU BYANDITSWE BYERA N'AMATEKA

**Soma inama zihabwa imbata na ba shebuja mu mirongo ikurikira:** *Abefeso 6:5–9; Abakolosayi 3:22–4:1; 1 Abakorinto 7:20–24; 1 Timoteyo 6:1, 2; 1 Petero 2:18–25.* **Ni mu buhe buryo ushobora kuvuga izi nama muri make?**

---

---

Biratangaje kumva Pawulo abwira ba shebuja b'imbata b'Abakristo gutekereza aho imbata z'Abakristo zicaranye na ba shebuja b'Abakristo mu nsengero zo muri Efeso. Ububata mu isi y'Abagiriki n'Abaroma bushobora kuba bwari butandukanye mu buryo bufatika n'ubwo mu gihe cyakurikiyeho cyitwa icy'Isi Nshya. Ntibwari bushingiye ku itsinda rimwe ry'ubwoko runaka. Mu mijyi, rimwe na rimwe imbata zo mu ngo zahabwaga amahirwe yo kwigishwa, maze zikaba zashobora gukora nk'abubatsi, abavuzi, n'abacurabwenge. Rimwe na rimwe izi mbata zo mu ngo zashoboraga guhabwa umudendezo nyuma yo kumara igihe runaka zikora, nubwo imbata nyinshi zitigeraga na rimwe zibona umudendezo wazo. Mu kugerageza kugaragaza itandukaniro ryari hagati y'abo ngabo, ingeli zimwe za Bibiliya zo mu gihe cya vuba zifata ijambo ry'Ikigiriki *doulos* (risobanura "imbata") riboneka mu Befeso 6:5–8 zikarisobanura nk' "umugaragu udafite umudendezo."

Nyamara ibyo byakorwaga muri rusange, imbata zo mu cyaro zakoraga imirimo ivunanye, hatitawe ku hantu imbata zakoreye, zaba zari munsi y'ubushozi n'ubutware bya shebuja, ubafite n'abagore babo ndetse n'abana. Ugutaka k'uwitwa *Publilius Syrus,* wigeze kuba imbata, kurababaje: gupfa biruta kubaho uteshejwe agaciro nk'imbata. Hitawe kuri uko kuri kose, ubusobanuro bw'ijambo *doulos* nk "imbata" ni bwo umuntu yahitamo, by'umwihariko, kuko imbata zikangishwa na ba shebuja (Abefeso 6:9).

Gukoresha abantu nk'imbata cyari ikintu kiboneka ahantu hose mu gihe cya Pawulo. Ntabwo yakemuraga ikibazo kijyanye na byo nk'umuntu uharanira impinduka mu muryango mugari w'abantu, ahubwo yabikoraga nk'umupastoro ugira inama abizera ku bijyanye n'uburyo bahangana n'ukuri kw'ibyari biriho no gukwirakwiza icyerekezo gishya gishingiye ku guhinduka k'umwizera ku giti cye, kwajyaga kugira ingaruka zagutse mu muryango mugari w'abantu mu gihe cyajyaga gukurikiraho: "Icyerekezo cye ntabwo kwari ugukuraho ububata mu bwami bw'Abaroma. Ahubwo ibitekerezo bye byari biri ku kindi kitari ugukuraho iby'ububata mu buryo bwemewe n'amategeko, ari cyo guhanga umubano wa kivandimwe ushingiye ku kwemerwa n'Imana nk'abana bayo. . . . Kuri Pawulo, hagombaga kubaho impinduka y'umuryango mugari mu itorero, mu mubiri wa Kristo, mu gice gito bari baherereyemo, no mu itorero rya Gikristo no mu rugo rwa Gikristo."—Scot McKnight, *The Letter to Philemon* (Grand Rapids, MI: Eerdmans Publishing Company, 2017), pp. 10, 11.

**Kimwe mu bizinga bikomeye byanduje amateka y'ubukristo ni ukuntu bamwe bagiye bakoresha iyi mirongo ya Bibiliya ivuga ku bijyanye n'ububata kugira ngo bashyigikire iki kibi. Ni ubuhe butumwa bukomeye dukwiriye gukura muri ibi burebana n'uko dukeneye gukoresha ijambo ry'Imana tubyitondeye?**

# IMBATA ZA KRISTO

**Ni iki Pawulo asaba imbata z'Abakristo mu nyigisho zirambuye abagezaho?** *Abefeso 6:5–8.*

Pawulo asaba imbata z'Abakristo kumvira ba shebuja, kubakorera neza kandi babyishimiye. Ikigaragara cyane ni ukuntu asubiramo ugusimbuza gukomeye abasaba gukora. Ntabwo bagomba gushyira ba shebuja mu mwanya wa Kristo, ngo ubudahemuka bakwiriye kugaragariza Kristo babwerekeze kuri ba shebuja. Ibiri amambu, binyuze mu kwitanga no kuba indahemuka bibatera gukora neza kandi bishimye, bashyira Kristo mu mwanya wa ba shebuja. Mu kubashishikarize gukora iri simbuza ry'ingenzi, Pawulo abagezaho ugusobanukirwa kwa Gikristo isano iri hagati y'imbata na shebuja.

Nimwite ku buryo Pawulo abasaba gukora iri simbuza:

- Pawulo agabanya ku gaciro ka ba shebuja akabita ba "shebuja bo ku isi," akabereka Shebuja nyakuri wo mu ijuru *(Abefeso 6:5)*.
- Bagomba kubakorera "babubashye kandi bahinda imishyitsi, kandi bataryarya mu mitima, nk'uko babikora kuri Kristo" *(Abefeso 6:5)*.
- Pawulo yerekana iri simbuza mu buryo burusha ubundi bwose kugaragara igihe avuga ko imbata z'Abakristo bagomba gukora neza, atari nk'imbata za ba shebuja, ahubwo babikore nk' "imbata za Kristo" *(Abefeso 6:6)*.
- Mu gukora umurimo wabo, bagomba gukora "ibyo Imana ishaka babikuye ku mutima" bagakora bishimye umurimo werekejwe ku Mana *(Abefeso 6:6)*.
- Pawulo abararikira gukorana ubushake umurimo mwiza, bakawukora nk " abakorera Umwami atari nk'abakorera umuntu" *(Abefeso 6:7)*.

Ku bw'umurimo zikora zishimye, imbata z'Abakristo zishobora gutegereza kuzawuhererwa ingororano na Kristo ubwo azaba agarutse. Zakoze umurimo zagombaga kumukorera none zitegereje ingororano azaziha. Iki ni igitekerezo cyiza ku mbata zidahembwa. Imbata yashoboraga kwiyumvamo ko itishimiwe na shebuja wo ku isi (gereranya na *1 Petero 2:19, 20)*. Nubwo bimeze bityo, imbata yizera ifite shebuja uhugukiye kandi akita ku "kintu cyose cyiza buri wese akora" *(Abefeso 6:8)* kandi agatanga ingororano.

**Nubwo dushobora kwifuza cyane ko Ibyanditswe biba byaramaganye ku mugaragaro iyi migenzereze iteye ubwoba, si ko bimeze. Ariko se ni ayahe mahame dushobora gukura mu magambo ya Pawulo mu cyerekezo cy'uburyo twisanisha n'abantu dukorana mu buzima turimo?**

# BA SHEBUJA B'IMBATA NA BO ARI IMBATA

Mu magambo asoza Pawulo abwira imbata ngo "naho yaba imbata cyangwa uw'umudendezo" *(Abefeso 6:8)*, ijambo "uw'umudendezo" rirengurira kuri ba shebuja b'imbata, ahesha Pawulo uburyo bwo kugera mu mwanya wo kubaha inama igihe aba atekereza ku mbata na ba shebuja bahagaze ahantu bareshya imbere y'intebe y'imanza ya Kristo (gereranya *2 Abakorinto 5:10; Abakolosayi 3:24, 25)*.

**Reka dutekereze yuko uri shebuja w'imbata kandi ukaba uri Umukristo, noneho ukaba uteze amatwi aho urwandiko rw'Abefeso rusomerwa mu rusengero usengeramo; mbese ni iyihe nyifato wagira kuri iyi nama, itangiwe imbere y'imbata zawe?** *Abefeso 6:9.*

---

---

Mu guhugura kwahuranyije, Pawulo abwira ba shebuja b'imbata guhindukira, ari ko kugaragaza itandukaniro rikomeye riri hagati ya ba "batware" (mu Kigiriki ni *hoi kurioi*, ryahinduwemo ba"shebuja"), bari bafite akamenyero ko "gukangisha" imbata zabo, n"Umutware" (*ho kurios*), Kristo, "utarobanura abantu ku butoni."

Pawulo asaba ba shebuja b'imbata "kugenzereza batyo" imbata zabo, ikintu kigomba kuba cyari gitangaje ku muntu wo mu kinyejana cya mbere wari ufite imbata. Ba shebuja b'imbata bari bakwiriye gusubirisha imbata zabo ibikorwa by'ubushake buyobowe n'uko ari indahemuka kuri Kristo, bihura n'icyo Pawulo yari yasabye imbata *(Abefeso 6:5–8)*. Ababwira kureka gukangisha imbata zabo, ikintu cyari rusange mu gihe ba shebuja b'imbata bahaga imbata zabo ibihano bitandukanye, birimo kubakubita *(1 Petero 2:20)*, ihohotera rishingiye ku gitsina, kubagurisha (bakava ku bo bari bakunze), imirimo ivunanye, kubicisha inzara, kubabohesha ingoyi, kubatwikisha ibyuma bishyushye babashyiraho ibimenyetso, ndetse n'urupfu.

Pawulo ashyigikira amategeko atanga akoresheje ibintu bibiri bitera ubutwari bihamagarira ba shebuja b'imbata kureba ibirenze imyubakire y'umuryango mugari wo mu isi y'Abagiriki n'Abaroma: 1. Bo ubwabo n'abo bita imbata zabo basangiye Shebuja umwe ("kumenya ko ubabereye Shebuja bombi ari uwo mu ijuru," gereranya n'Abakolosayi *4:1)*; 2. Databuja wo mu ijuru acira abantu bose imanza atarobanura ku butoni. Ubwo Shebuja wabo bwite afata abitwa imbata kimwe n'abandi, ni ko na bo bakwiriye kugenza (gereranya *Filemoni 15, 16)*.

**Ahanini, imvugo Pawulo akoresha mu Befeso zishobora gutera imbata z'Abakristo ubutwari mu buryo bwihariye: kwemerwa nk'abana *(Abefeso 1:5)*; gucungurwa *(Abefeso 1:7)*; umurage *(Abefeso 1:11, 14; Abefeso 3:6)*; kwicarana na Kristo ku ntebe y'ubwami *(Abefeso 2:6)*; guhinduka "abaturage b'ijuru" "abo mu nzu y'Imana" *(Abefeso 2:19;* gereranya *3:14, 15)*, n'ibice by'umubiri wa Kristo *(Soma Abefeso 3:6, Abefeso 4:1–16)*. Mu Befeso 6:5-9 hafungura inyigisho yose iboneka muri uru rwandiko nk'ikorera mu masano hagati y'imbata na bashebuja, hakubiyemo n'inama zijyanye n'amagambo *(Abefeso 4:25–32)* n'imyifatire *(Abefeso 5:1–14)*.**

# IBINDI BYO KWIGWA NO KUZIRIKANWA

Kubaha abana nk'abizera bagenzi bacu Pawulo avuga *(Abefeso 6:1–3)* biha agaciro inshingano yacu irebana n'uburyo abana bafatwa mu isi yo muri iki gihe. Ijambo abwira ba se b'abana *(Abefeso 6:4)* riduhamagarira kwita ku nshingano za kibyeyi. Guhuza inama Pawulo aha imbata *(Abefeso 6:5–8)* n'igihe turimo, ndetse by'umwihariko inama aha ba shebuja b'imbata *(Abefeso 6:9)*, birushaho kugorana kubera ko umuryango mugari tubayemo kuri benshi muri twe utandukanye n'uw'icyo gihe, kandi bigaterwa n'uko tuzi yuko gukoresha uburetwa uko byaba bimeze kose, ni kimwe mu bintu bibi cyane mu mico mbonera. Nyamara kandi, gutekereza uko twayahuza n'igihe turimo. Hamwe n'abizera bo mu kinyejana cya mbere, dufite amahirwe n'inshingano byo guhuza indangagaciro z'Ubutumwa Bwiza n'amasano tugirana n'abandi. Ibibazo byo kuganirwaho biri hepfo byaringanirijwe gushyigikira uyu murimo w'ingenzi.

kubera yuko aya magambo yahumetswe akaba amwe mu Byanditswe, dukwiriye

## IBIBAZO:

1. **Bisobanuye iki ku Badiventisiti kuvuga ko gukunda abana ari igihamya cy' "ubwoko bwiteguye gusanganira umwami"?** *Luka 1:17* (hasubiwemo amagambo ari muri *Malaki4:6)*.

2. **Kubaha abana kuvugwa na Pawulo gutuma havuka ikibazo cyo gutekerezwaho: Ni iyihe nshingano dufite yo kwagura biruseho uburyo Kristo yita ku bana bagira imibereho yo gukorerwa urugomo, gukorerwa ihohoterwa rishingiye ku gitsina, no gukozwa isoni bakiri bato? Ushingiye ku bushakashatsi ku ngaruka zikomeye z'Ibikorwa bibi bikorerwa abana bato (cyangwa usure urubuga:** https://www.cdc.gov/violenceprevention/), **ni iyihe nshingano tubafiteho?**

3. **Nk'uburyo bwo kwagura ukubaha abana kuvugwa na Pawulo n'uburyo Yesu yabitagaho, ni izihe nshingano itorero rifite zo kurera no kurinda abana rishinzwe kwitaho? Ni ubuhe buryo n'imikorere rikwiriye kuba rifite ngo rishobore gukora ibyo?**

4. **Inama Pawulo aha imbata na ba shebuja, mu Befeso 6:5–9, akenshi zikoreshwa ku masano ari hagati y'abakozi n'abakoresha babo. Ni mu buhe buryo ibi bikwiriye? Ni akahe kaga gashobora kuboneka mu kubikora?**

5. **Gukoresha abantu uburetwa biracyaboneka mu isi yacu muri iki gihe, ahabarurwa abantu barenga miliyoni 40 b'imbata (hakurikijwe amakuru dukesha urubuga:** http://www.globalslaveryindex.org/). **Nk'abantu bafite umudendezo dufite abatubanjirije bari bashikamye ku gukurwaho burundu k'ububata, ni izihe nshingano dufite kuri aba bahungu n'abakobwa b'Imana bagizwe imbata igihe turirimba ibyo Kristo azakora ngo "Azacagagura iminyururu, kuko imbata ari mwenedata, kandi mu izina rye, akarengane kose kazahagarara"?**

# ISABATO YA 36
# KU WA 9 NZERI 2023

## GAHUNDA YO KUGARURA ICYACUMI NO GUTURA AMATURO AMAHIRWE ATAZWI: IYO IMANA IFUNGUYE UMURYANGO

**Imigani 6:6-8** — "Wa munyabute we, sanga ikimonyo, witegereze uko kigenza kandi ugire ubwenge. Ntikigira umutware cyangwa igisonga cyangwa shebuja, ariko gihunika ibiryo byacyo mu cyi, kandi mu isarura kikishakira ibigitunga."

Imana Ikora mu buryo buhebuje ngo ifungure imiryango kugira ngo Imenyeshe abantu ubutumwa bwayo mu rukundo ndetse no mu kwizera ku isi yose. Kandi amaturo yacu atangwa ngo abashe guhaza ibikenewe mu murimo mushya. Ariko se bigenda bite iyo amateraniro y'ivugabutumwa yateguwe neza agenze neza kurenza uko twabitekerezaga? Mu gihe gito, amatorero yari asanzwe ariho aruzura, bikaba ngombwa ko andi matorero mashya yubakwa, akodeshwa, cyangwa agurwa vuba. Ariko ibi bisaba amafaranga, ndetse amafaranga aruta kure aba yateganyijwe na Diviziyo mbere yuko amateraniro y'ivugabutumwa atangira. Ni gute Diviziyo yabasha kubona inyubako z'amatorero abizera bashya bakeneye ngo bakure mu by'Umwuka?

Mu myaka myinshi, itorero ry'Abadiventisiti ryagize umugisha wo kugira gahunda za Radiyo na Televiziyo zigera ku isi yose. Imirongo mishya ya Radiyo na Televiziyo iri kugenda yaguka ku isi hose, aho buri mwaka indimi nshya zigenda zigera ku bihumbi by'abantu bashya. Ariko uku kwaguka kurasaba ibikoresho byinshi, abakozi benshi, ndetse n'igihe gihagije cyo gukoresha icyogajuru. Iyo amahirwe atari yitezwe abonetse bigatuma Itorero rigera ahantu ku isi ubusanzwe hatajya hagerwa, ni gute Itorero ritanga amafaranga akenewe yo gukora umurimo nk'uyu ukomeye w'Imana?

Imana yeretse itorero uko ryakwitegura guhangana n'ibintu bitari byitezwe, rikabikora rishyiraho ikigega cy' umutungo uzabasha gukoreshwa igihe imigisha itari yitezwe igeze ku bantu b'Imana. Iki kigega cyitwa Amaturo y'Amahirwe Adasanzwe. Ku Badiventisiti batuye mu bihugu bikoresha Gahunda y'Amaturo Akomatanyije (abarenga 90% by'abizera b'Abadiventisiti), umugabane wagenwe w'amaturo yabo atangwa igihe icyo ari cyo cyose azajya ahita yoherezwa muri iki kigega. Ariko ku batuye mu bice bigikoresha indi gahunda y'amaturo, ituro ry'umwihariko ritangwa muri iki kigega rimwe mu mwaka. Uyu munsi ni umunsi w'amahirwe mashya yo kubaka icyo kigega kugira ngo itorero ribe ryiteguye mu gihe Imana Idusubije "yego" ku masengesho yacu.

Ahari waba wibuka igihe Leta Zunze Ubumwe z'Abasoviyeti zigabanyagamo ibihugu byinshi mu ntangiriro y'umwaka wa 1990. Nyuma y'igihe gito, inzitizi zibuza Abakristo kwamamaza Imana ku mugaragaro mu bihugu bigize icyahoze ari Leta Zunze Ubumwe z'Abasoviyeti zari zarasenyutse, maze ababwirizabutumwa benshi babasha kwinjira muri iki gice kinini maze bageza urukundo rw'Imana kuri za miliyoni z'abantu. Ikiguzi cy'iyi gahunda y'ibwirizabutumwa cyari kinini, ariko amafaranga yavuye mu Kigega cy'Amahirwe Adasanzwe yatumye uyu murimo w'ibwirizabutumwa ubasha gukorwa.

**ICYO DUHAMAGARIRWA:** Imana ifite inzira nyinshi zo kugeza abandi ku bwami bwayo. Nimutyo rero dukore uruhare rwacu kugira ngo twitegure igihe amahirwe yo gukorera Imana azaba aje.

**IMANA MBERE YA BYOSE**
**DUSENGE:**



140

ICYIGISHO CYA 11

## Umugabane wa I: Incamake

**Isomo ry'Urufunguzo**: *Abefeso 6:9*

**Amasomo Iki Cyigisho Gishingiyeho**: *Abefeso 6:1-9; Mariko 10:13-16; Abakolosayi 3:21; 1 Petero 2:18-25; 2 Abakorinto 5:10; Abakolosayi 3:24, 25.*

**Intangiriro**: Nyuma yo kuganira ku nsanganyamatsiko y'ubumwe bw'umuryango, Pawulo acukumbura bumwe mu bwoko bw'ubumwe bugibwaho impaka kandi bukomeye kurusha ubundi, ari bwo bumwe hagati y'ibisekuru no hagati y'amatsinda cyangwa inzego z'abantu. Abo bantu bose b'inzego zitandukanye Pawulo abafitiye igisubizo kimwe kiva mu Butumwa Bwiza, ari cyo bumwe "mu Mwami." Pawulo agira abana inama ngo bubahe ababyeyi babo mu Mwami wabo. Aya magambo yashyize abana mu rwego rw'urugo n'umuryango mugari wa Gikristo, aho barererwa nk'abagize umuryango w'Umwami Imana. Inama intumwa iha ababyeyi itangwa neza mu mwuka usa n'uyu: abana banyu nimubafate nk'ab'Umwami Imana. Nyamara iri hame ntabwo risobanuye ko abana badashobora kwigishwa, guhanwa, no gutozwa uburere bwiza. Nyamara ababyeyi bagomba guharanirra uburere bw'abana babo bakoresheje uburyo bumeze nk'ubwo Imana ubwayo yakoresha.

Ibihabanye n'ibyo bamwe mu banenga Bibiliya bavuga, Pawulo ntabwo ashyigikira uburyo bubi bwashyizweko bwo gukoresha abantu ubucakara, ahubwo yahisemo gukoresha uburyo n'imigenzereze ya gishumba. Akurikije urugero rwa Yesu, wanze uburyo bwo gukemura ikibazo wifashishije intwaro yo kurenganya no gukandamiza abandi (Yesu yakanguriye Petero gusubiza inkota ye mu rwubati), Pawulo ashyigikira uburyo bwo gushakira muri Kristo igisubizo cy'ikibazo cy'imibanire ndetse n'ibindi bibazo. Imbata ubwazo zigomba kumera nk'imbata za Kristo, nk'uko Pawulo yirebaga, kandi bagakorera ba shebuja nk'abakorera Umwami Yesu. Mu rundi ruhande, imbata zigomba gufata ba shebuja nk'abantu (mbese nka bashebuja bo ku isi nyine) bakeneye agakiza, mbese nk'ikindi kiremwamuntu cyose cyacumuye. Ba shebuja b'imbata bagomba gufata imbata zabo nka bagenzi babo basangiye ubwami bw'Imana ndetse na bo ubwabo bakifata nk'imbata za Shebuja wo mu ijuru. Amakimbirane aboneka mu mibanire y'imbata na shebuja "akemurwa" n'uko mu itorero imbata na shebuja bahamagarwa kandi bakemerwa na Kristo, bagashyiranwa hejuru na We ahantu ho mu ijuru. Baramya Imana imwe n'Umukiza kandi bahamagariwe kugira imibereho yahindutse rwose ku bwo kugira Mwuka Wera ukorera muri bo, hakurikijwe ishusho y'Imana iri muri Kristo.

**Insanganyamatsiko ziri muri iki Cyigisho**: Iki cyigisho cyerekana insanganyamatsiko ebyiri nyamukuru:

1. Ubumwe hagati y'ibisekuru: abana n'ababyeyi bashobora kuba umwe igihe buri wese arebera undi muri Mwami.
2. Ubumwe mu nzego z'abantu: imbata na bashebuja bagirana ubumwe gusa mu Mwami igihe buri wese arebera undi mu cyo ari cyo mu Mwami: nka mugenzi we basangiye ubwami bushya n'imibereho mishya muri Kristo.

## Umugabane wa II: Ubusobanuro

***Ubumwe hagati y'abana n'ababyeyi, imbata na ba shebuja***

Mu Befeso 6:1-9, Pawulo akomeza insanganyamatsiko y'ubumwe Imana izanira abantu n'itorero binyuze muri Kristo Yesu. Pawulo agenza atyo binyuze mu kuvuga ku bibazo bikomeye byo mu rugo no mu muryango mugari w'abantu: imibanire y'abantu bo mu bisekuru bitandukanye, n'imibanire y'imbata na ba shebuja. Intumwa ibwira abana ko bagomba kumvira ababyeyi "mu Mwami" kuko ari byo "bibakwiriye *(Abefeso. 6:1)*. Ni byo bibakwiriye kuko ari itegeko ry'Imana, itegeko rijyanye n'isezerano *(Abefeso 6:2)* ry'imigisha no kurama

*(Abefeso 6:3)*. Ku rundi ruhande, Pawulo ararikira ababyeyi b'Abakristo "kudatera" abana babo kurakara *(Abefeso 6:4)* binyuze mu kubasharirira. Ibiri amambu, intego y'ababyeyi ni "ukubarera babahana, babigisha iby'Umwami wacu" *(Abefeso 6:4)*, badakurikiza ubwenge bwabo bwite. Abana bagomba kwigishwa mu cyerekezo cy'uko bakura bakagera ku isano ishyitse bagirana n'Umwami Imana. Nubwo abana bagomba kugira uruhare mu mirimo y'abagize umuryango, umurimo nk'uwo ugomba kwifashishwa nk'uburyo bwo kubigisha, atari uburyo bwo kubakamuramo imbaraga cyangwa kubabyaza umusaruro bitagira icyo byungura abana. Isano abana bagirana n'ababyeyi ni ishingiro ry'umuryango mugari w'abantu. Birababaje kuvuga ko imiryango migari inyuranye, mu bihe bimwe na bimwe yagiye igaragaramo ingero z'imibanire mibi, aho abana bagirira nabi ababyeyi babo cyangwa ababyeyi bakagirira nabi abana babo, cyangwa se ibyo byombi bikahaboneka. Pawulo yemera adashidikanya ko uku guhangana kuboneka hagati y'abantu bo mu bisekuru bitandukanye gushobora gukemukira mu itorero gusa igihe riri muri Kristo.

Pawulo ararikira Abakristo b'imbata "kumvira" ba shebuja bo ku mubiri nk'uko bumvira Kristo, babubashye bahinda imishyitsi, kandi bataryarya mu mitima yabo" *(Abefeso 6:5)*. Igihe Pawulo avuga ibi, ntasobanura ko Imana yemera ikintu nk'iki kigaragara ko ari kibi cyo gukoresha abantu ubucakara. Nta nubwo Pawulo avuga ko Kristo areshya na ba shebuja b'abantu bo ku mubiri. Ahubwo Pawulo arashimangira ibyo guhinduka nyakuri kw'imbata na ba shebuja.

Tugomba kuba Abakristo nyakuri uko ibintu twaba twisanzemo byaba bimeze kose. Muri iyi si y'icyaha, inshuro nyinshi twisanga mu bihe bidukomereye. Bamwe muri twe bamugazwa n'uburwayi, abandi bagahura n'inzitizi ziturutse mu bo babana na bo, ndetse abandi bakagerwaho n'ibibatwara ubuzima bwabo. Ni byo koko, Ibyanditswe Byera bitwigisha gukora ibyo dushoboye byose ngo ibintu bigende neza cyangwa bihinduke bizima. Nyamara ubu buryo ntibukunze gushoboka ibihe byose. Mu bihe nk'ibyo, ikintu cy'ingenzi ku Bakristo kuruta ibindi, ni ugushikama ku kwireza kwabo kuzima, no kugundira isano bafitanye na Kristo.

Na none Pawulo abwira imbata zo muri Efeso ati: "Niba uri imbata, mbese nk'uko byari bimeze kuri Yosefu muri Egiputa, kandi ukaba udashobora guhindura ikintu nk'icyo giteye ubwoba *(1 Abakorinto 7:21-23)*, wibuke ubwiru bw'ubutumwa bwiza, imigisha ya Kristo y'ahantu ho mu ijuru, icyubahiro yaduhaye ku bwo kuzamuranwa na we ku ntebe y'ubwami bw'Imana. Na none wibuke ko twese turi amabuye mu rusengero rw'Imana ndetse n'abagize umubiri wa Kristo, ko twagezweho n'impinduka ikomeye mu mitima yacu no mu mibereho yacu, impinduka yimbitse mu myifatire yacu no mu byo tugambirira, ndetse n'imbaraga ya Mwuka Wera ukorera muri twe kugira ngo azanemo izi mpinduka zitangaje.

Bityo rero, nka Yosefu muri Egiputa, ukorere shobuja, urinde urugo rwe rutunganirwe, mbese nk'aho waba uri gukorera Yesu (*Abefeso 6:6)*. Inyifato nk'iyi ntabwo ari ugushyeshya cyangwa gushyeshyenga umuntu. Nta nubwo iyo mico ari ukwishuka cyangwa gutera abantu gutekereza ko ububata ari ikintu cyiza. Ibiri amambu, iyi shusho yerekana impamvu y'imyifatire ya Gikristo mu isano agirana n'abandi. Uko ibintu byaba bimeze kose cyangwa imyubakire y'umuryango mugari, ikintu cy'ingenzi kuruta ibindi byose ku Mukristo ni uguhinduka kwe, kuzagira umusaruro wo kumugeza ku nyifato itaryarya, irimo ibyishimo kandi itunganye mu murimo n'imibereho ye *(Abefeso 6:6-8)*.

Ku rundi ruhande, Pawulo abwira ba Shebuja b'imbata "kugirira batyo" *(Abefeso 6:9)* imbata zabo: nimukurikize urugero rwa Yesu. Ba shebuja b'abantu ku isi cyangwa abantu bafite ubutunzi n'ububasha bazi ko Yesu ababereye shebuja. Ku bw'ibyo rero, aho kugira ngo Pawulo abe ashyigikira ubucakara, asenya urufatiro rw'ubucakara akoresheje gushyiraho ihame rya Gikristo rivuga ko—imbata na ba shebuja bo ku isi—bafite shebuja umwe wo mu ijuru, ari we Yesu Kristo. Amasano yo mu buryo bw'imibanire n'ubw'ubukungu agomba gusanishwa na Yesu Kristo. Imbata zibaho kandi zigakora zisanishije na Yesu nka Shebuja. Ba shebuja b'abantū babafata nk'uko Yesu abafata. Pawulo ashimangira ko Yesu "atarobanura

abantu ku butoni" *(Abefeso 6:9)*. Mu gukurikira Shebuja Yesu *(Matayo 26:51-53)*, Pawulo yizeraga ko ku bwo kubwiriza ubutumwa bwiza bw'ubumwe n'urukundo biri muri Kristo, ikintu kibi nk'ubucakara cyashyizweho cyajyaga kwisenya ubwacyo.

***Iyobokamana ry'Abadiventisti b'Umunsi wa Karindwi ku Bana***

Abadiventisti b'Umunsi wa Karindwi baha agaciro umubano w'abashakanye ndetse n'abana. Ako gaciro kagaragarira mu ihame rya 23 ry'ibyo twizera rivuga riti: "Imana iha umuryango umugisha, kandi yifuza ko abawugize bafashanya kugira ngo bagere ku rugero rushyitse. Kurushaho kwegerana kw'abagize umuryango ni kimwe mu bimenyetso byo kugera ku ntego y'ubutumwa bwiza. Ababyeyi bagomba kurera abana babo babatoza gukunda Imana no kuyubaha. Binyuze mu magambo yabo no mu ngero babaha, bagomba kubigisha ko Kristo ari Umwigisha utoza abantu ikinyabupfura binyuze mu rukundo, mu kubitaho no kubarinda, kandi yifuza ko baba ingingo z'umubiri We, umuryango w'Imana uhurije hamwe ingaragu n'abubatse ingo."—Itorero ry'Abadiventisti b'Umunsi wa karindwi, *"Ibyo Abadiventisti b'Umunsi wa Karindwi Bizera* (p. 293 [ingeri ya 2010] ku bijyanye n'umubano w'abashakanye n'umuryango;" wabisanga na none ku rubuga rwa https://www.adventist.org/marriage-and-the-family/.

Guha abana agaciro bikubiye mu yandi magambo yavuzwe n'Itorero ry'Abadiventisti b'Umunsi wa Karindwi. Hifashishijwe Abefeso 6:4, kimwe n'andi magambo akoreshwa, ibyo bavuze ku birebana no "kurera no kurengera abana" bisobanura ko abana ari "impano z'igiciro kinini zaturutse ku Mana, ikaziragiza ababyeyi, ingo, umuryango mugari w'abizera ndetse n'umuryango w'abantu mu rwego rwagutse" bigahamagarira abantu kurengera abana no kubarinda ihohoterwa iryo ari ryo ryose, kubarinda urugomo no kutabakoresha imirimo ivunanye. Ayo magambo yerekana ko "abana benshi bahabwa ibihano bikarishye mu rwitwazo rw'uburyo bwo guhana kwigishwa na Bibiliya. Igihano kirangwa n'ubutegetsi busharira, buhana kandi burimo igitugu, akenshi gitera uburakari no kwigomeka. Na none igihano nk'icyo kirimo ubukana kijyana no kugirira abana nabi ku mubiri no mu bitekerezo, ndetse no kuba bishoboka ko mu busore bwabo bazakoresha agahato n'urugomo kugira ngo bakemure ibibazo bishingiye ku byo batandukaniyeho n'abandi. Ibihabanye n'ibyo, hari ingero nyinshi zo mu Byanditswe Byera ndetse n'ubushakashatsi bwakozwe n'abantu benshi zerekana ko ibihano birimo ubugwaneza bishoboza abana kugira icyo biga binyuze mu gutekereza no kwiyumvisha ingaruka z'amahitamo yabo. Ibyemezo nk'ibyo birimo ubugwaneza byagaragajwe nk'ibituma abana barushaho kugira amahitamo akomeza imibereho yabo ndetse bakakira indangagaciro bigishwa n'ababyeyi babo uko bagenda barushaho gukura." Aya magambo ararikira amatorero guhinduka "ahantu hari umutekano" haringanirijwe abana batamerewe neza ngo bahabonere "gukira mu buryo bw'amarangamutima no mu buryo bwa Mwuka"— Komite Nshingwabikorwa y'Inteko Nkuru Rusange y'Abadivemtisti b' Umunsi wa Karindwi, "Kurera abana no kubarinda," Kamena 23, 2010, biboneka ku rubuga rwa https://www.adventist.org/official -statements/nurture-and-protection-of-children. Amagambo asa n'aya akubiyemo inama zo gushyirwa mu bikorwa, yasohotse mu mwaka wa 1997 ("Ihohoterwa ry'umwana rishingiye ku gitsina," yemejwe mu nama ya Komite Nshingwabikorwa y'Inteko Nkuru Rusange yateranye ku wa 1 Mata, 1997, i Loma Linda, ho muri California) no mu mwaka wa 2000 ("Imibereho myiza y'abana n'agaciro kabo,"yatowe na Komite ishyinzwe ubutegetsi mu Nteko Nkuru Rusange y'Abadiventisti b'Umunsi wa Karindwi, igashyirwa ahagaragara mu gihe inama Nkuru Rusange yari yateraniye Toronto, ho muri Canada, ku wa 29 Kamena kugeza ku wa 8 Nyakanga, 2000). Biragaragara ko itorero ry'Abadiventisiti rifite ibyiciro byinshi bikorera kugira ngo ibikenewe mu muryango biboneke: Icyiciro cy'umuryango, Icyiciro cy'abana, Icyiciro cy'abagore n'abakoobwa, ndetse n'Icyiciro cy'urubyiruko.

***Iyobokamana ry'Abadiventisti b'Umunsi wa Karindwi ku birebana n'ububata***

Nk'Abadiventisti b'umunsi wa karindwi, twashyize mu nyigisho zacu z'ingenzi icyo Bibiliya yigisha ku bijyanye n'ibibazo bishingiye ku mibanire, nk'amoko, ububata, ndetse n'ibindi bitandukanya abantu mu bijyanye n'ubusumbane mu by'ubukungu, no guhuza ibi bibazo n'inyigisho z'idini, nk'uko



143

Pawulo yabikoze mu Rwandiko yandikiye Abefeso. Ihame shingiro rya 14 mu byo Abadiventisti b'Umunsi wa Karindwi bizera, "Ubumwe mu mubiri wa Kristo," ryigisha ko "Muri Kristo turi ibiremwa bishya; ibidutandukanya bishingiye ku bwoko, umuco, amashuri n'ubwenegihugu, itandukaniro riboneka hagati y'abakomeye n'aboroheje, kuba uri umugabo cyangwa umugore, ntabwo bigomba kuducamo ibice. Twese turareshya muri Kristo, uwihuje natwe ku bwa Mwuka umwe kandi akaduhuza n'abandi; tugomba gukorera bagenzi bacu tutaryarya, na bo bakadukorera batizigamye" (riboneka ku rubuga rwa https://www.adventist.org/beliefs/). Nubwo Abadiventisti baba bataratoye mu buryo bwihariye ingingo ivuga ibijyanye n'ububata, ingingo zifitanye isano n'iyo zirebana n'ubukene ndetse n'imibanire y'abantu n'abandi zaremejwe, mbese n'iyi yerekeye "Abatagira aho baba n'ubukene" (Umuyobozi w'Inteko Nkuru Rusange, Neal C. Wilson, Nyakanga 5, 1990, byasohotse mu Nama Nkuru Rusange yateraniye muri Indianapolis, Indiana, biboneka ku rubuga rwa https://www.adventist.org/official-statements/homelessness-and-poverty); "Ubukene bwugarije Isi" (Komote Nshingwabikorwa y'Inteko Nkuru Rusange y'Abadiventisti b'Umunsi wa Karindwi yo ku wa 23 Kamena, 2010, yasohotse mu Nama Nkuru Rusange yateraniye Atlanta, Georgia, kuva tariki ya 24 Kamena–ku wa 3Nyakanga, 2010, wabisanga ku rubuga rwa https://www.adventist.org/official-statements/global-poverty); "Inyokomuntu imwe: Ingingo ivuga ibirebana n'imibanire y'abantu ikemura ikibazo cy'amoko, ibice, imiryango, ndetse n'ibyiciro abantu babarurirwamo" (Komite ishinzwe ubutegetsi mu Nteko Nkuru Rusange y'Abadiventisti b'Umunsi wa karindwi yateraniye i Silver Spring, Maryland, ku wa 15 Nzeri, 2020, biboneka ku rubuga rwa https://www.adventist.org/official-statements/one-humanity-a-human-relations-statement-addressing-racism-casteism-tribalism-and-ethnocentrism).

## Umugabane wa III: Umwitozo

Nimusome ibibazo bikurikira maze mubiganireho:

1. Ahari waba warigeze ufatwa nabi cyangwa ukagirirwa nabi n'ababyeyi bawe mu gihe cyashize. Nubwo byaba bimeze bityo, ni ayahe mahame atatu aboneka mu Befeso igice cya 5 n'icya 6 wakwifashisha nk'amahame akuyobora mu gihe urera abana bawe? Ni mu buhe buryo ayo mahame na none yagufasha kuvura ibikomere wagize mu gihe cyashize mu mibanire yawe n'abandi?
2. Ahari, ku rundi ruhande, mu Befeso 6, ijambo ry'Imana na Mwuka Wera bakwemeza yuko umaze igihe uri mu nzira yo gufata nabi uwo mwashakanye ndetse n'abana bawe. Ushingiye kuri uku kwiga bundi bushya urwandiko rw'Abefeso igice cya 5 n'icya 6, kora igenamikorere rigizwe n'intambwe eshatu kugira ngo ubaturwe kuri iyo migenzereze. Reka tuvuge ko udafite iki kibazo, nyamara ukaba uzi umuntu uhanganya na cyo. Mbese wamufasha mu buhe buryo?
3. Niba, muri iki cyigisho, ubonye ko wagize imibereho yo kutumvira no gusuzugura imibanire yawe n'ababyeyi bawe, ni ubuhe buryo butatu ushobora gukoresha ngo usubize ibintu mu buryo bwiza?
4. Bisa naho hariho isano hagati y'imibanire yo kugirirana nabi mu muryango cyangwa mu itorero no kuva mu itorero k'urubyiruko. Mbese, nk'umuryango cyangwa itorero, ni iki mushobora gukora kuri icyo kibazo? Ni mu buhe buryo dushobora guhuza ibyo guhana urubyiruko no kubareka bakamenya urukundo ruhoraho kandi rudahungabana tubafitiye?
5. Muri Malaki 4:5, 6 umuhanuzi yahanuye ibijyanye no kugaruka kwa Eliya akaza mu bantu b'Imana afite ubutumwa bwo gusanganya imitima y'abana n'iya ba se. Mu by'ukuri, agakiza kacu ni ukwiyunga Imana izana hagati muri twe—abana bayo b'abanyabyaha—na Yo ubwayo, nka Data *(2 Abakorinto 5:18-21)*. Mu Rwandiko rwe yandikiye Abefeso, Pawulo avuga iby'ubu bwiyunge, muri Kristo, hagati yacu n'Imana. Ubu bwiyunge buba hagati yacu n'Imana buzagaragarira mu mibanire yacu n'abo mu rugo, mu muryango mugari ndetse n'abo dukorana. Ni mu buhe buryo butatu itorero ryawe rishobora guhindukamo ahantu ho guteza imbere ubwiyunge hagati y'abantu b'ibigero bitandukanye by'ubukuru ndetse n'imibanire mu muryango mugari mu buryo bwagutse?

GIRA ICYO WANDIKA

# GUHAMAGARIRWA GUHAGARARA DUSHIKAMYE

## KU ISABATO NIMUGOROBA, 9 NZERI

**AHO ICYIGISHO CY'IKI CYUMWERU GISHINGIYE:** *Abefeso 6:10–20; Gutegeka Kwa Kabiri 20:2–4; Abaroma 13:11–14; 1 Abatesalonike 5:6–8; 1 Abakorinto 15:23, 24.*

**ICYOKWIBUKWA: "Ibisigaye mukomerere mu Mwami no mu mbaraga z'ubushobozi bwe bwinshi. Mwambare intwaro zose z'Imana, kugira ngo mubashe guhagarara mudatsinzwe n'uburiganya bwa Satani."** *(Abefeso 6:10, 11).*

Igihe umugaragu yasohokaga mu nzu, yabonye ibintu bitangaje-ingabo nyinshi zifite intwaro ziremyemo imitwe, zifite amafarashi, n'amagare y'intambara yakwiriye ahantu hose. Avugana n'umuhanuzi Elisa, uwo mugaragu yamubwiye ayo makuru maze amubaza ikibazo kigira kiti: "'Biracitse databuja, turagira dute? ' "

Elisa yaramusubije ati: "Witinya! Kuko abo turi kumwe ari benshi kuruta abari kumwe na bo!" Iki ni igisubizo kitashoboye gukwirwa mu bwenge bw'uwo mugaragu we. Elisa yaramukuruye aramwiyegereza, maze aramusabira ati: "Uwiteka ndakwinginze, muhumure amaso arebe!" Isengesho ry'umuhanuzi ryahise risubizwa. Umugaragu yateye intambwe asubira mu birindiro bye, ariko ubu bwo umwenda utandukanya isi y'ibigaragara n'isi y'ibitagaragara wari wakuweho. Noneho ubu ntabwo areba umutwe umwe w'ingabo, ahubwo arabona imitwe ibiri. "Nuko uwiteka ahumura amaso y'uwo musore arareba, abona umusozi wuzuye amafarashi n'amagare by'umuriro bigose Elisa." *(2 Abami 6:15–17).*

Mu kwandika Abefeso 6:10–20, Pawulo asenga asaba ngo imirebere y'abizera yongerwemo imbaraga kugira ngo bashobore kubona ukuri kuzuye kw'intambara ikomeye kandi bakure ibyiringiro mu byo ibahishuriye.

**KU WA MBERE** ***10 Nzeri***

# IMBWIRWARUHAME Y'INTAMBARA

**Iga umusozo w'Urwandiko rwa Pawulo mu Befeso 6:10–20. Mbese amagambo ya Pawulo yerekeranye n 'intambara asobanuye iki kuri twe muri iki gihe, nk'abarwanyi bari ku rugamba rukomeye?**

Pawulo asoza urwandiko rw'Abefeso ahamagarira abantu kujya ku rugamba, ashishikariza abizera kuguma mu birindiro byabo ku rugamba itorero rirwana n'umubi *(Abefeso 6:10–20)*. Atangiza guhugura gukomeye ngo "mukomerere mu Mwami" *(Abefeso 6:10)*, ibyo asubiramo nk'urarikira abantu "kwambara intwaro zose z'Imana" *(Abefeso 6:11)*. Ashyigikira iri rarika asobanura ko umugambi ari ukugira ngo (babashe guhagarara badatsinzwe n'uburiganya bwa Satani, *Abefeso 6:11)*, kandi agatanga impamvu: dukirana n'abatware n'abafite ubushobozi *(Abefeso 6:12)*. Nuko mu buryo burambuye, Pawulo agahamagarira abantu kwambara intwaro. Abizera bagomba "kwambara intwaro zose z'Imana" kugira ngo babashe guhagarara badatsinzwe mu ntambara *(Abefeso 6:13)*, umukandara wo gukenyeza, icyuma gikingira igituza, inkweto, ingabo, ingofero, n'inkota *(Abefeso 6:14–17)*. Pawulo ararikira abizera, noneho bamaze kwambara mu buryo bwuzuye kandi bakaba biteguye kwinjira mu rugamba, gukora icyo abasirikari babaga bari ku rugamba rwa kera bashobora gukora—kandi icyo ni ugusenga *(Abefeso 6:18–20)*.

Mu kumvikanisha uguhugura kwe ngo abantu bitabire intambara cyangwa imbwirwaruhame zibanziriza umunsi w'intambara mu Isezerano rya Kera, Pawulo avuga iby'umurimo w'itorero mu magambo yerekana amakimbirane y'abasirikari n'intwaro. Ibi Pawulo abigaragaza mu itegeko rye rya mbere rikomeye: "Mukomerere mu Mwami no mu mbaraga z'ubushobozi bwe bwinshi" *(Abefeso 6:10)*.

Guhugurira abantu kwitabira intambara mu Isezerano rya Kera (urugero: soma Gutegeka *kwa kabiri 20:2–4; Abacamanza 7:15–18; 2 Ngoma 20:13–20; 2 Ngoma 32:6–8; Nehemiya 4:14, 19, 20)* gushimangira igitekerezo cy'uko insinzi ya Isirayeli mu ntambara idashingira ku kuba yararushaga abo babaga bahanganye intwaro cyangwa ingabo nyinshi. Ahubwo gutsinda kwabo kwashingiraga ku kwishingikiriza ku mbaraga z'Imana n'uko Imana yabaga iri kumwe na bo. Urufunguzo rwo kugera ku nsinzi ntirwabagaga ari icyizere bifitemo, ahubwo ni mu kwiringira imbaraga z'Imana, n'ibyo yabaga yabaringanirije kugira ngo bashobore gutsinda. Pawulo akoresha izi nsanganyamatsiko kugira ngo ahugururire abizera: (1) gukorana imbaraga mu murimo itorero ryahawe; (2) guhugukira kugira uruhare mu mibereho yabo n'ubuhamya bwabo; (3) kumenya bihagije ibyo Imana yabaringanirije kugira ngo bashobore gutsinda; no (4) guhora buri gihe bazi akamaro k'ubumwe n'ubufatanye hagati mu bizera.

**Mbese kuba Pawulo atuburira ko tutarwana n'abafite umubiri n'amaraso, ahubwo ko dukirana n'abanzi bafite imbaraga ndengakamere, bitwigisha iki ku bijyanye n'ahantu rukumbi ibyiringiro byacu byo gutsinda bigomba kuba?**

*11 Nzeri*

# KUBONERA IMBARAGA MURI KRISTO

Pawulo asoza urwandiko rwe akoresheje irarika rifite imbaraga ngo abantu bajye ku rugamba, kandi iryo rarika rihuriza hamwe insanganyamatsiko n'ibitekerezo by'ingirakamaro mu rwandiko rwose uko rwakabaye. Atangira atangaza insanganyamatsiko ikomeye y'umwanzuro, itangwa mu ijwi ry'umuyobozi w'urugamba: "Ibisigaye, mukomerere mu Mwami no mu mbaraga z'ubushobozi bwe bwinshi" *(Abefeso 6:10)*. Imirongo isigaye, *Abefeso* 6:11–20, yerekana kandi igatwikurura iyi nsanganyamatsiko yagutse.

**Ongera usome mu Befeso 6:10–20. Ubona ute ukuri kw'intambara ikomeye, irwanwa n'imbaraga ndengakamere ku ikubitiro nk'uko Pawulo abibona? Kuki kuzirikana uku kuri kw'ingenzi ari ingirakamaro mu rugendo rwacu rwa buri munsi tugendana n'Imana?**

---

---

Pawulo yerekana Kristo nk'Isoko y'imbaraga z'abizera akoresheje aya magambo ngo: "mu Mwami no mu mbaraga z'ubushobozi bwe bwinshi*(Abefeso 6:10)* kuko izina "Umwami" rirengurira kuri Kristo, nk'uko rikunda kugaruka cyane mu rwandiko rw'Abefeso *(Abefeso 2:21; Abefeso 4:1, 17; Abefeso 5:8; Abefeso 6:1, 21)*. "Imbaraga z'itorero ziri mu bushobozi bwose bwo kuzuka k'Umwami waryo, Umuyobozi Mukuru w'urugamba rirwana."—G. G. Findlay, *The Epistle to the Ephesians* (New York: Ray Long & Richard R. Smith, 1931), p. 398.

Mu Befeso 6:10, Pawulo akoresha isubirajambo akoresheje amagambo afite ubusobanuro bumwe "*imbaraga n'ubushobozi*" bishimangira ingingo ari kuvugaho: imbaraga igomba kugaragazwa n'itorero ntabwo iri muri ryo ubwaryo, ahubwo iyo mbaraga ikomoka ahandi hantu. Ituruka ku Mwami, ikomoka kuri Kristo. Hano Pawulo avuga muri make insanganyamatsiko y'ingenzi y'urwandiko rwe, ari zo mbaraga z'Imana zihabwa abizera *(Abefeso 1:19–22; Abefeso 2:4–6; Abefeso 3:16, 17)*. Imbaraga zikoreshwa muri buri ntambara z'iki gihe ndetse n'izigihe kizaza, zigomba kuva mu bufatanye bw'abizera na Kristo wazutse kandi agashyirwa hejuru.

**Mu gihe itegeko ry'ikubitiro ritangaza Kristo nk'ukora umurimo wo gutanga imbaraga ku bizera *(Abefeso 6:10)*, Abatatu Bagize Imana Imwe bose bari mu murimo wo kubakomeza kugira ngo bashobore kurwana intambara y'iby'umwuka bahanganyemo n'umubi. Imana (Data) yigiza hafi intwaro zayo bwite "intwaro z'Imana" *(Abefeso 6:11, 13;* gereranya na *Yesaya 59:17)*. Ahabanza, Pawulo yari yagaragaje Mwuka Wera mu murimo wo gukomeza abizera. Pawulo yasenze asaba Imana ngo "ibahe gukomezwa mu mitima yabo kubw'Umwuka wayo" *(Abefeso 3:16)*. Hano, ni Mwuka utanga inkota, "inkota y'Umwuka ni yo jambo ry'Imana" *(Abefeso 6:17)*. Na none, abizera bagomba gusengera "mu Mwuka iteka" *(Abefeso 6:18)*. Pawulo yifuriza abamuteze amatwi gusobanukirwa ko Ubutatu Bugize Imana Imwe bwitabiriye kubaha ibyo bakeneye byose kugira ngo bashobore kurwana n'izi mbaraga z'ikibi.**

# INTAMBARA IKOMEYE MU NZANDIKO ZA PAWULO

**Soma Abaroma 13:11–14, 1 Abatesalonike 5:6–8, na 2 Abakorinto 10:3–6. Mbese iyi mirongo ihuriye ku kuki n'Abefeso 6:10–20? Utekereza ko ari iyihe mpamvu ituma Pawulo akoresha imvugoshusho nk'iyi?**

___

___

Mu nzandiko ze, inshuro nyinshi Pawulo akoresha imvugo n'imvugoshusho bya gisirikari, ararikira abizera kwigana imyifatire ntangarugero ya gisirikari. Nubwo mu Befeso 6:10–20 hahagarariye ahantu harehare kandi hagwiriye iyo mikoreshereze, imvugo ya gisirikari yerekana uburyo nyamukuru bwo gusobanukirwa inkuru y'ubutumwa bwiza. Amaze kunyaga "abatware n'abafite ubushobozi" ku musaraba (*Abakolosayi 2:15*), Kristo washyizwe hejuru, muri iki gihe asohoza umusaruro w'iyo nsinzi ari mu cyicaro cye nk'Umwami washyizwe hejuru agasumba ububasha bwose (*Abafilipi 2:9–11*). Igihe ahamagara abayoboke be nk'abarwana intambara yo mu isanzure, Kristo ayobora ingabo ze z'umucyo akazerekeza ku munsi ukomeye wo kunesha (*1 Abakorinto 15:54–58, 2 Abatesalonike 2:8, Abaroma 16:20*). Iyo twegeranyije ahantu Pawulo yagiye akoresha imvugoshusho ishingiye ku bimenyetso bya gisirikari, tubona ko asobanukiwe yuko intambara iri hagati y'icyiza n'ikibi ari "intambara yo mu isanzure y'igihe kirekire: ingamba zirema hagati y'ingabo z'impande ebyiri zihanganye igihe kirekire kugeza ubwo uruhande rumwe ruzatsinda urugamba ruheruka."—Peter W. Macky, *St. Paul's Cosmic War Myth: A Military Version of the Gospel* (New York: Peter Lang Publishing, Inc., 1998), p. 1.

Insanganyamatsiko y'intambara ibera mu isanzure Pawulo agarukaho akenshi na none ni kimwe mu bigize urwandiko rw'Abefeso. Mu kurarikira abizera kwambara intwaro (*Abefeso 6:10–20*), Pawulo yegeranya ibintu bimwe byo mu ntambara ibera mu isanzure yari yarakoresheje: Imana iha abizera ubushobozi ikoresheje "imbaraga" zayo nyinshi (*Abefeso 1:18–20; Abefeso 3:16, 20*); insinzi ya Kristo no gushyirwa hejuru agasumba ububasha bwose (*Abefeso 1:20–23*); abizera nk'ingabo zazuwe zikava mu bari barapfuye ariko ubu bakaba barahawe n'imbara n'uko babaye umwe na Kristo washyizwe hejuru bityo bakaba bashobora kurwana n'uwahoze ari shebuja bakiri mu mwijima (*Abefeso 2:1–10*); umurimo w'itorero wo kwereka imbaraga [z'umwijima] ukurimbuka kuzitegereje (*Abefeso 3:10*); ikoreshwa rya Zaburi 68:18 mu kugaragaza Kristo nk'umurwanyi unesha wavuye mu ijuru (*Abefeso 4:7–11*); no kurarikira abizera "kwambara" imyambaro y'ubutumwa bwiza (soma *Abefeso 4:20–24*). Igihe duhamagariwe kwambara "intwaro zose" z'Imana, tuba twiteguye gusobanukirwa akamaro k'intambara yo mu isanzure, nyamara na none, tugomba gukomeza gushikama mu byiringiro by'uko dufite uruhare mu nsinzi idasubirwaho ya Kristo.

**Ni mu buhe buryo wowe ubwawe wagezweho n'ukuri kutari ukw'intambara ibera mu isanzure gusa, ahubwo wagezweho no kunesha dushobora gusaba kubonerwa muri Yesu? Ni ukubera iki gusobanukirwa insinzi yatuboneye ari umusingi w'ibyiringiro n'imibereho byacu?**

# GUHAGARARA MU BIRINDIRO BYA KERA

**Soma** ***Abefeso*** **6:10–20, wita kuri buri nshuro Pawulo akoresha inshinga "*guhagarara*." Ni ukubera iki iki gitekerezo ari ingenzi cyane kuri we?**

Tugomba gusobanukirwa n'imvugoshusho ya gisirikari Pawulo akoresha mu cyerekezo cy'aho urugamba rwaberaga mu gihe cya kera. Mbese "guhagarara" byari bisobanuye iki? *(Abefeso 6:11, 13, 14)*? Mbese iyo nshinga ivuga ibyo guhagarara mu birindiro gusa? Imbwirwaruhame ziri mu nyandiko za *Thucydides*, umwe mu banditsi bakomeye b'ubuvanganzo bwerekeye intambara, igaragaza ibikorwa bitatu bikurikirana bigomba kubaho niba uruhande runaka rugomba gutsinda: (1) abasirikari bagomba "gukumira umwanzi;" ni ukuvuga ko bagomba kugenda bagasanganira abanzi babo, (2) bagatera umwanzi kandi "bagahagarara bashikamye"cyangwa "bakaguma mu byimbo" bakarwana n'abanzi babo; (3) Igiheruka, ni uko bagomba "kwivuna umwanzi" (reba mu gitabo cya Thucydides cyitwa *The Peloponnesian War* [New York: E. P. Dutton, 1910], 4.10.1–5).

Igikorwa kiruta ibindi mu ntambara ya kera, cyabagaho mu gikorwa cya kabiri cyo muri ibi bitatu, ubwo impande zihanganye zabaga zisakiranye mu "rusaku ruteye ubwoba" ibyo umwanditsi wa kera witwa *Xenophony* yise 'gusekurana guteye ubwoba'"—Victor Davis Hanson, *The Western Way of War* (New York: Oxford University Press, 1989), pp. 152, 153. Guhagarara ushikamye, kutava mu byimbo mu gihe nk'iki gikomeye, cyari ikintu gikomeye mu rugamba rwa kera. Mu rugamba rukomeye ahagombaga kuboneka utsindwa, buri ruhande rwashakishaga amahirwe yo "gutsimbura urundi."

Pawulo ararikira abantu gufata intwaro ari byo byerekana urugamba ubwo abasirikari babaga "bahuye, bagahangana begeranye."—Victor Davis Hanson, *The Western Way of War*, p. 152. Ibi bishimangirwa na Pawulo aho yerekana itorero rirwana n'abanzi baryo nk'umukino wo gukirana *(Abefeso 6:12*; reba ingingo yo ku wa gatanu) n'uburyo akoresha cyane inshinga "guhagarara" mu murongo wa 13 "kugira ngo mubashe gukomera ku munsi mubi"

Aha, ntabwo ari ahantu ho kujenjeka! Nuko rero, "guhagara ushikamye" ni ukwiyemeza kujya ku rugamba ushyizemo imbaraga, ugakoresha intwaro iyo ari yo yose mu rugamba wimira umwanzi, ingingo igaragara mu mvugoshusho Pawulo yari yakoresheje mu guhugura kwari kwabanje ku byo gusangwa "mushikamye mu Mwuka umwe muhuje umutima, kandi murwanira hamwe kubwo kwizera ubutumwa bwiza" *(Abafilipi 1:27)*.

**Soma mu Baheburayo 12:4. Ni mu buhe buryo uyu murongo ufasha kumva bihagije icyo gukomerera mu Mwami bisobanuye? Ni ibiki bikubiye muri iyi miterere yo gukomera?**

# KURWANA N'IMBARAGA Z'UMWIJIMA

**Utekereza ko Pawulo yari afite iyihe ntego mu gukora urutonde rw'amazina y'icyubahiro ahabwa izi mbaraga z'ikibi mu by'Umwuka zigaragazwa mu Befeso 1:21, Abefeso 3:10, no mu Befeso 6:10–20?**

Pawulo asobanura "ugukirana kwacu" (Abefeso 6:12), akoresheje ijambo ry'Ikigiriki avuga amarushanwa hagati y'abakirana (palé). Kubera yuko gukirana byafatwaga nk'umwiteguro ukomeye wo kuzajya ku rugamba, ubu ni ubusobanuro bukwiriye bw'intwaro n'intambara y'abahanganye imbona nkubone ibaho igihe ingabo zihanganye. Pawulo arashimangira ukuri kw'intambara abizera basakiranamo n'imbaraga z'ikibi. Hano hari amazina zihabwa:

| *Abefeso 1:21* | *Abefeso 3:10* | *Abefeso 6:12* |
|---|---|---|
| Umutware wese (cyangwa ubutware bwose) | Abatware | Abatware |
| Ubushobozi (bwose) | Abafite ubushobozi | Abafite ubushobozi |
| Imbaraga (zose) | | Abategeka iyi si y'umwijima |
| Ubwami (bwose) | | Imyuka mibi y'ahantu ho mu ijuru |
| Izina ryose rivugwa | | |

Mu isesengura rye ryagutse ("izina ryose rivugwa," *Abefeso1:21*; "Imyuka mibi y'ahantu ho mu ijuru," *Abefeso6:12)*, Pawulo ashimangira ko imbaraga ndengakamere z'ikibi zose ziri musi y'ububasha bwa Kristo (Abefeso 1:21). Nubwo bimeze bityo, mu rugamba urwo ari rwo rwose, gusuzugura imbaraga zo mu ruhande muhanganye ntabwo ari uburyo bwiza. Pawulo atuburira ko abanzi turwana na bo atari abantu, ahubwo turwana n'"imyuka mibi y'ahantu ho mu ijuru" *(Abefeso 6:12)*, iyobowe n'umurwanyi ukomeye w'inshakura, Satani *(Abefeso 6:11)*. Nyamara kandi, nubwo tugomba kuba maso igihe duhanganye n'abanzi bafite imbaraga nyinshi, ntabwo tugomba gukurwa imitima na bo. Imana ihorana natwe mu rugamba (Abefeso 6:10) kandi yaduhaye intwaro zikomeye, intwaro zayo bwite, "intwaro z'Imana" *(Abefeso 6:11;* gereranya na *Yesaya 59:15–17)*. Yaduhaye ukuri kwayo, gukiranuka, amahoro, kwizera n'agakiza, ndetse na Mwuka Wera *(Abefeso 6:13–17)*. Hamwe n'Imana itugenda imbere ndetse no kuba twambaye intwaro yaduhaye kuva ku mutwe ukageza ku mano, ntabwo dushobora gutsindwa *(Abaroma 16:20; 1 Abakorinto 15:23, 24; 2 Abatesalonike 2:8)*.

**Ni iki ukuri kw'imbaraga ndengakamere turwana na zo, twebwe abanyantegenke rwose, batagira gifasha-gukwiriye kutwigisha ku bijyanye no kugundira Umwami Yesu, wa wundi udakomeye kurusha izo mbaraga gusa, ahubwa wanazitsinze?**

## IBINDI BYO KWIGWA NO KUZIRIKANWA

"Umurimo wacu ni wa wundi utuma dusatira, mbese nk'abasirikari bakiranuka ba Yesu, tugomba gutwara ibendera ririho amaraso tukinjira mu bihome bikomeye by'umwanzi. 'Ntidukirana n'abafite umubiri n'amaraso, ahubwo dukirana n'abatware n'abafite ubushobozi, n'abategeka iyi si y'umwijima n'imyuka mibi y'ahantu ho mu ijuru.' Nitwemera kurambika intwaro zacu hasi, kururutsa ibendera ryacu ririho amaraso, guhinduka imfungwa z'intambara n'abagaragu ba Satani, dushobora kurekwa, tukava mu ntambara n'imibabaro. Nyamara kandi ibyo bizatuma duhomba Kristo ndetse n'ijuru. Ntabwo dushobora kwemera amahoro abonetse ku kiguzi nk'icyo. Aho gushakira amahoro mu buhakanyi no gukora icyaha, nimureke dukomeze kurwana kugeza ku iherezo ry'amateka y'isi."—Ellen G. White, *The Review and Herald [Urwibutso n'Integuza]*, May 8, 1888.

Ni mu buhe buryo mu Befeso 6:10–20 hisanisha n'Ibyahishuwe? Iyi mirongo yerekana igitekerezo cy'ibanze cy'ibizaba mu minsi y'impereruka, cyangwa amateka aheruka isi, nk'impamvu y'intamabara ivugwa mu gitabo cy'Ibyahishuwe (soma Ibyahishuwe 12, Ibyahishuwe 16:12–16, Ibyahishuwe 19:17–21, Ibyahishuwe 20:7–10). Aho hose, ubwoko bw'Imana bugabwaho ibitero n'umwanzi uri "ahantu ho mu ijuru" "kandi akorana umwete ndetse afite imbaraga muri iki gihe" (cyangwa muri ibi bihe). Muri ibyo bitabo byombi (Abefeso n'Ibyahishuwe), ubwoko bw'Imana bushishikazwa n"ishusho y'ibihe bizaza" Ikindi kandi, "izi ngero zerekana neza urugamba ruheruka ubwo umwanzi azatsindwa buheriheri, nyuma yaho hagatangira igihe gishya kizahoraho iteka ryose,"igihe giheruka ubwo ubwoko bw'Imana buzaba buri mu bwiza" kandi hakaba "kurimbuka k'umwanzi by'iteka ryose" kuzagaragarira bose. (Soma igitabo cyanditswe na Yordan Kalev Zhekov, *Eschatology of Ephesians* (Osijek, Croatia: Evangelical Theological Seminary, 2005), pp. 217, 233–235.)

### IBIBAZO:

1. **Ni ryari wigeze urwana mu buryo bugaragara n'imbaraga z'umwijima? Ni ubuhe buryo wabonye bufasha umuntu kurusha ubundi bwose mu bihe nk'ibyo?**
2. **Umaze kumenya ibiri mu Befeso 6:10–20, ni mu buhe buryo wafasha umuntu usa naho agirirwa nabi n'"'imbaraga z'umwuka z'umwanzi"***(Abefeso 6:12)***?**
3. **Ni mu buhe buryo dusobanukirwa kandi tukarwanya "uburiganya bw'umwanzi"** *(Abefeso 6:11)?* **Urugero: ni kangahe wumva wenda kureka kwizera kwawe bitewe n'uko wiyumvamo ko uri umunyabyaha bikabije, wononekaya cyane ku buryo udashobora gukizwa? Ni nde ushyira icyo gitekerezo mu mutwe wawe-ni Kristo cyangwa ni imbaraga z'umwijima? By'umwihariko, mu bihe bimeze nk'ibyo, ni ukubera iki dukwiriye gusaba gusohorezwa amasezerano meza twaherewe muri Yesu?**

# ISABATO YA 37
# KU WA 16 NZERI 2023

## GAHUNDA YO KUGARURA ICYACUMI NO GUTURA AMATURO ETIYOPIYA: GUSENGERA MURI KONTINERI

**3 Yohana 1:4** — "Nta cyantera umunezero waruta uwo kumva ko abana banjye bagendera mu kuri."

Bomuloki w'imyaka cumi n'ibiri y'ubukuru atuye mu murwa wa Addis Ababa, muri Etiyopiya. Akunda kuvuga inkuru zo Bibiliya akoresheje amashusho ye y'amabara. Yigisha ishuri ryo ku Isabato ry'abana rijya rihurira muri kontineri iba iri hafi y'urusengero. Umunsi umwe mu cyumweru, abana bajya bararikira inshuti zabo kuza guhurira muri iryo shuri ngo baririmbe ndetse banakine imikino nko kubazanya ibibazo byo muri Bibiliya. Bategura gahunda zabo bwite z'amateraniro aba mu cyumweru.

Umuryango wa Tewodiro utuye hafi y'urwo rusengero, ndetse iyo ku rusengero baririmba, Tewodiro abasha kubyumvira mu nzu y'iwabo. Igihe yari akiri muto, yatembereye muri iyo nzira ashaka kumva indirimbo zo mu rusengero. Yarazikunze! Bidatinze, Tewodiro n'abavandimwe be batangiye kujya baza ku rusengero buri Sabato.

Ababyeyi babo batangiye kubona impinduka mu bana babo, maze bagira amatsiko yo kumenya aho baba bari buri gihe. Abana basabye ababyeyi babo kujyana na bo ku rusengero. Ubwo babyemeraga, bashimishijwe n'ibyo babonye. Iri ryari itorero nyakuri ry'umuryango wabo. Na nyuma y'imyaka cumi n'itanu, baracyashimira abana babo kubwo kubamenyesha itorero ry'Abadiventisiti.

Ubu, Bomuloki hamwe n'abandi bana bari gusenga ngo bazabone umwanya uhagije muri kontineri yabo y'ishuri ryo ku Isabato, kugira ngo bajye babasha gutumira inshuti nyinshi ngo zize gusenga.

Ubwo abayobozi b'itorero basobanukirwaga n'akamaro k'umurimo wo kubwiriza abana, bagerageje gutanga icyumba cyoroheje, cyangwa se kontineri, hanze y'inyubako y'urusengero, kugira ngo gikoreshwe nk'inzu yabugenewe y'abana. Ubu "Bwugamo bw' Intama" burinda abana kugerwaho n'izuba ryinshi, imvura y'amahindu, ndetse n'ibirangaza. Abana bakunze kuyobora ababyeyi babo kuri Yesu, bityo itorero ryubakwa biturutse ku bana.

**ICYO DUHAMAGARIRWA:** Tuzi yuko icyacumi n'amaturo atangwa buri gihe ari umugabane w'Imana tuba dukwiriye kugarura mu byo twungutse. Nubwo icyacumi cyerekana umugabane w'ibyo twungutse washyizweho n'Imana, ku maturo, ni twebwe tumenya umugabane w'ayo duha Imana. Aho kujugunya igiceri cyangwa inoti mu mufuka wo guturiramo ushyigikira itorero, senga ubaze Imana umugabane w'ibyo wunguka Imana Ishaka ko wajya utanga buri gihe, buri cyumweru cyangwa buri kwezi, igihe wabonye umushahara wawe. Yisabe ngo Iguhe imigisha, maze urebe uburyo "Izakumara ubukene bwawe bwose, nk'uko ubutunzi bw'ubwiza bwayo buri" muri Kristo Yesu (Abafilipi 4:19).

**IMANA MBERE YA BYOSE**

**DUSENGE:**

ICYIGISHO CYA 12

## Umugabane wa I: Inshamake

**Isomo ry'Urufunguzo:** Abefeso 6:10, 11
**Amasomo Iki Cyigisho Gishingiyeho:** *Abefeso 6:10-20; Gutegeka 20:2; Abaroma 13:11-14; 1 Abatesalonike 5:6-8; 1 Abakorinto 15:23, 24.*

**Intangiriro**: Kugeza ubu, intumwa Pawulo yahurije hamwe ukuri kw'ibintu byinshi bigize urufatiro rw'iby'ubutumwa bwiza: iby'ukuri kutumenyesha ko Umwami Imana yagaruye ubumwe hagati y'Abayuda n'Abanyamahanga, abagabo n'abagore, abana n'ababyeyi, inkoreragahato na Bashebuja; iby'ukuri kutumenyesha ko imibereho yacu yahinduwe, tukaba twarazuwe, tukazamurwa, tugahabwa ikuzo hamwe na Kristo; iby'ukuri kutumenyesha ko Imana yaduhaye imigisha ikaduha n'impano; n'iby'ukuri kutumenyesha ko twashyizwe mu itorero ry'Imana, tukaba umwe mu Mwami. Mbese iby'uku kuri byose byaba bisobanuye ko amateka y'agakiza kacu yarangiye kandi ko nta kindi icyo aricyo cyose tubasha gukora? Ntibikabeho.

Mu gice giheruka urwandiko rwe, Pawulo yibutsa Abefeso, natwe twese, yuko Abakristo atari abantu bakirijwe gusa kugira ngo babyagire mu mukumbi wa Yesu. Ibirambambu, Pawulo ashimangira ko igihe Abakristo binjiye mu bwami bwa Yesu, bagomba kugira uruhare mu kuburwanirira no kubuteza imbere. Baba bahindutse abasirikare b'ubwami bw'Imana. Ariko batari abasirikare nk'uko tuzi abasirikare b'Ubwami bwa Roma bameze. Ntabwo ari n'abasirikare b'inyeshyamba zigometse. Umwanzi wabo ni uwo mu buryo bw'umwuka, bityo n'umwambaro n'intwaro zabo niko bimeze. Ni intambara y'isanzure, yatangiriye "ahantu ho mu ijuru" itangijwe n' "umwanzi" hamwe n' "abafite ubushobozi n'abategeka iyi si y'umwijima, n'imyuka mibi" *(Abefeso 6:11, 12)* barwanya ingoma y'Imana.

Isoko y'ubushobozi n'imbaraga z'Abakristo ntishingiye mu ngufu z'amaboko yabo, mu bubiko bwabo, mu ntwaro zabo, mu bumenyi bwo kurwana, n'amayeri. Ahubwo, isoko yonyine y'ubushobozi bwabo iboneka igihe cyose, mu Mwami Imana. Barwana nk'uko Umwami wabo yarwanye, ikibi n'imbaraga z'iyi si bahangana na byo bakoresha imbaraga z'urukundo n'ubutabera biva ku musaraba. Ariko umusaraba si uwabo; ni uw'Umwami Yesu. Umwami Yesu ni We watsinze imbaraga z'umubi ku musaraba; Umwami ni We wazutse arazamuka ajya mu ijuru. Ni kubw'iyi ntsinzi umwami Yesu abasha guha itorero rye kuzuka kwe, ubuzima bwe n'imigisha ye *(Abefeso 1)*, impano ze *(Abefeso 4)*, none ubu akariha intwaro ze *(Abefeso 6)*. Abakristo barwana, bambaye intwaro ya Kristo, urugamba yamaze gutsinda.

**Insanganyamatsiko ziri muri iki Cyigisho**: Icyigisho cy'iki cyumweru kiribanda ku nsanganyamatsiko ebyiri z'ingenzi:

1. Mu kwinjira mu itorero, Umukristo aba yiyemeje kujya mu ntambara y'umwuka iri ku rwego rw'isi yose.
2. Ariko Umukristo ntagomba gutinya, kuko imbaraga n'intwaro ze abikura kuri Yesu. Icyo Umukristo agomba gukora ni uguhagarara mu byimbo bye mu Mwami.

## Umugabane wa II: Ubusobanuro

***Kwisunga Uruhande Rwatsinze***

Iyo Pawulo avuga ngo "ibisigaye" *(Abefeso 6:10)*, ntaba ashaka kwerekana ko aha agaciro gake imbaraga n'umwanya wo hejuru afitiye iyerekwa ry'imibereho ya Gikristo. Ahubwo, aba arimo gusoza urwandiko rwe atanga umuhamagaro wo kurwana. Nibyo, ubutumwa

bwiza Pawulo yigisha ni ubutumwa bw'amahoro, ariko kandi ni ubutumwa bw'amahoro bitewe n'uko intambara ikomeje, ireba abari mu isanzure bose, kuva ku Mana yicaye ku ntebe y'ahantu ho mu ijuru, kugera ku muntu uheruka uzaba kuri iyi si. Ubutumwa bwiza bwa Pawulo ni ubutumwa bw'amahoro bitewe n'uko Imana yamaze kwegukana intsinzi y'iyi ntambara.

Nyamara, intambara irakomeje kuri buri wese muri twe kubwo uruhande twiyemeza gufata. Abakristo nyakuri ni abafata uruhande rw'Imana bakifatanya na Yo. Uku kwifatanya kuzatuma boroherwa no kujya muri iyo ntambara. Ariko Abakristo ntibagomba gutinya. Ibiramambu, mu kumenya ko bafashe uruhande nyakuri, uruhande rutsinda rw'intambara, bakeneye kuzirikana ko batari bonyine, kandi ko bahawe ubushobozi n'ibikoresho bakeneye bituma babasha gutsinda. Ikintu kimwe rukumbi bakeneye ni ukugira uruhande bahagararamo. Uru ruhande ni ingenzi cyane ku buryo intumwa Pawulo, mu Abefeso 6, abisubiramo inshuro eshatu zose ahamagarira Abakristo guhagarara ku ruhande rw'Imana *(Abefeso 6:11, 13, 14)*.

***Aha Niho Mpagaze***

Mu mwaka wa 1521, Maritini Lutheri (1483–1546) yahindutse umuyobozi w'imena w'Ubugorozi. Mu gihe yigaga Ibyanditswe byera mu rurimi rwabyo rw'umwimerere, uwihayimana wo mu gice cy'Abaogustiniyani, waje guhinduka umwarimu w'iyobokamana rishingiye kuri Bibiliya muri Kaminuza ya Witenibage, yaje kugera ku myanzuro ibiri, yombi ishyigikiwe n'iyobokamana rya Pawulo. Uwa mbere, ni uko gutsindishirizwa k'umunyabyaha gushingiye ku buntu bw'Imana kandi akemerwa kubwo kwizera; iyi ngingo yaje guhindurwa mu mahame y'Ubugorozi bwa Giporotestanti mu mvugo yitwa *sola gratia* na *sola fide [bivuze ngo, ubuntu gusa no kwizera gusa]*. Iya kabiri, ni uko Ibyanditswe byera bigize ihishurirwa ryihagije rirangwa n'Imana, kandi ko Bibiliya, aho kuba inama nkuru ya kiliziya cyangwa papa, ari yo yonyine [Bibiliya] gusa itanga umurongo wo kwizera n'ububasha mu itorero. Iyi ngingo yakubiwe mu ihame ryitwa *sola scriptura* ry'Ubugorozi. [Sola scriptura bisobanuye ngo, Ibyanditswe Byera gusa].

Mu gihe ibi bitekerezo byarushagaho kugurumana mu mutima wa Luteri, uwitwa Johann Tetzel we yari mu gikorwa cyo kugurisha indulugensiya hafi y'umugi wa Witenibage maze ibyo bitera Luteri kurwanya ubwo buryo bubi bwo gushaka ruswa mu itorero, afata icyemezo cyo gushyira ku mugaragaro inyandiko yamamaye y'amahame 95 ya Luteri, yasohoye tariki ya 31 Ukwakira 1517. Nyamara, aho kugira ngo ibyo bibe igihamya cyo gukwirakwiza ubugorozi bwimbitse mu itorero, Luteri yaje guhura n'ibitero bikomeye nk'umuyaga wa tsunami bigamije kumurwanya, kumuca intege, no kumucecekesha. Mu gihe cy'Inama Nkuru yabereye mu mugi wa Augsburg mu mwaka wa 1518, Luteri yari yaramaze kubona ko Ibyanditswe byera ari byo shingiro rukumbi ryo kwizera, umutimanama cyangwa kumenya icyiza n'ikibi, n'iyobokamana. Nyamara, ukwamamara kwe mu gihugu cy'Ubudage kwaje gutuma Ubupapa burushaho kumurwanya, bituma Luteri yemera mu mwaka wa 1519 kudakwirakwiza inyandiko n'ibitekerezo bye mu gihe abamurwanya na bo bemeye kureka gukomeza kumurwanya.

Ariko bigeze mu mwaka wa 1520, igihe yabonagako akomeje kurwanywa, Luteri yiyemeje gukomeza gukwirakwiza iby'ubugorozi bw'itorero yahamagariwe gukora ngo bigere ku bantu bose. Ibyo byatumye asohora ibinyamakuru byinshi bikurikiranye. Muri ibi binyamakuru, Umugorozi yakoresheje Ibyanditswe yerekana ibinyoma bikurikira:(1) kuvuga ko papa afite ubushobozi butavuguruzwa ku itorero n'isi bitewe n'isumbwe rye (2) kuvuga ko itorero

rifite ububasha bwo kugenzura ubuntu bw'Imana binyuze mu masakaramento n'ubutambyi bwaryo. Ibiramambu, Luteri yerekanye ko itorero rikeneye gusubira ku ihame ryemera ubutambyi bw'abizera bose, kubwo kwizera kwabo.

Itorero ry'i Roma ryasubije inyandiko za Luteri rikoresheje iteka rya Papa Lewo wa 10 mu nyandiko yo mu mwaka 1520 yiswe, *Exsurge Domine,* aho papa yerekanye ibyo yise ibinyoma 41 by'iyobokamana biri mu nyandiko za Luteri. Luteri yahise acibwa mu itorero muri uwo mwaka, maze bategeka ko ibitabo bye bitwikwa. Luteri yasubije na we atyo: igihe inyandikoteka ya papa yamugeragaho mu kwezi k'Ukuboza 1520, yahise ayitwikira mu ruhame. Uko guhangana gukomeye kwahindutsemo intambara yeruye. Umwami w'abami mushya Karoli wa V, yagerageje gushyira ibintu ku murongo aho yategekaga, ahamagaza Luteri mu nama y'abategetsi bakuru (inama nkuru cyangwa urukiko) yabaye mu rugaryi rwo mu mwaka wa 1521, mu mugi wigenga wa cyami w'i Worms (hafi y'umugi wa Frankfurt), aho Luteri yagombaga kwisobanura ku bitekerezo n'ibikorwa bye. Umugorozi yagombaga kugenda, akitabira iyo Nama Ikomeye, arinzwe n'uwitwa Frederick w'i Saxony, washinze Kaminuza ya Witenibagi kandi akaba n'urwanira Luteri. Luteri yari yishimiye kujya kurwanirira Imana, nk'uko yabyivugiye atangara mbere y'uko afata urugendo yerekeza i Worms: "Nzinjira i Worms ntwikiriwe n'ibendera rya Kristo njye guhangana n'amarembo y'ikuzimu."—Roland H. Bainton, *Here I Stand: A Life of Martin Luther* (Nashville: Abingdon-Cokesbury, 1950), p. 179.

Luteri yageze i Worms tariki 16 Mata, 1521 maze ategekwa kugera imbere y'Inama Nkuru (y'Urukiko) saa kumi z'umugoroba w'umunsi wakurikiyeho. Ku itariki 17 Mata, Luteri yagejejwe imbere y'Inama Nkuru. Umuyobozi w'inama ahita abaza Luteri niba ibitabo byari biteretse ku meza ari ibye kandi niba yiteguye kwihakana inyandiko zibirimo. Abonye ko uwo mwanya abonye ari amahirwe akomeye n'imbaraga z'ahazaza k'ubutumwa bwiza, Luteri yaritonze maze asaba igihe cy'inyongera cyo kubyigaho. Icyifuzo cye cyaremewe, maze asubira muri iyo Nama ku itariki 18 Mata, saa kumi n'ebyiri z'umugoroba.

Uko yagaragaraga ndetse n'ijwi rye byari binyuranye n'umunsi wari wabanje: yari atuje neza, n'ijwi rye ryari rikomeye, rifite icyizere. Amaze kwemera ko ibitabo bimuri imbere ari we wabyanditse, Umugorozi yasobanuye ko adashobora kureka ibitekerezo bikubiye muri ibyo bitabo kuko byarimo imigabane itatu, kandi buri mugabane ufite ukuri adashobora kureka: (1) kwamamaza inyigisho rusange za Gikristo, (2) kwerekana ku mugaragaro ubugome bw'Ubupapa bukandamiza igihugu cy'Ubudage, no (3) gushyira ahabona ibinyoma by'abantu runaka. Kubw'iyi mpamvu, Luteri yasabye ko bamugaragariza amakosa afite bakoresheje Ibyanditswe byera aho gukoresha inyandiko z'itorero.

Umuyobozi w'inama yacyashye Luteri kubwo gusaba ko agenzuzwa gusa Ibyanditswe nk'ibifite ubutware bwa nyuma, yerekana ko ibyo byatuma itorero rikozwa isoni riramutse rigaragaweho ikosa nyuma y'ibinyejana byinshi rimaze. Kubw'iyi mpamvu, umuyobozi w'inama nkuru (urukiko) yategetse Luteri gutanga igisubizo cyahuranyije ku kibazo yabajijwe cy'uko yihakana inyandiko ze n'inyigisho ze. Mu ijwi rifite imbaraga kandi n'abatware bawe munsaba igisubizo cyumvikana, cyoroshye kandi cyahuranyije, ndabaha igisubizo kimwe gusa, ari cyo iki: 'Sinshobora kureka kwizera kwanjye ku bwa papa cyangwa kubwo inama, kuko bigaragara neza yuko akenshi bagiye bakora amakosa kandi bakavuguruzanya. Nuko rero keretse gusa nibanyemeza bakoresheje ubuhamya bwo mu Byanditswe Byera cyangwa ingingo yumvikana neza, keretse kandi gusa ninemezwa n'amwe

mu magambo nanditse ndetse bakumvisha umutima wanjye bakoreseheje Ijambo ry'Imana, naho ubundi sinshobora kandi sinzigera nisubiraho kuko Umukristo watura ibinyuranyije n'iby'umutimanama umwemeza, aba yishyize mu kaga. *Aha niho mpagaze, nta kindi mbasha gukora*; Imana imfashe. Amina!'"—Bainton, *Here I Stand: A Life of Martin Luther*, p. 185, amagambo yanditse atambitse ni ayongeweho (soma ibikurikira).

Abanyamateka babonye ko amagambo "*Aha niho mpagaze, nta kindi mbasha gukora*" atari mu nyandiko yemewe yabitswe y'Inama Nkuru ahubwo yari mu nyandiko zacapwe z'ibanze z'imbwirwaruhame ya Luteri (Bainton, p. 185). Ellen G. White avuga ko Luteri yivugiye aya magambo (bisome mu gitabo cy'Intambara Ikomeye, p. 132). Abenshi mu banyamateka bemezako Luteri yavuze ariya magambo, ariko bitewe n'uko umwanditsi w'inama yageze aho bikamurenga kubera imbwirwaruhame ya Luteri, akaza kwibagirwa kwandika aya magambo yihariye. Tutitaye ku kuba Luteri yarisobanuye mu magambo ye, ukuri kudashidikanywa ni uko kuba Luteri yarahagaze imbere y'Inama Nkuru y'i Worms ari igikorwa cy'ubutwari cyabayeho: yahagarariye ukuri, ahagararira ubutumwa bwiza, ahagararira Imana, ahagararira agakiza ka mwenemuntu.

Igihe Umukristo witanze ahagarariye Kristo, afite ukuri, yuzuye Mwuka, isi yose irahinduka. Nanone kandi, Luteri ntiyisobanuye asakuza cyangwa ngo akoreshe uburyo budasanzwe. Yahagaze mu kwizera. Ntiyavuze yishingikirije ku mbaraga ze bwite cyangwa ayandi mayeri; yagiye i Worms nk'umuntu wamaze gucirwaho iteka ryo gupfa. Ahubwo Luteri yavuze nk'umusirikare wa Kristo, yambaye intwaro y'Imana. Urugamba yari agiye kurwana ntirwari urwe. Rwari urw'Imana. Icyo yari akeneye kuvuga gusa ni iki ngo "Aha niho mpagaze," maze Imana ihindura icyerekezo cy'intambara ikomeye by'iteka ryose.

## Umugabane wa III: Imyitozo

1. Saba abigishwa bawe gutekereza ku bibazo bikurikira buri wese ku giti cye mu gihe ubisoma mu ijwi ryumvikana mu itsinda ryanyu: Mu gihe Pawulo aturarikira "guhagarara" dushikamye mu Mwami, rimwe na rimwe turatemba tukagwa. Ibuka inshuro wagiye ugwa uri ku rugamba rw'iby'umwuka. Nubwo waba waraguye inshuro nyinshi, andika urutonde rutoya rw'ibihe by'ingutu waguyemo. Sesengura impamvu zateye uko kugwa. Ni ikihe gice cyangwa ibice by'intwaro z'Umukristo utakoresheje cyangwa wakoresheje nabi? Ni ikihe gice cyangwa ibice by'intwaro yawe ya Gikristo utakoreshereje igihe cyari (byari) kugufasha kukurinda kugwa muri ibyo bihe? Ni iki wakora kugira ngo wirinde ibihe nk'ibyo kandi wongere guhagarara ushikamye – uhagarare mu by'umwuka byawe – maze ukomeze kurwana ujya mbere mu rugamba, ufatanyije n'umuryango wawe, hamwe na bene so na bashiki bawe musengana mu itorero ryanyu? Saba umuntu umwe cyangwa babiri babasangize igisubizo cyabo kuri iki kibazo mu itsinda ryanyu. Wibuke amagambo Imana ivuga yo gukomeza abasirikare bayo: "Kuko umukiranutsi, naho yagwa karindwi, yakongera akabyuka" *(Imigani 24:16)*.
2. Pawulo atera umwete Abefeso gukomerera "mu Mwami" *(Abefeso 6:10)*. Mu kuri, intumwa ikoresha incuro nyinshi amagambo "muri We" cyangwa "muri Kristo" ku buryo yerekana neza ko agize umugabane w'insanganyamatsiko z'ingenzi z'inzandiko n'ubutumwa bwiza *(nk'urugero, soma, Abefeso 1:1, 3, 4, 7, 9-11, 13, 20; Abefeso 2:6-8, 13, 15, 21, 22; Abefeso 3:6, 11, 21; Abefeso 4:21, 32)*. Mu mucyo w'aya masomo, saba abagize itsinda ryawe kwita kuri iki kibazo: Mukurikije uko babyumvaga, ni iki Pawulo yashakaga cyane kubwira abasoma amagambo yanditse igihe yakoreshaga ijambo ngo "muri We"? Ni kuki Pawulo akomeza kugaruka kuri iri jambo? Saba abagize itsinda ryawe noneho barebe ibiboneka muri Yohana 15:4-8 mu gihe bashakisha igisubizo cy'icyo kibazo.

# KURWANIRA AMAHORO

## KU ISABATO NIMUGOROBA, 16 NZERI

**AHO ICYIGISHO CY'IKI CYUMWERU GISHINGIYE:** Abefeso 6:10–20; 1 Petero 4:1; 1 Petero 5:8; Yesaya 59:17; Yesaya 52:8–10; 1 Abatesalonike 5:16–18.

**ICYOKWIBUKWA:** **"Kandi ikigeretse kuri byose mutware kwizera nk'ingabo, ari ko muzashoboza kuzimisha imyambi ya wa mubi yose yaka umuriro. Mwakire agakiza kabe ingofero, mwakire n'inkota y'Umwuka ari yo Jambo ry'Imana"** (Abefeso 6:16, 17).

Mu gitabo cyiza cya Yohana Bunyani cyerekana ukwiyegurira Imana, yise *Umugenzi*, akaba yaracyanditse ari muri gereza, Mukristo yaherekejwe n'abantu bamugeza ahabikwa intwaro z'ibwami, maze yerekwa "ubwoko bwose bw'intwaro Umwami wabo yari yarateguriye abagenzi nki: inkota, ingabo, ingofero, icyuma gikingira igituza, uburyo bwose bwo gusenga no kwinginga, ndetse n'inkweto zitashoboraga gusaza. Kandi aho hantu hari ibintu bihagije byashoboraga gukwira abantu bose bashoboraga kwinjira mu murimo w'Umwami, ahari bingana n'umubare w'inyenyeri zo ku ijuru." Mbere yuko Mukristo agenda, baramuherekeje na none bamugeza muri ya nzu y'ububiko bw'intwaro, bamwambika guhera ku mutwe ukageza ku birenge imyambaro itarashoboraga kumenwa n'imyambi, bateganya ko ashobora guhura n'ibitero by'umwanzi mu nzira."

Igitabo Bunyan yanditse mu mwaka wa 1678 cyibutsa inyandiko yanditswe n'intumwa Pawulo nko mu mwaka wa 1600 mbere yaho, ari yo rwandiko rwandikiwe Abanyefeso, kandi na rwo rwandikiwe muri gereza. Muri rwo, uwo mubwirizabutumwa ukomeye atekereza ingabo zikomeye, ari zo torero, zisura ububiko bw'intwaro z'Imana maze zikambara intwaro z'Imana mu buryo bwikwije (mu kigiriki ni*panoplia)*, uhereye ku mutwe ukageza ku mano. Ububiko bw'intwaro z'Imana burimo intwaro zikomeye zihagije kuri buri musirikari wese wo mu ngabo zayo kugira ngo abe "yifurebye imyambaro y'ibyuma uhereye hejuru ukageza hasi ku mano" igihe baba bagiye kurwanisha amahoro mu izina ryayo.

# ITORERO: INGABO ZISHYIZE HAMWE

**Soma mu Abefeso 6:10–20. Ni iki Pawulo avuga ku bijyanye n'ubwoko bw'intambara itorero ririmo? Mbese Pawulo yibanda ku kwerekana urugamba rw'ibya Mwuka rw'umwizera nk'umuntu umwe urwanya ikibi, cyangwa ni itorero rihurije hamwe mu ntambara yo kurwanya ikibi?**

---

---

Kunesha intambara mu Bagiriki n'Abaroma kwabaga gushingiye ku bufatanye bw'abasirikari mu mutwe wa gisirikari kandi by'umwihariko bagaterana inkunga igihe urugamba rushyushye. Kurwana umuntu yizizira byafatwaga nk'ikintu kiranga abarwanyi b'abanyamusozi, bikaba byarabazaniraga akaga ko gutsindwa. Hariho impamvu z'ingenzi zo gushyigikira igitekerezo Pawulo, mu mujyo umwe n'uku gusobanukirwa gusanzwe ibya gisirikari, yibandaho avuga iby'urugamba abagize itorero bahuriyemo rwo kurwanya ikibi mu Abefeso 6:10–20: 1. Iyi mirongo ni yo yerekana ubushorishori bw'uru rwandiko rwibanda ku birebana n'itorero. Byari kuba ari ikintu kidasanzwe kuri Pawulo kwanzura urwandiko rwe akoresheje ishusho y'umurwanyi w'Umukristo uri wenyine arwana n'abanzi bo mu mwijima; 2. Ku musozo w'iyi mirongo, Pawulo agaragaza cyane inshuti ze mu irarika rye asaba abantu gusabira "abera bose" *(Abefeso 6:18–20)*; 3. Ikigaragara kuruta ibindi byose, ahabanza mu rwandiko rwe igihe Pawulo avuga iby'imbaraga z'ikibi, avuga ko zirwanya itorero, ntabwo avuga ko zirwanya umwizera nk'umuntu: "Kugira ngo muri iki gihe abatware n'abafite ubushobozi bwo mu ijuru mu buryo bw'umwuka bamenyeshwe n'itorero ubwenge bw'Imana bw'uburyo bwinshi"*(Abefeso 3:10)*.

Bityo rero, mu Befeso 6:10–20 ntabwo herekana umurwanyi umwe uri wenyine mu bwigunge ahanganye n'ikibi. Ibiri amambu, Pawulo nk'umurwanyi ukomeye avugana n'itorero nk'uvugana n'ingabo. Aduhamagarira gufata intwaro zose, maze nk'ingabo zishyize hamwe tukotsa igitutu umwanzi mu ntambara dufite imbaraga kandi dufitanye ubumwe. Pawulo ahitamo gusoza ibyo yashimangiraga mu buryo bwuzuye abwira itorero, ibyari bikubiyemo usobanura icyo itorero ari cyo nk'umubiri wa Kristo *(Abefeso 1:22, 23; Abefeso 4:1–16)*, inyubako cyangwa urusengero rw'Imana *(Abefeso 2:19–22)* ndetse rikaba umugeni wa Kristo *(Abefeso 5:21–33)*, mu mvugoshusho asorezaho, avuga ko itorero ari ingabo z'Imana Ihoraho. Ubwo twegereza "umunsi mubi" *(Abefeso 6:13)*, intambwe zisoza urugamba rurwanwe igihe kirekire turwana n'umwanzi, nta gihe dufite cyo gupfukiranwa mu bijyanye no kwiyegurira Imana cyangwa kwizerana hagati yacu nk'ingabo za Kristo zikorera hamwe.

**Ni mu he buryo dushobora gukorera hamwe muri iyi ntambara ikomeye nk'umubiri umwe, ushyize hamwe, kugira ngo dufatanye mu ntambara turwana n'umubi, uburyo yazamo bwose?**

# UMUKANDARA N'ICYUMA GIKINGIRA IGITUZA

**Ni mu buhe buryo Pawulo atekereza abizera batangiye imyiteguro yabo yo kujya ku rugamba rwo kurwanya umubi?** *Abefeso 6:14; ongera usome mu 1 Petero 4:1; 1 Petero 5:8; Abaroma 8:37–39.*

Umuburo Pawulo atanga werekeranye n'urugamba rukomeye *(Abefeso 6:13)* utegurira abasomyi b'irarika rye riheruka guhagarara badatsinzwe (gereranya *n'Abefeso 6:11, 13)* kandi ni irarika rirambuye ribwira abantu gufata intwaro *(Abefeso 6:14–17)*. Pawulo yerekana igikorwa cyo "gukenyera ugakomeza urukenyerero rwawe" (gereranya n'ibivugwa *muri Yesaya 11:5)*. Kera, imyambaro yabaga itagufashe neza yabaga ikeneye gukenyerwa mu rukenyerero igakomezwa mbere yo kugira icyo ukora cyangwa kurwana (gereranya n'ibivugwa muri *Luka 12:35, 37; Luka 17:8)*. Pawulo atekereza umwizera wambaye akikwiza intwaro nk'uko umusirikari wo mu ngabo nyinshi z'Abaroma yabaga ameze, ahereye ku mukandara wa gisirikari w'uruhu n'icyuma gikingira cyawongereraga ubwiza ndetse n'icyuma kiwufunga. Kuri uwo mukandara habaga hanaganaho imishumi y'impu itwikiriwe n'utwuma, iyo twabaga turi hamwe twabaga tumeze nk' "akuma gashashe" yambara nk'ikimenyetso cy'urwego arimo bigashobora kugira icyo bihindura ku muntu umureba. Wagiraga umumaro w'ibanze wo kuzirika imyambaro igakomera hamwe n'ibindi yashoboraga kuba yambaye.

Ukuri si ikintu bwite cy'abizera; ni impano y'Imana (gereranya n'agakiza kavugwa mu *Abefeso 2:8)*. Nyamara ntabwo ari ikintu gikomeza kutagaragara, ikintu kiri kure kidashobora kuzana impinduka mu bugingo. Bagomba "kwambara" ukuri kw'Imana, kugira ngo iyo mpano iva ku Mana ikorere muri bo kandi bayikoreshe. Ntabwo bafite cyane ukuri kw'Imana kurusha uko kubafite kandi kukabakoresha.

Pawulo akurikizaho gushishikariza abizera kwambara "gukiranuka nk'icyuma gikingira igituza" (gereranya n'ibivugwa mu *1 Abatesalonike 5:8)*. Kimwe n'umukandara w'ukuri, na ko [gukiranuka] guturuka ku Mana, ku kaba imwe mu ntwaro za Yehova mu murimo akora nk'umurwanyi uva mu ijuru (Ye*saya 59:17)*. Intwaro yo gukingira umubiri yakoreshwaga n'umusirikari mu gihe cya Pawulo yari igizwe n'ibyuma bibiri bijya gusobekerana, bitwikiriwe n'umuringa cyangwa ikindi cyuma kibwase cyangwa ibimeze nk'imishumi itwikiriye ibyuma bibiri bifatanyirijwe hamwe). Iyi ntwaro ikingira umubiri cyangwa se icyuma gikingira igituza cyarindaga ingingo z'ingenzi z'umubiri ngo zitaraswa cyangwa zigakubitwa n'umwanzi. Mu buryo busa butyo, abizera bagomba kugira uburinzi buturuka ku mpano y'Imana yo gukiranuka. Mu rwandiko Pawulo yandikiye Abanyefeso, Pawulo ahuza gukiranuka no kwera, ingeso nziza n'ukuri *(Abefeso 4:24, Abefeso 5:9)*, atekereza ko ari imiterere yo kugirira abandi ibikwiriye no kubagirira neza, by'umwihariko abo musangiye kwizera.

**Ni mu buhe buryo wiboneye ko igitekerezo cy'uko ingeso nziza, kwera n'ukuri bishobora kuba uburinzi?**

# INKWETO: ITORERO RIRWANIRA AMAHORO

Umusirikari w'Umuroma wabaga yitegura intambara, yazirikaga inkweto zikomeye za gisirikari. Inkweto zifite impu zigerekeranye n'agatsinsino gashashe, ikomeye, zafashaga umusirikari gukomeza ibirenge bye ku butaka kandi yakandagira akumva "ashikamye" *(Abefeso 6:11, 13, 14)*. Pawulo asobanura umwambaro wambarwa mu birenge yifashishije imvugo iboneka muri Yasaya 52:7, ishima igihe uzanye inkuru nziza yuko intambara Yehova arwanira ubwoko bwe ayitsinze *(Yesaya 52:8–10)* noneho amahoro akaba aganje: "Erega ibirenge by'uzanye inkuru nziza ku musozi ni byiza ku misozi, akamamaza iby'amahoro, akazana inkuru z'ibyiza *(Yesaya 52:7)*.

**Ongera usubire mu hantu umunani Pawulo yibanze mu Abefeso avuga ibijyanye n'amahoro. Kuki akoresha mu magambo arambuye imvugoshusho ya gisirikari mu gihe ashishikajwe n'iby'amahoro?** *Abefeso 1:2; Abefeso 2:14, 15, 17; Abefeso 4:3; Abefeso 6:15, 23.*

---

---

Pawulo yishimira amahoro nk'umurimo wa Kristo, "we mahoro yacu" wa wundi ubwiriza amahoro "mwebwe abari kure, kandi abari bugufi na bo ababwira iby'amahoro" *(Abefeso 2:14–17)*, yigiza bugufi Abayuda n'Abanyamahanga ngo bahinduke "umuntu umwe" *(Abefeso 2:15)*. Ku bwo kugumana inkuru y'ubutumwa bwiza bw'agakiza ka Kristo n'umurimo we w'amahoro urema, ku bwo kwishimira insinzi ye yo mu gihe cyashize no gutegereza ijwi ry'insinzi yo mu gihe cyizaza, abizera baba bambitse ibirenge byabo inkweto maze bakaba biteguye urugamba. Kimwe na wa wundi uzanye inkuru nziza wo muri Yesaya 52:7, abizera ni abajyana inkuru nziza bakamamaza ibyo kunesha kwa Kristo n'amahoro ye.

Nyamara kandi Pawulo ntatwifuriza kumva irarika aduha ryo gufata intwaro nk'aho ari ukuduhamagarira gufata intwaro za gisirikari tukarwanya abanzi bacu. Ni yo mpamvu agaragaza abizera nk'abamamaza "ubutumwa bwiza bw'amahoro" *(Abefeso 6:15)*. Nta nubwo yifuza yuko abizera baba abarwanyi mu isano bagirana n'abandi, kubera ko yakomeje gushimangira ubumwe, amagambo yo gukomeza abandi, n'umutima w'impuhwe *(by'umwihariko soma mu Abefeso 4:25–5:2)*. Itorero rigomba "kurwanisha amahoro" binyuze mu gukoresha intwaro z'ubutumwa bwiza ari zo ngeso za gikristo (kwicisha bugufi, kwihangana, kubabarirana, n'ibindi.) no gushyira mu bikorwa (amasengesho, kuramya). Ibikorwa nk'ibi ni imikorere myiza yerekana umugambi ukomeye w'Imana wo guhuriza ibintu byose muri Kristo *(Abefeso 1:9, 10)*.

**Ni mu buhe buryo amagambo akurikira adufasha gusobanukirwa icyo imvugoshusho ya gisirikari Pawulo akoresha ikwiriye gusobanura mu mibereho yacu nk'abizera? "Imana iduhamagarira kwambara intwaro zose z'Imana. Ntabwo dushaka intwaro za Pawulo, ahubwo ni intwaro zose z'Imana. Ubwo ni bwo dushobora kujya mu murimo dufite imitima yuzuyemo ubugwaneza, impuhwe n'urukundo bimeze nk'ibya Kristo."** —Ellen G. White, *[Australasian]Union Conference Record*, July 28, 1899.

# INGABO, INGOFERO, N'INKOTA

**Ni ryari kandi ni mu buhe buryo abizera nk'abarwana intambara ikomeye bakoresha ingabo, ingofero, ndetse n'inkota?** *Abefeso 6:16, 17.*

---

---

Ingabo ya Pawulo ni ngari ifite impande enye, ikaba yakoreshwaga n'umusirikari w'Umuroma. Yabaga ikozwe mu giti gitwikirijwe uruhu impande zayo zihese kugira ngo irinde uyitwaye ibitero biturutse mu rundi ruhande. Iyo ingabo zinikwaga mu mazi, "zashoboraga gufata imyambi n'ibimeze nka yo …bifite ubukana," bikarinda ba nyirazo imyambi barashwe yabaga yashyizweho amakakama maze igacanwaho umuriro.

Uburyo Pawulo asobanuramo "ingabo yo kwizera" bwerekana uburyo mu Isezerano rya Kera bakoreshaga ingabo nk'ikimenyetso cy'Imana irinda ubwoko bwayo *(Itangiriro 15:1, Zaburi 3:3)*. Gutwara "kwizera nk'ingabo" *(Abefeso 6:16)* ni ukwinjira mu ntambara ibera mu isanzure ufitiye Imana icyizere, Yo irwanirira abizera *(Abefeso 6:10)*, ikabaha intwaro nziza *(Abefeso 6:11, 13)*, kandi ikabaha kunesha.

Na none kandi, ingofero Abaroma bajyanaga ku rugamba yabaga ikozwe mu cyuma cyangwa mu muringa. Kuri iyo ngofero yakingiraga umutwe, ahagana inyuma hongerwagaho icyuma gishashe gikingira igikanu, ibikingira amatwi, ibikingira uruhanga, n'ibyakingiraga amatama. Dufatiye ku burinzi bw'ingenzi ingofero yahaga uyambaye, "ingofero y'agakiza" *(Abefeso 6:17)* ishushanya agakiza ko muri iki gihe abizera bagira mu mibereho yabo mu bumwe baba bafitanye na Kristo wazutse, akajya mu ijuru kandi agashyirwa hejuru *(Abefeso 2:6–10)*. Kwambara "ingofero y'agakiza" bisobanuye kwirukana ubwoba bwo gutinya imbaraga z'imyuka ziganje muri iki gihe, maze tukiringira ubushobozi buheranije bwa Kristo *(gereranya Abefeso 1:15–23, Abefeso 2:1–10)*.

Intwaro iheruka izindi ni "inkota y'Umwuka, ari yo Jambo ry'Imana" *(Abefeso 6:17)*, irengurira ku nkota y'umusirikari w'Umuroma yari ngufi kandi ifite amujyi abiri. Amayeri y'intambara isanzwe kwari ukohereza imihunda ibiri (iyi ntiyavuzwe na Pawulo) hanyuma ugakura inkota maze ukajya mbere, ukoresha inkota ngufi usatira uyizunguza. Inkota y'abizera ni "inkota y'Umwuka" kuko itangwa na Mwuka, intwaro igaragazwa nk' "Ijambo ry'Imana." Pawulo atera intambwe agana imbere nk'umusirikari ukomeye maze agahamagarira abandi gufata intwaro, avuga amasezerano y'ibyiringiro no kunesha bikomoka ku Muyobozi w'urugamba wavuye mu ijuru. Ayo niyo masezerano yatanzwe mu Abefeso 6:10–20, agize intwaro ihatse izindi mu ntambara turwana n'umubi. Hanyuma rero "Ijambo ry'Imana" rirengurira ku masezerano yagutse yo mu butumwa bwiza tubona muri Bibiliya.

**Nubwo dushobora kudakunda imvugoshusho nyinshi ziganisha ku bijyanye n'igisirikari, ni iki iyo mvugoshusho ikwiriye kutwigisha ku bijyanye n'uburyo intambara ikomeye mu by'ukuri ari impamo kandi ko tudakwiriye kuyijenjekera?**

# GUHORA USENGA ISENGESHO RYO KU RUGAMBA

Mu gusoza uguhugura kwe, Pawulo ashishikariza abizera nk'abasirikari kugira uruhare mu isengesho ryiza kandi rihoraho ryo "gusabira abera bose" *(Abefeso 6:18)* no kumusabira we ubwe nk'intumwa iboshywe *(Abefeso 6:19, 20)*. Uko kurarikira abantu gusenga gushobora kugaragara nko kwaguka kw'imvugoshusho ya gisirikari, kubera ko kwambaza Imana (cyangwa gutabaza ibigirwamana) mu isengesho byari imigenzereze rusange yo ku rugamba rwa kera. Dutanze ingero zo muri Bibiliya twavuga: akurikije guhugura kwa Yahaziyeli ku bijyanye n'intambara, Yehoshafati yafashe iya mbere mu Bayuda n'abari batuye muri Yerusalemu "yikubita hasi imbere y'Uwiteka aramuramya" *(2 Ingoma 20:18)*. Mu gihe isengesho atari intwaro ya karindwi mu zindi ntwaro, ni umugabane uhagitse mu guhugura kwa Pawulo n'imvugoshusho ya gisirikari.

Mu kintu cya mbere muri bibiri Pawulo asaba gusengera, asaba abo yabwiraga kugira uruhare mu isengesho ridatuza, ryihutirwa kandi ridacogora "gusabira abera bose" *(Abefeso 6:18)*. Niba itorero rigomba guhirwa mu rugamba rirwana n'imbaraga z'umubi, rizaba rikeneye kwishingikiriza ku Mana binyuze mu isengesho rihumekewe na Mwuka.

Icya kabiri Pawulo asaba gusengera ni we ubwe: "kandi nanjye munsabire" *(Abefeso 6:19)*. Asaba amasengesho kugira ngo Imana imuhe ubutumwa bukwiriye ("kugira ngo mpabwe amagambo"), mu gihe gikwiriye ("mu kubumbura umunwa wanjye"), atanzwe mu buryo bukwiriye ("mvuge nshize amanga"), kandi avuga insanganyamatsiko irusha izindi akamaro, ari yo "ubwiru bw'ubutumwa bwiza" *(Abefeso 6:19)*. Aya magambo arengurira ku cyo dushobora kwita "ibanga ritwikuruwe" ryo gutabara kw'Imana muri Kristo kugira ngo icungure abanyamahanga n'Abayuda *(soma mu Abefeso 3:1–13)*, "ikarema umuntu umwe mushya" *(Abefeso 2:15; soma na none mu Abefeso 2:11–22)* nk'ikimenyetso cy'umugambi ukomeye wo "guteranyiriza ibintu byose hamwe" muri Kristo *(Abefeso 1:10)*.

**Nimwongere murebe uku "kurarikirwa gusenga" kuboneka mu Isezerano Rishya. Ni ukuhe kugukora ku mutima kurusha ukundi kose? Kubera iki?** *Luka 18:1–8, Abafilipi 4:6, Abakolosayi 4:2, 1 Abatesalonike 5:16–18.*

---

---

**Kuki abizera bashishikarizwa kenshi gusengana umwete badacogora? Imvugoshusho ya gisirikare ikoreshwa na Pawulo itanga ibisubizo bibiri: (1) gusumbirizwa n'urugamba rwo guhangana n'abanzi benshi bo mu buryo bwa mwuka ni ibyo gutinywa kandi ni ukuri; (2) Amasezerano y'Imana y'imbaraga no gutsinda mu bya Mwuka agaragarizwa mu mvugoshusho ya gisirikari Pawulo yakoresheje *(Abefeso 6:10–17)*. Isengesho risenganywe umwete no kudacogora riduha uburyo bwo gutega amatwi twitonze aya masezerano, kuyishimira, no gushimira Imana ubuntu iduha.**

# IBINDI BYO KWIGWA NO KUZIRIKANWA

"Ingabo ziri ku rugamba zashobora kugwa mu rujijo kandi zigacika intege keretse gusa bose bakoreye hamwe. Ingabo ziramutse zikoze zikurikije ibitekerezo byazo bwite buri wese atita ku mwanya mugenzi we arimo ndetse n'icyo ari gukora, baba bameze nk'ikirundo cy'ingirangingo nto cyane ziri ahantu hamwe nyamara buri yose ikora ukwayo; ntibashobora gukora umurimo nk'umubiri ukorera hamwe. Bityo rero, ingabo za Kristo zigomba gukora nk'ingabo zuzuzanya. Umurimo w'umuntu umwe si wo ukenewe. Baramutse bagenje batyo, aho kugira ngo ubwoko bw'Umwami Imana bwuzuzanye, buhuze ibitekerezo, umugambi, kandi bube bufite intego imwe, buzabona ko umuhati wabwo uzaba imfabusa, kandi n'igihe cyabo kimwe n'ubushobozi bafite bizaba byapfuye ubusa. Gushyira hamwe ni zo mbaraga. Abantu bake bahindutse bakora mu buryo bwuzuzanya, bakora bafite intego imwe ikomeye, bafite umuyobozi umwe, bazagera ku nsinzi muri buri ntambara yose barwanye."—Ellen G. White, *Spalding and Magan Collection*, p. 121.

**Ni ubuhe busobanuro bwo kuba Pawulo yiyita "intumwa iri mu minyururu"** *(Abefeso 6:20)***?**

Inshuro nyinshi mu gihe cy'intambara, intumwa zakoraga umurimo urimo inzitizi nyinshi, bityo uburyo Pawulo yisobanura buhura rwose n'imvugoshusho ya gisirikari akoresha. Intumwa zagombaga gufatwa mu buryo bwubashwye hakurikijwe uwazohereje cyangwa igihugu cyazohereje. Bityo rero, hari ukubusanya gukomeye hagati y'uwo Pawulo yari we nk'intumwa y'Umutware w'ikirenga w'ijuru no gusuzugurwa byimazeyo kwagaragazwaga n'iminyururu ye (ni "iminyururu" isanzwe). Nyamara kandi, kubera ko intumwa zashoboraga kwambara "umukufi werekana umurimo zikora," kuba Pawulo avuga iby' "umunyururu" bishobora "kongerwa ku mvugoshusho ikoresha ikinyuranyo cy'icyo urenguriraho," muri yo akabona iminyururu nk'iby'umurimbo byambarwaga n'intumwa zatumwe n'ibihugu byazo."—David J. Williams, *Paul's Metaphors: Their Context and Character* (Peabody, MA: Hendrickson, 1999), p. 152.

## IBIBAZO:

1. **Mu karere k'isi uherereyemo kiremyemo ibice kandi kari mu ntambara, "kurwanisha amahoro" bisobanuye iki kuri wowe n'itorero usengeramo? Ni mu buhe buryo dushobora kuba abantu bazana amahoro mu isi irangwa n'akarengane n'urugomo bikomeza kwiyongera ubudatuza?**
2. **Ni iyihe "myambi yaka umuriro" yihariye iri kuraswa mu cyerekezo urimo? Ni mu buhe buryo wamenya udashidikanya ko "ingabo yo kwizera" iri mu mwanya wayo kugira ngo iyizimye?**
3. **Rimwe na rimwe tujya tuvuga iby'abarwanyi bakoresha intwaro yo gusenga." Ni mu buhe buryo dushobora gukora "umurimo wo gusenga" dushingiye kubivugwa mu Abefeso 6:18-20?**
4. **Ni mubuhe buryo dukwiriye gufasha abakomerekeye ku rugamba rw'intamabara ikomeye ihanganishije Kristo na Satani? Dukwiriye gufata dute umwizera w'Umukristo utoroka urugamba kubera ubwoba igihe rukomeye, cyangwa akajya mu ruhande rw'umwanzi mu buryo bweruye?**

# ISABATO YA 38
# KU WA 23 NZERI 2023
# GAHUNDA YO KUGARURA ICYACUMI NO GUTURA AMATURO
# INDONEZIYA: IMBWA YUBAHIRIZA ISABATO

**Kuva 20:8-9** — "Wibuke kweza umunsi w'Isabato. Mu minsi itandatu ujye ukora, abe ari ari yo ukoreramo imirimo yawe yose, ariko uwa karindwi ni wo Sabato y'Uwiteka Imana yawe."

Abaturage bateraniye ku kibuga cy'indege ubwo Gari Roberts, umuvugabutumwa w'umupilote yururutsaga indege ye muri Suminka, umudugudu witaruye wo ku kirwa cya Indoneziya.

Ubwo Gari yavaga mu ndege, umugabo umwe yatunze urutoki ku gishushanyo cy'abamarayika batatu cyari ku ndege, maze arabaza ati, "Iyi ni indege y'Abadiventiste b'Umunsi wa Karindwi?" Gari byaramutangaje, maze abaza uwo mugabo uko yamenye Abadiventisti. Gari yateze amatwi uwo mugabo ubwo yamubwiraga uko bubahiriza Isabato. Mu myaka yashize, umupasitero w'umudiventiste witwa Mose hamwe n'umukorerabushake witwa Dariyusi bagize inzozi, aho umumarayika yababwiye kujya muri Suminka bakabwirizayo ubutumwa. Abo bagabo bombi bari bazi ko Imana ari yo ibahamagaye, nuko barahaguruka bafata urugendo rurerure rw'iminsi itatu bajya i Suminka.

Ubwo bageraga muri uwo mudugudu, bamenyesheje abantu ko bazahakorera amateraniro y'ivugabutumwa y'icyumweru munsi y'igiti cyo muri uwo mudugudu. Ariko ku munsi wa mbere, Pasitero Mose yarwaye malariya. Abaturage batekereje ko ashobora gupfa. Pasitero Mose yari afite umuriro mwinshi umunsi wose, ariko bigeze sa kumi n'imwe za nimugoroba umuriro urashira. Yarahagurutse arabwiriza, ariko akirangiza, arongera agira umuriro. Ibi byamubagaho buri munsi. Yabaga arwaye umunsi wose, ariko byagera sa kumi n'imwe za nimugoroba akabwiriza iby'urukundo rw'Imana, Isabato, ndetse n'imirire iboneye.

Ariko ubwo Pasitero Mose yararikaga abo bantu ngo bakire Yesu, nta n'umwe witabye. Amateraniro yararangiye, hanyuma abo bagabo bombi basubira iwabo bababaye.

Ubuzima bwakomeje nk'ibisanzwe mu mudugudu, kugeza ku munsi wa karindwi. Imbwa ihiga y'uwo mudugudu yitwaga Dolibi yarabyutse kare ijya kuri cya giti aho wa mubwirizabutumwa yajyaga abwiririza. Ubwo nyirayo yayihamagaraga ngo ijye guhiga, Dolibi yanze kuva aho iri. Dolibi yahigaga indi minsi yose, ariko ku wa karindwi ntibikore.

Abaturage batangiye kubona ko Dolibi yarekeye aho kujya irya ingurube. Umuturage umwe aravuga ati, "Dolibi yabaye Umudiventiste w'Umunsi wa Karindwi!" Undi nawe aravuga ati, "Niba Dolibi iri gusenga ku munsi w'Isabato, natwe dukwiye kubikora." Abaturage benshi batangiye kubahiriza Isabato, ndetse bareka no kurya ingurube.

Ubwo Gari w'umupilote yabwiraga Pasitero Mose iby'iyo nkuru, Pasitero Dariyusi yahise aza mu mudugudu kubwiriza abaturage baho. Uyu munsi, kimwe cya kabiri cy'abaturage 200 baramya Imana ku munsi w'Isabato.

**ICYO DUHAMAGARIRWA:** Turamya Imana mu buryo bwinshi, tweza Isabato, dusenga, tubwira abandi iby'Imana, ndetse tunagarura icya cumi cy'Imana kandi dukiranuka mu gutanga amaturo yacu ya buri gihe yitwa "Isezerano." Imana ntabwo ikeneye amafaranga yacu, ahubwo ishaka ko twiga kwiringira ko izatumara ubukene bwacu bwose (Abafilipi 4:19) mu gihe tuyigize nyambere mu buzima bwacu.

**IMANA MBERE YA BYOSE**
**DUSENGE:**

ICYIGISHO CYA 13

# Umugabane wa I: Inshamake

**Isomo ry'Urufunguzo:** Abefeso 6:16, 17
**Amasomo Iki Cyigisho Gishingiyeho:** Abefeso 6:10-20; 1 Petero 4:1; 1 Petero 5:8; Yesaya 59:17; Yesaya 52:8-10; 1 Abatesalonike 5:16-18.

***Intangiriro*:** Mu kwerekana urutonde rw'intwaro z'Imana avuga buri ntwaro ukwayo (umukandara, icyuma gikingira igituza, inkweto, ingabo, ingofero, inkota), Pawulo ntabwo agamije kwerekana umusirikare uri wenyine. Ibihabanye n'ibyo, mu Kigereki, akoresha inshinga ziri mu muntu wa kabiri mu bwinshi, yerekana ko abwira ingabo zose: (1) mukomerere: mu (iri mu bwinshi: Abefeso 6:10), (2) mwambare: mu (iri mu bwinshi) intwaro zose z'Imana (Abefeso 6:11), (3) kugira ngo mu (mu bwinshi) mubashe guhagarara mudatsinzwe (Abefeso 6:11, (4) kuko tu (mu bwinshi) dakirana *(Abefeso 6:12)*, (5) mu (mu bwinshi) tware intwaro zose *(Abefeso 6:13)*, (6) mu (mu bwinshi) bashe gukomera. Mu bigaragara, inshinga zindi zose cyangwa hafi ya zose Pawulo akoresha abwira itorero hano, zitondaguwe mu bwinshi. Nuko rero, mu gukoresha inshinga zitondaguwe mu bwinshi, Pawulo atwereka ipica y'ubwiza bw'abasirikare b'Imana barangwa n'ubutwari kandi bahawe ibikenewe byose kubwo umurimo wabo.

Ariko se umurimo w'aba basirikare ni uwuhe? Bambariye urugamba kandi biteguye kwamamaza bakabwira abatuye isi yose ubutumwa buva ku Mana, ubutumwa buvuga ko Imana ari Yo iha amahoro isanzure ryose, abatuye iyi si, amahoro hagati y'ibihugu, amahoro mu baturage, mu miryango, mu bavandimwe no mu moko. Ariko aya mahoro si amahoro agerwaho bitewe n'ubwumvikane cyangwa guhuza imyemerere, aho impande zose zihanganye zigirana ubwumvikane buhuriye ku myumvire yabo bwite, ku ndangagaciro, cyangwa ku mishanga bahuriyeho. Ahubwo, Imana yazanye amahoro ibinyujije mu kuduhishurira urukundo n'ubutabera byayo yatwerekeye ku musaraba, bityo Itsinda intambara z'abayiregaga n'abanzi bayo. Igihe abantu bakiriye icyo Umwami Yesu yabakoreye ku musaraba, Imana yishimira kubaha umugisha wo kubambika gukiranuka kwa Kristo. Uku gukiranuka n'urukundo ni byo bizana amahoro ahuza abantu n'Imana, amahoro ahuza abantu, kandi akagera mu isanzure ryose. Aya mahoro ni yo Abakristo bamamaza. Amateka y'ibihugu, y'amadini, y'umuco, y'ubucurabwenge, y'imiterere n'imitekerereze ya muntu, n'aya siyansi yerekanye ko nta bundi buryo abantu bagera kuri ayo mahoro. Bitewe n'uko Abakristo biboneye ayo mahoro mu mibereho yabo bwite, mu miryango yabo, mu baturanyi babo, no mu itorero, babasha noneho kuyamamaza bakayageza ku bantu bose, ndetse bakayageza no mu isanzure hose.

**Insanganyamatsiko ziri muri iki Cyigisho**: Icyigisho cy'iki cyumweru kiribanda ku nsanganyamatsiko enye zifitenye isano:

1. Itorero riri mu ntambara y'isi yose aho rifite umurimo wo kwamamaza ubutumwa bwiza bw'amahoro.
2. Ntiturwana uru rugamba turi twenyine: turarwana turi "mu Mwami" kandi twambaye intwaro Ze.
3. Ntiturwana uru rugamba nk'abarwana bari bonyine, ahubwo nk'ingabo z'Umwami Imana, ubwoko bw'Imana.
4. Ntiturwana intambara idafite iherezo, intambara tutazi ibyayo, ahubwo ni intambara ifite kugeza ubu umusaruro wizewe: ku musaraba, Imana yamaze gutsinda icyaha, ikibi, urupfu, na Satani.

## Umugabane wa II: Ubusobanuro

### *Intambara n'Amahoro*

Pawulo atangira umugabane w'Abefeso 6:10-17 avuga inshuro eshatu ijambo 'ubushobozi' *(Abefeso 6:10)*, akoresheje amagambo atatu atandukanye: inshinga *endunamoó*, "gushoboza," n'amazina abiri, *kratos*, "imbaraga" cyangwa "ububasha," na *ischus*, "imbaraga," "gukomera," "ingufu," cyangwa "ubushobozi." Intumwa yakoresheje ayo magambo yose uko ari atatu, mu buryo bw'amazina, atangira urwandiko rwe *(Abefeso 1:19-21) ubwo yagaragazaga gukomera n'ubushobozi bw'Imana, byagaragariye muri Kristo.* Noneho ubu, ku iherezo ry'urwandiko rwe *(Abefeso 6)*, Pawulo arabwira Abefeso ko ubu bushobozi babuhawe. Intumwa ikoresha insanganyamatsiko y'ubushobozi kubera ko igiye kuvuga ku nsanganyamatsiko y'urugamba, intambara, kurwana, no gutsinda.

Ikibabaje, ubuzima bwa Gikristo bufitanye isano ikomeye n'intambara no gutsinda. Ni iby'ukuri ko amadini yose, ubucurabwenge bwose, siyansi, ubuvanganzo, n'amateka, mu nkuru zabyo zose, nk'izivuga iby'ihindagurika ry'ibyaremwe, ibyo kwishyira hamwe kw'abantu bose mu nyungu rusange, ibya politiki y'Abanazi, byose bibona kandi bisobanura ubuzima/imibereho nko kurwana, urugamba, cyangwa intambara. N'ubundi, umuntu wese ushaka kugurisha inkuru akenera kuyitegura mu buryo bw'urugamba n'imirwano. Mu bitekerezo nk'ibyo, umuntu urwana cyangwa umukinnnyi w'ingenzi aba arwana n'ibindi bintu cyangwa n'abandi bantu: urugero, umukinnyi w'ingenzi arwana n'igihangange gifite imbaraga zidasanzwe, undi mukinnyi w'ingenzi akarwana kugira ngo yikure mu rwobo, umukinnyi wa gatatu akarwana no gukira indwara idakira.

Ariko intambara y'Umukristo, nk'uko Pawulo ayisobanura, ni iyo kurwana n'"uburiganya bwa Satani" *(Abefeso 6:11)*. Avugako intambara turwana "tudakirana n'abafite amaraso n'umubiri, ahubwo dukirana n'abatware n'abafite ubushobozi n'abategeka iyi si y'umwijima, n'imyuka mibi y'ahantu ho mu ijuru." *(Abefeso 6:12; reba kandi n'Abefeso 1:19-21, Abefeso 2:6, Abefeso 3:10)*. Iyi ntambara mu by'umwuka "y'ahantu ho mu ijuru" ifite ingaruka zitaziguye kandi zikomeye ku mibereho yacu. Dufite uruhare rutaziguye muri iyi ntambara, kandi tugomba kugira uruhande tubamo. Nyamara, mu rwandiko rwose, intumwa Pawulo asobanura ko tutari muri iyi ntambara kubera yuko hari ibihangange bibiri birwana, naho twebwe tukayibabariramo turi inzirakarengane, tugahonyorwa, cyangwa tugafatirwa muri iyi ntambara binyuranye n'ubushake bwacu.

Mu by'ukuri ariko, ni ibintu bifite indi sura. Ni Imana ubwayo yahababariye ifatirwamo, iri muri iyi ntambara kubwo kuturwanirira. Ni twebwe twagiye mu ruhande rw'imbaraga z'umwijima kurwanya Imana. Aho kugira ngo iturimbure, Imana yaritanze iraturwanirira ngo tubone agakiza. Yishyizeho igihano cyacu n'icyaha cyacu, apfa mu cyimbo cyacu, kugira ngo atuzanire amahoro, kugira ngo adusubize ku mwanya wacu nyakuri wo mu bwami Bwe.

Niyo mpamvu, igihe duhindutse Abakristo, twakira impano y'amahoro Imana iduha, twakira irarika Iduha ryo kuyishimira, kandi bikadutera kuyisangira n'abandi bantu bari mu isi bakirwana intambara yo kurwanya Imana Ntitwisunga Kristo tuvuye aho tutagira aho tubarizwa, ahubwo tuba tuvuye mu cyanya cy'abanzi b'Imana. Iyo twifatanyije n'ingabo za

Kristo, tugabwaho ibitero n'umwanzi n'izindi mbaraga zose z'umubi zinakorera ndetse no muri twe. Kubw'ibi bitero, dukeneye intwaro z'Imana n'intwaro yo kwamamaza ubutumwa bwayo bw'amahoro. Zirikana ukuntu umuja w'Imana Ellen G. White abivuga muri aya magambo:

"Benshi babona iyi ntambara hagati ya Kristo na Satani nk'aho ntacyo ibabwiye; maze ntibagire umwanya wo kuyitaho. Ariko imbere mu mutima wa buri muntu iyi ntambara irasibana. Nta numwe ujye uva mu murongo wa Satani ngo ahitemo gukorera Imana adahuye n'urugamba rwa Satani. Ubuhendabana Kristo yatsinze nibwo twebwe tubona ko dukwiriye kugumana. Nyamara we yabishukishijwe mu rwego ruhanitse nk'uko n'imico ye irenze kure iyacu. Hamwe n'umutwaro uremereye w'ibyaha by'isi yose yari yikoreye, Kristo yanesheje ikigeragezo cy'inda, ikigeragezo cyo gukunda iby'isi, ndetse n'ikigeragezo cyo kwibona kiganisha ku gushidikanya Imana. Ibi ni byo bigeragezo byatsinze Adamu na Eva, kandi ni nabyo bidutsinda buri munsi."— *Uwifuzwa Ibihe Byose*, p. 68 (2010).

***Intambara Ikomeye***

Mu gitabo cye gitanga ubusobanuro bwagutse, cyitwa *Systematic Theology [Iyobokamana Rikuye Ruhande]*, Norman Gulley yerekana ko muri rusange iyobokamana rya Gikristo ryirengagije insanganyamatsiko y'intambara y'isanzure cyangwa se intambara ikomeye. (Norman Gulley, *Systematic Theology: The Church and the Last Things* [Berrien Springs, MI: Andrews University Press, 2016], vol. 4, p. 478). Mu gihe ku bandi Bakristo intambara ikomeye (intambara y'ijuru n'isi y'iby'umwuka iri hagati y'Imana n'imbaraga z'umubi za Satani) ari kimwe muri byinshi bifitanye isano ikomeye n'uburyo bwo gusobanukirwa n'ihame rigaragaza Imana nziza ariko ikemerera ikibi kubaho. Kubwa Ellen G. White n'Abadiventisti b'Umunsi wa Karindwi, intambara ikomeye ni ihame rukomatanya rihuza ayandi mahame yose, mu buryo bukuye ruhande kandi bukubiyemo n'amateka. Ku Badiventisti b'Umunsi wa Karindwi, insanganyamatsiko y'intambara ikomeye ntabwo ari uburyo bwo gusobanura amahame gusa, ahubwo ni inkuru, inkuru y'amateka y'Imana. Ni inkuru itwereka igikorwa cy'urukundo rwayo rw'Irema; ikatwereka ukwigomeka kwacu twayigometseho; ikatwereka urukundo rwayo rwatwitangiye; ikatwereka uko Yiyemeje ubwayo kudutabara, mu mateka y'isi yacu, binyuze mu kwigira umuntu kwayo; itwereka urupfu Rwe ku musaraba, kuzuka Kwe, no gusubira mu ijuru Kwe; itwereka icyifuzo cyayo n'umurimo wayo wo kudusubiza isano twahoranye na Yo; ikatwereka uburyo yifuza kugarura ubumwe n'urukundo mu bantu binyuze mu itorero ryayo; itwereka amasezerano yayo yo gushyira iherezo ku cyaha n'ikibi; n'isezerano ryayo ryo kuzatwakira akatugeza mu byishimo n'amahoro bizahoraho iteka n'iteka. Kubw'iyi mpamvu, Abadiventisti b'Umunsi wa Karindwi basobanuye insanganyamatsiko y'intambara ikomeye mu ihame shingiro rya munani (8), ryemejwe n'inama y'Inteko Nkuru Rusange yabaye mu mwaka wa 1980 muri aya magambo:

*"Inyokomuntu yose iri mu ntambara ikomeye iri hagati ya Kristo na Satani, kandi iyo ntambara ishingiye ku mico y'Imana, ku mategeko yayo, n'icyubahiro cyayo mu isanzure no mu byo yaremye byose. Iyo ntambara yatangiriye mu ijuru igihe ikiremwa cyari gifite umudendezo wo guhitamo, cyishyize hejuru maze gihinduka Satani, umwanzi w'Imana, hanyuma ateza ubwigomeke umugabane umwe w'abamarayika. Yatangije umwuka wo kwigomeka muri iyi si igihe yashukaga Adamu na Eva. Ingaruka y'icyo cyaha cy'inyokomuntu yabaye kwangirika kw'ishusho y'Imana mu muntu, guhinduka*

*kw'isi yaremwe, no kurimbuka kwayo mu gihe cy'umwuzure, nk'uko bigaragazwa mu nkuru y'ibyabayeho kera dusanga mu Itangiriro 1-11. Mu maso y'ibyaremwe byose, iyi si yahindutse ikinamico y'intambara rusange, kandi iherezo ryayo rikazagaragaza gutsinda kudasubirwaho kw'Imana y'urukundo izigarurira iyi si by'iteka ryose. Kugira ngo afashe ubwoko bwayo muri iyo ntambara, Yesu yohereje Mwuka Muziranenge n'abamarayika bera kubuyobora, kuburinda, no kubakomeza mu nzira y'agakiza."— Intambara Ikomeye*, biboneka ku rubuga https://www.adventist.org/the-great-controversy.

Herbert E. Douglass asobanura mu buryo bworoshye kandi bwimbitse uruhare rw'insanganyamatsiko y'intambara ikomeye mu Iyobokamana ry'Itorero ry'Abadiventisti b'Umunsi wa Karindwi muri aya magambo: "Ku Badiventisti b'Umunsi wa Karindwi, Insanganyamatsiko y'Intambara Ikomeye ni inyigisho remezo izana ubusobanuro buhuye ku ngingo zose za Bibiliya. Irenga ibihe – imigabane ya kera yagiye ikomeretsa itorero rya Gikristo mu binyejana n'ibinyejana. Izanira amahoro abanzi b'iyobokamana bagiye babona uguhuza kw'inyigisho z'ukuri buri wese yari yaragiye arwanya bikomeye. Aha niho tubona umwihariko w'Abadiventisti. Uwo mwihariko ntabwo ari ikintu cyihariye cy'iyobokamana ryayo, nk'uko dufite ihame ry'ubuturo bwera. Ahubwo, umwihariko w'Abadiventisti ushingiye mu busobanuro rusange bw'ipfundo ry'ubutumwa bwa Bibiliya bugengwa n'ihame ry'ingenzi ari ryo ry' Insanganyamatsiko y'Intambara Ikomeye."- "The Great Controversy Theme: What It Means to Adventists," *Ministry*, December 2000, p. 5.

## Umugabane wa III: Imyitozo

Saba abigishwa bawe basome kandi baganire ku bibazo bikurikira mu itsinda ryabo:

1. Ni ubuhe bumwe mu buryo ururimi rukoresha amagambo ya gisirikare tumenyereye mu buzima bwa buri munsi? Tekereza kandi, wibuke imvugo yeruye dukoresha yo "kurwana" tujya dusanga muri zimwe mu ndirimbo zacu, ibisigo, n'amasomo dusoma muri Bibiliya. Nk'Abadiventisti b'Umunsi wa Karindwi, dusobanukiwe neza ko izo mvugo tuzikoresha mu buryo bw'umwuka. Nyamara, iyi mvugo ishobora kumvikana nabi mu bandi bantu, babona Ubukristo muri rusange, n'Ubudiventisti bw'Umunsi wa Karindwi by'umwihariko, nk'iyobokamana ry'amahoro. Ni buryo ki twakomeza umuco w'imvugo ya Bibiliya yo kurwana intambara y'umwuka n'imbaraga z'umubi mu mikorere y'intambara ikomeye kandi ibyo bikanafasha incuti zacu n'abaturanyi gusobanukirwa ko itorero ryacu ari umuryango urangwa n'urukundo rw'Imana, ubuntu bwayo n'amahoro itanga? Nimuganire ku gisubizo cy'iki kibazo n'abagize itsinda ryanyu ry'Ishuri ryo ku Isabato ndetse n'abagize itorero ryose.

2. Tekereza ko itorero ryawe ribonye ubutumire bwo kugira uruhare mu mishinga yo kwimakaza amahoro mu baturage banyu, mu karere mukoreramo, cyangwa mu gihugu cyanyu. Ni izihe nzira itorero ryakoresha mu kugira uruhare muri iyo mishinga? Ni buryo ki itorero ryawe ryabikoramo kugira ngo uruhare rwaryo rwe kuba irwa politiki ahubwo rube rushingiye ku nyigisho za Yesu n'intumwa zifite icyerekezo cy'insanganyamatsiko za Bibiliya z'intambara ikomeye n'ubutumwa bwiza?

# ABEFESO MU MUTIMA

## KU ISABATO NIMUGOROBA, 23 NZERI

AHO ICYIGISHO CY'IKI CYUMWERU GISHINGIYE: Abefeso igice cya 1-kugeza ku gice cya 6.

ICYOKWIBUKWA: **"Mwakijijwe n'ubuntu ku bwo kwizera, ntibyavuye kuri mwe ahubwo ni impano y'Imana. Ntibyavuye no ku mirimo kugira ngo hatagira umuntu wirarira, kuko turi abo yaremye ituremeye imirimo myiza muri Kristo Yesu, iyo Imana yiteguriye kera kugira ngo tuyigenderemo"** *(Abefeso 2:8–10).*

Abasura umujyi wa Londoni (mu Bwongereza) burira Ikibaho gishashe cyitwa "London Eye [Ijisho rya Londoni]," ni Urwicundo rushobora kunezeza abarureba. Ushobora kurwitegereza uko rwakabaye uhagaze ku ntera ya metero 137 hejuru y'umugezi witwa River Thames: ku nzogera nini yitwa Big Ben, ku mazu akorerwamo n'Inteko Ishinga amategeko y'Ubwongereza, ndetse no ku ngoro z'amateka na za Kiliziya zikomeye. Umuhanga witwa Nicholas Thomas "Tom" Wright wakoze ubushakashatsi ku Isezerano Rishya, avuga ko "urwandiko rwandikiwe Abefeso urugereranyije n'izindi nzandiko zisigaye za Pawulo, rumeze nka rwa rwicundo rwitwa London Eye. Ntabwo ari rwo rurerure cyangwa ngo rube rwuzuye byinshi kurusha izindi nyandiko ze, nyamara ruha umuntu igitekerezo cy'ishusho yose y'uko ibintu bimeze imutera kumva afashe akuka. Iyo uri hano, uko inziga zikaraga, ugenda ubona uko insanganyamatsiko zigenda zisimburana."—*Paul for Everyone: The Prison Letters* (London: S.P.C.K. [Society for Promoting Christian Knowledge Publishing], 2004), p. 3.

Mu Abefeso, ntabwo Pawulo yibanze ku bibazo by'ahantu hamwe, Urwandiko rwanditswe nk'aho Pawulo ari kubwira abizera b'ahantu hose n'amatorero ya gikristo aboneka aho ari ho hose. Kuba urwandiko rutareba abantu bo mu gihe runaka gusa bituma ruba "igitekerezo kinejeje" Pawulo aba aduhaye cyo kujya mu isi tubayemo no mu bitekerezo byacu bwite dufite. Uko dusubira muri buri gice cy'igitabo, ni mutyo dukomeze kugumisha mu bitekerezo byacu iki kibazo ngo: ni ukuhe kuri kw'ingirakamaro biri mu bikwiriye gukomeza guha ishusho imibereho yacu nk'abizera?

# DUHERWA IMIGISHA MURI KRISTO

Hari uwasobanuye ko urwandiko Pawulo yandikiye Abefeso rumeze nk'imisozi ya Alps [imisozi miremire cyane iri mu burengerazuba bw'Uburayi] ivugwa mu Isezerano Rishya. Pawulo, umuyobozi wacu mu byo kuzamuka imisozi, atwuriza imisozi yo mu Befeso igice cya mbere vuba cyane. Tujya kumva tukumva umwuka uragenda uba muke tugatangazwa n'ibyo tubona igihe duhagaze mu mpinga y'umusozi.

**Tekereza ku bintu byanditswe mu Abefeso igice cya mbere. Ni iki wumva kigushimishije? Ni utuhe dusongero tw'imisozi ubona?**

---

---

Mu Abefeso1:3–14 hakora nk'ikarita umuntu afotoreye mu mpinga z'umusozi igaragaza udusongero tw'imisozi kugeza aho amaso ye abasha kugera, nk'uko Pawulo atuyobora ahantu hacu hari imigisha hazengurutswe n'ahantu hagari h'umugambi w'agakiza. Ahagaragarira amaso hakubiyemo amateka yuzuye y'agakiza, uhereye mu bihe byashize bitagira itangiriro, ugakomeza mu bihe by'ibikorwa by'Imana byuzuye ubuntu byasohorejwe muri Kristo, ukageza mu bihe bizaza by'iteka ryose. Gucungura abizera kw'Imana kugaragaza umugambi Imana yagize "mbere yo kuremwa kw'isi" *(Abefeso 1:4)*, ari na wo uri gusohozwa muri iki gihe mu mibereho yacu *(soma mu Abefeso 1:7, 8, 13, 14)*. Ubwo buryo bw'imikorere bwabayeho mbere yo kuremwa kw'isi buzasohozwa mu buryo bwuzuye ku iherezo ry'ibihe *(Abefeso 1:9, 10)*. Hanyuma "ibintu byose," ari ibyo "mu ijuru" ndetse no "ku isi" bizateranyirizwa hamwe cyangwa bizahurizwa hamwe muri Kristo, maze ibyo Imana yagambiriye gukora ubwo "igihe kizaba gisohoye" bizabonwe gusohozwa *(Abefeso 1:10)*. Icyo gihe tuzamenya umugambi wuzuye w'ubwiru bw'Imana *(Abefeso 1:9)*. Muri iki gihe dushobora kumenya tudashidikanya ko agakiza gashingiye kuri Kristo duhagazemo ari umugabane w'ingenzi w'umugambi wagutse wo gucungura "ibintu byose."

Kuba mu mpinga y'umusozi bizana mu muntu ibyifuzo byo gushima. Mu Abefeso 1:15–19, Pawulo ashimira Imana igihe asenga asaba ko abizera biyumvamo agakiza Imana yagambiriye kubaha. Twibona turi kurira mu ibanga ry'undi musozi igihe adutungira agatoki hejuru kuri Kristo wazutse, akazamurwa mu ijuru kandi agashyirwa hejuru, akaba ari we utegeka ububasha bwose bw'ibihe byose budashobora kwinjira mu bitekerezo byacu *(Abefeso 1:20–23)*.

Binyuze mu buntu bw'Imana bwerekaniwe muri Kristo Yesu, uyu munsi dushobora kuwubaho turi mu mpinga y'umusozi!

**Mu Abefeso 1:4 hatubwira ko Kristo yadutoranirije muri We isi itararemwa, kugira ngo tube abera tutariho umugayo imbere yayo mu rukundo". Tekereza icyo ibyo bisobanuye. Gutoranyirizwa muri We isi itararemwa! Ni ibihe byiringiro bikomeye ibi bishobora kuguha ku bijyanye n'icyifuzo gikomeye Imana igufitiye cy'uko ukizwa?**

# TWACUNGURIWE KUBERA UMUGISHA ABATUZENGURUTSE

**Igihe usoma mu rwandiko Pawulo yandikiye Abefeso 2, shaka uko wasubiza iki kibazo: Tekereza icyo Imana yaba yagukoreye binyuze mu Mwana wayo Yesu Kristo?**

«Ariko Imana....» Ayo magambo abiri agomba kuba arusha ayandi yose yamenyeshejwe inyokomuntu kuba yuzuye ibyiringiro. Abefeso 2:1–10, Pawulo asobanurira abamuteze amatwi ibihe bya kera byari bicuze umwijima. Inyokomuntu yari isangiye kubaho mu bihe bibi, bari babogamiye mu kwigomeka ku Mana, imibereho yabo yategekwaga n'icyaha na Satani *(Abefeso 2:1–3)*. "Ariko Imana kuko ari umutunzi w'imbabazi...." Kandi se ni iki Imana yabakoreye natwe turimo? 1. Yaduhinduranye bazima na Kristo —umuzuko wa Kristo ni uwacu. 2. Yatuzamuranye na Kristo—kuzamurwa mu ijuru kwa Kristo ni ukwacu. 3. Mu ijuru, yatwicanyije na Kristo—kwambikwa ikamba kwa Kristo ni ukwacu *(Abefeso 2:4–7)*. Ntabwo turi abantu b'indeberezi ku byabaye mu mibereho ya Kristo mu ijuru! Imana ikora ibi bikorwa bikomeye, itabitewe n'uko hari icyiza kiri muri twe, ahubwo ni ku bw'ubuntu bwayo *(Abefeso 2:8, 9)*, kandi ashaka ko abizera babaho mu bufatanye na Yesu no gukora "imirimo myiza" *(Abefeso 2:10)*.

Mu Abefeso 2:1–10 hatwigisha ko tubaho mu bufatanye na Yesu, mu Abefeso 2:11–22 higisha yuko tubaho mu bufatanye n'abandi nk'umugabane w'itorero. Urupfu rwa Yesu rufite ibyiza byo mu cyerekezo gihagaze, bituma habaho isano hagati y'abizera n'Imana *(Abefeso 2:1–10)*, n'ibyiza byo mu cyerekezo gitambitse, bikomeza isano tugirana na bagenzi bacu *(Abefeso 2:11–22)*. Binyuze mu musaraba we, Yesu yakuyeho ibitandukanya abizera b'abanyamahanga n'abizera b'Abayuda byose, n'uburyo amategeko yakoreshwaga nabi kugira ngo umworera wari hagati yabo waguke *(Abefeso 2:11–18)*. Na none Yesu hari ikintu yubatse—ari cyo rusengero rushya rutangaje rw'abizera. Mu gihe runaka, abanyamahanga bari bahejwe ku kuramya Imana kwaberaga ahantu hera ho mu rusengero, noneho ubu bahujwe n'abizera b'Abayuda bahinduka umwe. Natwe duhinduka abagize itorero ry'Imana, "urusengero rwera mu Mwami Yesu" *(Abefeso 2:19–22)*.

Binyuze mu buntu bw'Imana, mufite amahirwe yo kubaho muri iki gihe mufitanye ubumwe na Yesu na bagenzi banyu b'abizera.

**Ibivugwa mu Abefeso 2:8–10 byagize uruhare mu guhinduka kwa benshi. Maritini Luteri yabonye muri iyi mirongo ubuntu bwigaruriye umutima we, maze kandi avumbura ibihamya runaka by'ishingiro ry'Ubugorozi: agakiza kazanwa no kwizera gusa, binyuze mu buntu gusa, ku bwa Kristo wenyine, no ku bw'icyubahiro cy'Imana. Mu mwaka wa 1738, nyuma y'imyaka 18 gusa ahindukiriye Imana mu mujyi wa Londoni ahantu hitwa Aldersgate Street, Yohani Wesley yabwirije muri kaminuza ya Oxford, ageza ku bantu "ugutabaza kwari kuri mu mutima we" n'"ibyari bigize impinduramatwara nshya." Inyandiko ye? Abefeso 2:8. (Soma mu gitabo cyanditswe na A. Skevington Wood, "Strangely Warmed: The Wesleys and the Evangelical Awakening," *Christian History* [Magazine], vol. 5, no. 1 [1984]).**

# TURI ITORERO RY'IMANA NZIMA

**Kubera iki guhinduka bamwe mu bagize itorero ry'Imana ari ikintu cy'ingenzi kandi gitangaje?** Abefeso 3.

---

---

- Tugira ubutwari igihe twumvise abigize itorero bavuga ibintu byiza ku itorero. Nyamara kandi abafite ubushyuhe kurusha abandi bose muri twe, bumva badashyikira ubuhamya bufite imbaraga bwa Pawulo buboneka mu Abefeso 3 ku byerekeye itorero. Pawulo atangira amakuru atanga yerekeye amasengesho asabira abizera bo muri Efeso *(Abefeso 3:1;* gereranya n'*Abefeso 1:15–23)* nyamara agasoza mu buryo bwihuse kugira ngo atangire kuvuga ku buryo Imana yaremye itorero *(Abefeso 3:2–13)*, hanyuma agasoza amakuru yatangaga ku isengesho rye *(Abefeso 3:14–21)*. Muri iyo nzira, tugeraho tugasobanukirwa n'ibintu by'ingenzi ku "mugambi" w'Imana cyangwa "ubwiru" bwayo:
- Mu bihe by'iteka ryose, Imana yubatse mu bitekerezo byayo "ubwiru" cyangwa "umugambi" werekeye itorero *(Abefeso 3:3–5, 9, 11)*.
- Binyuze mu mibereho n'urupfu bya Yesu, wa mugambi wari uhishwe igihe kirekire "urasohozwa" *(Abefeso 3:11; gereranya n'Abefeso 2:11–22)*.
- Binyuze mu ihishurirwa, Pawulo yiga "ubwiru" bw'itorero n'ukuri gutangaje k'uburyo abanyamahanga bagomba abasangiye n'abandi ubwo bwiru *(Abefeso 3:3–6)*.
- Pawulo nk'umubwiriza ku banyamahanga, agira uruhare mu kwamamaza inkuru nziza ku bakeneye kumenya "ubutunzi buboneka muri Kristo ubusanzwe batagerwaho na buri wese" *(Abefeso 3:8, 9)*.
- Itorero ririmo benshi bagaruriwe Kristo, rikaba nk'uko riri, rigizwe n'Abayuda n'abanyamahanga, ryereka "ubwenge bw'Imana bw'uburyo bwinshi" abatware n'abafite ubushobozi bo mu ijuru" *(Abefeso 3:10)*, bakabatangariza ukurimbuka kwabo kugiye kuzabageraho *(gereranya Abefeso 6:10–20)*. Umugambi wo guteranyiriza ibintu byose muri Kristo *(Abefeso 1:10)* uri gusohozwa, kandi igihe cyabo ni kigufi.

Gusobanukirwa ibi kw'itorero gutera Pawulo ubutwari bwo gusabira abizera. Kuki utamutekereza mu Befeso 3:14-21 agusengera isengesho riturutse ku mutima? Kuki utamutekereza agusabira ngo "wuzuzwe ukuzura kw'Imana" *(Abefeso 3:19)* kandi ngo ugire uruhare rwuzuye mu bwiru butangaje bwahishuwe bw'itorero ryunze ubumwe?

**Ni ubuhe bwoko bw'insika zitandukanya abizera bo mu itorero ryacu ziri mu mujyo umwe n'ibyo Pawulo yanditse, zitari zikwiriye kuba hagati yabo? Wakora iki kugira ngo ufashe mu murimo wo kuzikuraho?**

# UBUMWE BWO KWIZERA

**Mu Abefeso 4, Pawulo asaba abizera kureka gukora ibintu runaka no kumenya gukora ibindi neza. Mbese ibyo bintu ni ibihe?**

Mu Abefeso 4 hatangira kandi hagasoza hararikira abantu kwita kuri bagenzi babo nk'abagize umuryango w'itorero *(Abefeso 4:1–3, 32)*. Hagati y'uko kurarika, Pawulo ashyigikira bikomeye igitekerezo kivuga yuko dukwiriye gusigasira ubumwe bwo mu itorero. Atangirira ku gukora urutonde rw'ibintu birindwi bigenda byitwa ikintu "kimwe": Hariho umubiri umwe, Umwuka umwe, ikiringiro kimwe, Umwami umwe (Yesu Kristo), kwizera kumwe, umubatizo umwe, Imana imwe ari yo Data wa twese *(Abefeso 4:4–6)*. Duhurijwe hamwe muri uko kuri kw'ibya Mwuka. Mu by'ukuri, twunze ubumwe.

Nubwo ubumwe ari ukuri kudashidikanywaho kw'iby'iyobokamana, kudusaba ko dukorana umwete. Bityo rero, dukwiriye buri gihe gukora uko dushoboye kose ngo "dukomeze ubumwe bw'ibya Mwuka" *(Abefeso 4:3)*. Uburyo bumwe buri wese muri twe ashobora gukoresha ni ukuba "umugabane" ukora mu mubiri wa Kristo *(Abefeso 4:7–16)*. Buri wese ni urugingo rw'umubiri rufite impano kandi rukwiriye kugira uruhare kugira ngo uwo mubiri ukomeze kugira ubuzima bwiza *(Abefeso 4:7, 16)*. Kandi bose bakwiriye kugerwaho n'ibyiza by'intumwa, abahanuzi, ababwirizabutumwa, abagabura, n'abigisha *(Abefeso 4:11, 12)*. Aba ni nk'imihore n'imisokoro bifite umurimo wo guhuza [ibice by'umubiri], bidufasha gukurira hamwe muri Kristo we mutwe w'umubiri *(Abefeso 4:13, 15)*.

Muri icyo gihe, Pawulo na none yababwiye "ko tudakwiriye gukomeza kumera nk'abana bateraganwa n'umuraba, tujyanwa hirya no hino n'imiyaga yose y'imyigishirize, n'uburiganya bw'abantu n'ubwenge bubi n'uburyo bwinshi bwo kutuyobya *(Abefeso 4:14)*, amagambo avuga mu buryo bwumvikana ko itorero rya mbere ryahuye n'intambara z'imbere muri ryo zitewe n'"uburiganya bw'abantu."

Igihe Pawulo akomeza agana ku kwinginga kwe gusoza ngo "Mugiriranе neza, mugirirane imbabazi, mubabarirane ibyaha" *(Abefeso 4:32)*, asaba abizera kwirinda imitima yinangira bahoranye mbere *(Abefeso 4:17–24)* no kwirinda umujinya n'uburakari, bakabisimbuza imvugo yubaka kandi ikageza ku bandi ubuntu *(Abefeso 4:25–31)*.

Iki gice kivuga ku buntu kiroroshye bihagije mu kugisoma igihe ibintu biri amahoro. Birushaho kuba biruhije—no kuba ingenzi—kugisoma igihe dukururiwe mu makimbirane. Mbese uyu munsi uri kwibuka kugira imibereho irimo ubumwe mu mubiri wa Kristo, ari bwo bumwe yapfiriye?

**Ni ubuhe buryo dushobora kugira uruhare mu bumwe bw'itorero ryacu, ryaba iryo dusengeramo aho dutuye cyangwa itorero ryo ku rwego rw'isi yose? Kubera iki ari ingenzi ko dukora ibyo dushoboye?**

# TWAKIRA UBUNTU BW'IMANA TUKABUGEZA KU BANDI

**Igihe usoma mu Abefeso igice cya gatanu, tekereza uburyo Pawulo adusaba kubaho imibereho yerekana ubutumwa bwiza mu isano tugirana n'abandi. Ni ukuhe guhugura gusobanuye byinshi cyane kuri wowe mu buryo bwihariye?**

Iyo utangiye gusoma mu Abefeso 5 ahabanza ushobora kutabona imbaraga ziri mu nsanganamatsiko ihari. Bityo rero, tangirira mu Abefeso 4: 32 aho Pawulo abwira Abefeso "kugirirana neza, kugirirana imbabazi, kubabarirana ibyaha nk'uko Imana yababariye muri Kristo".

Nk'abizera, duhamagarirwa guha abandi icyitegererezo cy'imico dushingiye ku mbabazi n'ubuntu Imana itugirira. Tugomba kwigana Imana! *(Gereranya na Matayo 5:43–48.)*

Pawulo abusanya uku kwigana imibereho ikurikije urukundo rw'Imana n'uburyo busanzwe abapagani bakoresha. Aho gufata abandi nk'abantu bafite agaciro gakomeye, mbese nka benedata na bashiki bacu bo mu muryango w'Imana, inshuro nyinshi abantu bakoresha abandi mu kwishimisha mu byerekeye imibonano mpuzabitsina ndetse no mu magambo y'ubupfu yerekeye ibyo *(Abefeso 5:3, 4)*. Ababurira avuga yuko uburyo nk'ubwo budafite umwanya mu isi nshya Imana izarema *(Abefeso 5:5–7)*.

Ibiri amambu, abizera bakwiriye gutera umugongo umwijima babayemo mu gihe cyashize, maze "bakagenda nk'abana b'umucyo" *(Abefeso 5:8–10)*, bagakurikiza icyitegererezo cy'urukundo rwa Data wa twese. Na none Pawulo aratuburira ngo twirinde imirimo y'ab'umwijima ikorerwa mu "rwihisho" *(Abefeso 5:11, 12)*. Mu buryo bwo kubusanya na bo, tugomba kubaho mu mucyo wa Kristo *(Abefeso 5:13, 14)*. Aho kurimburira ubugingo bwacu mu businzi, tuzacunguza uburyo umwete binyuze mu gushimira Imana urukundo rwayo *(soma Abefeso 5:15–21)*.

Pawulo akomeza insanganyamatsiko ye yo kwigana urukudo rw'Imana igihe agira inama abagabo n'abagore b'Abakristo. Urukundo rwa Kristo rwitanga ruhinduka icyitegererezo ku bagabo b'Abakristo *(Abefeso 5:25–33)*, mu gihe ukubera Kristo indahemuka kw'itorero guhinduka icyitegererezo ku bagore b'Abakristo *(Abefeso 5:22–24)*. Aho gukoresha impano y'igitsina yahawe umuntu mu buryo bw'ubusambanyi no kwikunda, umugabo n'umugore b'Abakristo bibanda ku guha agaciro bagenzi babo no kubatekereza nk'ingirakamaro cyane, bagahinduka "umubiri umwe" *(Abefeso 5:28–33)*.

"Mwigane Imana nk'abana bakundwa" *(Abefeso 5:1)*. Ku bw'ubuntu bw'Imana, uyu munsi uhamagarirwa kubaho imibereho igaragaza uku guhugura mu isano ugirana n'abandi.

**Ni mu buhe buryo Abefeso 5:2, ahatubwira "kugendera mu rukundo," hadufasha gusobanukirwa n'icyo Pawulo ashaka kuvuga mu Abefeso 5:1 ku bijyanye no "kwigana Imana"?**

# IBINDI BYO KWIGWA NO KUZIRIKANWA

Dusoza twongera gutekereza ku magambo aboneka mu Abefeso 6, aho dutahura ko twebwe nk'itorero turi ingabo z'Imana zirwanisha amahoro.

Mu rwandiko Pawulo yandikiye Abefeso, yerekanye itorero nk'umubiri wa Kristo *(Abefeso 1:22, 23; Abefeso 4:11–16)*, nk'urusengero rw'Imana *(Abefeso 2:19–22)*, ndetse aryerekana nk'ubugeni cyangwa umugore wa Kristo *(Abefeso 5:21–33)*. Mu Abefeso 6:10–20, Pawulo yerekana itorero nk'ingabo z'Imana maze akarirarika mu mbaraga nyinshi ngo rifate intwaro. Ni imirongo yerekana ibyiza byinshi ndetse n'ingorane ziterwa no kumva nabi.

Dushobora kumva nabi amagambo ya Pawulo nk'aho aduhamagarira gufata intwaro za gisirikari zisanzwe cyangwa kuba abantu bahangana n'abandi mu isano tugirana na bo. Nubwo bimeze bityo, Pawulo yakomeje gushimangira iby'ubumwe, yerereza ibyo tubwira abandi, n'ibyo kugirirana neza *(by'umwihariko soma Abefeso 4:25–5:2)*. Yerekana ubutumwa bwiza bw'Imana nk' "ubutumwa bwiza bw'amahoro" *(Abefeso 6:15)*. Binyuze muri iyo mvugoshusho ya gisirikari, itorero ntabwo rihugurirwa gukora intambara yo mu buryo bwari bumenyerewe kera. Ahubwo tugomba kurwanisha amahoro mu rugamba turimo rw'ibya Mwuka turwanya ikibi. Pawulo asimbukira ahabera urugambwa rw'intambara ikomeye akaduhamagarira kwiyandikisha mu ngabo z'Imana.

Ibyo tugomba kubikora dusobanukiwe neza umwanzi turwana na we kubera ko ntacyo bizatugezaho nituramuka dusuzuguye imbaraga z'uwo duhanganye na we. Abanzi turwana na bo ntabwo ari abantu, ahubwo ni "abafite ubushobozi n'imyuka mibi y'ahantu ho mu ijuru" *(Abefeso 6:12)*, bayobowe n'umuyobozi gica, ari we Satani *(Abefeso 6:11)*. Nubwo bimeze bityo ntabwo tugomba guterwa ubwoba n'abanzi bacu. Imana iri kumwe natwe mu ntambara *(Abefeso 6:10)* kandi yaduhaye intwaro zikomeye cyane, intwaro zayo bwite, "intwaro z'Imana" *(Abefeso 6:11; gereranya na Yesaya 59:15–17)*. Yadushyize hafi ukuri, gukiranuka, amahoro, kwizera, agakiza, na Mwuka Wera *(Abefeso 6:13–17)*. Hamwe no kuba Imana itugiye imbere, ndetse tukaba twambaye intwaro yaduhaye kuva ku mutwe ukageza ku mano, ntidushobora gutsindwa. Kunesha ni ihame ridakuka.

## IBIBAZO:

1. **Nubwo tudakizwa n'imirimo, ni iki Pawulo aba ashaka kuvuga igihe yandika ko "twaremewe imirimo myiza muri Kristo Yesu, iyo Imana yiteguriye kera kugira ngo tuyigenderemo"** *(Abefeso 2:10)*? **None se imirimo yacu myiza imaze iki?**

2. **Pawulo arandika ati: "Nuko ibasha gukora ibiruta cyane ibyo dusaba, ndetse n'ibyo twibwira byose nk'uko imbaraga zayo ziri zidukoreramo"** *(Abefeso 3:20)*. **Ni izihe mbaraga zidukoreramo, kandi ni mu buhe buryo izi mbaraga zikwiriye kugaragazwa mu mibereho yacu?**

# ISABATO YA 39
# KU WA 30 NZERI 2023
# GAHUNDA YO KUGARURA ICYACUMI NO GUTURA AMATURO
# BRAZIL: ITORERO RYO HEJURU Y'AMAZI

**Matayo 25:38-40** – "Kandi twakubonye ryari uri umushyitsi turagucumbikira, cyangwa wambaye ubusa turakwambika? Kandi twakubonye ryari urwaye, cyangwa uri mu nzu y'imbohe tuza kugusūra?' Umwami azabasubiza ati 'Ndababwira ukuri yuko ubwo mwabikoreye umwe muri bene Data aba boroheje bari hanyuma y'abandi, ari jye mwabikoreye.'"

Uruzi runini cyane rwa Amazone rureshya na kilometero 6,700 ruturuka mu misozi ya Peru rukagera ku Nyanja ya Atlantike. Ameyiri Yesusi atuye mu mudugudu wo ku nkengero za Amazone. Buri munsi, afata ubwato bwe buto agatangira kuvugama ava mu mudugudu umwe ajya mu wundi, agenda yigengesera yirinda ingona n'inzoka z'ubumara bwica. Iyo ageze kuri buri mudugudu, Ameyiri asenga Imana ayisaba guha umugisha imirimo akora. Hanyuma adatindiganije akajya kubwira abaturage b'aho hantu urukundo rwa Yesu.

Ameyiri yasuye umugore wahuye n'ibibazo bikomeye. Amwibutsa ko nk'umwizera afite isezerano ryo kuzibera mu ijuru. Aho atazongera kumva uburibwe n'umubabaro cyangwa kurira. Ubwo butumwa arabwishimira cyane, maze Ameyiri amusabira amahoro n'umugisha mu rugo rwe.

Ubwo Ameyiri yari asohotse, yasuhuje itsinda ry'abana barimo gukina. Arahagarara ababwira iby'umugambi Imana ifitiye ubuzima bwabo. Ameyiri ni incuti yabo, kandi baramwiringira kuko abayobora ku Mukiza ubakunda.

Ameyiri asobanura umurimo we muri ubu buryo: "Dusura abantu, tukagerageza kumenya ibyo bakeneye, kandi tukabafasha uko dushoboye. Tubagira incuti maze tukabigisha iby'Imana. Muri uko kubafasha, bituma dukuraho ibibatandukanya maze tukabagezaho ubutumwa bwiza."

Ubugari bunini bw'uruzi rwa Amazone butuma umurimo utorohera abapastoro n'abakozi b'abalayiki nka Ameyiri. Mu myaka yashize, abayobozi b'itorero ry'Abadiventisti b'aho hantu bagize inzozi zo kubaka ubwato bushobora kugeza ubutumwa bw'Imana ku bantu batuye ku nkengero z'urwo ruzi. Hari imyaka 100 nyuma y'aho Leo Halliwell atangije ubwato bwa mbere bwitwa Luzeyiro bwo gukora umurimo w'ubuvuzi no kugeza iby'umwuka kuri abo bantu baturiye urwo ruzi rwa Amazone, ubu bwato bushya bwatangiye gukora umurimo. Ubu bwato bushya hamwe na pasitoro wabwo batanga ibyiringiro kandi bakagera no ku baturage baturiye urwo ruzi rwa Amazone.

Imishinga imeze nk'uwo w'ubwato bw'ivugabutumwa ishobora kugera kure birenze aho ubwato buto bwinshi nk'ubwo bwa Ameyiri bugera. Iyo abantu b'Imana basohoje umushinga munini kuruta uwo konferanse cyangwa yunyoni bibasha gukora, baba bashobora kwihuriza hamwe bagakora umushinga ugaragara. Tutitaye ku hantu dutuye, dushobora gufasha binyuze mu gutanga amaturo yacu asanzwe kandi ya buri gihe twegurira Imana maze tugatuma umushinga ubaho. Icyiyongeraho, tuzabasha gutanga n'amaturo yihariye kandi y'ubwitange tubishobojwe na Mwuka Wera.

**ICYO DUHAMAGARIRWA**: Mureke dukomeze gutanga amaturo yacu tuyegurira Imana kugira ngo abantu benshi babashe kumva ijambo ry'Imana aho batuye hose.

**IMANA MBERE YA BYOSE**
**DUSENGE:**

ICYIGISHO CYA 14

# Umugabane wa I: Inshamake

**Isomo ry'Urufunguzo:** Abefeso 2:8-10
**Amasomo Iki Cyigisho Gishingiyeho:** Abefeso 1 – 6.
***Ijambo ry'Ibanze:*** Mu gihe Urwandiko rwandikiwe Abefeso ari rwo rufunguzo rw'ingenzi rw'izindi nzandiko zanditswe na Pawulo, icyigisho cy'iki cyumweru ni urufunguzo rw'ingenzi rufungura icyigisho cyose gishingiye ku Rwandiko rwandikiwe Abefeso, nk'uko bigaragara gutya:

Icyigisho cyo ku wa Mbere cyagenewe Kuyobora Abigishwa Kwiga Bibiliya cyerekana mu ncamake icyerekezo gihangayitse umutima wa Pawulo kirebana n'inama ihoraho kandi yabayeho kuva kera Imana yari ifite yo Kuturema no Kuducungura.

Icyigisho cyo ku wa Kabiri kivuga mu ncamake ibyo dusanga mu rwandiko rwandikiwe Abefeso igice cya 2, ipica yacyo yerekana imibereho yijimye y'icyaha n'urupfu bya mwenemuntu, imibereho itarangwamo amasezerano, itagira ibyiringiro, itagira Kristo, kandi idafite Imana muri iyi si. Ariko Pawulo—na Bibiliya muri rusange—ntasoreza kuri iyi pica irangwa n'umwijima. Ahubwo, agaragaza ibigize urufatiro shingiro ry'ubutumwa bwiza, ubwiru bw'Imana, ari bwo buzanira mwenemuntu ibyiringiro, yuko: muri Kristo kandi hamwe na Kristo, Imana ituzura kandi ikatuzamurira kubana na Yo mu buturo bwayo bwo mu bikari byo mu ijuru. Ikiyongeraho, muri Kristo kandi hamwe na Kristo, duhindurwa inyubako nshya z'Imana hano ku isi. Uku guhindurwa tuguhabwa kubwo ubuntu, kandi ubuntu ni urufatiro rwo kwizera, imibereho, n'umurimo biranga Abakristo.

Igice cya 3, cyasobanuwe mu cyigisho cyo ku wa Gatatu, gitanga umucyo ku bwiru bw'Imana bwo guhanga itorero.

Icyigisho cyo ku wa Kane (kigaruka ku Abefeso 4) kidusobanurira uburyo imigambi y'inkubirane ibiri y'Imana yasohoye ubwo abana b'Imana baturuka mu isi yose bahurizwa mu kubaha Imana nyakuri, bagakoresha impano zabo z'umwuka, bari mu murimo wayo. Icyo ni cyo gituma ubumwe bw'Itorero atari amaburakindi kugira ngo itorero ribeho.

Icyigisho cyo ku wa Gatanu (gisobanura Abefeso 5) cyibanda ku gushimangira ko tudashobora kugira ubumwe niba tutiyambuye ukwishyira hejuru kwaranze "inarijye" yacu. Ubumwe bugerwaho gusa iyo twakiriye imibereho mishya yacu kandi tukagendera muri Kristo. Uku guhinduka kuzuye kandi kuremereye tubonera muri Kristo kuzagera kandi no mu mibereho yacu yose, ikubiyemo n'imibanire mu miryango yacu (abagabo, abagore, n'abana), umuryango mugari (amatsinda y'abantu n'ibyiciro by'abantu), ndetse n'imibereho yacu buri wese ku giti cye.

Icyigisho cyo ku wa Gatandatu (Abefeso 6) kiturarikira kubona itorero nk'irinyamwete, rikorera mu bumwe, ingabo, rifite ibyangombwa byose birifasha

kurwana urugamba rw'umurimo wo kwamamaza ubutumwa bwiza bw'amahoro bw'Umwami. Aya mahoro ni yo yonyine ava kandi ari muri Kristo aduhesha icyizere cyo gutsinda n'icy'ubugingo. Intsinzi tuyibonera muri Kristo. Kunesha kwacu tugukesha gusa gukomeza gushikama tukizera intsinzi ya Kristo kandi tukayishingikirizaho.

**Insanganyamatsiko ziri muri iki cyigisho**: Icyigisho cy'iki cyumweru gikubira hamwe iby'ingenzi dusanga mu rwandiko rwandikiwe Abefeso, bigamije kwerekana insanganyamatsiko z'ingenzi zose dusanga muri urwo rwandiko.

## Umugabane wa II: Ubusobanuro

### *Ubwiru bw'Ubutumwa Bwiza*

Ku ipfundo ry'urwandiko Pawulo yandikiye Abefeso humvikana ubwuzu n'ibyishimo yari afitiye ubutumwa bwiza nk'ubwiru bwamaze kujya ahagaragara. Atangira uru rwandiko rwe yishimira ko Imana "yatumenyesheje ubwiru bw'ibyo ishaka" *(Abefeso 1:9)*, kandi ubu bwiru ni ubwerekeye "umurage" *(Abefeso 1:11)*. Ubu bwiru si ubw'imibereho yacu itagira ibyiringiro kandi yijimye *(Abefeso 2:1-4)* cyangwa kugwa, kwirema ibice, n'ubugome twazaniwe n'icyaha twebwe nk'abantu ku giti cyacu, mu miryango yacu, no mu muryango mugari w'abantu *(Abefeso 2:11, 12)*. Impamvu y'uku kwirema ibice n'ubugome si ubwiru na mba kuri twebwe dufite kamere y'ubunyacyaha. Ntabwo kandi ari ubwiru butewe n'uko tudashobora kwikemurira ikibazo cy'icyaha n'urupfu *(Abefeso 2:9, Yohana 1:13)*. Nk'uko amateka abyerekana buri gihe, twese tubabazwa no kumenya ko nta mbaraga ya muntu ishobora kudukura mu mbaraga yatuboheye mu mworera mubi w'icyaha. Ibiramambu, ubwiru Pawulo atubwira ni ubwerekeranye n'urukundo rutarondoreka Imana yadukunze. Twatekerezagako tutari abo gukundwa n'Imana. Twibwiraga ko yatwibagiwe. Twumvagako yahisemo Abayuda maze Abanyamahanga bahabwa akato. Twibwiraga ko iby'Abayuda birangiye burundu igihe bangaga Yesu nka Mesiya wabo.

Bigaragara ko ibyo twibwiraga ku Mana byari ukwibeshya. Igihe Imana yahishuriraga Pawulo ubwiru bwayo, Pawulo yaratangaye. Kubw'iyi mpamvu, nubwo urwandiko rwose rugenda rugaragaza ubwo bwiru mu buryo bunyuranye, intumwa yongera kugaruka, mu rwandiko hagati, ku ijambo yita "ubwiru" (Abefeso 3:3, 9) n' "ubwiru bwa Kristo" (Abefeso 3:4), no ku iherezo ry'urwandiko rwe, avuga "ubwiru bw'ubutumwa bwiza" (Abefeso 6:19). Ubu bwiru ni cyo kintu cy'agaciro k'isumbwe, nk'uko Pawulo abivuga, bitewe no kubona ukuntu bwari bwarahishwe abantu babayeho mu myaka amagana n'ibihumbi, maze Imana igatoranya abo mu gihe cya Pawulo kugira ngo babeho muri icyo gihe cyihariye cy'amateka, igihe ayo mayobera y'ubwiru yari ahishuwe ku buryo bwuzuye maze abantu bose babasha kubwibonera bubahishuriwe *(Abefeso 3:9; Abaroma 16:25; 1 Abakorinto 2:7; Abakolosayi 1:26, 27; Abakolosayi 2:2)*. Mbega amahirwe, mbega icyubahiro!

Dushobora guhita tubona ukuntu Pawulo yasabwe n'ibyishimo bitewe n'uku kubonekerwa gukomeye. Imibereho ye yose yakozweho, ndetse irahindurwa byuzuye, n'ubwo butumwa bwiza bw'ukuri. Nk'uko Yesu yabivuze mu mugani

w'ubutunzi bwahishwe (*Mat. 13:44*). Pawulo "yagurishije" ibyo yari atunze byose ngo abone ubu butunzi buhishwe (*Abafilipi 3:4-8*). Akanyamuneza ke kerekaga abandi ko yamenye ikintu abandi batari bazi. Nyamara, bitandukanye na wa muntu washakishaga ubutunzi (*Mat. 13:44*) cyangwa bitandukanye na wa mugaragu mubi (*Mat. 25:18*), Pawulo we ntiyahishe ubwiru bw'ubutunzi bwe mu butaka. Ibiramambu, igihe Imana yamuhishuriraga ubwiru bwayo, Pawulo yatangiye kujya hirya no hino ku isi abwira buri muntu wese iby'ubwo bwiru. Ubu bwiru nta bundi ni ubuvuga ko Imana ari urukundo. Yaturemye biturutse mu rukundo, Iradupfira bitewe n'uko ari Urukundo. Yatuzuriye kubana na Yo muri Mwuka mu mubiri wayo wera bitewe n'uko ari Urukundo. Iraturwanirira bitewe n'urukundo idukunda, kandi Izagaruka kutujyana bitewe n'urukundo Idukunda. Nk'uko Pawulo abyivugira, ubwo bwiru ni "Kristo uri muri mwe, ni byo byiringiro by'ubwiza" (*Abakolosayi 1:27, BY*).

***Iherezo cy'Intambara Ikomeye***

Umunsi umwe, amateka y'icyaha azagira iherezo, ariko ubwiru bw'Imana ntibuzashira. Mu gihe yandikaga iby'iherezo ry'intambara ikomeye, Ellen G. White yabivuze mu mvugo ihuye n'ibyari ku mutima we ku buryo buhuye byuzuye n'amagambo intumwa Pawulo yakoresheje ari mu mwuka mu rwandiko rwe yandikiye Abanyefeso:

"Ubutunzi bwose bwo mu ijuru n'ubwo mu isi buzagaragazwa bube ibyigisho by'abacunguwe. Bazajya bagurukisha amababa nk'ibisiga bajye gusura ayandi masi, yahindishijwe umushyitsi no kumva amahano yagwiriye isi yacu, maze bahanike indirimbo y'umunezero w'ubutumwa bwacunguye abo bantu. Mu byishimo bitavugwa, abana b'iyo si, binjire mu munezero bafite ubwenge nk'ubw'ibiremwa bitakoze icyaha. Bazafatanyiriza hamwe ubutunzi bw'ubwenge no kumenya by'ibihe byose, bitegereza umurimo Imana yakoresheje ukuboko kwayo. Bazareba ubwiza bw'iby'Imana yaremye nta kibatwikiriye; izuba n'inyenyeri bizaba biri kuri gahunda yabyo, byose bigendera kuri gahunda byahawe, bikagenda bizenguruka intebe y'Imana. Kuri ibyo byose uhereye ku byoroheje ukageza ku bikomeye byanditsweho izina ry'Umuremyi wabyo, kandi muri byo, hagaragara ubutunzi n'imbaraga Umuremyi yabigabiye.

"Kandi mu bihe bidashira, uko imyaka ihita indi igataha, niko abacunguwe bazarushaho kubona amahishurwa y'ubwiza bw'Imana na Kristo. Uko ubumenyi buzakomeza kugwira, niko n'urukundo, kubaha Imana, n'umunezero bizakomeza kugwira. Uko abacunguwe bazarushaho kwiga kumenya Imana, niko bazakomeza gutangazwa n'imico yayo. Nk'uko Kristo azajya arushaho guhishurira intore ze ibanga ryo gucungurwa kwabo, n'insinzi yabo mu ntambara ikomeye yarwanye na Satani, niko imitima yabo izarushaho gusimbagizwa n'urukundo. Umunezero ukomeye ubatere gufata inanga zabo z'izahabu, maze abacunguwe ibihumbi cumi ka bihumbi cumi n'ibihumbi ka bihumbi bahanikire rimwe amajwi yabo baririmba indirimbo yo gusingiza.

"Maze numva ibyaremwe byose biri mu ijuru no ku isi n'ikuzimu no mu nyanja, mbese ibyaho byose uko bingana bigira biti: "Iyicaye kuri ya ntebe ya Cyami hamwe

n'Umwana w'intama, nibahorane ibisingizo n'icyubahiro, ikuzo n'ububasha iteka ryose." Ibyahishuwe 5:13.

"Intambara ikomeye irarangiye. Icyaha n'abanyabyaha ntibazongera kubaho ukundi. Ijuru ryose n'isi yose birejejwe. Umunezero usaba imitima y'ibyaremwe byose. Imigezi y'ubugingo, umucyo n'umunezero bitemba bituruka ku Murenyi bisendera hose. Guhera ku kanyabuzima gatoya kadashobora kuboneshwa ijisho ukageza ku isi irusha izindi ubunini, ibyaremwe byose, ibihumeka n'ibidahumeka, mu bwiza bwabyo busesuye no mu munezero wabyo uhoraho, bitangaza ko Imana ari urukundo."— Ellen G. White, *Intambara Ikomeye*, pp. 472, 473.

## Umugabane wa III: Imyitozo

1. Iyi ni incamake y'icyigisho. Tera umwete abigishwa bawe kugira ngo bakore incamake yabo y'urwandiko rw'Abefeso maze babiganireho mu itsinda ryabo ry'Ishuri ryo ku Isabato.

2. Ni izihe nsanganyamatsiko eshatu z'ingenzi zigaruka mu rwandiko Pawulo yandikiye Abefeso? Ni ibiki izi nsanganyamatsiko zigenda zihuriraho? Baza abigishwa bawe bavuge insanganyamatsiko babona ko ariyo y'ingenzi cyane n'izo babona zungirije iyongiyo.

3. Saba abigishwa bawe batekereze ko babonye irarika ribasaba kujya gutangiza itorero rishya ahantu hataragera ubutumwa. Ni buryo ki bakwifashisha urwandiko Pawulo yandikiye Abefeso kugira ngo rubafashe kwitegura kujya muri uwo mushinga? Saba abigishwa gukora urutonde rw'insanganyamatsiko (ibyigisho) zo mu rwandiko rw'Abefeso bakwifashisha bategura ibyigisho (by'ivuna) bakorera aho hantu hashya. Ni buryo ki bakurikiranya ibyo byigisho? Nanone kandi, saba abanyeshuri bawe gushaka amahame ashobora kubafasha gushinga itorero rihamye, bakurikije icyitegererezo intumwa Pawulo avugaho muri uru rwandiko.

4. Amahame abigishwa bawe batekereje ashobora kuba ingirakamaro mu gukuza itorero rigizwe n'abizera bafite ibyishimo by'agakiza. Ni ayahe mahame yandi abigishwa bawe babona muri urwo rwandiko ashobora gufasha mu guhuriza abizera bashya muri Kristo maze bakagira ubumwe hagati yabo bubashoboza guteza imbere imibereho n'umurimo w'itorero? Ni izihe nyigisho (amahame) zakwifashishwa n'itorero kugira ngo ribe riyobowe n'imbaraga ya Mwuka Muziranenge binyuze mu gukoresha impano za mwuka?

5. Saba abagize itsinda kuvuga amahame aboneka mu gitabo cy'Abefeso twize muri iki gihembwe ashobora gufasha abizera b'itorero kugera ku mibereho ihuye n'ubutumwa bwiza, amahame ashobora gukuza imiryango ikarangwa n'ibyishimo kandi agafasha amatsinda y'abantu batandukanye bari mu itorero kugirana umubano mwiza.

# AMASOMO Y'UMURINZI WO MU RUTURUTURU

## KAMENA 2023

| | | | |
|---|---|---|---|
| **Ku Isabato** | **24** | **Abef. 1:9** | **Yatumenyesheje ubwiru bw'Imana** |
| Ku wa Mbere | 25 | Abef. 1:2 | Ubuntu n'amahoro biva ku Mana bibe muri mwe. |
| Ku wa Kabiri | 26 | Ibyak. 20:18 | Bayobozi, mwite ku bo mushinzwe kuyobora |
| Ku wa Gatatu | 27 | Ibyak. 20:20 | Mwigishe kandi muvuge ibifitiye abandi akamaro |
| Ku wa Kane | 28 | Abef. 6:24 | Mukunde Yesu Kristo mutaryarya |
| Ku wa Gatanu | 29 | Ibyak. 19:13 | Mwirinde inzererezi ziyobya abantu |
| Ku wa Gatandatu | 30 | Abef. 1:10 | Tugire ubumwe muri Kristo. |

## NYAKANGA 2023

| | | | |
|---|---|---|---|
| **Ku Isabato** | **1** | **Abef. 1:3** | **Imana yaduhereye imigisha yose muri Kristo** |
| Ku wa Mbere | 2 | Abef. 1:4 | Yadutoranirije muri We |
| Ku wa Kabiri | 3 | Abef. 1:4b | Kugira ngo tube abera |
| Ku wa Gatatu | 4 | Abef. 1:7 | Yaduhesheje gucungurwa |
| Ku wa Kane | 5 | Abef. 1:11 | Twarazwe umurage…nk'uko yabigambiriye |
| Ku wa Gatanu | 6 | Abef. 2:6 | Yatuzuranye na We |
| Ku wa Gatandatu | 7 | Gutegeka 9:29 | Turi ubwoko bwayo na gakondo Ye |
| **Ku Isabato** | **8** | **Abef. 1:19** | **Iduha imbaraga z'ububasha bwayo** |
| Ku wa Mbere | 9 | Abef. 1:16 | Jya ushimira Imana, usabire n'abandi |
| Ku wa Kabiri | 10 | Abef. 1:17 | Imana ibahe umwuka w'ubwenge |
| Ku wa Gatatu | 11 | Abef. 1:20 | Kristo yarazutse, yicaye iburyo bwa Data |
| Ku wa Kane | 12 | Abef. 1:21 | Kristo ari hejuru y'ibinyabubasha byose |
| Ku wa Gatanu | 13 | Abef. 1:22 | Kristo ni Umutwe w'Itorero Rye |
| Ku wa Gatandatu | 14 | Zaburi 110:1 | Umwami wacu atubereye iburyo bw'Imana |
| **Ku Isabato** | **15** | **Abef. 2:4** | **Imana Yaduhinduranye bazima na Kristo** |
| Ku wa Mbere | 16 | Abef. 2:1 | Twari dupfuye, Aratuzura |
| Ku wa Kabiri | 17 | Abef. 2:3 | Twakurikizaga ibyifuzo bya kamere |
| Ku wa Gatatu | 18 | Abef. 2:3b | Itandukanye na kavukire yawe. |
| Ku wa Kane | 19 | Abef. 2:6 | Yaratuzuye, Itwicaranya na Yesu mu Mwuka |
| Ku wa Gatanu | 20 | Abef. 2:8 | Yaradukijije kubw'ubuntu bwayo, Amen! |
| Ku wa Gatandatu | 21 | Abaroma 5:17 | Yaduhaye impano yo gukiranuka n'ubugingo |
| **Ku Isabato** | **22** | **Abef. 2:13** | **Mwigijwe hafi n'amaraso ya Yesu** |
| Ku wa Mbere | 23 | Abef. 2:14a | Ni We mahoro yacu |
| Ku wa Kabiri | 24 | Abef. 2:14b | Yahinduye ababiri kuba umwe |

| | | | |
|---|---|---|---|
| Ku wa Gatatu | 25 | Abef. 2:14c | Yakuyeho urusika rw'ubwanzi hagati yacu |
| Ku wa Kane | 26 | Yesaya 52:7 | Amamaza iby'amahoro n'agakiza |
| Ku wa Gatanu | 27 | Abar. 7:12 | Itegeko ryose ni iryera, rirakiranuka |
| Ku wa Gatandatu | 28 | Abar. 3:31 | Kwizera ntigukuraho amategeko |
| **Ku Isabato** | **29** | **Abef. 3:20** | **Ibasha gukora ibirenze kure ibyo dusaba** |
| Ku wa Mbere | 30 | Abef. 3:1 | Pawulo yabaye imbohe ya Kristo |
| Ku wa Kabiri | 31 | Abef. 3:13 | Ntimugacogozwe n'amakuba |

## KANAMA 2023

| | | | |
|---|---|---|---|
| Ku wa Gatatu | 1 | Abef. 3:6 | Abanyamahanga ni abaraganwa natwe. |
| Ku wa Kane | 2 | Abef. 3:14, 15 | Imiryango yose ipfukamire Data |
| Ku wa Gatanu | 3 | Abef. 3:17 | Imitima yanyu ihoremo Kristo |
| Ku wa Gatandatu | 4 | Abef. 3:17b | Mushorere imizi mu rukundo |
| **Ku Isabato** | **5** | **Abef. 4:11** | **Yahaye Itorero impano za Mwuka** |
| Ku wa Mbere | 6 | Abef. 4:4 | Ubumwe bwacu – Umwuka umwe |
| Ku wa Kabiri | 7 | Abef. 4:5 | Ubumwe bwacu – Kwizera kumwe |
| Ku wa Gatatu | 8 | Abef. 4:6 | Imana imwe – Iturimo twese |
| Ku wa Kane | 9 | Abef. 4:12 | Kugira ngo dukore umurimo wayo |
| Ku wa Gatanu | 10 | Abef. 4:13 | Kugeza ubwo tuzagera ku rugero rushyitse |
| Ku wa Gatandatu | 11 | Yesaya 5:4 | Duharanire kwera imbuto adushakaho |
| **Ku Isabato** | **12** | **Abef. 4:22** | **Mwiyambure umuntu wa kera** |
| Ku wa Mbere | 13 | Abef. 4:22b | Muve mu buhenebere bw'icyaha |
| Ku wa Kabiri | 14 | Abef. 4:24 | Mwambare umuntu mushya |
| Ku wa Gatatu | 15 | Abef. 4:25 | Ambura ibinyoma – Ambara ukuri |
| Ku wa Kane | 16 | Abef. 4:30 | Ntugatere agahinda Mwuka Wera |
| Ku wa Gatanu | 17 | Abef. 4:31 | Gusharira kose n'ibindi bibi byose bibavemo |
| Ku wa Gatandatu | 18 | Abef. 4:32 | Mugirirane neza, mubabarirane |
| **Ku Isabato** | **19** | **Abef. 5:1** | **Mwigane Imana** |
| Ku wa Mbere | 20 | Abef. 5:15 | Mwirinde ubupfu, mugende nk'abanyabwenge |
| Ku wa Kabiri | 21 | Abef. 5:2 | Mugendere mu rukundo |
| Ku wa Gatatu | 22 | Abef. 5:11 | Mureke imirimo y'umwijima |
| Ku wa Kane | 23 | Abef. 5:14 | Kanguka uzuke! |
| Ku wa Gatanu | 24 | Abef. 5:18 | Reka inzoga – Uzura Mwuka |
| Ku wa Gatandatu | 25 | Abef. 5:19 | Mubwirane Zaburi n'indirimbo za Mwuka |
| **Ku Isabato** | **26** | **Abef. 5:25** | **Bagabo, mukunde abagore banyu** |
| Ku wa Mbere | 27 | Abef. 5:22 | Bagore, mugandukire abagabo |

| | | | |
|---|---|---|---|
| Ku wa Kabiri | 28 | Abef. 5:25b | Kristo yakunze itorero Rye araryitangira |
| Ku wa Gatatu | 29 | 2 Abakor. 11:2 | Imana ifuhira itorero ryayo |
| Ku wa Kane | 30 | Abafil. 2:3 | Mwirinde kwifata uko mutari |
| Ku wa Gatanu | 31 | Itang. 2:24 | Muri umubiri umwe |

**NZERI 2023**

| | | | |
|---|---|---|---|
| Ku wa Gatandatu | 1 | Ezek. 16:8 | Yarakubengutswe, mugirana isezerano |
| **Ku Isabato** | **2** | **Abef. 6:9** | **Kuko dusangiye Databuja, twubahane** |
| Ku wa Mbere | 3 | Abef. 6:1 | Bana, mwumvire ababyeyi |
| Ku wa Kabiri | 4 | Abef. 6:2, 3 | Wubahe …kugira ngo ubone amahoro |
| Ku wa Gatatu | 5 | Abef. 6:4 | Babyeyi, murere abana neza |
| Ku wa Kane | 6 | Abef. 6:7 | Bakozi, mukore akazi mubyishimiye |
| Ku wa Gatanu | 7 | Abakol. 3:24 | Dukorera Databuja mukuru, Kristo |
| Ku wa Gatandatu | 8 | Abef. 6:9c | Mwirinde kurobanura ku butoni |
| **Ku Isabato** | **9** | **Abef. 6:10** | **Mukomerere mu Mwami Yesu** |
| Ku wa Mbere | 10 | Abef. 6:11 | Mwambare intwaro zose z'Imana |
| Ku wa Kabiri | 11 | Abef. 6:18 | Musenge muyobowe na Mwuka |
| Ku wa Gatatu | 12 | Abef. 6:12 | Turarwana intambara ikomeye |
| Ku wa Kane | 13 | Abef. 6:13 | Muhagarare...ku munsi mubi… mudatsinzwe |
| Ku wa Gatanu | 14 | Abef. 6:12c | Murwanye imyuka mibi |
| Kuwa Gatandatu | 15 | 1 Tes. 5:6 | Twe gusinzira, tube maso |
| **Ku Isabato** | **16** | **Abef. 6:16** | **Mutware kwizera nk'ingabo** |
| Ku wa Mbere | 17 | Abef. 6:14 | Mwambare gukiranuka nk'icyuma |
| Ku wa Kabiri | 18 | Abef. 6:15 | Mwambare inkweto zo butumwa bwiza |
| Ku wa Gatatu | 19 | Abef. 6:17 | Mwakire agakiza kabe ingofero |
| Ku wa Kane | 20 | Abef. 6:17b | Mwakire inkota ya Mwuka – Ijambo |
| Ku wa Gatanu | 21 | Abef. 6:18 | Musenge ibihe byose |
| Ku wa Gatandatu | 22 | 1 Pet. 5:8 | Mwirinde…mube maso |
| **Ku Isabato** | **23** | **Abef. 2:14** | **Ni We Mahoro yacu** |
| Ku wa Mbere | 24 | Abef. 1:10 | Ibihe biri hafi gusohora |
| Ku wa Kabiri | 25 | Abef. 2:13 | Turusheho kuba muri Kristo |
| Ku wa Gatatu | 26 | Abef. 3:19 | Mumenye urukundo rwa Kristo |
| Ku wa Kane | 27 | Abef. 4:14 | Mwirinde imiraba y'inyigisho z'ibinyoma |
| Ku wa Gatanu | 28 | Abef. 5:8 | Mugende nk'abana b'umucyo |
| Ku wa Gatandatu | 29 | Abef. 6:24 | Mugume mu buntu bw'Imana |
| **Ku Isabato** | **30** | **Abef. 5:16** | **Mucunguze uburyo umwete iyi minsi ni mibi.** |

# DIVIZIYO Y'IBIHUGU BYAHURANYIJE UBURAYI




## DIVIZIYO Y'IBIHUGU BYAHURANYIJE UBURAYI

| KONFERANSE | AMATORERO | AMASHAMI | ABIZERA | ABATURAGE |
|---|---|---|---|---|
| Adriyatike | 88 | 4 | 3,559 | 8,956,000 |
| Baltike | 85 | 8 | 5,674 | 6,004,000 |
| Ubwongereza | 298 | 111 | 40,108 | 72,854,000 |
| Danimarike | 37 | 1 | 2,394 | 5,953,000 |
| Finilande | 59 | 9 | 4,436 | 5,538,000 |
| Hongiriya | 110 | 26 | 5,123 | 9,690,000 |
| Ubuholandi | 60 | 16 | 5,945 | 17,502,000 |
| Noruveji | 59 | 2 | 4,485 | 5,402,000 |
| Polonye | 115 | 28 | 5,800 | 38,154,000 |
| Amajyepfo y'Uburasirazuba bw'Uburayi | 210 | 6 | 6,783 | 14,755,000 |
| Suwede | 32 | 5 | 2,905 | 10,398,000 |
| **FILIDI ZIGENGWA NA DIVIZIYO** | | | | |
| Shipure | 2 | 1 | 114 | 873,000 |
| Misiyoni y'Ubugiriki | 9 | 5 | 482 | 10,697,000 |
| Konferanse ya Islandi | 6 | 1 | 465 | 371,000 |
| **UMUBUMBE** | 1,170 | 223 | 88,273 | 207,147,000 |

## IMISHINGA

1. Ikigo Cyifashishwa mu Ibwirizabutumwa, mu mugi wa Riga, muri Lativiya.
2. Ikigo cy'Ingando z'Urubyiruko, mu mugi wa Zelenika, muri Montenegro

**Ikarita n'amakuru byatanzwe n'ubuyobozi bw'icyiciro gishinzwe kugeza ubutumwa aho butaragera mu itorero ry'Abadiventisiti.**

Aho bishoboka mu buryo bwemewe n'amategeko, amaturo azajya gushyigikira imishinga yavuzwe haruguru; aho bidashoboka hazabaho kumvikana n'Inteko Nkuru Rusange y'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi bashakwe uburyo bwihariye bwo kugeza inkunga kuri ibyo bihugu hashingiwe ku mategeko y'ibyo bihugu amaturo yakusanyirijwemo.

*ETQ230701*

*ETQ230701*

KU WA KABIRI *3 Nyakanga*

# GUCUNGURWA KWASABYE IKIGUZI GIKOMEYE; IMBABAZI ZISAZE

Icyaha cyarijimye, kirusha ubushobozi imbaraga yari mu mibereho y'abar bateze Pawulo amatwi. Pawulo ashobora kugaragaza imibereho yabo ya mbere nk'abagendaga batariho "bapfiriye mu bicumuro n'ibyaha" *(Abefeso 2:1)*, nyamara "bagendaga" cyangwa bakabaho nk'uko Satani abategeka *(Abefeso 2:1–3)*. Bari imbata z'icyaha na Satani, ntabwo bari bafite ubushobozi bwo kwivana mu bubata Bari bakeneye gutabarwa. Imana yari yarabikoze ibinyujije mu bikorwa byayo by'ubuntu yakoreye muri Kristo, maze Pawulo akishimira imigisha mishya y'uburyo bubiri y'ubuntu bw'Imana mu mibereho y'abizera: gucungurwa no kubabarirwa.

**Soma Abefeso 1:7, 8. "Gucungurwa" ni igitekerezo gikoreshwa kenshi mu Isezerano Rishya. Gereranya imikoresherezwe y'iki gitekerezo mu Bakolosayi 1:13, 14; Tito 2:13, 14; no mu Baheburayo 9:15. Ni izihe nsanganyamatsiko iy mirongo ihuriyeho n'iziri mu Befeso 1:7, 8?**

---

---

Ijambo ry'Ikigiriki ryahinduwemo "gucungurwa" mu Befeso 1:7 ni *apolutrōsis* katanga ka mbere ryakoreshwaga bagura umudendezo w'uwari imbata cyangwa bishyura kugira ngo uwari imbohe abohorwe. Umuntu ashobora kumva ijw ry'umucuruzi w'imbata ryirangīra agurisha mu cyamunara igicuruzwa cye n gukaka kw'iminyururu iboshye imbata. Iyo Isezerano Rishya rivuga gucungurwa ryerekana neza uburyo ikiguzi cyo kubatura imbata ari kinini.

Umudendezo wacu uboneka hatanzwe igiciro kinini: "Muri We [Yesu] ni h dufite gucungurwa binyuze mu maraso Ye" *(Abefeso 1:7)*. Na none igitekerezo cy gucungurwa gishima ubuntu busāze bw'Imana mu kwishyura ikiguzi gikomeye ngo tubone umudendezo. Imana iduha umudendezo n'agaciro. Ntabwo tukibaswe

"Kuba uwacunguwe ni ugufatwa nk'umuntu, ntabwo ari ugufatwa nk'ikintu. N uguhinduka umuturage w'ijuru, aho kuba imbata y'isi."—Alister E. McGrath. What Was God Doing on the Cross? (Grand Rapids, MI: Zondervan, 1992), p. 78. [Ni iki Imana yari iri gukorera ku musaraba?]

Hugukira kwita kuri ibi: igitekerezo kivuga ko Imana yishyura Satani ikiguzi cy gucungurwa ni igitekerezo cy'abo mu bihe by'umwijima; ntabwo ari icya Bibiliya Ntacyo Imana igomba Satani, nta n'ikiguzi imwishyura.

Ibyiza by'i Kaluvari bikubiyemo na none "kubabarirwa ibicumuro" *(Abefeso 1:7)* Ku musaraba, Kristo yishyiraho ikiguzi cy'icyaha cyacu, cyo mu gihe cyashize n mu gihe kizaza, "agakuraho urwandiko rw'umwenda rwaturegaga hamwe n'ibyo amategeko yadushinjaga" *(Abakol. 2:14)*. Mu gukora uyu murimo wo gucungura no kubabarira binyuze muri Kristo, Imana iba irimo gukora nka Data w'umunyabuntu mu "butunzi bwinshi bw'ubuntu bwayo" "bwadusagirijweho" *(Abefeso 1:7, 8)*.

**Mbese bisobanuye iki kuri wowe kuba igitambo cya Kristo gihongerera abantu kiguhesha kubabarirwa no gucungurwa? Bigenda bite iyo wiyumvamo ko utagikwiriye? (amakuru yagufasha: ntabwo ubikwiriye; burya ni cyo umusaraba uvuze).**

# UMUGAMBI UKOMEYE W'IMANA USHINGIYE KURI KRISTO

**Imana "yagambiriye gukora iki ibihe nibisohora" kandi ni mu buhe buryo bigera kure cyane?** *Abefeso 1:9, 10.*

---

---

Pawulo akoresha ibimenyetso bitatu byerekana ibyo Imana yagambiriye. Ni (1) "ubwiru bw'ubushake bwayo," (2) "intego yayo," na (3) "umugambi [w'ibyo izakora] ibihe nibisohora". Ni uwuhe mugambi w'Imana udakuka kandi uheruka? Guteraniriza muri Yesu ibintu byose biri hose.

Ijambo Pawulo akoresha asobanura umugambi w'Imana ni nk'ishusho (mu Kigirirki ni *anakephalaiōsasthai*), risobanura "kuyobora" cyangwa "kuvuga mu nshamake" ibintu byose muri Kristo. Mu migenzereze ya kera y'icungamari, washoboraga "guteranya imibare" yanditswe mu gice kimwe, noneho ukandika igiteranyo hejuru. Yesu ni We uri hejuru y'ibyo Imana yagambiriye n'uruhererekane rwabyo. Uyu mugambi ushingiye kuri Kristo, wateguwe "mbere yo kuremwa kw'isi" *(Abefeso 1:4)* kandi uragutse cyane ku buryo ukubiyemo ibihe byose ("gusohora [kuzura] kw'ibihe,"*)* n'ahantu ("ibintu byose…ari ibiri mu ijuru ndetse n'ibiri mu isi" [1:10]*)*. Pawulo atangaza ubumwe muri Kristo nk'intego ngari Imana ifitiye ijuru n'isi.

Igihe avuga ku byo Imana "yagambiriye gukora igihe nigisohora" *(Abefeso 1:10)*, Pawulo avuga ku nsanganyamatsiko izakomeza kugaruka mu rwandiko hose. Imana itangira umugambi wo guteranya ibintu byose, ushinze imizi mu rupfu, kuzuka, kuzamurwa mu ijuru, no gushyirwa hejuru kwa Yesu *(Abefeso 1:15–2:10)*, binyuze mu gushyiraho itorero no kurihurizamo abagize inyokomuntu bari batandukanijwe, ari bo Bayuda n'abanyamahanga *(Abefeso 2:11–3:13)*.

Muri ubu buryo, itorero ryereka imbaraga z'ikibi ko umugambi w'Imana uri gusohora kandi ko imbaraga yazo irema ibice mu bantu izagira iherezo *(Abefeso 3:10)*; nk'uko Bibiliya ibivuga ahandi hantu: "kuko Satani yabamanukiye afite umujinya mwinshi, azi yuko afite igihe gito" (Ibyah*ishuwe 12:12)*.

Umugabane wa kabiri w'urwandiko rw'Abefeso utangirwa no kurarikira abantu kugira ubumwe *(Abefeso 4:1–16)* maze hagakomeza cyane kwingingira abantu kwirinda imyitwarire yangiza ubwo bumwe, ibiri amambu bakubaka ubufatanye hagati yabo n'abizera bagenzi babo *(Abefeso 4:17–6:9)*. Pawulo asoreza ku ishusho ikangura y'itorero rimeze nk'ingabo zifatanyije, zikorana imbaraga zirwanisha amahoro mu izina rya Kristo *(Abefeso 6:10–20)*.

**Washima ute kandi ugahimbarwa n'uko gucungurwa waboneye muri Kristo Yesu ari umugabane w'ikintu kigari kandi gikomeye, umugabane ukubiye mu mugambi w'Imana udakuka kandi wizwe neza wo guteraniriza hamwe ibintu byose binyuze muri Kristo?**

KU WA KANE

*5 Nyakanga*

# KUBAHO DUSHIMISHA UBWIZA BWAYO

**"Ku bw'uwo natwe twarazwe umurage tubitoranirijwe kera nk'uko Imana yabigambiriye, ikora byose nk'uko ibishaka mu mutima wayo ngo tube abo gushimisha ubwiza bwayo, twebwe abiringiye Kristo uhereye kera"** *(Abefeso 1:11, 12).*

Abizera bo muri Efeso basa n'abatakaje ubusobanuro bw'icyo bari cyo nk'Abakristo, bakaba "bihebye" *(soma Abefeso 3:13)*. Mu murongo w'ibyo yari yahamije mbere (Abefeso *1:3–5)*, Pawulo yifuza na none gushimangira icyo bari cyo nk'Abakristo. Abizera ntaho bahuriye n'ingaruka z'ibyemezo by'ubushobozi bw'ibigirwamana cyangwa ubw'inyenyeri bipfuye gufatwa nta kintu gishingiweho. Ni abana b'Imana (Abefeso *1:5)* kandi bafite uburenganzira ku migisha ibonerwa muri Kristo ishingiye ku nama zimbitse ndetse n'ibyemezo by'iteka ryose by'Imana. Ni intego y'Imana, inama yayo, ndetse n'ubushake bwayo (Abefeso *1:11)* biri gushyirwa mu bikorwa mu mibereho yabo mu buryo buhuje n'umugambi urushijeho kuba mugari w'Imana wo guteraniriza ibintu byose muri Kristo (Abefeso *1:10)*. Bashobora kugira icyizere kitanyeganyega igihe bahagarara imbere y'Imana n'icyo kugerwaho n'imigisha itangwa na Yo. Imibereho yabo ikwiriye gutera hejuru ikavuga ubutumwa buri mu Befeso 1:3–14: Imana ari na Yo Se w'Umwami wacu Yesu Kristo ishimwe!

**Gereranya imikoresherezwe y'igitekerezo cy' "umurage" kiri mu Befeso 1:11, 14, 18. Impamvu utekereza yuko iki gitekerezo ari ingenzi kuri Pawulo ni iyihe?**

Hari ubwo waba warigeze guhabwa umurage nk'ingaruka z'urupfu rw'umuntu runaka? Birashoboka ko mwene wanyu yaba yaragusigiye ubutunzi bw'igiciro cyangwa amafaranga menshi. Mu myumvire ya Pawulo, Abakristo bahawe umurage uva ku Mana binyuze mu rupfu rwa Yesu (Abefeso *1:14)* maze bahinduka "umurage" ku Mana (Abefeso *1:18)*.

Mu Isezerano rya Kera, rimwe na rimwe ubwoko bw'Imana butekerezwa nk' "umurage," cyangwa umunani *(Gutegeka kwa Kabiri 9:29, Gutegeka kwa Kabiri 32:9, Zekariya 2:12)*. Iki cyerekezo cyo kuba cyangwa guhinduka umurage w'Imana na cyo kirasobanutse mu Befeso 1:11 (cyanashoboraga kuvugwa gutya: "muri we twahindutse umurage"). Nk'ikintu nyamukuru ku cyo bari cyo nk'Abakristo, Pawulo yifuriza abizera kumenya agaciro bafite ku Mana. Ntabwo bafite gusa umurage bahawe n'Imana (Abefeso *1:14,* Abefeso *3:6, gereranya n'*Abefeso *5:5)*, ahubwo bo ubwabo ni umurage w'Imana.

**Ni irihe tandukaniro riri hagati yo gukora kugira ngo uhabwe ikintu no kugihabwa nk'umurage? Ni mu buhe buryo iki gitekerezo kidufasha gusobanukirwa icyo twaherewe muri Yesu?**

# MWUKA WERA: IKIMENYETSO N'INGWATE

**Mu Abefeso 1:13, 14, Pawulo avuga muri make inkuru yo guhinduka kw'abasomyi b'urwandiko rwe. Ni izihe ntambwe ziboneka muri iyi nkuru?**

---

---

Mu gucukumbura akamaro ka Mwuka Wera mu mibereho y'abizera, Pawulo akoresha imvugoshusho ebyiri asobanura Mwuka Wera. Bwa mbere agaragaza ishusho ya Mwuka Wera nk' "ikimenyetso" yerekana ko Mwuka aba ahari kugira ngo ashyire ikimenyetso ku muntu uhindukiriye Imana. Mu bihe bya kera, ibimenyetso byakoreshwaga ku mpamvu zitandukanye: guha agaciro inyandiko zemewe n'amategeko n'ubwumvikane hagati y'abantu ngo zibe umwimerere, guha agaciro ubwiza cyangwa ingano y'ibiri mu kintu gitwarwamo ibindi bintu *(urugero: Ezekiyeli 28:12)*, cyangwa guhamya ko habayeho ubugure *(urugero: Yeremiya 32:10–14, 44)*, amasezerano y'akazi, inzandiko *(urugero: 1 Abami 21:8)*, ibyemezo, n'amasezerano yo kurera umwana utari uwawe. Igihe ikimenyetso gishyizwe ku kintu, kiba kigaragaza nyiri ikintu n'uko icyo kintu kirinzwe. Kuba Mwuka Wera ari mu mibereho y'abizera bigaragaza ko ari ab'Imana kandi bikerekana isezerano ry'Imana ko barinzwe *(gereranya n'*Abefeso *4:30)*. Bashyizweho ikimenyetso "cya Mwuka Wera wasezeranywe" (Abefeso *1:13)*.

"Pawulo avuga mu buryo bweruye ko igihe umuntu yeguriye Yesu imibereho ye kandi akamwizera, Mwuka Wera ashyira ikimenyetso (inshinga y'Ikigiriki ni: *sphragizō*) kuri uwo wizeye Kristo kizatuma yemerwa ku munsi wo gucungurwa. Mbega ukuri gutangaje kubatura kandi kugahamiriza umuntu! Mwuka Wera ashyira ikimenyetso ku bayoboke ba Kristo akoresheje ikimenyetso cy'agakiza uwo mwanya bagitangira kwizera."—Jiří Moskala, "Misinterpreted End-Time Issues: Five Myths in Adventism," *Journal of the Adventist Theological Society* 28, no. 1 (2017), p. 95.

Imvugoshusho ya kabiri Pawulo akoresha yerekana Mwuka Wera nk' "ingwate." Mwuka Wera ni ingwate y'umurage tuzahabwa, iyo dutegereje ubwo umurage uzaba utanzwe mu buryo bwuzuye *(gereranya 2 Abakorinto 1:22, 2 Abakorinto 5:5)*. Ijambo ryahinduwemo "ingwate" (*arrabōn*) ryari ijambo ryatiwe mu Giheburayo ryari rikunze gukoreshwa cyane mu Kigiriki kivugwa na rubanda mu bihe by'Isezerano Rishya bashaka kuvuga "umugabane w'ubwishyu utanzwe ku nshuro ya mbere cyangwa icyo umuntu yishyuye bwa mbere, bikaba bisaba uwishyuye kuzongeraho ubundi bwishyu.

**Zirikana ko abizera batishyura ubu bwishyu bwa mbere, abubwo babuhabwa buvuye ku Mana. Pawulo avuga ko kuba mu mibereho y'abizera kwa Mwuka Wera ari ubwishyu bwa mbere ku muruge wuzuye w'agakiza no gucungurwa bizaza ubwo Kristo azaba agarutse. Umurimo wacu ni ukwakirana umutima ushima kandi wumvira icyo twaherewe muri Yesu.**

KU WA GATANDATU *7 Nyakanga*

# IBINDI BYO KWIGWA NO KUZIRIKANWA

Mbese mu Befeso 1:3–14 higisha ko Imana igena ahazaza h'abantu mbere y'igihe, bamwe ikabagenera ubugingo buhoraho, abandi ikabagenera urupfu rw'iteka ryose? Ku bw'amahirwe make, abantu benshji ni ko babyizera. Nubwo bimeze bityo, ita kuri ibi bitekerezo:

1. Muri iyi mirongo, umurimo wa Kristo ni wo byose bishingiyeho, kubera yuko guhitamo kw'Imana igihe itwemera kubaho "binyuze muri Yesu Kristo" *(Abefeso 1:5)* cyangwa "muri We" (Abefeso *1:4, 11)*. Ibi bishatse kuvuga yuko gutoranya kw'Imana no gutanga igeno ry'abantu bikorerwa abantu bose bahitamo kwizera Kristo, aho kugira ngo ihitemo abazakizwa cyangwa abazazimira umwe ku wundi yemwe na mbere yuko abantu bavuka. Icyemezo cy'Imana ni igisubizo cy'Imana cyizwe neza kandi kikemezwa kubakoresha kwizera Kristo.
2. Mu Befeso 1:3–14 na none harimo imvugo igaragara cyane yerekana isano irebana n'umurimo w'Imana w'agakiza. Imana ni "Data" natwe tukaba abana "yakiriye mu muryango wayo" (Abefeso *1:3–5)*, bahabwa imigisha ku rugero rusaze (Abefeso *1:8)*. Tugomba gusobanukirwa imvugo irebana no guhitamo kw'Imana no kugambirira mbere hose mu mucyo w'iyi mvugo ikungahaye kandi irimo isanisha. Ntabwo Imana ari umucamanza uri kure y'abantu, utagira amarangamutima, uca amateka yibereye kure cyane, ahubwo ni Data wita ku bana be bose (Abefeso *3:15)*.
3. Kuba Imana yubaha amahitamo y'abantu bigaragara mu Befeso 1:3-14 (by'umwihariko 1:13, aho "kumva" no "kwizera" bifatwa nk'ibintu by'ingirakamaro), ahandi muri uru rwandiko (Abefeso *2:8,* Abefeso *3:17,* Abefeso *4:1–6:20*, hose hashimangira cyangwa hakerekana kugira amahitamo n'igisubizo cyo kwizera), no mu yindi mirongo yo mu Isezerano Rishya (urugero:*1Timoteyo 2:4, Ibyakozwe n'Intumwa 17:22–31)*, cyangwa se nk'uko Ellen G. White abivuga ati: "Mu mpano itagira akagero y'Umwana wayo, Imana yagotesheje isi umwuka w'ubuntu, nk'uko umwuka usanzwe uzenguruka uyu mubumbe. Abahitamo guhumeka uyu mwuka utanga ubugingo bazabaho kandi bakure, bagere ku gihagararo cy'abagabo [n'abagore] bari muri Kristo Yesu." "—*Kugana Yesu*, p. 69 [ingeri ya 2022].

## IBIBAZO:

1. **Ni ibihe bitekerezo wakongera ku byatanzwe haruguru ushyigikira ko Imana itaduhitiramo mbere yuko tubaho abazakizwa abo ari bo, n'abazarimbuka?**
2. **Ni nde wemeza bidasubirwaho niba umuntu afite agakiza muri Yesu cyangwa niba atagafite?**
3. **"Ni we waduhesheje gucungurwa ku bw'amaraso ye, ari ko kubabarirwa ibicumuro byacu nk'uko ubutunzi bw'ubuntu bwayo buri"** (Abefeso *1:7)*. **Ni mu buhe buryo uyu murongo uhishura agakiza ku bwo kwizera gusa, atari ku bw'imirimo?**

# ISABATO YA 27
# KU WA 8 NYAKANGA 2023

## GAHUNDA YO KUGARURA ICYACUMI NO GUTURA AMATURO

## INGENGO Y'IMARI Y'ISI: ESE AMATURO AJYA HE?

Imigani 3:9-10 – "Wubahishe Uwiteka ubutunzi bwawe, n'umuganura w'ibyo wunguka byose. Ni bwo ibigega byawe bizuzuzwa, kandi imivure yawe izasendera imitobe."

Byashoboka ko waba uzi ko amaturo yo kubwiriza ubutumwa dutanga buri Sabato n'umugabane w'amaturo yacu y'isezerano dutanga ari ingenzi cyane mu gukomeza kwagura no gufasha umurimo w'itorero muri buri mfuruka y'isi. Byashoboka ko waba uzi uko imishinga imwe ya buri Diviziyo itangizwa cyangwa iterwa inkunga n'igice cy'umushinga w'amaturo yawe y'Isabato ya Cumi na Gatatu.

Nonese bigenda bite ku yandi maturo asanzwe dutanga buri cyumweru? Aya maturo ajya hehe? Ni iki afasha gukora? Kandi ni murimo ki asohoza? Ushobora gutangazwa no gusanga amaturo asanzwe dutanga afasha mu gushyigikira umurimo ugenzurwa n'imiryango 400 y'aba misiyoneli ku isi. Mu by'ukuri, purusa 70 z'amaturo yo gushyigikira ubutumwa atangwa buri cyumweru ajya gufasha buri gihembwe abamisiyoneli hamwe n'umurimo w'itorero ku rwego mpuzamahanga. Amafaranga atangwa n'Inteko Nkuru Rusange, akajya muri za Diviziyo z'isi, na za Yunyoni, ndetse na Filidi, agafasha ibi bice by'isi kubaka no gukomeza ibikorwa by'ivugabutumwa mu turere twabyo. Mu gihe icyacumi gifasha kwishyura imishahara y'abavugabutumwa, amaturo yacu y'isezerano yo afasha mu gutanga inyubako ndetse n'ibikoresho abavugabutumwa bakenera mu gukora umurimo wabo.

Amafaranga asigara afasha inzego ndetse n'ibigo bitandukanye bikorera itorero ku isi. Urugero, afasha ibikorwa by'impuhwe by'ubuvuzi muri kaminuza ya Loma Linda, ibikorwa bya Radiyo y'Abaventisiti ku isi, ndetse n'imirimo y'ikigo cy'Abadiventisiti gishinzwe Ubutabazi n'Iterambere (ADRA).

**ICYO DUHAMAGARIRWA:** Mu myaka ya vuba, za miliyoni z'abantu bo mu bice by'isi bigoye, babonye agakiza muri Yesu, kandi bifatanya n'Itorero ry'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi. Binyuze mu maturo yawe, ibihumbi by'amatorero mashya yabashije gushingwa mu duce tutari dukunzwe kugerwamo ndetse no mu matsinda mashya y'abantu. Ariko nyuma yuko aba bizera bashya babatijwe. Ni buryo ki bakomeza kurerwa ngo bakure mu bya Mwuka? Ni gute dushobora kumenya neza ko kwizera kwabo gukomeye, kandi ko bakura nk'abigishwa? Purusa 60 z'abatuye ku isi baracyategereje kumva inkuru nziza ya Yesu. Inkunga yawe mu murimo w'itorero w'ivugabutumwa binyuze mu maturo yawe asanzwe kandi yiswe "Isezerano", izafasha gukuza no gukomeza umurimo mushya ku isi yose. Nyamuneka komeza uyu mugezi utemba utanga amazi y'ubugingo.

**IMANA MBERE YA BYOSE**

**DUSENGE:**